



Inkoranya y'Amuga y'Amategeko

Ikinyarwanda-Icyongereza-Igifaransa

Dictionary of Legal Terms

Kinyarwanda-English-French

Dictionnaire des Termes Juridiques

kinyarwanda-anglais-français

1st Edition 2021



Rwanda Law Reform Commission (RLRC)
KGI Roundabout Gasabo District, Kimihurura
P.O. Box 4894 Kigali, Rwanda
Tel: (+250) 789 000 480
Toll Free: 1910
E-mail: info@rlrc.gov.rw
Website: www.rlrc.gov.rw

Inkoranya y'Amuga y'Amategeko:
Ikinyarwanda-Icyongereza-Igifaransa

Dictionary of Legal Terms:
Kinyarwanda-English-French

Dictionnaire des Termes Juridiques:
kinyarwanda-anglais-français

© Rwanda Law Reform Commission (RLRC), 2021

Uburenganzira bwose burashinganye. Nta gice na kimwe cy'iki gitabo gishobora kwiganwa, kubikwa gifatiwe ku kintu icyo ari cyo cyose cyangwa gutangwa mu buryo ubwo ari bwo bwose nta ruhushya rwanditse rw'umwanditsi.

All rights reserved. No part of this publication may be reproduced or transmitted in any form, or stored in any retrieval system of any nature without prior written permission of the author.

Tous droits réservés. Aucune partie de cette publication ne peut être reproduite, enregistrée par quelque procédé que ce soit, distribuée ou transmise sous quelque forme que ce soit sans l'autorisation écrite préalable de l'auteur.

ISBN: 978-99977-0-183-1

1st Edition, 2021

Printed in Kigali, January 2021

IRIBURIRO	PREFACE	PRÉFACE
<p>Kimwe no mu yindi myuga yose, umwuga w'amategeko urangwa no gukoresha cyane amagambo yihariye yitwa amuga. Ijambo "amuga" risobanura amagambo cyangwa ikoraniro ry'amagambo yerekeye umwuga uyu n'uyu. Kumenya no gukoresha neza be ayo muga akoreshwa mu mategeko ni ingenzi mu bikorwa byose byerekeranye n'amategeko. Umuntu wese usoma, usobanura, wandika cyangwa uhindura mu ndimi inyandiko zerekeranye n'amategeko aba agomba kwitondera imikoreshereze y'amuga y'amategeko muri izo nyandiko. Akenshi ibyo bituma akenera kureba mu nkoranyamagambo kugira ngo abone igisobanuro cy'ijambo runaka ryo mu muga y'amategeko cyangwa abone amuga akwiriye gukoreshwa. Iyi nkoranya yateguwe hagamijwe gushyikiriza abanyamategeko b'umwuga n'abandi bantu bashishikazwa n'amuga y'amategeko, igikoresha cy'ikubitiro kizabafasha gusobanukirwa no gukoresha neza amuga y'amategeko.</p> <p>Burumvikana ariko ko gushaka kwegeranya amuga, by'umwihariko amuga y'amategeko, atari bishya mu Rwanda. Urugero mu mwaka wa 2000, Minisiteri y'Ubutabera yatangaje urutonde rw'amuga akoreshwa mu mategeko rwiswe <i>Lexique juridique français-kinyarwanda</i>, <i>Urutonde rw'amuga y'amategeko: igifaransa-ikinyarwanda</i>. Uru rutonde rw'amuga rwari rwateguwe mu rurimi rw'Igifaransa n'urw'Ikinyarwanda. Rwerekanaga iryuga</p>	<p>As in any other profession, legal profession is characterized by using its own terminologies. Terminology refers here to technical words or a set of technical words used in a particular subject. A command of such legal terms is crucial in any legal activities. Anyone having a reason to read, interpret, write or translate legal documents must pay attention to legal terms used in the documents. This may lead to dictionary consultation to ascertain a definition of a given legal term or to find adequate terms. This dictionary was prepared to provide legal practitioners and other people interested in legal terminologies with a basic reference tool that will help them to better understand and use legal terminologies.</p> <p>Of course, compilation of technical terms, especially of legal domain, is not new in Rwanda. For example, in 2000, the Ministry of Justice (MINIJUST) published a glossary of legal terms titled <i>Lexique juridique français-kinyarwanda</i>, <i>Urutonde rw'amuga y'amategeko: igifaransa-ikinyarwanda</i>. This glossary was prepared only in Kinyarwanda and French. It presented French terms as entries and Kinyarwanda terms as equivalents. However, it had some shortcomings since</p>	<p>Comme dans n'importe quelle autre profession, la profession juridique se caractérise par une terminologie qui lui est propre. La terminologie renvoie au vocabulaire technique ou à l'ensemble de mots techniques utilisés dans un domaine d'activité particulier. La maîtrise des termes juridiques est très importante dans toute activité juridique. Toute personne appelée à lire, à expliquer, à écrire ou traduire un document juridique doit faire attention aux termes juridiques employés dans ce document. Cela peut conduire à consulter un dictionnaire pour s'assurer de la définition d'un terme donné ou trouver un terme approprié. Ce dictionnaire a été préparé pour fournir aux praticiens du droit ainsi qu'à toute autre personne qui s'intéresse à la terminologie juridique, un outil de référence qui les aidera à comprendre et à utiliser au mieux la terminologie juridique.</p> <p>La compilation de termes de spécialité, notamment ceux du domaine juridique, n'est assurément pas nouveau au Rwanda. Déjà en 2000, le Ministère de la Justice a publié un glossaire des termes juridiques intitulé <i>Lexique juridique français-kinyarwanda</i>, <i>Urutonde rw'amuga y'amategeko: igifaransa-ikinyarwanda</i>. Ce glossaire était rédigé uniquement en français et en kinyarwanda. Il donnait des termes français en entrée et leurs équivalents en kinyarwanda. Toutefois, il</p>

<p>ry'igifaransa mu mwinjizo n'iryo bivuga kimwe mu Kinyarwanda. icyakora, rwanagaragayemo utunenge kuko ntiwari rwuzuye kandi ntiwatangaga ibisobanuro birambuye ndetse bigakubitiraho ko n'amategako y'u Rwanda muri iki gihe arangwa no gukoresha indimi eshatu: Ikiyirwanda, icyongereza n'Igifaransa.</p>	<p>it was incomplete and restrictive and yet the current Rwandan legislative and legal framework is characterized by use of three languages: Kinyarwanda, English and French.</p>	<p>accusait des défaillances car il était incomplet et restrictif, alors que le cadre juridique et législatif rwandais d'aujourd'hui est caractérisé par l'utilisation de trois langues officielles : le kinyarwanda, l'anglais et le français.</p>
<p>Nanone, amavugururwa atandukanye y'amategako yagiye aba mu Rwanda yazanye amagambo mashya akoreshwa mu mategeko. Ku rwego mpuzamahanga, u Rwanda rwinjije mu miryango y'akarere n'imiryango mpuzamahanga nk'Umuryango w'Ibihugu by'Afurika y'Iburasirazuba n'uw'Ibihugu byahozze bikoronizwa n'Ubwongereza kandi rwemeza burundu amasezeraho mpuzamahanga menshi. Hari hakenewe rero.</p>	<p>Further, various law reforms that took place in Rwanda introduced new legal terminologies and concepts. At the international level, the Republic of Rwanda successfully joined a number of regional and international organizations such as the East African Community and the Commonwealth and has also ratified various international conventions.</p>	<p>En outre, de diverses réformes des lois qui ont eu lieu au Rwanda ont introduit de nouveaux termes et concepts juridiques. Sur le plan international, la République du Rwanda a rejoint avec succès un certain nombre d'organisations régionales et internationales telles que la Communauté de l'Afrique de l'Est et la Commonwealth. Elle a également ratifié de diverses conventions internationales.</p>
<p>Ku bijyanye n'ibimaze kuvugwa haruguru, Komisiyo y'u Rwanda ishinze Ivugururwa ry'Amategako yabonye ko hakenewe inkorany y'amuga y'amategako inogeye abayikoresha kandi ihuje n'imiterere y'ubu y'amategako y'u Rwanda, maze itegura iyi nkorany y'amuga y'amategako akoreshwa mu Rwanda, yanditse mu ndimi eshatu.</p>	<p>In respect of the above context, the Rwanda Law Reform Commission (RLRC) saw a need for a user-friendly, up-to-date dictionary of legal terms and prepared this dictionary of Legal terms in three languages.</p>	<p>Eu égard au contexte ci-dessus, la Commission Rwandaise de Réforme du Droit a senti le besoin d'un dictionnaire de termes juridiques convivial et actualisé, et a préparé ce dictionnaire des termes juridiques rédigée en trois langues.</p>
<p>Iyi nkorany ikubiyemo amagambo y'amuga akoreshwa cyane mu mategeko y'u Rwanda kandi iberanye n'uburyo bw'imikoreshereze y'iki gihe y'ayo muga mu mategeko y'u Rwanda. Yagenewe gukoreshwa gukoreshwa n'umuntu wese uyikeneye, cyane cyane abanyamategeko b'umwuga, nk'igikoreshe</p>	<p>This dictionary contains the most frequently used legal terminologies in Rwandan legal system and suits today's Rwandan Legislative context. It is designed to be used by any interested individual, especially as a professional resource which will, hopefully, assist legal practitioners in fulfilling their duties.</p>	<p>Ce dictionnaire couvre les termes juridiques les plus fréquemment utilisés dans le système juridique rwandais et s'accorde parfaitement avec le contexte juridique rwandais de nos jours. Il est destiné à être utilisé par toute personne intéressée, et spécialement comme une ressource professionnelle qui, nous l'espérons, aidera les praticiens</p>

<p>nyongerabushobozi twizeye ko kizabafasha gutunganya imirimo yabo.</p> <p>Ikindi ni uko iyi nkoranya yagabanyijwemo ibice bibiri kugira ngo byorohere abayikoresha, bitewe n'ibyo bakeneye bitandukanye. Igice cya mbere cyerekana kandi kigasobanura ku buryo bubangikanye amuga y'amategeko yo mu Kinyarwanda, ayo mu Cyongereza n'ayo mu Gifaransa. Muri iki gice, Ikinyarwanda ni rwo rurimi rutangira, rwifashishwa mu gushakisha. Amagambo y'Ikinyarwanda atonetse mu buryo bw'urukurikirane rw'inyuguti hakurikijwe inyuguti itangira ijambo, kandi asobanuwe mu ndimi eshatu icyarimwe.</p> <p>Igice cya kabiri cy'iyi nkoranya kigizwe n'intonde ebyiri z'amuga y'amategeko adafite ibisobanuro; buri rutonde ruri mu ndimi eshatu. Urutonde rwa mbere rutangirwa n'amagambo yo mu Cyongereza, akurikiwe n'ay'Ikinyarwanda n'ay'Igifaransa mu nkingi ya kabiri n'iya gatatu. Urutonde rwa kabiri rwo rutangirwa n'amagambo yo mu Gifaransa, na yo agakurikirwa n'ayo mu Kinyarwanda n'ayo mu Cyongereza, bibangikanye nko mu rutonde rwa mbere. Izi ntonde zigenewe gufasha umuntu wifuza gushaka ijambo mu nkoranya atangiriye mu Cyongereza cyangwa mu Gifaransa, kubera impamvu zitandukanye.</p> <p>Komisiyo y'u Rwanda ishinze Ivugururwa ry'Amategeko irashimira byimazeyo abantu n'inzego zose zagize uruhare mu itanga ry'ibitekerezo</p>	<p>In addition, the dictionary is divided into two (2) main parts to ensure easy use in accordance with different users' needs. The first Part presents and defines Kinyarwanda, English and French legal terms in parallel. In this part, Kinyarwanda is the starting or guiding language. Kinyarwanda terms are arranged in alphabetical order based on the first letter of the headword and defined in three languages at the same time.</p> <p>The second part of this dictionary contains two trilingual glossaries, having only headwords dictionary data. The first glossary starts with English legal terms followed with Kinyarwanda and French equivalents in next columns. The second glossary has French as starting language, both Kinyarwanda and English terms being provided as equivalents of French terms. These glossaries are designed to assist those who, for various reasons, would prefer to start their search route in English or French.</p> <p>Rwanda Law Reform Commission wishes to extend its sincere gratitude to all individuals and institutions that participated in providing</p>	<p>les praticiens du droit dans l'accomplissement de leurs fonctions.</p> <p>De plus, ce dictionnaire est divisé en deux parties importantes pour faciliter son utilisation suivant les différents besoins des utilisateurs. La première partie présente et définit en parallèle les termes kinyarwanda, anglais et français. Dans cette partie, la langue qui commence ou langue de départ de la consultation est le kinyarwanda. Les termes de la langue de départ sont arrangés par ordre alphabétique de la première lettre du terme et définis en trois langues en même temps.</p> <p>La deuxième partie de ce dictionnaire contient deux glossaires trilingues, chacun ayant seulement les entrées sans définitions. Le premier glossaire commence avec les termes anglais, ces derniers étant suivis de leurs équivalents en kinyarwanda et en français dans les colonnes suivantes. Le second glossaire commence avec les termes français et donne leurs équivalents en kinyarwanda et en anglais. Ces deux glossaires sont destinés à aider ceux qui, pour diverses raisons, voudraient consulter le dictionnaire à partir de l'anglais ou du français.</p> <p>La Commission Rwandaise de Réforme du Droit tient à remercier sincèrement toutes les personnes et institutions qui ont apporté</p>
--	---	--

<p>bigamije gukungahaza iyi nkoranya y'amuga akoreshwa mu mategeko. Turashimira by'umwihariko Kaminuza y'u Rwanda, kubera inkunga ikomeye yatanze mu itegurwa ry'iyi nkoranya.</p> <p>Twizeye ko iyi nkoranya izafasha cyane abazayikoresha kurushaho kumva no gukoresha neza amuga y'amategeko akoreshwa cyane mu Rwanda.</p> <p>MUKANTAGANZWA Domitilla</p> <p>Perezida Komisiyo y'u Rwanda ishinzwe Ivugururwa ry'Amategeko (RLRC)</p> <p>Mutarama 2021</p>	<p>comments and inputs to enrich this dictionary of legal terms. In particular, special thanks go to the University of Rwanda due to its indispensable support for the development of this dictionary.</p> <p>We hope that this dictionary will help users to better understand and use legal terms commonly used in Rwandan law.</p> <p>MUKANTAGANZWA Domitilla</p> <p>Chairperson Rwanda Law Reform Commission (RLRC)</p> <p>January 2021</p>	<p>leur contribution et fourni des commentaires pour enrichir ce dictionnaire des termes juridiques. Nous remercions très particulièrement, l'Université du Rwanda, en raison de son soutien indispensable lors de la rédaction de ce dictionnaire.</p> <p>Nous espérons que ce dictionnaire aidera les utilisateurs à mieux comprendre et utiliser les termes juridiques communément utilisés en droit Rwandais.</p> <p>MUKANTAGANZWA Domitilla</p> <p>Président Commission Rwandaise de Réforme du Droit (RLRC)</p> <p>janvier 2021</p>
---	---	---

IMITERERE Y'IYI NKORANYA N'UKO WAYIKOresha	ORGANISATION OF THE DICTIONARY AND HOW TO USE IT	PRÉSENTATION DU DICTIONNAIRE ET COMMENT L'UTILISER
<p style="text-align: center;">Intangiriro</p> <p>Mu gihe ukoresha inkorany, nta gushidikanya ko wifuza kugera ku makuru ushaka ku buryo bwihuse kandi bworoshye. icyakora ibyo wabigeraho ari uko gusa wihatye kumenya imiterere y'ibice bigize iyo nkorany. Ibisobanuro bikurikira bigamije kugufasha kumenyera uko iyi nkorany iteye, bityo bigufashe kuyikoresha mu buryo bunoze.</p> <p>1. Imiterere y'inkorany</p> <p>Iyi nkoranyamagambo igizwe n'ibice by'ingenzi bibiri: igice cya mbere kigizwe n'inkorany nsobanuzi n'igice cya kabiri kigizwe n'intonde z'amuga.</p> <p>1.1. Igice cya mbere: Inkorany y'Amuga y'Amategako (A-Z)</p> <p>Igice cya mbere cy'iyi nkorany gikoranyirijwemo amuga yose yinjijwe muri iyi nkorany mu ndimi eshatu n'ibisobanuro byayo. Iki gice kigaragazwa n'impapuro zisize ibara ry'ubururu bwerurutse ku muguno ahagana hasi.</p> <p>Muri iki gice cya mbere, amuga atonetse mu nkingi eshatu hakurikijwe ururimi. Inkingi ya mbere ikubiyemo amuga yo mu rurimi rw'ikinyarwanda, igakurikirwa n'inkingi ya kabiri irimo ayo mu Cyongereza, hagakurikiraho ayo mu Gifaransa mu nkingi ya gatatu. Inkingi ya kane igaragaza impine yerekana icyiciro cyangwa ingeri y'amategako</p>	<p style="text-align: center;">Introduction</p> <p>As a dictionary user you certainly want to find what you are looking for quickly and easily. This can only be achieved if you are familiar with the structure of the constituent parts of the dictionary. The following presentation will help you understand the organisation of different elements of this dictionary to be able to use it effectively.</p> <p>1. Dictionary structure</p> <p>This dictionary has two main constituent parts: Part One consisting in an explanatory dictionary and Part 2 containing two glossaries.</p> <p>1.1. Part One: Dictionary of Legal Terms (A-Z)</p> <p>Part One of this dictionary contains all the headwords and their definitions in three languages. The edges of this part's pages are coloured in light blue at the footer.</p> <p>In this part, terms are arranged one next to the other in three columns according to languages. The first column contains Kinyarwanda terms, while the next two columns contain English terms and French terms respectively. You will find in the fourth column an abbreviation indicating the legal sub-domain to which a term belongs. The fifth column</p>	<p style="text-align: center;">Introduction</p> <p>En tant qu'utilisateur de dictionnaire, vous vous attendez certainement à pouvoir trouver l'information requise le plus rapidement et le plus aisément possible. Ceci sera possible si seulement vous vous familiarisez avec la structure des éléments constitutifs du dictionnaire. La présentation suivante vous aidera à comprendre l'organisation des différents éléments de ce dictionnaire pour pouvoir l'utiliser plus efficacement.</p> <p>1. Structure du dictionnaire</p> <p>Ce dictionnaire a deux principales parties constitutives : la première partie contenant un dictionnaire explicatif et la seconde partie contenant deux glossaires.</p> <p>1.1. Première partie : Dictionnaire des Termes Juridiques (A-Z)</p> <p>La première partie du dictionnaire contient tous les termes retenus comme entrées ainsi que leurs définitions en trois langues. Les bords des pages de cette partie sont colorés en bleu clair au pied de page.</p> <p>Dans cette partie, les termes juridiques sont présentés l'un à côté de l'autre dans trois colonnes, suivant les langues. La première colonne nous donne les termes juridiques en kinyarwanda tandis que les deux colonnes suivantes contiennent les termes de l'anglais et ceux du français respectivement. On trouvera dans la quatrième colonne, des</p>

<p>iryuga rikoreshwamo. Inkingi ya gatanu yo igaragaza umubare uranga umwinjizo wa buri ryuga n'aho uherereye mu nkoranya.</p>	<p>provides reference numbers indicating the position of each headword in the dictionary macrostructure.</p>	<p>abréviations indiquant les sous domaines auxquels appartiennent les termes juridiques traités. La cinquième colonne donne des numéros de référence qui indiquent la place de chaque entrée au sein de la macrostructure du dictionnaire.</p>
<p>1.1.1. Imitondekere y'amuga</p> <p>Ikinyarwanda ni rwo rurimi ngenderwaho mu gushaka iryuga (ijambo) mu gice cya mbere cy'iyi nkoranya. Ku bw'ibyo, amuga yo mu Kinyarwanda atondetse hakurikijwe itonde ry'inyuguti, kandi buri ryuga ryanjirijwe ku nyuguti yaryo ya mbere, ryaba rigizwe n'ijambo rimwe cyangwa rigizwe n'amagambo menshi. Birumvikana ko amuga yo mu Cyongereza n'ayo mu Gifaransa yo adakurikirana hakurikijwe itonde ry'inyuguti, ahubwo agendera ku yo bihuye mu Kinyarwanda. Urugero rukurikira ni agace kakuwe muri iki gice cy'inkoranya ahagaragara amuga ane ya mbere.</p>	<p>1.1.1. Headwords order</p> <p>Kinyarwanda is the guiding language of consultation in this first part of dictionary. That is why Kinyarwanda terms are presented in alphabetical order based on the first letter of a term, whether in simple or compound form. It should be noted that both English and French terms follow no systematic order, instead they are listed according to their corresponding headwords in Kinyarwanda. Below is an extract of the explanatory part showing the first four headwords.</p>	<p>1.1.1. Arrangement des entrées</p> <p>Le kinyarwanda est la langue de consultation dans cette partie du dictionnaire. C'est pour cette raison que les termes juridiques du kinyarwanda sont classés par ordre alphabétique suivant la première lettre du terme, tant pour la forme simple que pour la forme composée. Il va sans dire que le placement de termes des deux autres langues ne suit aucun ordre systématique ; ils sont plutôt présentés parallèlement aux termes du kinyarwanda. Voyons ci-dessous l'extrait du dictionnaire montrant les quatre premières entrées.</p>

IKINYARWANDA	ENGLISH	FRANÇAIS	Domain	No
Ababuranyi: impande zitandukanye ziri mu rubanza (uwareze, uwarezwe, n'uwagobokeshejwe mu rubanza).	Litigants: various parties to a court action (the claimant, the defendant, and the third party).	Litigants: les différentes parties à un procès (demandeur, défendeur, intervenant).	Jud.	1
Ababyeyi b'uwo mwashyingiranywe: iyo bavuga umuntu washyingiwe, ni ababyeyi (ni ukuvuga se na nyina) b'uwo bashyingiranywe.	In-laws: in reference to a spouse, in-laws are parents (father and mother) of the other spouse.	Beaux-parents: en parlant d'un conjoint, les beaux-parents sont les parents (père et mère) de l'autre conjoint.	Civ.	2
Abafasha mu bya gasutamo: ikigo gifasha abantu mu mirimo yerekeranye no kohereza no gutumiza ibintu mu mahanga.	Customs clearing agency: a person licensed to act as an agent for transaction of any business relating to the import or export of goods.	Agence en douane: agence qui assiste des gens dans l'accomplissement des formalités administratives relatives à l'importation ou exportation des marchandises ou autres biens.	Fisc.	3
Abafatanya kwishingira umuntu: abantu bishingiye umuntu umwe ku ideni rimwe.	Co-sureties: persons who make themselves responsible for the payment of the same debt for the same debtor.	Cofidéjusseurs: personnes qui se sont rendues cautions d'un même débiteur pour une même dette.	Civ.	4

1.1.2. Ibikubiye mu mvugajambo	1.1.2. Content of articles	1.1.2. Contenu des articles
<p>Imvugajambo igizwe n'iryuga ryinjijwe n'igisobanuro cyaryo.</p>	<p>Each article of the dictionary is composed of a headword and its definition.</p>	<p>Chaque article du dictionnaire est composé d'une entrée et de sa définition.</p>
1.1.2.1. Imiterere y'imvugajambo	1.1.2.1. Structure of an article	1.1.2.1. Structure d'un article
<p>Iryuga risobanurwa ryandikishije inyuguti nto zibyibushye ariko rigatangirwa n'inyuguti nkuru, rigakurikirwa n'utubago tubiri tugerekeranye, hagakurikiraho igisobanuro cyaryo mu magambo make, mu nyuguti nto zitabyibushye. Aho biri ngombwa, ku gisobanuro cy'iryuga hongerwaho imvugo iyobora ukoresha inkoranya ku ryuga bifitanye isano, ku buryo kurireba byagira icyo bimwungura mu mikoreshereze y'ayo muga. Ijambo ryoherejweho ryandikishwa inyuguti ziberamiye iburyo, ribanjirijwe n'akajambo nyobozi "Reba".</p>	<p>A headword is typed in bold lower cases with capitalization of the first letter, followed by a colon, a concise definition in normal lower-case letter. Where necessary, a reference to related term is provided at the end of the definition, if this can help the user to better use both terms. The term referred to is written in italics, preceded by the indicator "See".</p>	<p>L'entrée est écrite en minuscules gras avec une majuscule à la première lettre, suivie d'un double point, d'une définition concise en lettre minuscule normale. Le cas échéant, un renvoi à un terme associé est fourni à la fin de la définition, si cela peut aider l'utilisateur à mieux utiliser les deux termes. Le renvoi est indiqué en italique précédé du marqueur « Voir ».</p>
Urugero:	Example:	Exemple :
<p>Icyaha kimwe ntigihanirwa kabiri: ihame rivuga ko nta muntu ushobora kuburanishwa cyangwa guhanwa inshuro ebyiri ku cyaha kimwe. Reba nanone kudahanirwa icyaha kimwe inshuro irenze imwe.</p> <p>(...)</p> <p>Kudahanirwa icyaha kimwe inshuro irenze imwe: ukuba umuntu adashobora gukurikiranwa cyangwa guhanwa inshuro zirenze imwe ku cyaha kimwe yakoze. Aya magambo avuga kimwe n'ihame rivuga ko icyaha kimwe kidahanirwa kabiri, rituruka mu mategeko y'Abaromani.</p>	<p><i>Non bis in idem:</i> a principle by which no legal action can be instituted or none shall be tried twice for the same offence. Also see <i>prohibition of double jeopardy.</i></p> <p>(...)</p> <p>Prohibition of double jeopardy: the prohibition under criminal law against a person being put on trial or punished more than once for the same offense. This concept originates from Common Law and it is equivalent to the principle of <i>non bis in idem</i> in civil law system.</p>	<p><i>Non bis in idem:</i> principe selon lequel une personne ne peut pas être jugée ni condamné deux fois pour la même infraction. Voir <i>aussi interdiction de la double incrimination.</i></p> <p>(...)</p> <p>Interdiction de la double incrimination: interdiction pour une personne de ne pas être jugée ou punie plus d'une fois pour la même infraction. Ce terme vient du Droit Commun (Common Law) et correspond essentiellement au principe de <i>non bis in idem</i> du droit romain.</p>

1.1.2.2. Iryuga rifite ibisobanuro byinshi

Iyo iryuga rifite inshoza zirenze imwe zifitanye isano mu ngeri imwe y'amategeko, inshoza cyangwa ibisobanuro byaryo byerekanwa n'imibare ibyibushye, buri gisobanuro kikiharira igika.

Urugero:

Agaciro kanditse: 1. umubare wanditswe ku giceri, kuri tembure, ku noti cyangwa ku yindi nyandiko mvunjafaranga ukaba ari wo gaciro kayo mu mategeko.

2. Umubare w'amafaranga wanditse ku nyandiko mpeshamwenda cyangwa uri ku cyemezo cy'umugabane wagenwe n'amategeko shingiro y'isohotse.

1.1.2.3. Amuga ahuje inyito

Amuga amwe n'amwe afite andi bihuje inyito mu nkoranya ntasobanurwa ku buryo burambuye, ahubwo arangirwa ibisobanuro ku yo bihuje igisobanuro yasobanuwe birambuye mu nkoranya. Ibyo bigaragazwa n'akajamba "reba" gakurikiwe n'iryuga ryasobanuwe, ryandikishije inyuguti ziberamiye iburyo zibyibushye.

1.1.2.2. Polysemous term

Where senses of a polysemous term are closely related and used within the same legal sub-domain, those senses are preceded by bold numbers, each one starting on a new line.

Example:

Face value: 1. the value printed on the face of a coin, postage stamp, banknote or any negotiable instrument that is also its legal value.

2. The stated value of a bond or stock as assigned by the company's charter. (Synonyms: nominal value, par value, amount value).

1.1.2.3. Synonymous terms

Some synonymous terms are not defined; the user is referred to their more common synonyms for their definitions. This is indicated by the indicator "see" followed by the term to which the reference is made, in italic bold type.

1.1.2.2. Terme polysémique

Lorsque les sens d'un terme polysémique sont étroitement liés au sein d'un même sous-domaine juridique, ces sens sont précédés de chiffres en gras, chacun commençant sur une nouvelle ligne.

Exemple :

Valeur nominale: 1. valeur inscrite sur la face d'une pièce de monnaie, d'un timbre, d'un billet de banque ou d'un autre titre négociable qui constitue sa valeur légale.

2. valeur inscrite sur une obligation ou sur une action conformément à la charte de la société. (Synonymes: valeur au pair, valeur faciale).

1.1.2.3. Termes synonymes

Certains termes synonymes ne sont pas définis ; l'utilisateur est renvoyé à leurs synonymes plus courants quant à leurs définitions. Ceci est indiqué par le marqueur « voir » suivi du terme auquel le renvoi est fait, écrit en gras italique.

<p>Urugero:</p> <p>Amahugurwa ahoraho: reba <i>uburezi buhoraho</i>.</p> <p>(...)</p> <p>Uburezi buhoraho: ibikorwa byose n'ingamba zigamije imyigishirize; ni ukuvuga uburezi rusange (amashuri abanza, ayisumbuye na kaminuza), kwigisha imyuga, ndetse n'igihe amashuri yarangiye mu kazi hakabaho amahugurwa yerekeranye n'akazi ahoraho.</p>	<p>Example:</p> <p>Continued training: see <i>permanent education</i>.</p> <p>(...)</p> <p>Permanent education: a process of instruction and training designed to give knowledge and develop skills through the ordinary structure of schools, colleges and universities, and apprenticeship, which is supplemented with a continued training to staff members.</p>	<p>Exemple :</p> <p>Formation continue: voir <i>éducation permanente</i>.</p> <p>(...)</p> <p>Éducation permanente: ensemble de moyens et d'actions ayant pour fin l'instruction et la formation professionnelle. Elle comprend la formation initiale (scolarité obligatoire, études secondaires et universitaires), l'apprentissage et, pendant l'activité professionnelle, la formation professionnelle continue.</p>
<p>1.1.2.4. Imyinjizo y'impuzantego</p> <p>Imyinjizo y'impuzantego cyangwa impuzashusho igizwe n'amagambo abiri cyangwa arenga yandikwa kimwe ariko buri ryose rigafatwa nk'ijambo ukwaryo. Buri ryose rigira inyito yaryo mu cyiciro cy'amategeko rikoreshejwe. Mu nkuranya hakoreshejwe utubare duto dushyirwa kuri buri ryuga kugira ngo ritandukanywe n'impuzantego zaryo.</p> <p>Urugero:</p> <p>Ukwemera¹: ukugaragaza ko unyuzwe n'ibiteganyijwe mu byo wahamagariwe gukora.</p> <p>Ukwemera²: ukwiyemerera icyaha k'umuburanyi.</p> <p>Mu rugero ruvugwa haruguru, impuzashusho zigaragara ku ruhande rw'ikinyarwanda gusa. icyakora hari aho amuga y'impuzashusho abonekera icyarimwe mu ndimi uko ari</p>	<p>1.1.2.4. Homographic entries</p> <p>Homograph headwords consists of two or more identically written words but each treated as a word in its own right. Each has its own meaning in the legal sub-domain in which it belongs. Therefore, we used superscript numbers to indicate that there is more than one entry for that word form.</p> <p>Example:</p> <p>Acceptance: agreement to the terms of an offer which converts the offer into a legally binding act.</p> <p>Confession: voluntary admission, in whole or in part, by an accused person of his or her guilt.</p> <p>In the example above, homographs appear only in Kinyarwanda. There are rare cases where homograph headwords occur simultaneously in all the three</p>	<p>1.1.2.4. Entrées homographes</p> <p>Les entrées des homographes se composent de deux mots ou plus écrits de la même manière, mais chacun traité comme un mot à part entière. Chacun a sa propre signification dans le sous-domaine juridique auquel il appartient. Par conséquent, nous avons utilisé des chiffres en exposant pour indiquer qu'il y a plus d'une entrée pour un même mot-forme.</p> <p>Exemple :</p> <p>Acceptation: manifestation de volonté par laquelle une personne donne son accord à une offre qui lui est faite.</p> <p>Aveu: acceptation en tout ou en partie par l'accusé de l'accusation dont il fait partie.</p> <p>Dans l'exemple ci-dessus, les homographes apparaissent seulement en kinyarwanda. Il existe des cas rares où des entrées homographiques apparaissent simultanément</p>

eshatu. Urugero ni nk'amuga umuseseri¹ (mu mategeko y'ubucamanza) n'umuseseri² (mu mategeko shingiro ajyanye n'amatora), aboneka uko akurikirana kuri numero 2432 na 2433.

1.1.2.5. Impine zerekana ibyiciro by'amategeko

Impine ziranga ingeri y'amategeko amuga akoreshwamo na zo ziri mu bigize imvugajambo nubwo zashyizwe ukwazo mu rwego rwo kwirinda kuzisubiramo hato na hato kuri buri mvugajambo. Impine zakoreshejwe ni izi:

Adm.	Amategeko mbonezabutegetsi
Civ.	Amategeko mbonezamubano
Com.	Amategeko y'ubucuruzi
Const.	Amategeko shingiro
Fin.	Amategeko y'imari
Fisc.	Amategeko y'imisoro
Gen.	Amategeko rusange
	Amategeko mpuzamahanga areba abantu muri rusange
Jud.	Amategeko y'ubucamanza
Pen.	Amategeko mpanabyaha
Pr. IL.	Amategeko mbonezamubano mpuzamahanga
Soc.	Amategeko y'umurimo

1.2. Igice cya kabiri: Intonde z'amuga

Igice cya kabiri cy'inkoranya kigizwe n'intonde ebyiri z'amuga. Urutonde rwa mbere rutangirwa n'ururimi rw'Icyongereza, naho urwa kabiri rugatangirwa n'ururimi rw'Igifaransa.

Izi ntonde zigenewe cyane cyane kwifashishwa mu mirimo y'ihangamyandiko ku muntu

languages. The example is the head words assessor¹ (in judicial law) and assessor² (in constitutional/electoral law), placed at number 2432 and 2433 respectively.

1.1.2.5. Abbreviations for legal sub-domains

Abbreviations of legal subfields to which the terms belong are also part of the article though they are provided in a separate column to avoid their repetition on each article. Abbreviations used are as follows:

Adm.	Administrative law
Civ.	Civil law
Com.	Commercial law
Const.	Constitutional law
Fin.	Financial law
Fisc.	Fiscal law
Gen.	General law
Int.	Public international law
Jud.	Judicial law
Pen.	Penal law
Pr. IL.	Private international law
Soc.	Social law

2.2. Part II: Glossaries

The second part of this dictionary is made of two glossaries. The first glossary starts with English language while the second glossary has French as guiding language.

These glossaries cater for needs arising during text production situations, for a

dans les trois langues. Par exemple, les entrées assesseur¹ (en droit judiciaire) et assesseur² (en droit constitutionnel/électoral) placés sous les numéros 2432 et 2433 respectivement.

1.1.2.5. Abréviations indiquant les sous-domaines du droit

Les abréviations indiquant les sous-domaines où les termes sont employés font également partie de l'article bien que placées dans une colonne à part pour éviter de les répéter à chaque article. Les abréviations utilisées sont les suivantes :

Adm.	Droit administratif
Civ.	Droit civil
Com.	Droit commercial
Const.	Droit constitutionnel
Fin.	Droit financier
Fisc.	Droit fiscal
Gen.	Droit général
Int.	Droit international public
Jud.	Droit judiciaire
Pen.	Droit pénal
Pr. IL.	Droit international privé
Soc.	Droit social

1.2. Seconde Partie : Glossaires

La deuxième partie de ce dictionnaire contient deux glossaires. Le premier glossaire commence par la langue anglaise tandis que le second glossaire a le français comme langue de consultation.

Ces glossaires répondent aux besoins survenant lors des situations de production de

<p>ushaka iryuga rivuga kimwe n'iryo mu rurimi avanamo inyandiko cyangwa n'iryo atekereza.</p> <p>Zishobora nanone gufasha umuntu kugera ahari ibisobanura birambuye by'amuga ashaka, mu gice cya mbere cy'inkorany.</p> <p>Urutonde rwa mbere rugaragazwa n'impapuro zisize ibara ry'iroza ryerurutse ku muguno ahagana hasi. Urutonde rwa 2 rwo rugaragazwa n'impapuro zisize ibara ry'icunga ryerurutse ku muguno ahagana hasi.</p>	<p>user who wants equivalent of a term used in the source language or of the term he or she is thinking of.</p> <p>They can also direct users to the core part of the dictionary for further explanatory information if they wish so.</p> <p>The edges of the first glossary's pages are coloured in light pink colour at the footer, while the second glossary's page edges are coloured in light orange colour.</p>	<p>textes, pour un utilisateur qui souhaite l'équivalent d'un terme utilisé dans la langue source ou du terme auquel il pense.</p> <p>Ils peuvent également diriger les utilisateurs vers la partie principale du dictionnaire pour obtenir des informations explicatives supplémentaires s'ils le souhaitent.</p> <p>Les bords des pages du premier glossaire sont colorés en rose tendre au pied de page, tandis que les bords des pages du second glossaire sont colorés en orange clair.</p>
<p>2. Uko wakoresha iyi nkorany</p> <p>Inkorany nyandimi nyinshi yose iba igamije imimaro ibiri y'ingenzi: gutanga ibisobanuro by'amagambo no gufasha mu guhanga imyandiko.</p> <p>2.1. Gukoresha inkorany mu gushaka ibisobanuro by'amagambo</p> <p>Dufate ko urimo usoma inyandiko yo mu mategeko, ugahura n'iryuga "ibura" rikoreshe mu mategeko mbonezamubano, ukaba wifuza kumenya igisobanuro cyaryo. Ushobora kubona iryuga "ibura" ugiye mu gice cya mbere cy'inkorany, mu nkingi ya mbere, ugashakisha ukurikije itonde ry'inyuguti.</p> <p>2.2. Gukoresha inkorany mu guhanga imyandiko</p> <p>Reka noneho dufate ko urimo usuzuma inyandiko, ugashaka kumenya niba iryuga runaka ryakoreshejwe ari ryo koko</p>	<p>2. How to use this dictionary</p> <p>Any multilingual dictionary fulfills two main functions: decoding function and text production function.</p> <p>2.1. Dictionary consultation in text decoding situation</p> <p>For example, you are reading a piece of text and you find the civil law term "ibura" and wants to look up its meaning. You can look it up in the first column of the core part of the dictionary in alphabetical order.</p> <p>2.2. Dictionary consultation in text production situations</p> <p>Now let us suppose that you are revising a legal document and you want to check whether a certain legal term has been</p>	<p>2. Comment utiliser ce dictionnaire</p> <p>Tout dictionnaire multilingue remplit deux fonctions principales: la fonction de décodage et celle de production de texte.</p> <p>2.1. Consultation du dictionnaire en contexte de décodage de texte</p> <p>Par exemple, vous lisez un texte et vous trouvez le terme de droit civil «ibura» et souhaitez en rechercher la signification. Vous pouvez le rechercher dans la première colonne de la partie principale du dictionnaire par ordre alphabétique.</p> <p>2.2. Consultation du dictionnaire en contexte de production de texte</p> <p>Supposons maintenant que vous révisiez un document juridique et que vous voulez vérifier si un certain terme</p>

ryagombaga gukoreshwa. Tugarutse ku ryuga “**ibura**”, urabona ko igisobanuro cyaryo kirangira umuntu kureba n’iryuga “**izimira**”, kandi ibyo bishobora kumufasha kwirinda cyangwa gukosora iyitiranya ry’ayo muga yombi.

Niba urimo uhindura, unoza inyandiko yahinduwe cyangwa utegura inyandiko muri rumwe mu ndimi zibangikanye n’Ikinyarwanda, uzabona ayo bihuje inyito mu Cyongereza no mu Gifaransa mu nkingi ya kabiri n’iya gatatu ugana iburyo, mu ruhushya iryuga ryo mu Kinyarwanda ririmo.

Ku rundi ruhande ushobora kuba uzi iryuga “disappearance” ryo mu Cyongereza, ariko ukaba ushaka kumenya iryo bihuye mu Kinyarwanda cyangwa mu Gifaransa. Kugira ngo urigereho, urajya mu gice cya kabiri cy’inkoranya, urebe urutonde rwa mbere. Mu nkingi ya mbere y’Icyongereza, urashakisha iryuga “**disappearance**”. Nurigeraho, urabona mu nkingi z’iburyo ayo bivuga kimwe ari yo “**ibura**” mu Kinyarwanda na “**disparition**” mu Gifaransa. Niba wari urimo uhindura umwandiko w’Icyongereza muri rumwe muri izo ndimi zindi, ushobora kuba umaze kubona icyo washakaga.

Byagenda bite niba uzi iryuga “**disappearance**” mu Cyongereza cyangwa “**disparition**” mu Gifaransa, ariko ukaba ukeneye no kureba ibisobanuro byaryo? Ujya mu gice cya mbere cy’inkoranya aho ayo muga asobanuye.

used appropriately. Coming back to the term “**ibura**”, you will find that its definition also refers users to the term “**izimira**”, which can help to avoid or resolve ambiguity.

Assume that you are dealing with translation or production of a document in English or French and you want equivalent terms for Kinyarwanda terminologies. First, you locate the source language terms in the first column and look for their equivalents in the other two columns next to it.

Conversely, you may be looking for a Kinyarwanda equivalent or French equivalent of the English term “**disappearance**”. You will have to go to the second part of the dictionary, in the first glossary. In the first column, look for the term “**disappearance**”. Once located, look at its equivalents next to it in Kinyarwanda and French columns. There you will find “**ibura**” and “**disparition**” as Kinyarwanda and French equivalents respectively. If your dictionary consultation was prompted by translation, you may have got what you wanted.

What about if you need a definition of a term that you only know either in English or French, for instance “**disappearance**” or “**disparition**”? In this case, you have to go to the core part of the dictionary where

juridique a été utilisé de manière appropriée. En revenant au terme « **ibura** », vous constaterez que sa définition renvoie également les utilisateurs au terme « **izimira** », ce qui peut aider à éviter ou à résoudre l’ambiguïté.

Supposons que vous vous occupiez de la traduction ou de la production d’un document en anglais ou en français et que vous des équivalents pour les terminologies kinyarwanda. Tout d’abord, vous devez repérer les termes de la langue source dans la première colonne et recherchez leurs équivalents dans les deux colonnes ci-contre.

Inversement, il se peut que vous essayez de trouver un équivalent kinyarwanda ou équivalent français du terme anglais « **disappearance** ». Vous devrez vous rendre dans la deuxième partie du dictionnaire, dans le premier glossaire. Dans la première colonne, recherchez le terme « **disappearance** ». Une fois localisé, vous trouverez ses équivalents à droite dans les colonnes kinyarwanda et françaises. Vous y trouverez « **ibura** » et « **disparition** » comme équivalents kinyarwanda et français respectivement. Si votre consultation de dictionnaire a été déclenchée par la traduction, vous avez peut-être ce que vous vouliez.

Que faire si vous cherchez la définition d’un terme que vous connaissez seulement en anglais ou en français, par exemple « **disappearance** » ou « **disparition** » ? Dans ce cas, il faut aller dans la première partie du dictionnaire où les définitions

<p>Ibyo hari uburyo bubiri bwabigufashamo.</p> <p>Niba wari wamaze kureba mu rutonde iryuga ry'ikinyarwanda bivuga kimwe ari ryo “ibura”, ushobora noneho kurishakisha mu gice cya mbere k'inkoranya. Niba iyo nzira itakubangukira, ushobora gushakira ku numero iranga iryuga iboneka mu nkingi ya gatanu ya buri rutonde. Nko ku ryuga “ibura”, uzasanga inomero rifite ari 488. Nyuma yo kubona uwo mubare, shakisha uwo bihuye mu nkingi ya gatanu y'imbonerahamwe yo mu gice cya mbere cy'inkoranya. Biroroshye kuko ho imibare ikurikiranye uva ku muto ujya ku munini.</p>	<p>definitions are recorded. There are two methods for this.</p> <p>If you have already identified Kinyarwanda equivalent “ibura” in the glossary, you can now look it up in the first part of the dictionary. If this seems difficult, you can also search using terminologies reference numbers provided in the last column of the glossaries. For instance, you will find that the term “ibura” has number 488. This is also its position in part one of the dictionary. Note the number, go to the core part of the dictionary, navigate through it to locate row carrying the identified number. This is easy because terms are numbered in ascending order.</p>	<p>sont décrites. Il existe deux méthodes pour y arriver.</p> <p>Si vous avez déjà identifié l'équivalent kinyarwanda « ibura » dans le glossaire, vous pouvez maintenant le rechercher dans la première partie du dictionnaire. Si cela semble difficile, vous pouvez également effectuer une recherche à l'aide des numéros de référence de termes fournis dans la dernière colonne des glossaires. Par exemple, vous constaterez que le terme « ibura » porte le numéro 488. C'est également sa position dans la première partie du dictionnaire. Notez le numéro, ouvrir la partie principale du dictionnaire, parcourez-le pour localiser la ligne portant le numéro identifié. C'est facile car les termes sont numérotés par ordre croissant.</p>
---	--	---

Ibirimo

Table of Contents

Table des Matières

Iriburiro	iii
Preface	
Préface	
 Iimiterere y'iyi nkoranya n'uko wayikoresha.....	 vii
Organisation of the Dictionary and how to use it	
Organisation du dictionnaire et comment l'utiliser	
 Inkoranya y'amuga y'amategeko (A-Z)	 1
Dictionary of Legal Terms (A-Z)	
Dictionnaire des Termes Juridiques (A-Z)	
 Glossary I: English-Kinyarwanda-French.....	 309
Glossaire II: Français-Kinyarwanda-Anglais	423

IGICE CYA MBERE

PART ONE

PREMIÈRE PARTIE

Inkoranya y'Amuga y'Amategeko (A-Z)

Dictionary of Legal Terms (A-Z)

Dictionnaire des Termes Juridiques (A-Z)

INKORANYA Y'AMUGA Y'AMATEGEKO (A-Z):

IKINYARWANDA - ENGLISH - FRANÇAIS

Aa

A

IKINYARWANDA	ENGLISH	FRANÇAIS	DOMAIN	N°
Ababuranyi: impande zitandukanye ziri mu rubanza (uwareze, uwarezwe, n'uwagobokeshejwe mu rubanza).	Litigants: various parties to a court action (the claimant, the defendant, and the third party).	Litigants: les différentes parties à un procès (demandeur, défendeur, intervenant).	Jud.	1
Ababyeyi b'uwo mwashyingiranywe: iyo bavuga umuntu washyingiwe, ni ababyeyi (ni ukuvuga se na nyina) b'uwo bashyingiranywe.	In-laws: in reference to a spouse, in-laws are parents (father and mother) of the other spouse.	Beaux-parents: en parlant d'un conjoint, les beaux-parents sont les parents (père et mère) de l'autre conjoint.	Civ.	2
Abafasha mu bya gasutamo: ikigo gifasha abantu mu mirimo yerekeranye no kohereza no gutumiza ibintu mu mahanga.	Customs clearing agency: a person licensed to act as an agent for transaction of any business relating to the import or export of goods.	Agence en douane: agence qui assiste des gens dans l'accomplissement des formalités administratives relatives à l'importation ou exportation des marchandises ou autres biens.	Fisc.	3
Abafatanya kwishingira umuntu: abantu bishingiye umuntu umwe ku ideni rimwe.	Co-sureties: persons who make themselves responsible for the payment of the same debt for the same debtor.	Cofidéjusseurs: personnes qui se sont rendues cautions d'un même débiteur pour une même dette.	Civ.	4
Abafatanyije inshingano: iyo abantu benshi bafitiye umuntu umwe umwenda, muri rusange cyangwa buri muntu ku giti cye, baba bahuriye ku nshingano zo kwishyura uwo mwenda ku buryo uberewemo umwenda ashobora kwishyura abarimo umwenda bose cyangwa akawishyura uwo ari we wese muri bo.	Joint and several (debtors, sureties, etc.): together and in separation. If two or more people enter into an obligation that is said to be joint and in separation, their liability for its breach can be enforced against them all by a joint action or against any of them by individual action.	Coobligés (codébiteurs, cocations, etc.): personne qui est tenue au paiement d'une dette avec une ou plusieurs autres, soit conjointement, soit solidairement. Le terme le plus courant est codébiteur.	Civ.	5
Abahagariye igihugu cyangwa umuryango mpuzamahanga/Intumwa z'amahanga: abakozi bose bahagarariye igihugu cyabo cyangwa umuryango mpuzamahanga mu kindi gihugu.	Diplomatic mission: a group of people from one state or an international organisation (such as the United Nations) present in another state to represent the sending state/organisation in the receiving state.	Mission diplomatique: ensemble des agents diplomatiques assurant la représentation d'un État ou d'une organisation internationale auprès d'un autre État (chef de mission, conseillers, secrétaires des affaires étrangères, personnel administratif et technique).	Int.	6
Abakiriya: urukomatane rw'abantu bose bakunda kugurira cyangwa kwaka serivisi umuntu ukora umwuga uyu n'uyu cyangwa umucuruzi.	Clientele/customers: persons or companies that always buy goods or services from a professional or trader.	Clientèle: ensemble des personnes (clients) qui sont en relations d'affaires avec un professionnel ou avec un commerçant.	Com.	7
Abakozi ba Leta: abantu bose bakora imirimo iteganyijwe mu butegetsi bwa Leta kandi bahembwa ku mafaranga akomoka ku mutungo wa Leta.	Public Service: body of Government employees, carrying out a job under the form of a working post and is paid from public funds.	Fonction publique: ensemble des agents de l'État, exerçant leur emploi sous forme de postes de travail au sein de l'Administration Publique Rwandaise et rémunérés sur les fonds d'intérêt public.	Adm.	8

Abakozi: abakozi bakora imirimo isaba ingufu mu kigo, muri sosiyete y'ubucuruzi cyangwa mu gace runaka.

Manpower: workers who work in a particular factory, company or region.

Main-d'œuvre: ouvriers qui travaillent dans le cadre d'une usine, d'une société commerciale ou d'une région donnée.

Soc. 9

Abarwanyi: igihugu cyangwa abantu bahanganye ku rugamba.

Belligerents: a country or group fighting a war.

Belligérants: pays ou groupe de gens combattant.

Int. 10

Abashinzwe umutekano: ingabo z'igihugu n'abapolisi bakorera Leta kugira ngo umutekano n'amategeko byubahirizwe ndetse n'ibyemezo by'ubutabera bishyirwe mu bikorwa.

Security forces: the forces (i.e. police, army) involved in guaranteeing the safety of a country, the respect of law and public order and the execution of judicial decisions.

Force publique: forces (police, armée) qui sont à la disposition du Gouvernement pour maintenir l'ordre public, obtenir le respect de la loi et l'exécution des décisions de justice.

Adm. 11

Abatora bibaruje: abantu bagaragara kuri lisiti y'itora, bakaba bafite uburenganzira bwo gutora.

Registered voters: persons registered on the electoral list and have the right to vote.

Electeurs inscrits: électeurs dont les noms figurent sur les listes électorales et qui peuvent donc participer au vote.

Const. 12

Abatoye: abantu bafite uburenganzira bwo gutora kandi bakoze koko uwo murimo wo gutora.

Voters: persons who have the right to vote and have effectively voted.

Votants: électeurs qui, ayant le droit de voter, ont effectivement pris part à un scrutin.

Const. 13

Abavandimwe bahuje se: bivugwa ku bavandimwe bahuje se ariko badahuje nyina.

Consanguinous: refers to siblings who descent from the same father but different mothers.

Consanguins: se dit des frères et sœurs engendrés par le même père mais nés de mères différentes.

Civ. 14

Abavandimwe kuri nyina: bivugwa ku bantu bavuka kuri nyina umwe ariko bafite ba se batandukanye.

Uterine: used to describe siblings from the same mother but different father.

Utérins: se dit des frères et sœurs qui sont nés de la même mère mais qui n'ont pas le même père.

Civ. 15

Abavandimwe kuri se: abantu basangiye se ariko bavuka kuri ba nyina batandukanye.

Agnate: refers to persons born of the same father but having different biological mothers.

Agnats: se dit des personnes qui sont nées d'un même père mais qui n'ont pas la même mère.

Civ. 16

Abavandimwe: abana bahuje se na nyina, ni ukuvuga abashiki na basaza babo.

Sibling: each of two or more people with the same parents; a brother or sister.

Germain (frères et soeurs): se dit des enfants ayant les même père et mère.

Civ. 17

Abishyize hamwe: urugaga rw'amatsinda y'abantu bahuriye ku bitekerezo bya politiki cyangwa ku buryo babayeho yishyira hamwe aharanira kugera ku ntego iyi n'iyi.

Coalition: alliance of different political or social groups which are co-operating to achieve a particular aim.

Coalition: union de groupes sociaux ou politiques qui se mettent ensemble en vue d'atteindre un but commun.

Soc. 18

Abyibwirije (icyemezo gifatwa): icyemezo gifatwa n'umuyobozi atabanje kubisabwa n'uwo kireba.

Guca isoko rya leta mo ibice: uburyo bwo kugabanya isoko rya Leta mo ibice kugira ngo ricungwe neza.	Allotment (public procurement): process of subdividing a public tender into different lots for its better management.	Allotissement (d'un marché public): opération du partage consistant à diviser un marché public en plusieurs lots pour sa bonne gestion.	Adm.	247
Guca urubanza ushingiyeye ku nyandiko gusa: uburyo bw'iburanisha bukoreshwa mu Rukiko rw'ikirenga aho Urukiko ruburanisha rushingiyeye ku myanzuro y'ababuranyi bitabaye ngombwa ko baza mu Rukiko.	Trial without hearing: procedure used before Supreme Court by which the Court examines a file without the parties and considers only parties' submissions.	Statuer sur pièce: procédure suivie devant la Cour Suprême, consistant à statuer sur une affaire sans débats contradictoire, la Cour considérant seulement les conclusions soumises par les parties.	Jud.	248
Gucika: Reba <i>icyaha cyo gucika</i> .	Deserting the place of crime (offence of): See <i>failure to stop after causing a road accident</i> .	Fuite (délit de): voir <i>délit de fuite</i> .	Pen.	249
Gucunga iby'undi atabigusabye: igihe umuntu yiyemeje ku bushake gucunga iby'undi ngo bitangirika atarabihereye ububasha na nyiri ibintu ndetse akenshi nyiri ibintu atanabizi, icyakora akaba afite impamvu zikomeye zo gukera ko nyiri ibintu yari kubyemera iyo aramuka abimenye.	Management of the affairs of another: where a person (the manager) voluntarily undertakes to manage the business of another person (the owner) without authority and mostly without knowledge of the owner, to protect the interests of the latter, but in the reasonable belief that the owner would approve of the action if made aware of the circumstances.	Gestion d'affaires: engagements pris par une personne qui s'imisce volontairement dans les affaires d'un tiers sans mandat et souvent sans que le maître de l'affaire le sache, pour sauvegarder les intérêts de ce dernier, mais avec des motifs raisonnables de croire que le maître de l'affaire approuverait l'action s'il était informé des circonstances.	Civ.	250
Gucura umugambi (wo gukora icyaha): ubwumvikane bw'abantu babiri cyangwa benshi bugamije gukora icyaha, cyakorwa n'umwe cyangwa benshi muri bo. Mu mategeko mpanabyaha y'u Rwanda, gucura umugambi wo gukora icyaha ubwabyo bifatwa nk'icyaha gihanwa, gitandukanye n'icyaha cyacuriwe umugambi.	Conspiracy (to commit an offence): an agreement by two or more persons to engage in the commission of an offence by anyone or more of them. In Rwandan criminal law, conspiracy is a separate offence from the crime that is the object of the conspiracy. In French criminal law "conspiracy"	Conspiracy (de commettre une infraction): entente entre deux ou plusieurs personnes en vue de la commission d'une infraction par l'une ou plusieurs d'entre elles. En droit pénale rwandais, La conspiration est une infraction punissable indépendamment de l'infraction pour laquelle la conspiration a eu lieu.	Pen.	251
Gufata icyemezo mu guca urubanza: igice cy'imigendekere y'urubanza aho abacamanza baba biherereye kugira ngo basuzume ibyavugiye byose mu iburanisha mbere yo gufata icyemezo.	Deliberation: the stage of a judgement when the judge or judges makes a careful consideration of statements of the parties to the case and hearings before decision.	Délibéré: phase de l'instance au cours de laquelle, les pièces du dossier ayant été examinées, les plaidoiries entendues, les magistrats se concertent avant de rendre leur décision.	Jud.	252
Gufata itegeko uko riri: igihe igitekerezo kirebana n'itegeko uko riteye.	De lege lata: a latin expression used to indicate that a proposition relates to the law as it is.	De lege lata: en considérant la loi telle qu'elle existe.	Gen.	253

Gufataho umuntu ingwate: gufunga umuntu hagamijwe gutegeka ba nyiri uwo muntu cyangwa igihugu cyangwa umuryango mpuzamahanga kubahiriza ikintu iki n'iki.

Gufatirwa mu cyuhu: igihe umuntu afashwe akora icyaha cyangwa iyo icyaha kimenyekanye ari yo kikumara gukorwa kandi hari ibimenyetso simusiga bishinja uwagikoze.

Gufatwa nk'umwere: ihame rivuga ko ukurikiranyweho icyaha afatwa nk'umwere kugeza igihe urukiko rugaragarije ku buryo budasubirwaho ko ari we wakoze icyaha.

Gufunga by'agateganyo: Umugenzacyaha ashobora, kubera impamvu z'iperereza, gufata ukekwa icyaha akamufungira mu nzu yabigenewe niba hariho impamvu zikomeye zituma akekwa icyaha.

Gufunga ikigo: kwangira abakozi gukora biturutse ku mukoresha umwe cyangwa benshi, bigamije gutuma abo bakozi cyangwa ab'undi mukoresha bemera, bahindura cyangwa bareka ibyo basaba.

Gufungirana: icyaha cyo kugumana no gufungirana umuntu mu buryo butemewe.

Gufungishwa ijisho: gufungira umuntu iwe mu mwanya wo kumushyira muri gereza bitegetswe n'urukiko cyangwa ubutegetswe.

Gufungurwa hatanzwe ingwate: gufungurwa k'ukurikiranyweho icyaha wari ufungwe by'agateganyo amaze gutanga umubare w'amafaranga runaka cyangwa yishingiye n'undi muntu w'inyangamugayo, byemeza ko azitaba ubutabera ku itariki azaba yahamagajweho. icyo gihe ashobora kugira ibyo ategewe kubahiriza.

Hostage-taking: act of holding a person as a hostage in order to force a state, an international organisation or a person to do or not to do something.

Flagrante delicto (in): in the very act of committing an offense, term used to indicate that a person has been caught in the act of committing an offence. Rarely used in anglicized form 'in flagrante delict', it is a synonym of 'red-handed'.

Presumption of innocence: a principle which states that an accused is presumed innocent until proved guilty by a competent court.

Remand in custody/Arrest: an investigator can, if it is deemed necessary for the purposes of investigation, arrest and detain the accused in an official remand in custody if there are serious grounds of guilt.

Lock-out: refusal by one or several employers to allow one or several workers to work with the purpose of forcing such workers or those of another employer to accept, modify or abandon their claims.

Duress of imprisonment: illegal confining of a person in a given place.

House arrest (to be kept under house arrest): confinement by administrative or judicial order to one's quarters rather than prison.

Release on bail: the release of a person held in legal custody while awaiting trial on the condition that he or she executes a bond or presents a surety so as to guarantee his or her appearance on the fixed date. Conditions may be imposed on a person released on bail.

Prise d'otage: arrestation, séquestration ou détention d'une personne dans le but de forcer la famille de l'otage, son pays ou une organisation internationale à accomplir contre leur gré un quelconque acte.

Flagrant délit (en): situation dans laquelle un individu est pris sur le fait en train de commettre une infraction ou lorsque l'acte incriminé s'est produit récemment et des indices probants témoignent de la culpabilité de son auteur.

Présomption d'innocence: principe selon lequel toute personne qui se voit reprocher une infraction est réputée innocente tant que sa culpabilité n'a pas été légalement et définitivement établie.

Garde à vue: l'enquêteur peut, pour les nécessités de l'enquête, se saisir de l'auteur présumé du crime et le garder à sa disposition dans une maison d'arrêt, s'il existe des indices sérieux de culpabilité.

Lock-out: refus par un ou plusieurs employeurs de fournir du travail aux employés en vue de les contraindre d'accepter, de modifier ou d'abandonner leurs revendications ou de contraindre pareillement des salariés d'un autre employeur.

Séquestration: infraction consistant à retenir illégalement et arbitrairement une personne enfermée dans un lieu donné.

Assignation à résidence (à domicile): ordre émanant d'autorité judiciaire ou administrative assignant une partie au procès de demeurer dans sa résidence, au lieu d'ordonner sa détention en prison.

Libération sous caution: mise en liberté provisoire d'un inculpé, en attente du procès, à condition qu'il présente une sûreté personnelle ou paie une certaine somme d'argent pour garantir sa comparution au jour de l'audience. La personne libérée sous caution peut être assujettie au contrôle judiciaire.

Pen. 254

Pen. 255

Jud. 256

Pen. 257

Soc. 258

Pen. 259

Pen. 260
Int.

Pen. 261

Guha icyerekezo ibicuruzwa muri Gasutamo: kunyuzwa ibintu cyangwa ibicuruzwa mu nzira yateganyijwe na Gasutamo, kuvanwaho burundu, gushyirwa mu maboko ya Leta.	Customs approved treatment or use: placing goods under a customs procedure, their destruction and their abandonment to the public Treasury.	Destination douanière: placement de marchandises sous un régime douanier, leur destruction ou leur abandon au profit du Trésor.	Fisc.	262
Guhabwa ubuyobozi: umuhango wo kwinjiza ku mugaragaro umutegets, urugero nk'umukuru w'igihugu cyangwa uwa guverinoma, mu mirimo kugira ngo ayitangire.	Investiture/inauguration: a ceremony at which an incumbent is formally installed in his or her office.	Investiture: cérémonie formelle au cours de laquelle un individu, notamment un chef de l'État ou chef de gouvernement, endosse des fonctions ou une position d'autorité et de pouvoir.	Const.	263
Guhagarara umwanya munini: igihe kirenze icya ngombwa ikinyabiziga kimara gihagaze kugira ngo abantu cyangwa ibintu byinjire cyangwa bisohoke.	Parking: immobilisation of a vehicle during a length of time superior to the time necessary for the embarkation or disembarkation of persons or things.	Stationnement: immobilisation d'un véhicule pendant une durée supérieure au temps nécessaire à l'embarquement ou au débarquement de personnes ou de choses.	Adm.	264
Guhagarika ikurikirana: ingaruka y'igenzuragihombo ituma abishyuzwa uwahombye basabwa guhagarika kumukurikiranaho imyenda ababereyemo.	Suspension of proceedings brought by individual creditors: effect of recovery procedure which halts legal proceeding against the debtor.	Suspension des poursuites individuelles: conséquence de la procédure de redressement judiciaire qui interdit aux créanciers de procéder à des poursuites individuelles contre le débiteur.	Com.	265
Guhagarika ikurikirana ry'urubanza: icyemezo cy'urukiko gihagarika ikurikirana ry'urubanza nta buranisha mu mizi ribayeho.	Nonsuit: a decision of a judge to terminate a legal action without an actual determination of the controversy on the merits.	Non-lieu: décision du juge par laquelle il est décidé qu'il n'y a pas lieu de donner suite à la poursuite engagée, sans qu'il y ait examen au fond.	Pen.	266
Guhagarikwa ku kazi igihe gito: igihano cyo mu rwego rw'imyitwarire kigamije guhagarika umukozi ku kazi igihe gito, kikanatuma atabona umushahara we.	Suspension from work: disciplinary measure of temporary suspension from work resulting into deprivation of salary.	Mise à pied: sanction disciplinaire consistant en une suspension temporaire du contrat de travail et entraînant une retenue du salaire.	Soc.	267
Guhakana ububasha bw'urukiko: ikirego gisaba urukiko kuvuga ko nta bubasha rufite bwo kuburanisha urubanza.	Objection to jurisdiction: to lodge an objection to the jurisdiction of a court.	Déclinatoire de compétence: exception permettant de contester la compétence de la juridiction saisie.	Jud.	268
Guhamagara umuburanyi: kumenyesha umuburanyi ko azitaba urukiko.	Summon (to): to order somebody to appear in a court of law.	Assigner: adresser à l'une des parties une invitation à comparaître devant une juridiction.	Jud.	269

Guhamagaza urubanza rwose: uburyo bw'imiburanishirize y'imanza bwemewe mu bihugu bimwe na bimwe, buha umucamanza waregwe mu rwego rw'ubujurire uburenganzira bwo kuburanisha mu rwego rwa mbere urubanza mu mizi yarwo, mu nyungu z'ubutabera, iyo yaregwe urubanza rubanziriza urundi. Mu Rwanda guhamagaza urubanza rwose ntibiteganyijwe mu mategeko agenga imiburanishirize y'imanza, kuko ateganya ko urubanza rubanziriza urundi rujurirwa gusa iyo urubanza rw'iremezo rwamaze gucibwa.

Guhama umuntu icyaha: kwemeza ko uwaregwa ahamwe n'icyaha gukoze n'umucamanza.

Guhana mu rwego rw'imyitwarire: igikorwa cyo gufatira ibihano umukozi wakoze ibinyuranyije n'amategeko agenga imyitwarire mu kazi.

Guhara umwenda: ukwegurira umwenda ugomba kuwishyura.

Guhatira kugoboka mu rubanza: guhamagaza undi muntu mu rubanza bikoze n'urega cyangwa n'uregwa kugira ngo uwo muntu agire ibyo abazwa cyangwa atazatambamira imikirize y'urubanza yitwaje ko urwo rubanza atigeze arumanya.

Guhendwa: igihombo giterwa n'ikinyuranyo kiri hagati y'inyungu uruhande rumwe mu zagiranye amasezerano rubona cyangwa rugomba kubona n'ak'ibyo ruha cyangwa rugomba guha urundi ruhande. Muri icyo gihe, umucamanza abisabwemo n'uwagize igihombo, ashobora kugabanya inshingano ze akazihuza n'inyungu abona.

Guhetura inzira z'ubujurire zo mu gihugu: ihame ryo mu mategeko mpuzamahanga rivuga ko mbere yo kuregera urukiko mpuzamahanga, urega agomba kubanza kuregera inkiko z'imbere mu gihugu.

Evocation: in some jurisdictions, it is a right of the judge in the court of appeal to examine a case on the first instance, which has been subject to interlocutory decision, in the interest of justice. Currently, evocation is not provided for in Rwanda as rules of procedure prohibit the filing of appeals against interlocutory judgements before the final judgement.

Find guilty (to)/convict (to): a verdict finding that the accused has committed the offence with which he was charged.

Disciplinary action: action of undertaking disciplinary measures against an employee accused of an offence against the code of ethics.

Release of a debt: agreement by which the creditor discharges the debtor from the debt.

Forced intervention: in proceedings, a request by a claimant or a defendant to call upon a person who is not party to the case to intervene and take part in the case so that he or she does not lodge third party opposition later.

Laesio enormis: a prejudice resulting from imbalance between the value of interests that one of the parties to the contract receives or must receive and the value of the services that he has provided or must provide to the other party. In such case, the judge, upon the request of the prejudiced party, may revise his or her obligations in harmony with a reasonable interest.

Exhaustion of local remedies: a rule of international law that requires that before bringing a case before an international judicial organ, the litigant must first seek municipal remedies before domestic courts.

Évocation: pouvoir reconnu au juge d'appel dans certains pays, dans l'intérêt de la justice, de trancher les points non jugés en première instance, lorsqu'il se trouve saisi d'un jugement avant dire droit. L'évocation n'a pas lieu au Rwanda car les règles de procédure en vigueur ne permettent pas d'interjeter un appel contre un jugement avant dire droit avant le jugement définitif.

Déclarer/reconnaître coupable: déclaration par le juge que tel a commis une infraction.

Poursuite disciplinaire: fait de mener une action disciplinaire contre un employé qui a violé le code d'éthique et de déontologie.

Remise de dettes: décharge conventionnelle accordée au débiteur.

Mise en cause: demande en intervention forcée émanant soit du demandeur, soit du défendeur et dirigée contre un tiers dans le but de lui rendre opposable le jugement ou d'obtenir une condamnation contre lui ou pour qu'elle ne fasse pas une tierce opposition.

Lésion: préjudice né du déséquilibre entre la valeur des intérêts que l'une des parties au contrat reçoit ou doit recevoir et la valeur des prestations qu'il a fournies ou doit fournir à l'autre partie. Dans ce cas, le juge, sur demande de la partie lésée, peut réduire ses obligations à l'intérêt normal.

Épuisement des recours internes: principe du droit international selon lequel l'action devant une instance judiciaire internationale ne peut être exercée qu'après l'échec de l'action préalablement intentée devant les juridictions nationales.

Jud. 270

Pen. 271

Adm. 272

Civ. 273

Jud. 274

Civ. 275

Int. 276

Guhindura: kudaha agaciro ingingo zose cyangwa zimwe na zimwe z'urubanza igihe habaye ijirira.

Guhindura ubwenegihugu: uburyo umuntu ahitamo bwo gufata ubwenegihugu bw'ikindi gihugu, bugatuma akenshi umuntu atakaza ubwenegihugu yari asanganywe.

Guhindurira ibicuruzwa uburyo bukoreshwa mu kubitwara: uburyo Gasutamo ikoresha kugira ngo ibicuruzwa, bihagarikiwe na Gasutamo, bipakururwe ku buryo bwakoreshejwe byinjira mu gihugu, bipakirwe ku bundi buryo bukoreshwa bisohoka mu ifasi y'ibiro bya Gasutamo.

Guhirika ubutegets: reba *ihirika ry'ubutegets*.

Guhitamo aho umuntu abarizwa: reba *ahantu umuntu yahisemo kubarizwa*.

Guhoza ku nkeke ugamiye gukora imibonano mpuzabitsina: ibikorwa byose umuntu yakorera undi biganisha ku ishimishamubiri rishingiye ku gitsina yitwaje imirimo ye kandi ubikorerwa atabishaka.

Guhoza undi ku nkeke: gufata umuntu nabi birimo kumubabaza haba ku mubiri cyangwa mu bundi buryo.

Guhuhura: kwambura ku bushake ubuzima umuntu ufite indwara idakira kandi imubabaza cyane kugira ngo adakomeza kubabara bisabwe n'umurwayi cyangwa abamuhagarariye.

Guhumanya ibidukijije: ubwandu buterwa n'imyanda, imiti y'ubutabire mibi iva ku bikorwa by'umuntu bishobora guhindura aho umuntu aba bikagira ingaruka mbi ku bidukijije nko ku mibereho y'umuntu, inyamaswa, ibimera n'isi atuyeho.

Reversal of judgement: act or instance of changing or setting aside, partially or in whole, a court's decision by a higher court.

Naturalisation: a legal process by which a person acquires a new nationality which often leads to the loss of the nationality of origin.

Transshipment: a customs procedure under which goods are transferred under customs supervision from the importing means of transport to the exporting means of transport within the area of one customs office which is the office of both importation and exportation.

Putsch: see *coup*.

Choosing a domicile: see *elected domicile*.

Sexual harassment: acts that occurs where someone is subjected to conduct from somebody who untimely suggests sexual intercourse, abusing authority conferred by his or her duties.

Mistreatment / Ill -treatment: treatment of somebody in a cruel or unkind way either physically or morally.

Euthanasia: termination of the life of a person suffering from a painful and incurable illness on his or her demand or relatives'.

Pollution: the contamination caused by waste, harmful biochemical products derived from human activities that may alter man's habitat and cause adverse effects on the environment like man's social well being, animals, flora and fauna and the world he or she lives in.

Réformation: infirmation partielle ou totale d'une décision judiciaire par une juridiction du second degré.

Naturalisation: acquisition volontaire d'une nationalité, qui emporte généralement l'abandon de la nationalité d'origine.

Transbordement: régime en vertu duquel des marchandises sont transférées, sous surveillance douanière, du moyen de transport utilisé à l'importation ou à l'exportation, à un autre, ce transfert étant effectué dans le ressort d'un bureau de douane.

Putsch: voir *coup d'État*.

Election du domicile: voir *domicile élu*.

Harcèlement sexuel: agissement indésiré de toute personne dont le but est d'obtenir des faveurs de nature sexuelle à son profit par abus d'autorité que lui confèrent ses fonctions.

Sérvices: mauvais traitements soit physiques or moraux envers une personne.

Euthanasie: acte qui consiste à provoquer intentionnellement la mort du malade à sa demande ou à la demande des siens, pour mettre fin à ses souffrances.

Pollution: contamination due aux déchets, aux substances chimiques dangereuses dus à l'action de l'homme, susceptible d'altérer le milieu de vie de l'homme et d'avoir un impact négatif à l'environnement comme à la santé, à la sécurité, au bien-être de l'homme, de la flore et de la faune et sur la terre où il habite.

Jud. 277

Civ. 278
Pr.IL.

Fisc. 279

Const. 280

Civ. 281

Pen. 282

Civ. 283

Pen. 284

Adm. 285

Guhunga itegeko: mu mategeko mpuzamahanga areba abantu ku giti cyabo, ni amayeri yo kwikiza itegeko rireba umuburanyi, akoresha mu gihe hari inkiko z'amahanga zifite ububasha bwo kumva ikirego kimwe, umuburanyi agahitamo kujyana ikibazo cye mu rukiko rw'amahanga, kubera inyungu zishingiye ku mategeko areba ikiburanwa cyangwa ay'imiburanishirize atekereza ko azabonera muri urwo rukiko, atabonera mu rukiko rwo mu gihugu cye.

Guhuza ubutaka: uburyo bwo kwegeranya ubutaka kugira ngo ubwo butaka butunganywe kandi bukoreshwe ku buryo bumwe buboneye, mu rwego rwo kubyazwa umusaruro utubutse kurushaho.

Gukemura impaka mu bwumvikane¹: amasezerano hagati y'uwishyurwa n'uwishyurwa bituma uwishyurwa areka gukurikirana ikirego cye, ariko uwishyura na we akemera kandi akubahiriza ibyo uwishyurwa amusaba kugira ngo ikibazo bafitanye gikemuke, babifashijwemo n'umuhuza.

Gukemura impaka mu bwumvikane²: amasezerano hagati ya Gasutamo n'uwakoze icyaha atuma Gasutamo ireka gukurikirana mu nkiko uwayikoreye icyaha, ariko uyu na we akemera kandi akubahiriza ibyo Gasutamo imusaba kugira ngo ikibazo bafitanye gikemuke.

Gukodesha icyo wakodesheje: amasezerano akorwa n'uwakodesheje ikintu iyo na we agikodesheje n'undi muntu.

Gukora ibicuruzwa: umurimo cyangwa igikorwa kijyana no guhindura mu buryo bugaragara ibicuruzwa ku buryo gasutamo ibishyira mu kindi cyiciro, bigahinduka ibicuruzwa bishya bifite izina, imiterere ndetse n'ikoresha bitandukanye n'ibicuruzwa byahinduwe.

Forum shopping: term used in private international law in reference to the practice of litigants having their legal case heard in the court thought most likely to provide a favorable judgement when multiple courts have concurrent jurisdiction over a plaintiff's claims.

Land consolidation: a planned readjustment and rearrangement of small and fragmented land parcels and their ownership, usually applied to form larger plots of land in order to manage the land and use it in an efficient uniform manner, so that the land may give more productivity.

Amicable settlement: a settlement reached between a creditor and a debtor whereby the creditor drops the claim against the debtor, subject to the debtor's acceptance of and compliance with the settlement conditions proposed by a conciliator.

Amicable settlement: a settlement reached between Customs and the offender whereby the former drops the criminal charges against the latter, subject to the offender's acceptance of and compliance with the settlement conditions proposed by Customs.

Sublease: a contract of lease granted by a person who is a lessee of the same property.

Manufacturing: activity involving the substantial transformation of goods that results in a change in the customs classification of a good, thereby becoming in a new and different good with different name, character and use.

Élection de juridiction: choix d'une juridiction en raison des avantages, de procédure ou de fond, qu'on en attend; c'est une pratique de droit international privé qui consiste à saisir, par le plaignant, la juridiction la plus susceptible de donner raisons à ses propres intérêts, par exemple en saisissant la juridiction d'un pays où il sait que son litige sera jugé plus favorablement. Aussi désignée informellement sous l'emprunt à l'anglais "Forum shopping".

Remembrement des terres: aménagement foncier qui consiste à rassembler des portions de terre pour améliorer la structure des exploitations agricoles et donc leur viabilité économique.

Règlement (à l'amiable): résolution d'un conflit qui tend à obtenir un accord entre le débiteur et ses créanciers, avec l'aide d'un conciliateur, sur des délais de paiement et des remises de dettes, afin de favoriser le fonctionnement de l'entreprise.

Règlement à l'amiable: règlement auquel sont parvenus la douane et le contrevenant et selon lequel elle retire les accusations portées contre lui, sous réserve qu'il accepte et remplisse les conditions proposées par elle.

Sous-location: contrat par lequel le locataire d'un immeuble le donne à bail à un tiers appelé sous-locataire ; le premier preneur est dit locataire principal.

Fabrication: activité qui consiste en la transformation des marchandises et qui entraîne le changement dans la classification douanière de ces marchandises, qui fait qu'elles aient un nom, un caractère et un usage différent.

Pr.IL. 286

Civ. 287

Com. 288

Fisc. 289

Civ. 290

Com. 291

Gukorera igihugu mu bwitange: igihe gitegetswe abanyagihugu cyo gukora imirimo ya gisirikare.	National service: a period of compulsory service in the armed forces imposed to citizens of the country.	Service national: sujétion imposée aux citoyens de concourir à la défense de la Nation pendant une certaine période.	Adm.	292
Gukoresha igitinyiro/ Ikoreshegitinyiro: icyaha gikorwa n'umuntu ukoresha igitinyiro cye n'ikimenyane mu nzego za Leta cyangwa iz'abikorera kugira ngo undi muntu abe yafata icyemezo mu nyungu ze cyangwa z'undi muntu akenshi yahawe cyangwa yasezeranyijwe indonke cyangwa gukorera ishimishamubiri rishingiye ku gitsina.	Influence peddling: illegal practice of using one's influence in government or connections (acquaintances) with persons in authority to obtain favors, or preferential treatment for another usually in return for illegal benefit or promise of sexual favour.	Trafic d'influence: délit qui consiste à faire usage de son influence ou de ses connaissances dans les institutions publiques ou privées pour la prise d'une décision pour son compte ou pour le compte d'autrui habituellement moyennant l'offre ou à la promesse d'un avantage illégal ou des actes de nature sexuelle.	Pen.	293
Gukoresha inyandiko mpimbano: icyaha gikorwa n'umuntu azi ko inyandiko ari mpimbano hanyuma akayikoresha ku buryo ubwo ari bwo bwose kugira ngo igire icyo imuhesha.	Use of forgeries: offence of using false instruments or documents with the intention of passing them as if genuine to obtain something.	Usage de faux: infraction consistant à faire usage d'un écrit falsifié en vue de permettre l'obtention du résultat auquel tend normalement sa production.	Pen.	294
Gukoresha itegeko uko rimeze: gukoresha itegeko uko ryanditse nta gushakisha icyo ryaba ryarashatse kuvuga.	Stricto sensu interpretation: interpretation in the strict sense.	Interprétation stricto sensu: interprétation au sens étroit.	Gen.	295
Gukoresha nabi umuntungo wa Leta: icyaha gikorwa n'umuntu wahawe ububasha n'igihugu cyangwa wahawe ubutumwa mu rwego rw'umurimo rusange w'igihugu cyo gukoresha amafaranga ari ku ngengo y'imari ya Leta cyangwa indi mitungo ya Leta ibyo itateganyirijwe cyangwa gukoresha amafaranga ya Leta arenze ayo agenerwa amworohera mu kazi, nta burenganzira.	Misuse of public assets: offense committed by a person entrusted with public authority or charged with a public service mission consisting of using state budget funds or other public assets for purposes other than that for which they were originally intended or spending state budget funds to cover service allowances higher than those he or she is entitled to, without prior authorization.	Abus de biens de l'État: infraction que commet une personne dépositaire de l'autorité publique ou chargée d'une mission de service public consistant à utiliser le budget de l'État ou d'autres biens publics à des fins pour lesquelles ils n'étaient pas prévus ou à dépenser plus de fonds publics que ceux qui avaient été budgétés pour son indemnité de service, sans autorisation préalable.	Pen.	296
Gukoresha undi imibonano mpuzabitsina ku gahato/ Gufata ku ngufu: ugukoresha undi muntu imibonano mpuzabitsina cyangwa ikindi gikorwa gishingiye ku gitsina, uko yaba ikozwe kose, n'icyaba cyakoreshejwe cyose, nta bwumvikane bubayeho, hakoreshejwe imbaraga, iterabwoba cyangwa uburiganya.	Rape: any act of a sexual relations, whatever the means or method used, committed against another person without his or her consent, by use of violence, constraint, threat or deceit.	Viol: tout acte sexuel ou toute pratique basée sur le sexe, faite à une autre personne, quelle que soit sa forme et le moyen utilisé, par violence, contrainte, menace ou ruse sans son consentement.	Pen.	297
Gukuraho icyaha: gutora cyangwa kuvanaho itegeko bituma igikorwa cyafatwaga nk'icyaha gitakaza iyo nyito.	Decriminalization: the adoption or repeal of a legislation the effect of which is that acts or omissions formally considered as criminal are no longer so characterized.	Dépénalisation: opération qui consiste à enlever à un fait son caractère d'infraction pénale.	Pen.	298

Gukuraho icyizere: uburyo abagize inteko ishingamategako batora bagaragariza umukuru w'igihugu ko inteko ishingamategako itagifitiye icyizere umwe cyangwa benshi mu bagize guverinoma cyangwa guverinoma yashyizweho yose uko yakabaye, bigatuma ihatirwa kwegura. Urugero, mu Rwanda umutwe w'Abadepite ushobora gukemanga imikorere ya Guverinoma, iy'umwe cyangwa benshi mu bagize Guverinoma ukoresheje itora ry'icyemezo cyo kubavanaho icyizere.

Gupfundikira iburanisha: gusoza iburanisha, ari byo kuvuga igihe iburanisha riba rirangiye, impande zose mu rubanza zamaze kumvwa n'abaturanyi bavuze ko ntacyo bongera ku byo bavuze.

Gupfundura iburanisha: gutangiza iburanisha, ari byo kuvuga igihe uwareze cyangwa umuhagarariye ahawe ijamba kugira ngo asobanure ikirego cye.

Gupiganisha isoko rya leta: uburyo leta igura, ibikoresho, serivise, cyangwa imirimo ari uko ihaye isoko uwaritsindiye watanze igiciro cyiza kurusha abandi hakurikijwe ibiteganywa mu gitabo gihamagarira abantu gupiganwa.

Gusaba (igikorwa iki n'iki): igihe inzego z'ubutabera zisabye ko imirimo ngombwa igendana n'urubanza ikorwa. Urugero nko gusaba ko hitabazwa umuhanga.

Gusaba umugeni: amasezerano y'ubwumvikane hagati y'imiryango ibiri yemeranya ko, umuhungu n'umukobwa bayikomokamo bazashyingiranwa, iyo miryango yombi ikiyemeza kandi gufasha no guhagarikira ishyingirwa ryabo.

Gusaka: igikorwa cy'umushinjacyaha cyangwa icy'umugenzacyaha ubifitiye uburenganzira cyo kwinjira ahantu afiteye uburenganzira kugira ngo ashakisha ibimenyetso cyangwa ibintu byagaragaza ukuri ku cyaha cyakozwe.

Vote of no confidence/Motion of no confidence: a formal vote by which the members of a legislature demonstrate to the head of state that the elected parliament no longer has confidence in one or more members of the appointed government or the whole government. For example in Rwanda, the Chamber of Deputies may put the performance of Cabinet or of one or several members into question through a vote of no confidence.

Close of pleadings: a stage in the course of pleading after all statements have been made and in case there is no further information to be given by parties, when the pleadings are closed.

Opening of the hearings: hearings are opened at the time when the claimant or his or her representative is given the opportunity to express his or her demand.

Procurement: a process of buying supplies, equipment, services or works for a government department or company whereby the successful bidder is the one offering the lowest price according to the specifications of the tender document.

Request: request by judicial organs for some activities in relation to proceedings to be done. For example, the request for an expert.

Engagement: agreement between two families which agree that a boy and a girl from those families will get married, both families then oblige themselves to assist and patronise the union of the intending spouses.

Search: act of a prosecutor or judicial police officer duly authorized to enter a given premises and search anything that can lead to evidence or help to demonstrate the truth in relation to a committed offence.

Motion de censure: vote au moyen duquel les membres du parlement montrent au chef de l'État que le parlement élu n'a plus confiance en un ou plusieurs membres du gouvernement ou dans tout le gouvernement en place, et le force [le membre ou le gouvernement] à démissionner. Par exemple au Rwanda, la Chambre des Députés peut mettre en cause la responsabilité du Gouvernement ou celle d'un ou plusieurs membres du Gouvernement par le vote d'une motion de censure.

Clôture des débats: fin de l'audience de jugement intervenant après que les parties aient déclaré ne rien vouloir ajouter sur leurs prétentions.

Ouverture des débats: l'ouverture des débats se produit à l'audience des plaidoiries, au moment où la parole est donnée au demandeur ou l'avocat du demandeur.

Adjudication administrative: marché entre l'administration et un particulier dans les conditions de publicité et de concurrence, l'administration vendant au plus offrant ou achetant à celui qui fait le rabais le plus intéressant en respectant le cahier des charges.

Réquisition: réquisition par les organes judiciaires de certaines activités en rapport avec l'affaire. Par exemple, la réquisition d'expert.

Fiançailles: accord, entre les membres des deux familles, qu'un mariage interviendra entre deux personnes, le fiancé et la fiancée, appartenant à ces deux familles et l'engagement des deux familles à aider et à patronner l'union des futurs époux.

Perquisition: fait d'un officier de poursuite judiciaire ou de police judiciaire, dûment autorisé, de pénétrer dans des lieux spécifiés en vue d'y découvrir éventuellement les traces, les indices ou objets permettant d'établir la réalité de l'infraction commise.

Const. 299

Jud. 300

Jud. 301

Adm. 302

Jud. 303

Civ. 304

Jud. 305

Gusangira ubuzima: inshingano ugushyirwa biha abashyiranywe ibahamutseko ryo kubana mu inzu imwe no kuryamana. Mu mimerere imwe n'imwe aho kuba mu nzu imwe bidashoboka kubera impamvu z'akazi cyangwa izindi, abashyiranywe baba basangiye ubuzima iyo bemera kubaho nk'umugabo n'umugore kandi bagafatanyaga mu buzima.

Marital community: one of the aspects of duty of marriage which consists for spouses in living together and having sexual relationship. In some cases where living together is impossible due to professional or other reasons, there is marital community if spouses accept to live as a couple and pursue common projects.

Communauté de vie: un des aspects du devoir de cohabitation imposé aux époux qui comprend l'obligation de résidence commune (communauté de résidence ou de toit) et le devoir de cohabitation charnelle, c'est-à-dire d'avoir des relations intimes (communauté de lit, d'affection). Dans certains cas ou les conjoints ne peuvent pas vivre ensemble pour des raisons professionnelles ou autres, il y a une vie commune s'ils ont la volonté d'être un couple et d'avoir des projets communs.

Civ. 306

Gusebanya: kuvuga ku muntu ikintu kimutesha agaciro mu bandi, bifatwa nk'icyaha mu bihugu bimwe na bimwe, bitewe n'uko bikorewe mu ruhamye cyangwa ahatari ho bigahungabanyaga icyubahiriro cyo cyangwa bigatashyira agaciro umuntu cyangwa itsinda ry'abantu runaka. Mu Rwanda gusebanya ntibigifata nk'icyaha ariko uwashoborweho ashobora kuregera indishyi ashingiye ku mategeko mbonezamubano.

Defamation: publication of an untrue statement, which constitutes an offence in some jurisdictions, made in public or not about a person that tends to lower his or her reputation and honour or those of the community. Defamation has been decriminalized in Rwanda, but the person against whom defamation is done may file a civil action in court based on tort liability.

Diffamation: allégation ou imputation d'un fait, constitutive d'une infraction dans certains pays, selon son caractère public ou non, qui porte atteinte à l'honneur ou à la considération d'une personne ou d'un corps constitué. La diffamation ne constitue plus une infraction au Rwanda, mais elle peut donner ouverture à une action civile devant une juridiction sur base de la responsabilité délictuelle.

Pen. 307

Gusesa amasezerano: gutesha amasezerano agaciro, bikozwe n'urukiko, n'ibyari byamaze gukorwa bikavanwaho kubera ko umwe mu bayagiranye atubahirije inshingano ze.

Cancellation: a court order that a specified bilateral contract should no longer have effect, even retroactive, in case one of the parties did not fulfil his or her obligations.

Résolution: sanction judiciaire consistant dans l'effacement rétroactif des obligations nées d'un contrat synallagmatique, lorsque l'une des parties n'exécute pas ses prestations.

Civ. 308

Gusesa amasezerano y'ubukode: gusesa amasezerano y'ubukode kubera ko uwakodesheje atubahirije inshingano ze, ibyamaze gukorwa bikagumana agaciro. Bikoreshejwe ku masezerano yose yubahirizwa buhoro buhoro.

Forfeiture of lease: cancellation of a lease contract when the tenant is in breach of contract. The term is applicable to all contracts that are executed progressively.

Résiliation du bail: suppression pour l'avenir d'un contrat de bail, en raison de l'inexécution par le locataire de ses obligations. Ce terme s'applique à tous les contrats à exécution successive.

Civ. 309

Gusesagura umutungo: gutagagurira umutungo mu nzira zinyuranye.

Squandering/Dissipation: irrationally wasting the property.

Dilapidation du patrimoine: gaspillage du patrimoine par des dépenses démesurées et irréfléchies.

Civ. 310

Gusezera ku kazi ku bushake: igikorwa, akenshi kiba cyanditse, umukozi agaragarizamo ku buryo budashidikanywaho, ubushake bwe buvuye burundu ku kazi cyangwa kureka manda.

Deliberate resignation: it is normally a written deed by which an employee shows without ambiguity, his or her wish to definitively leave his or her job or mandate.

Démission volontaire: acte, généralement écrit, par lequel une personne marque sa volonté de cesser définitivement ses fonctions ou son mandat.

Adm. 311

Gusezera ku kazi/Kwegura: icyemezo umuntu afata cyo kureka akazi cyangwa manda.

Resignation: a decision by which someone relinquishes a post or mandate.

Démission: acte par lequel on renonce à une fonction ou à un mandat.

Adm. 312

Gusezeranya umuntu ko muzabana: iyo umuntu umwe asezerenyije undi ko bazashyngiranwa.

Gusezererwa nta mpaka: icyemezo umutegetsu ubifitiye ububasha afata cyo kwirukana burundu umukozi ku kazi cyangwa manda.

Gushakira akazi abagashaka: reba *ibiro bihuza abakozi n'abakoresha*.

Gushidikanya birengera ushinjwa: iyo urubanza rwakurikiranywe mu buryo bwose, ntiha gire ibimenyetso nyakuri biboneka byemeza nta shiti abacamanza ko ushinjwa yakoze icyaha koko, uwashinjwaga agirwa umwere.

Gushishikariza gukora icyaha: bumwe mu buryo bw'ubufatanyacyaha bukorwa habayeho gushishikariza umuntu gukora icyaha.

Gushora inyungu: uguhindura inyungu igishoro kugira ngo na zo zibayeho inyungu.

Gushora mu buraya: ibikorwa bihanirwa bigizwe no korohera, kureshya, koshyira cyangwa guhatira undi muntu mukuru cyangwa muto ushaka kumushora mu buraya hagamijwe inyungu.

Gushyikiriza ibyakozwe: uburyo umuntu wacungiraga undi umutungo agaragaza uko yawucunze (ibyinjijye n'ibyasohotse) agamije kumwerekana igisigaye.

Gushyira ibikoresho mu nzu: inshingano isabwa ukodesha yo gushyira mu nzu yakodeshejwe ibikoresho bya ngombwa kugira ngo nyiri inzu yizere ko azishyurwa ubukode. "Umukode udashyira ibikoresho bihagije mu nzu ashobora kwirukanwa, keretse atanze ingwate zihagije zashobora kwishyura ubukode."

Promise of marriage: a declaration that a person will definitely get married to another person.

Automatic resignation: act by which the competent authority decides to definitively expel an employee from post or mandate.

Employment service: see *employment agency*.

In dubio pro reo: any doubt should be resolved in favour of the accused. Where due proceedings can not remove the doubt in the minds of the Judge(s) on whether the accused really committed the offence or not, he or she should be acquitted.

Instigation: one of the forms of complicity consisting of inciting others to commit an offence.

Capitalisation: converting creditor's interests into capital in order to generate new interest.

Procuring or forcing prostitution: offences committed by those who profitably facilitate, induce or force some other people (adult or minor) to become prostitutes or to engage in sexual activity.

Rendering of accounts: a procedure by which the person who manages another person's property accounts for such management indicating revenue and expenses.

Furnishings: obligation of a tenant to furnish the leased house with enough furniture in order to secure payment of the rent. "A tenant, who does not furnish the house with enough furniture, may be ejected, unless he or she gives sufficient security to answer for the rent."

Promesse de mariage: assurance que donne une personne à une autre de l'épouser.

Démission d'office: acte écrit par lequel une personne est rayée, sur décision de l'autorité compétente, à titre définitif, de l'effectif du personnel ou est forcée de cesser son mandat.

Placement: voir *bureau de placement*.

In dubio pro reo: le doute profite à l'accusé. Si une instruction aussi complète que possible n'est pas parvenue à lever le doute sur la culpabilité, le prévenu doit être acquitté.

Instigation: une des modalités de la complicité qui consiste à pousser une personne à commettre une infraction.

Capitalisation: transformation des intérêts perçus par un créancier en capital, en vue de la production de nouveaux intérêts.

Proxénétisme: activité délictueuse de celui qui, de quelque manière que ce soit favorise, incite ou contraint une personne à se prostituer pour en tirer profit.

Reddition de comptes: procédure consistant pour celui qui gère les intérêts d'autrui (le rendant) à présenter à celui auquel il est dû (l'oyant) l'état détaillé de ce qu'il a reçu ou dépensé dans le but d'arriver à la fixation du reliquat (débet).

Garnissement: obligation imposée au locataire de garnir de meubles suffisants le local loué afin de garantir le paiement du loyer. « Le locataire qui ne garnit pas la maison de meubles suffisants peut être expulsé, à moins qu'il ne donne des sûretés capables de répondre du loyer. »

Civ. 313

Adm. 314

Soc. 315

Jud. 316

Pen. 317

Com. 318

Pen. 319

Civ. 320

Civ. 321

Gushyira mu mwanya: gushyira umuntu mu mwanya w'akazi cyangwa kumushyira kuri lisiti y'itora.	Nomination: an official suggestion of someone as a candidate in an election or for a job.	Nomination: nommer une personne à un poste de travail ou comme candidat aux élections.	Adm.	322
Gushyira umukono ku masezerano asanzwe ateguye: reba <i>amasezerano asanzwe ateguye</i> .	Adhesion: see <i>standard form contract or adhesion contract</i> .	Adhésion: voir <i>contrat-type ou contrat d'adhésion</i> .	Civ.	323
Gushyira umukono ku masezerano mpuzamahanga: uburyo bwo gushyira umukono ku masezerano mpuzamahanga nyuma yo kuyajyaho impaka ariko akaba agomba kubanza kwemezwa burundu kugira ngo agire ingufu z'itegeko ku bihugu byayemeye.	Signing of treaty: a formal and official expression of provisional consent to an international convention subject to ratification or acceptance or approval to have the binding force.	Signature des traités: formalité qui constate un accord provisoire intervenu au terme de la négociation sur le texte d'une convention internationale mais qui doit être soumis à une ratification pour avoir une force contraignante.	Int.	324
Gushyira umuntu ho icyaha: Gushinja cyangwa guherereza umuntu ho icyaha cyangwa ikindi gikorwa kibujijwe n'amategeko.	Incriminate: to charge or inculcate somebody with an offence; to expose to an accusation or charge of crime; to involve oneself or another in a criminal prosecution or the danger thereof.	Incriminer: accuser quelqu'un d'une infraction, d'un acte répréhensible, le lui imputer.	Pen.	325
Gushyira umuntu ho igikorwa: ubushobozi bwo gushyira igikorwa ku mutwe w'uwigikoze bityo akaba yakiryoze.	Imputability: the possibility of ascribing an act to the person who committed it and give rise to his or her liability.	Imputabilité: aptitude à mettre un fait sur le compte de celui qui l'a commis et ainsi entraîner sa responsabilité.	Pen.	326
Gushyiraho umukono w'ingereka: gushyira umukono ku nyandiko z'amategeko zashyizweho umukono na Perezida wa Repubulika cyangwa Minisitiri w'Intebe, bikozwe n'abagize Guverinoma barebwa n'ishyirwa mu bikorwa ry'ibikubiye muri iyo nyandiko, kugira ngo bagaragaze ko biyemeje kubishyira mu bikorwa.	Countersign: for government members responsible for the implementation of an act already signed by the President of the Republic or Prime Minister, to sign beside the head of State or head of Government's signature to confirm their commitment to observe the act.	Contresigner: s'agissant des membres du gouvernement responsables de la mise en exécution d'un acte signé par le chef de l'État ou le chef du gouvernement, apposer un contreseing à côté de la signature principale, pour marquer leur engagement au respect dudit acte.	Const.	327
Gusiba ikirego: igihano cyo gusiba ikirego ku rutonde rw'ibirego bigomba gusuzumwa n'urukiko iyo uwareze atitabye nta mpamvu ifatika.	Dismissal of action: a sanction of striking a suit from a role in case the claimant does not appear in court without a valid reason.	Radiation (d'une affaire du rôle): sanction consistant à effacer l'affaire sur la liste des affaires en cours lorsque le demandeur ne comparait pas sans motif valable.	Jud.	328
Gusonerwa: icyemezo gitangwa n'inzezo z'ubuyobozi cyangwa itegeko gikuriraho umuntu ibyo yasabwaga kuzuzamubere yo kugira igikorwa akora, guhabwa uburenganzira bwo guhindura irangamimerere ye cyangwa gushyirwa mu mwanya runaka w'umurimo.	Discharge/Dispensation: exemption of requirements as to substance or form, ordered by the public authority or by law, to benefit a person before his or her making an act, or changing his or her legal status, or being appointed to take up an official job position.	Dispense: exemption d'une condition de fond ou de forme accordée par les pouvoirs publics ou par la loi, à une personne avant la conclusion d'un acte, l'attribution d'un état ou d'une fonction.	Civ.	329

Gusorera ibicuruzwa kugira ngo bishobore gukoreshwa mu Gihugu: uburyo bw'imenyekanisha ry'ibicuruzwa byatumijwe mu mahanga butuma birekurwa kugira ngo bikoreshwe ku butaka Gasutamo ikoreraho ari uko bimaze gutangirwa imisoro n'amahoro no kuzuza ibindi byangombwa bisabwa.

Gusubika urubanza: icyemezo cy'urukiko cyo kwimurira iburanisha ry'urubanza ku wundi munsu.

Gusubiramo amasezerano: kongera kwandika amasezerano hakuwemo amakosa yari yakozwe mbere, nta kindi gihindutse.

Gusubiramo urubanza: reba *gusubirishamo urubanza ingingo nshya*.

Gusubirana uburenganzira bwo gutunga ikitimukanwa: ikirego cy'umuntu wambuwe uburenganzira bwo gutunga umutungo utimukanwa, kigamije gusubirana ubwo burenganzira.

Gusubirana umutungo bwite: icyo abashyingiranywe bagabana umutungo basangiye, buri wese abanza gukuramo ibintu bya bwite mbere y'uko bagabana.

Gusubirishamo urubanza ingingo nshya: uburyo bwo kujurira budasanzwe bugamije gusaba ko urubanza rwaciwe burundu ruvanyaho hakongerwa gusuzumwa bundi bushya uko ibintu byagenze n'uko amategeko abiteganyaga.

Gusubiza agaciro: gutanga amakuru y'inyongera kugira ngo icyari cyakozwe nabi gisubizwe mu nzira nziza cyangwa se gukora ikintu iki n'iki cyangwa gutegura inyandiko iyi n'iyi kugira ngo ibyari byarakozwe binyuranyije n'amategeko bikosorwe biyubahirize.

Gusubizwa ibyishyuwe bitagombwa: gusubiza ibyo umuntu yari yishyuwe atagombaga kwishyurwa.

Clearance for home use: customs procedure which provides that imported goods enter into free circulation in the customs territory upon the payment of any import duties and taxes chargeable and the accomplishment of all the necessary customs formalities.

Adjournment: postponement or suspension of the hearing of a case until a future date.

Republication of an act: re-execution or re-establishment of a voidable document with the aim of validating it.

Case review: see *application for review*.

Possessory action: remedy by means of which a person deprived of an enjoyment over an immovable demands the restitution of his or her possession or enjoyment.

Recovery of personal property: in case of liquidation of the community regime, each of the spouses has the right to retain possession of personal property before dissolution.

Application for review/Case review: extraordinary means of appeal, which seeks to have a final judgement vacated and rededicated on the facts and the law.

Regularisation: action of introducing additional information in order to solve an ill-posed problem or making an act or a document lawful.

Return of payment made in error: recovery of sums paid by mistake.

Mise à la consommation: régime douanier qui permet de mettre des marchandises importées en libre pratique sur le territoire douanier une fois les taxes et droits à l'importation applicables payés et toutes les formalités nécessaires remplies.

Remise, adjournement, suspension (de séance): décision judiciaire au terme de laquelle une affaire est renvoyée à une audience ultérieure.

Réfection d'un acte: confection d'un nouvel acte instrumentaire de même contenu que le précédent, mais purgé de ses vices.

Révision: voir *recours en révision*.

Réintégrande: action possessoire accordée au possesseur ou au détenteur victime d'une voie de fait accompagnée ou non de violence.

Reprises/Reprise des propres: lors de la liquidation de la communauté, lorsque chaque époux reprend, avant le partage des biens communs, ses biens propres qui se retrouvent en nature lors de la dissolution.

Recours en révision: une voie de recours extraordinaire tendant à faire rétracter une décision passée en force de chose jugée pour qu'elle soit à nouveau statuée en fait et en droit.

Régularisation: mise en conformité d'un acte juridique ou d'un acte de procédure avec les prescriptions légales additionnelles, opérant validation de l'acte originellement entaché de nullité.

Répétition de l'indû: remboursement de ce qui a été payé sans cause.

Fisc. 330

Jud. 331

Civ. 332

Jud. 333

Civ. 334

Civ. 335

Jud. 336

Civ. 337

Civ. 338

Icyemezo cyo gufungwa: icyemezo gishyirwaho umukono n'umucamanza n'umwanditsi w'urukiko, iyo nyuma y'iburanisha, umucamanza abona ukurikiranyweho icyaha ufunze, agomba gukomeza gufungwa kubera impamvu zikomeye zituma akekwa icyaha.	Order for preventive detention: order signed by a judge and a court registrar, if after the hearing the judge is of the view that the accused who is detained should remain in custody because of convincing facts that the suspect has committed an offence.	Ordonnance de mise en détention: titre de détention signé par un juge et contresigné par un greffier lorsque, à l'issue d'une audience, le juge estime que l'inculpé sous mandat d'arrêt doit rester en détention en raison d'indices sérieux de culpabilité qui pèsent sur lui.	Pen.	557
Icyemezo cy'ubuhamya: icyemezo cy'uko amagambo yavuzwe n'umuntu ari ukuri, abanje kurahirira ko avugisha ukuri kandi bikaba byakorewe imbere y'umuyobozi ubifitiye ububasha, icyo cyemezo kikifashishwa nk'ikimenyetso mu rubanza.	Affidavit: a sworn written statement of evidence used mainly to support certain applications and, in some circumstances, as evidence in court proceedings.	Affidavit: certificat de déclaration faite sous serment devant une autorité compétente (en général étrangère) et présenté pour servir de preuve devant une juridiction.	Jud.	558
Icyemezo cy'ubuvumbuzi: icyemezo gitangwa n'inzege z'ubutegetsi zibifitiye ububasha giha umuntu uburenganzira bwo gukoresha wenyine ikuntu yavumbuye mu gihe kigenwe.	Patent: deed issued by public authorities giving a person a temporary exclusive right to enjoy proceeds of his or her invention.	Brevet (d'invention): titre délivré par les pouvoirs publics, conférant un monopole temporaire d'exploitation sur une invention à celui qui la révèle.	Civ.	559
Icyemezo cy'ubuyobozi: icyemezo cyafashwe n'urwego rw'ubuyobozi.	Administrative act: act or decision taken by the administration.	Acte administratif: décision prise par une autorité administrative.	Adm.	560
Icyemezo cy'ugushyingirwa: icyemezo gitangwa n'umukozi ubifitiye ububasha kigaragaza ko umuntu yashyingiwe hakurikijwe amategeko.	Certificate of marriage: document issued by the civil status officer, certifying that a person is legally married.	Certificat de mariage: acte par lequel l'officier de l'état civil compétent atteste l'existence d'un mariage civil.	Civ.	561
Icyemezo cy'umutungo: icyemezo gitangwa n'umukozi wa Leta ubifitiye ububasha kigaragaza uburenganzira umuntu afite ku mutungo uyu n'uyu.	Certificate of ownership: document that proves a person's ownership of a property and the terms on which he or she owns it.	Certificat de propriété: acte par lequel un fonctionnaire ou un agent public atteste l'existence d'un droit sur une chose ou une valeur.	Civ.	562

Icyemezo cy'umutungo utimukanwa: inyandiko itanga uburenganzira ku mutungo utimukanwa yatanze ku buryo bukurikije amategeko n'ubuyobozi bubifitiye ububasha.

Icyemezo cy'urukiko: icyemezo cyafashwe n'urukiko; icyo cyemezo kigira ingufu nk'iz'itegeko kandi kigomba gushyirwa mu bikorwa.

Icyemezo cy'urukiko nkemurampaka: icyemezo cyafashwe n'umukemurampaka cyangwa inte ko y'abakemurampaka.

Icyemezo gihatira kwishyura: icyemezo kimenyesha ugomba kwishyura umwenda ko agomba kwishyura mu gihe runaka, bitaba ibyo umutungo ugafatirwa.

Icyemezo kireba umuntu ku giti cye: icyemezo cy'ubuyobozi cyerekeye umuntu umwe cyangwa abantu bazwi.

Icyenewabo: igikorwa cy'umuntu ufite ububasha ukoresha ububasha afite agatonesha benewabo, cyane cyane abaha akazi cyangwa izindi nyungu atagendeye ku bushobozi bwabo.

Icyerekezo kimwe: uburyo bwo kugenda mu muhanda butemerera ibinyabiziga kubisikana.

Icyicararo cy'isosiye y'ubucuruzi: aho isosiye y'ubucuruzi ibarizwa hemewe mu mategeko ayishyiraho.

Icyicararo cy'urukiko: aho urukiko rukorera kandi rukahaburanishiriza.

Icyiciro: ibyiciro binyuranye abantu bashyirwamo mu muryango mugari bitewe n'imibereho cyangwa icyo bakora. Urugero: icyiciro cy'abakozi, icyiciro cyo hagati, gicirirtse.

Icyiciro cy'imigabane: itsinda ry'imigabane itanga uburenganzira busa, ibyiza biyana na yo bisa, ibisabwa ndetse n'aho uburenganzira bwayo bugarukira bimwe.

Title deed: a written document granting right to an immovable property delivered according to the law by competent authorities.

Court's ruling: a court's decision in a disputed matter, which has the power of the res judicata and which must be enforced.

Arbitration award: a term referring to a decision taken by an arbitrator or an arbitration tribunal.

Order to pay: court decision ordering the debtor to pay, and failure to do so, leading to seizure of his or her property.

Individual act: administrative decision which has effect on an individual or some identified people.

Nepotism: practice whereby a person with power uses his or her power and gives favour to his or her relatives, especially by giving them jobs or other advantages regardless of their competence.

One-way: moving or permitting movement in one direction only.

Head office: a place of business of a company, as determined by its constitution.

Seat of the court: a place where the court is based and carries on its activities.

Class: division of people in society into groups according to their social status e.g. working class, middle class.

Class of shares: class of shares having the same rights, privileges, limitations and conditions.

Titre de propriété: acte écrit qui contient la reconnaissance du droit de propriété sur un immeuble, établi et émis selon les dispositions légales par l'autorité compétente.

Acte juridictionnel: acte émanant d'une juridiction. Un tel acte possède l'autorité de la chose jugée, la force exécutoire.

Sentence arbitrale: nom donné à la décision rendue par un arbitre ou un tribunal arbitral.

Commandement: acte signifié au débiteur, par l'intermédiaire d'un huissier de justice, l'invitant à payer sous peine de procéder à l'exécution forcée sur ses biens.

Acte individuel: acte administratif visant un individu ou des individus identifiés ou identifiables.

Népotisme: pratique par laquelle une personne qui détient un pouvoir utilise ses pouvoirs pour favoriser les membres de sa famille surtout en les attribuant des postes d'emploi ou d'autres avantages sans tenir compte de leur compétences.

Sens unique: circulation routière qui impose de rouler sur une route dans un seul sens.

Siège social: lieu statutaire qui constitue le domicile d'une société.

Siège du tribunal: lieu où le tribunal mène ses activités et tient ses audiences.

Classe: catégorisation des gens dans une société donnée en fonction de leur statut ou condition sociale. Ex. la classe ouvrière, la classe moyenne.

Catégorie d'actions: un groupe d'actions jouissant des mêmes droits, mêmes privilèges, mêmes limites et mêmes conditions.

Civ. 563

Jud. 564

Jud. 565

Jud. 566

Adm. 567

Adm. 568

Adm. 569

Com. 570

Jud. 571

Soc. 572

Com. 573

Icyifuzo cy'amasezerano: icyifuzo kigaragajwe n'umuntu asaba undi ko bagirana amasezerano.	Offer: expression of willingness to make a contract.	Offre: fait par lequel une personne propose à un tiers la conclusion d'une convention.	Civ.	574
Icyifuzo cyo gukuraho icyizere: itora rikorwa n'Umutwe w'Abadepite rigamije kuvanaho icyizere kuri Guverinoma cyangwa bamwe mu bayigize.	Vote of no confidence/Vote of censure: a vote taken by the Chamber of Deputies censuring the Cabinet or some of its members.	Motion de censure: proposition de la Chambre des Députés mettant en cause la responsabilité du gouvernement ou certains de ses membres et la confiance que les députés lui accordent.	Const.	575
Icyifuzo mpuzamahanga: umwanzuro ufatwa n'umuryango mpuzamahanga ariko ibihugu ugenewe bikaba bidafite inshingo yo kuwushyira mu bikorwa.	Recommendation: a resolution reached by an international body, which, strictly speaking, has no binding effect on member states.	Recommandation: résolution d'un organe international, dépourvue en principe de force obligatoire pour les États membres.	Int.	576
Icyimukanwa: gishobora kwumurwa. Reba umutungo wimukanwa.	Movable: capable of being moved. see <i>movable property</i> .	Meuble: qui peut être déplacé. Voir <i>bien meuble</i> .	Civ.	577
Icyitso: umuntu, ufasa cyangwa wunganira mu itegurwa cyangwa mu ikorwa ry'icyaha, ariko ntabe ari we ubwe ukora icyaha; usembura undi cyangwa umuha amabwiriza yo gukora icyaha.	Accomplice: person who, by help or assistance facilitates the preparation or the commission of an offence, but does not qualify under the three constitutive elements of an offence; provokes or gives instructions for its commission.	Complice: personne qui, par aide ou assistance, facilite la préparation ou la consommation d'une infraction sans en réaliser lui-même les éléments constitutifs; provoque une infraction ou donne des instructions pour la commettre.	Pen.	578
Icyizere ndakuka: ihame mpuzamahanga rivuga ko igihugu kiri mu rubanza kidashobora guhindura umurongo cyari cyafashe mbere kandi cyari cyawijeje ikindi gihugu.	Estoppel: a principle of international law preventing a State from asserting a claim inconsistent with what was previously stated, especially when it has been relied upon by others.	Estoppel: règle de droit international interdisant un État partie à un procès à ce qu'il puisse contredire une position qu'il a prise antérieurement et dans laquelle les tiers avaient placé leur légitime confiance.	Int.	579
Icyuho mu ngengo y'imari: umubare w'amafaranga asohoka mu ngengo y'imari, arenze ku mafaranga yinjira mu ngengo y'imari.	Budget deficit: the amount of budgetary expenditure, defined as a surplus to budgetary revenues.	Déficit budgétaire: montant des dépenses budgétaires, non couvertes par le montant des recettes budgétaires.	Fin.	580
Icyumba cy'iburanisha: icyumba cy'urukiko kiburanishirizwamo imanza.	Courtroom: room in which trials or other legal cases are held.	Auditoire: local des cours et tribunaux où se tiennent les audiences.	Jud.	581
Icyumba cy'inama: aho abacamanza basuzumira imanza zimwe na zimwe zidasaba kuburanishiriza mu ruhame no kuvuguruzanya kw'ababuranyi.	Meeting chamber: place where judges meet to decide some specific issues which do not require public hearing and debate.	Chambre du conseil: lieu où les juges siègent pour statuer sur certaines affaires qui ne nécessitent pas la publicité et la contradiction des débats.	Jud.	582
Ideni: umwenda w'amafaranga umuntu abereyemo undi.	Debt: sum of money owed by a person to another.	Dette: somme d'argent qui est due.	Civ.	583
Idosiye: inyandiko zinyuranye, izikoresheya mu miburanishirize y'imanza, iz'imikirize y'imanza ndetse n'izindi nyandiko zose zerekera n'urubanza rwashyikirijwe urukiko zikubiye mu kintu kimwe.	File: set of legal documents, procedures and judgements and any others all of which contained in a single lawsuit.	Dossier: ensemble des documents, actes de procédure, jugements relatifs à un litige ouvert devant une juridiction.	Jud.	584

Ifaranga: uburyo bukoreshwa mu kwishyura bwemewe kandi bwumvikanyweho n'abaturage batuye ahantu hamwe.

Ifaranga ryemewe: ifaranga ryemewe n'amategako mu gihugu, rigomba kwemerwa iyo ritanze mu kwishyura umwenda.

Ifasi: imbibi z'aho urukiko rufitiye ububasha.

Ifasi y'u Rwanda: ubusesure bw'ubutaka, inzuzi, ibiyaga, ikirere bya Repubulika y'u Rwanda kugeza ku mbibi zayo na za ambasade z'u Rwanda mu bindi bihugu.

Ifatabugure: amafaranga yishyurwa n'umuguzi akayaha ugurisha mu gihe bumvikana ku masezerano, baramuka baguze amafaranga agaherwaho mu kwishyura igiciro. Reba *avansi; imbanzirizabwishyu*.

Ifatanyabirego / Ifatanyamanza: icyemezo cy'urukiko cyo kuburanishiriza hamwe imanza (ibirego) ebyiri cyangwa nyinshi kubera ko zifite icyo zihuriyeho.

Ifatira¹: igikorwa cy'ubuyobozi cyo gukoresha ibikoresho cyangwa imitungo y'abantu ku giti cyabo, byaba ibyimukanwa cyangwa ibitimukanwa, hatabanje kubaho kubagisha inama.

Ifatira²: inzira yo kurangiza urubanza ku ngufu, iyo imitungo y'ugomba kwishyura ishyizwe mu maboko y'ubuyobozi kugira ngo igurishwe haboneke ubwishyu.

Ifatirabwishyu: uburyo bwo kurangiza urubanza ku gahato hafatirwa ibintu by'umuburanyi watsinzwe, bigatezwa cyamunara.

Ifatiragurisha: reba *ifatirabwishyu*.

Currency: money in any form when in actual use as a medium of exchange, especially circulating paper money.

Legal tender: money or currency officially approved in a country for payment which must be accepted if offered in payment of a debt.

Territorial jurisdiction: a geographic territory within which the jurisdiction of a court is exercised.

Rwandan territory: the land, rivers, lakes and air space contained within the limits of boundaries of the Republic of Rwanda as well as Rwandan Embassies in other countries.

Earnest money/Good faith money: deposit of money into an account by a buyer to show that he or she has the intention of completing the deal. See *advance; down payment*.

Joinder of causes of action/ Consolidation of cases: combination in the same proceedings of several causes of action or several charges that have a link in the same indictment.

Requisition: administration's act of formally requiring someone to perform some actions or provide movable or immovable property for use.

Seizure: action of enforcing a judgement by legal authority for recovery of a debt, by seizing property belonging to the debtor under a warrant of execution.

Execution seizure: way of compulsory execution of a judgement by which the property of a losing party is seized to be sold in public auction.

Judicial sale: see *execution seizure*.

Monnaie: instrument légal de paiement spécialisé et accepté de façon générale par les membres d'une communauté en règlement d'un achat, d'une prestation ou d'une dette.

Cours légal: valeur reconnue par l'État de la monnaie officielle en circulation qui doit être acceptée si elle est offerte en paiement d'une dette.

Ressort: circonscription territoriale dans laquelle s'exerce la compétence d'une juridiction.

Territoire rwandais: espace terrestre, fluvial, lacustre, aérien compris dans les limites des frontières de la République du Rwanda et les ambassades du Rwanda dans d'autres pays.

Arrhes: somme d'argent imputable sur le prix total, versée par le débiteur au moment de la conclusion du contrat et constituant un moyen de dédit. Voir *avance; acompte*.

Jonction d'instances: mesure d'administration judiciaire par laquelle une juridiction décide d'instruire et de juger en même temps deux ou plusieurs instances unies par un lien étroit de connexité.

Réquisition: procédé permettant à l'Administration, de contraindre les particuliers à lui accorder leurs services sur l'usage de meubles ou d'immeubles.

Saisie: voie d'exécution forcée par laquelle un créancier fait mettre sous la main de justice les biens de son débiteur, en vue de les faire vendre aux enchères publiques et de se payer sur le prix.

Saisie-exécution: procédé d'exécution forcée d'un jugement par lequel les biens de la partie perdante sont saisis pour les faire vendre aux enchères publiques.

Saisie-vente: voir *saisie exécution*.

Civ. 585

Fin. 586

Jud. 587

Adm. 588

Civ. 589

Jud. 590

Adm. 591

Jud. 592

Jud. 593

Jud. 594

Ifatira ngaruzamutungo: uburyo nyiri ikintu cyimukanwa gifitwe n'undi akoresha kugira ngo agishyire mu maboko y'ubutabera agishingane ngo kitononekara mu gihe agitegereje kuzongera kugisubirana no kugitunga mu bwisanzure.	Seizure of recoverable property: a procedure whereby the person having a right to recover movable property which is held by a third party attempts to have the property in the custody of the court in order to ensure its preservation, until he/she will be able once again, to enjoy it.	Saisie revendication: procédure par laquelle le titulaire d'un droit de suite sur un meuble corporel détenu par un tiers tend à le faire placer sous la main de la justice pour en assurer la conservation, en attendant qu'il soit à même de jouir à nouveau des prérogatives que lui confère son droit.	Jud.	595
Ifatira rya gasutamo: icyemezo cya Gasutamo cyo gufatira ibicuruzwa cyangwa inyandiko bifitanye isano n'icyaha hakurikijwe amategeko ariho.	Seizure by customs: a decision taken by Customs in accordance with the provisions in force whereby it takes possession of goods or documents involved in the customs offence.	Saisie douanière: décision adoptée par les douanes conformément aux dispositions en vigueur de prendre possession de marchandises ou de documents se rapportant à une infraction douanière.	Fisc.	596
Ifatira ry'agateganyo: ifatira ry'umutungo w'uregwa rikorwa mbere y'uko urubanza ruba rigamije gutuma uwo mutungo utarigiswa.	Attachment: action of seizing property in anticipation of a favorable ruling for a plaintiff who claims to be owed something by the defendant in order to prevent its transfer.	Saisie conservatoire: saisie qui a pour effet de rendre indisponible tout ou partie des biens du débiteur qui sont, ainsi, mis à l'abri de détournement possible.	Jud.	597
Ifatira ry'ibintu bitimukanwa: ifatira ry'ibintu bitimukanwa kugira ngo bitezwe cyamunara maze uberwemo umwenda yishyurwe.	Seizure of immovables: a seizure aimed at selling an immovable property at public auction to recover a debt.	Saisie immobilière: saisie qui vise à faire vendre aux enchères publiques un bien immobilier pour récupérer une créance.	Jud.	598
Ifatira ry'ibintu by'umugenzi: ugufatira by'agateganyo ibintu by'umugenzi urimo undi umwenda kandi udatuye mu Karere cyangwa Umujyi uwo abereyemo umwenda atuyemo.	Seizure of the property of an itinerant: a provisional seizure of the property of an itinerant debtor and who does not reside in the District or Town of the creditor's residence.	Saisie foraine: saisie conservatoire dont le but est de placer sous la main de justice les effets appartenant à un débiteur de passage, étranger au District ou dans la Ville où demeure le créancier.	Jud.	599
Ifatira ry'ibintu byimukanwa: ifatira ry'ibintu byimukanwa hagamijwe kwishyura uberwemo umwenda.	Seizure of movables: seizure aimed at seizing movable property in order to pay the creditor.	Saisie mobilière: saisie qui vise à saisir les biens meubles du débiteur en vue de rembourser le créancier.	Jud.	600
Ifatira ry'ibyimukanwa by'utishyuye ubukode: ifatira ry'agateganyo riha nyiri ubukode uburenganzira bwo gushinganisha mu buyobozi no kuzagurisha, urubanza rumaze gucibwa, ibintu biri ahakodeshejwe.	Seizure of a tenant's property: a seizure before judgement, intended to protect the lessor, by allowing him or her to have the property in the rented premises placed under the control of the court and ultimately sold after the final judgement.	Saisie-gagerie: saisie conservatoire destinée à protéger le bailleur en lui permettant de placer sous la main de la justice et de faire vendre, après jugement définitif, les objets garnissant les lieux loués.	Jud.	601
Ifatira ry'imyaka itarasururwa: ifatirabwishyu ry'imbuta ziri ku mashami cyangwa imyaka ikiri mu murima mbere yo gusarurwa.	Seizure of crops: a seizure in enforcement covering fruits, which are attached to the branches or by roots before their harvesting.	Saisie brandon: saisie-exécution qui porte sur les fruits pendants par branches ou par racines avant leur récolte.	Jud.	602

Ifatira ry'inyungu ziturutse ku byeguriwe undi cyangwa ry'amafaranga ya pansiyu: uburyo uberewemo umwenda afatira mu maboko y'undi muntu weguriwe ibintu n'umubereyemo umwenda ngo aje amuha inyungu ihoraho agamije kuzishyurwa n'uwo muntu wundi, inyungu z'ibyo yeguriwe cyangwa amafaranga ya pansiyu byageze igihe cyo kwishyurwa, n'ibitegereje igihe cyo kwishyurwa.

Ifatira ry'umwenda w'ubucuruzi: ifatira rikorwa mu nyungu z'ufite urwandiko rw'ubucuruzi rutegeka urimo umwenda kwishyura, urwandiko nsezeranyabwishyura cyangwa rwa shekibitishyuriwe igihe kandi byakorewe inyandikomvaho ihamya ko bitishyurwa; irikorwa mu nyungu z'uberewemo umwenda ushingiyeye ku gikorwa cy'ubucuruzi, mu gihe cyose bigomba kwihutishwa, umwenda upfa gusa kuba werekeye iby'ubucuruzi, n'ubwo uberewemo umwenda ashobora gutegekwa gutanga ingwate.

Ifatira tamba mabwari agateganyo: ifatira rikorwa uberewemo umwenda asaba undi muntu ufite amafaranga cyangwa ibintu by'umubereyemo umwenda kubigumana, kugira ngo bidasubizwa nyirabyo.

Ifatwa: igikorwa cyo gufata umuntu hakoreshejwe ingufu kugira ngo yitabire inzego z'ubutabera.

Ifite ubuzima (inda, umwana uri munda): bivugwa ku nda irimo umwana uzavuka ari muzima kandi ushobora kuzabaho.

Ifoto y'umutungo: imbonerahamwe ngarukamwaka igizwe n'ibice bibiri igaragaza, hakoreshejwe imibare, umutungo nyakuri n'umyenda by'ikigo runaka.

Seizure of income: means of enforcement whereby a creditor stops and seizes in the hands of a third party, debtor of income, the right to interests and pension and due or future arrears.

Commercial seizure: a seizure made in favour of: the bearer of a bill of exchange, a promissory note or an unpaid cheque at maturity, and that were confirmed to have not been paid; a creditor whose right is based on a legal commercial transaction, in all cases which require expedition, on condition that the debt be of a commercial nature, although security may be required from the creditor.

Provisional seizure by garnishment: a seizure by which a creditor makes money or movable property belonging to the debtor, but which are still in the hands of a third person be held in trust in order to prevent their transfer.

Arrest: the actual restraint of a person, committing or suspected of having committed a crime, with a view to appear before justice.

Viable (foetus): refers to a foetus capable of developing and surviving.

Balance sheet: annual document showing the difference between two columns of an account, i.e. assets on one side and liabilities on the other.

Saisie des intérêts des biens cédés ou des rentes: voie d'exécution par laquelle un créancier arrête et saisit, entre les mains d'un tiers débiteur de rente, le droit à cette rente et les arrérages échus ou à échoir.

Saisie commerciale: saisie conservatoire opérée en faveur: du porteur d'une lettre de change, d'un billet à ordre ou d'un chèque impayé à l'échéance et couvert par un protêt régulier; d'un créancier dont le droit est né à l'occasion d'un acte de commerce dans tous les cas qui requièrent célérité, à condition que la créance soit commerciale encore qu'une caution puisse être exigée du créancier.

Saisie-arrêt conservatoire: saisie par laquelle un créancier fait retenir les sommes ou effets mobiliers appartenant à son débiteur mais qui se trouvent encore entre les mains d'un tiers, pour s'opposer à leur remise.

Arrestation: fait d'appréhender une personne, en ayant recours à la force si besoin est, en vue de sa comparution devant une autorité de justice.

Viable (foetus): se dit d'un enfant qui au moment de sa naissance est apte à vivre.

Bilan: document annuel de synthèse en forme d'état chiffré qui se présente sous la forme d'un tableau dont l'actif représente les biens de l'entreprise et le passif les éléments de son endettement.

Jud. 603

Jud. 604

Jud. 605
Jud.

Pen. 606

Civ. 607

Com. 608

Ifoto y'umutungo ngarukamwaka: uburyo bwo kugereranya imikoreshereze y'ishoramari n'amafaranga ikigo gifite agizwe n'imigabane, impapuro mvunjafaranga, ibicuruzwa n'ibindi bibikomokaho.	Annual return: method for comparing the performance of investments with liquidity, which includes stocks, bonds, funds, commodities and some types of derivatives.	Déclaration annuelle de revenu: méthode de comparer la performance des investissements à l'argent liquide comprenant les actions, les bonds, les fonds, marchandises et autres sortes d'accessoire.	Com.	609
Ifunga: gushyira umuntu muri gereza.	Incarceration: detention of a person in prison.	Incarcération : emprisonnement.	Pen.	610
Ifungurwa ry'agateganyo: irekurwa ry'uwakatiwe igihano cy'igifungo mbere y'uko igihe cyacyo kirangira hagamiye kumusubiza mu buzima busanzwe kandi akagira ibyo ategukwa kubahirizwa ari na ko agenzurwa.	Conditional release: release from prison of a convict before the expiration of his or her term, subject to continued monitoring as well as compliance with certain terms and conditions to emphasize rehabilitation rather than retribution.	Libération conditionnelle: mesure de relâchement anticipée et surveillée du condamné à une peine d'emprisonnement dans le but de sa réinsertion, et cela sous certaines conditions.	Pen.	611
Ifungwa ry'agateganyo¹: reba ifungwa ry'agateganyo ² .	Remand/Provisional custody: see <i>provisional custody</i> .	Incarcération provisoire: voir <i>détention provisoire</i> .	Jud.	612
Ifungwa ry'agateganyo²: uburyo budasanzwe bwo gufunga by'agateganyo ukekweho icyaha mu gihe hagikorwa iperereza. Ukurikiranyweho icyaha ntashobora gufungwa mbere y'urubanza keretse hari impamvu zikomeye zimushinja kandi icyo ashinjwa kikaba icyaha amateguko yateganyirije guhanisha igifungo cy'igihe runaka amateguko akena.	Preventive detention: exceptional measure of detaining an accused person pending investigation. A suspect may be subjected to preventive detention if there are concrete grounds to prosecute him or her and the offence he or she is accused to have committed is punishable with a term of imprisonment determined by law.	Détention provisoire: mesure exceptionnelle d'incarcération d'un inculpé pendant l'instruction. L'inculpé ne peut être mis en état de détention provisoire que s'il existe contre lui des indices sérieux de culpabilité et qu'en outre le fait paraît constituer une infraction que la loi réprime d'une peine d'emprisonnement fixée par la loi.	Jud.	613
Ifungwa ry'ikigo: igihano cy'inyongera gifatiwe ikigo cy'ubucuruzi cyangwa uruganda, bishobora kuba ifungwa rya burundu cyangwa ry'igihe gito.	Closure of a business: a sanction imposed on a business, consisting in its temporary or permanent closure, which may be pronounced separately or in conjunction with another sanction.	Fermeture d'établissement: sanction complémentaire, soit obligatoire, soit facultative, analysée comme une mesure de sûreté, se traduisant par la fermeture temporaire ou définitive d'un établissement industriel, commercial ou civil.	Pen.	614
Igabanyagihano: icyemezo cyo gusimbuza igihano kinini igihano gito kubera ko hatanzwe imbabazi za Perezida wa Repubulika. Ni muri ubwo buryo igihano cyo gufungwa gishobora gusimbuzwa igihano cy'ihazabu.	Commutation of sentence: the modification of a prison sentence by presidential pardon, so as to make the punishment to which a person has been condemned less severe.	Commutation de peine: mesure de remplacement d'une peine par une autre, à la suite d'une grâce présidentielle. Ainsi, une peine privative de liberté peut être commuée en une peine d'amende.	Pen.	615
Igabanywa ry'igihano: icyemezo kigabanya igihe cy'igifungo uwahamwe n'icyaha yagombaga kumara afunzwe.	Remission of sentence: a measure allowing the reduction of a sentence that the convicted person would otherwise spend in prison.	Réduction de peine: mesure permettant de raccourcir la durée de la peine de prison prononcée contre un condamné.	Pen.	616
Igabanywa ry'igihembo: igabanuka ry'amafaranga umwe mu bagiranye amasezerano yagombaga, bitewe n'uko uwagombaga kuyahabwa atakoze ibyo yagombaga gukora cyangwa yabikoze nabi.	Abatement of remuneration: a proportionate reduction of the remuneration to the pro rata of the work done, in the case of deficient or incomplete execution.	Réfaction: diminution de la prestation pécuniaire prévue au contrat en cas d'exécution incomplète ou défectueuse de son obligation par l'autre partie.	Civ.	617

Igabanywa ry'impano z'ikirenga: ikirego gitangwa n'umuzungura agamije kugaruza mu mutungo uzungurwa ikintu nyakwigendera yatanze arengeje ibyo afitiye uburenganzira bwo gutanga.

Igarururubanza: iyo ikibazo cyagombaga gukemurwa n'amategeko y'ikindi gihugu, nyamara amategeko y'icyo gihugu akagarura igisubizo ku itegeko ry'igihugu cy'aho urubanza rwatangiriye.

Igazeti ya Leta: ikinyamakuru cya Leta gitangazwamo amategeko, amateka ya Perezida wa Repubulika, aya Minisitiri w'Intebe, ay'Abaminisitiri n'ibindi byemeko bireba rubanda. Iryo tanganzwa ni ryo rituma bitangira gukurikizwa.

Igemura: ugushyikiriza umuguzi icyo yaguze.

Igena ry'amahoro ya gasutamo: igena ry'umusoro ku byinjira n'ibisohoka.

Igena ry'ibiciro¹: igikorwa cyo kugena igiciro cya buri kintu iyo ibintu byagurishirijwe hamwe ari byinshi (tuvuge nk'igihe ubucuruza bugurishijwe).

Igena ry'ibiciro²: imigenere y'umubare w'amafaranga yishyurwa, cyane cyane urwego rw'ubuyobozi.

Igena ry'ingengo y'imari: igena, hakoreshejwe ingingo y'itegeko rishyiraho ingengo y'imari ya Leta ry'umubare ntarengwa w'amafaranga ikigo kigenerwa ingengo y'imari gishobora gukoresha no kwishyura bitewe n'imirimo cyakorewe mu gihe cy'amezi cumi n'abiri, kuva ku itariki ya mbere Nyakanga kugeza ku ya 30 Kamena y'umwaka ukurikiyeho.

Abatement of donations: a petition by an heir, applying for reduction or cancellation of donations when the testator exceeded the transferable quota.

Remission: refers to the situation when, in case of conflict of laws, one country refers a case to the law of a foreign country, and the law of that country refers the case back to the law of the first country.

Official Gazette: official journal in which legal texts, presidential orders, Prime Minister's Orders, Ministerial Orders and official rules and regulations are published. It is upon publication that they enter into force.

Delivery: act by which the seller transfers goods to the purchaser.

Customs tariff: a charge or toll payable on goods exported or imported.

Separate valuation: action of estimating how much money each part of the property is worth, when the property as a whole (e.g. a business) was sold in bulk.

Tariff/Rate: a schedule of rates of duties imposed by the administration.

Budget allocation: fixing, by a provision of the Finance law of the maximum amount that a budget agency may incur in making commitments and payments for specific purposes during a twelve month period, running from July 1st to June 30th of the following year.

Réduction des libéralités excessives: action par laquelle un héritier réservataire fait rentrer dans la masse successorale un bien dont le défunt avait disposé par libéralité, alors qu'il dépassait la quotité disponible.

Rémission: en cas de conflit de loi, lorsqu'un cas est renvoyé à la loi étrangère, et que cette dernière renvoie à son tour le cas pour l'application de la loi du for.

Journal Officiel: journal de l'État où sont publiés des lois, décrets, arrêtés présidentiels, du Premier Ministre, ministériels et d'autres règlements à portée générale. C'est à cette publication qu'ils entrent en vigueur.

Livraison: délivrance physique de la chose vendue à l'acheteur.

Tarif douanier: tarifs fixés pour les marchandises à exporter ou à importer.

Ventilation: opération consistant, lorsque plusieurs biens sont vendus pour un prix unique (fonds de commerce), à déterminer la partie du prix total correspondant à chacun d'eux.

Tarif: disposition réglementaire fixant le montant de la redevance payée à l'administration.

Dotatation budgétaire: fixation par un article de la loi des finances de la somme maximale qu'une agence budgétaire peut engager dans ses dépenses en effectuant des décaissements pour des objectifs spécifiques au cours d'une période budgétaire de douze mois allant du 1^{er} juillet au 30 juin de l'année suivante.

Civ. 618

Pr.IL. 619

Adm. 620

Civ. 621

Fisc. 622

Jud. 623

Adm. 624

Fin. 625

Igenagaciro: ingingo ishyirwa mu masezerano ashirwa mu bikorwa buhoro buhoro cyangwa azashyirwa mu bikorwa mu gihe kizaza, iyo ngingo ikavuga ko mu gihe cyo kwishyura amafaranga yumvikanyeho ashobora guhinduka hashingiwe ku gipimo cy'ubukungu cyangwa ku gaciro k'ifaranga.

Igenagihe: igihe cyumvikanyeho mu masezerano runaka. "Igenagihe ritandukanye n'inkomyi, mu buryo bw'uko ridasubika inshingano, ahubwo ritinza gusa iyubahirizwa ryayo. Igenagihe ryumvikana iteka ko ryashyirwaho ugomba inshingano..."

Igenamigambi: uburyo bwo guteganya mbere imigambi igendanye n'ubukungu, ku buryo hakorwa gahunda y'ibizinjira n'ibizasohoka mu gihe iki n'iki, hakoreshejwe impapuro z'igenamigambi.

Igenandengo: imbonerahamwe igenderwaho mu kubara cyangwa kugena agaciro k'ikintu iki n'iki.

Igenarutonde rw'abishyuzi: icyemezo cy'urukiko gishyira abishyuzi ku rutonde kugira ngo bagabane ibyavuzwe mu ifatira gurisha ry'umutungo w'ubabereyemo umwenda.

Igenekereza: imitekerereze ituma umuntu agenekereza agahuza ibintu biya gusa.

Igenzura¹: kureba niba igikorwa cyangwa icyemezo gikurikije amategeko.

Igenzura²: inyandiko ishyirwa ku rwandiko rw'abajya mu mahanga yemerera nyirarwo kwinjira no gutembera mu gihugu runaka.

Indexation (index-linkage): a provision of an agreement of successive or future performance which provides for a method of adjusting costs by tying them to an economic or monetary index.

Term: the end or completion of a particular period of time for the execution of a contract. "The word term differs from the condition, because the term does not suspend fulfillment of obligations, but rather extends the period of execution. The term is presumed to be stipulated in favour of the debtor ...".

Planning: action of making economic scheduling by arranging in advance resources and expenses, using documents called plans.

Scale/Rate: a range of values forming a system for measuring or grading something.

Listing of creditors: court's decision listing creditors in a insolvency or bankruptcy case in order to distribute the price of seizure and sale proportionately to their claims.

Analogy (reasoning by): process of reasoning based on the similar features of two things.

Control/review: examination as to the conformity of a decision or a situation with the law.

Visa: official authorization appended to a passport, permitting entry into and travel within a particular country or region.

Indexation: clause d'une convention à exécution successive ou à échéance différée en vertu de laquelle la somme portée sur le titre pourra être modifiée au moment du paiement en fonction d'un indice économique ou monétaire.

Terme: modalité d'un acte juridique faisant dépendre l'exécution ou l'extinction d'un droit d'un événement futur dont la réalisation est certaine. « Le terme diffère de la condition, en ce qu'il ne suspend point l'engagement, dont il retarde seulement l'exécution. Le terme est toujours présumé stipulé en faveur du débiteur ... ».

Planification: procédé de régulation de l'économie qui se propose d'assurer selon une progression croissante, la satisfaction des besoins du pays par une utilisation optimale de ses ressources, au moyen de documents prospectifs appelés plans.

Barème: ensemble de valeurs permettant le mesurage ou rangement de quelque chose.

Collocation: décision du juge déterminant le rang et les droits d'un créancier qui se trouve en concours avec d'autres lors de la répartition du produit des biens saisis entre les mains d'un débiteur commun.

Analogie (raisonnement par): procédé qui consiste à étendre la solution édictée par un texte pour un cas à un cas semblable non prévu par le texte.

Contrôle: vérification de la conformité à une norme d'une décision, d'une situation, d'un comportement, etc.

Visa: autorisation officielle permettant au titulaire d'un passeport sur lequel elle est apposée d'entrer et de voyager dans un pays donné.

Com. 626

Civ. 627

Fin. 628

Gen. 629

Civ. 630

Gen. 631

Gen. 632

Civ. 633
Pr.IL.

Igenzurabitekerezo: uburyo bwo kumenya icyo abaturage batekereza ku kibazo iki n'iki hakoreshejwe kubaza umubare muto w'abaturage.

Poll: a survey of the public or of a sample of public opinion to acquire information.

Sondage: enquête d'opinion permettant au moyen d'un échantillon représentatif de connaître la position des citoyens sur telle question ou telle personnalité.

Const. 634

Igenzura rikorwa na gasutamo: ibikorwa byihariye bikorwa na Gasutamo, nko kugenzura ibicuruzwa, kugenzura ko impapuro za ngombwa ziriho kandi ari umwimerere, kugenzura uburyo bukoreshwa mu gutwara ibintu kimwe n'ubundi buryo bwose bukoreshwa mu rwego rwo kubahiriza itegeko rigenga za Gasutamo.

Customs control: performance of specific acts by Customs, such as examining goods, verifying the existence and authenticity of documents, inspecting means of transport and other similar acts to ensure compliance with customs law.

Contrôle douanier: exécution par les douanes d'actes spécifiques, comme l'examen des marchandises, le contrôle de l'existence et de l'authenticité des documents et l'inspection des moyens de transport et autres actes similaires, afin de s'assurer que la législation douanière est respectée.

Fisc. 635

Igenzura rya gasutamo: imirimo yose ikorwa kugira ngo itegeko rigenga imikorere ya Gasutamo ryubahirizwe.

Customs surveillance: action taken in general by Customs to ensure compliance with customs law; it is synonym of customs surveillance.

Surveillance douanière: actions engagées en général afin de s'assurer que la législation douanière est respectée. Ce terme est synonyme de « contrôle douanier ».

Fisc. 636

Igenzura ry'amategeko yatangajwe: ububasha bw'Urukiko rw'ikirenga bwo kugenzura ko amategeko yamaze gutangazwa atanyuranyije n'itegeko Nshinga.

A posteriori constitutional review: power devolved to the Supreme Court to verify conformity of laws to the Constitution after their publication.

Contrôle a posteriori de la constitutionnalité des lois: pouvoir reconnu à la Cour Suprême de vérifier la conformité des lois à la Constitution après qu'elles aient été publiées.

Const. 637

Igenzura ry'imari: igenzura ry'ibitabo by'ibaruramari by'urwego rwa leta cyangwa rw'abikorera hagamijwe kureba niba ibyo bitabo bicungwa uko amategeko abiteganyaga.

Audit: examination of the books of accounts of a public or private institution to check their conformity with applicable rules.

Audit: vérification de la conformité de la situation (financière) d'une institution publique ou privée aux règles en vigueur.

Fin. 638

Igenzura ry'isokory'ivunjisha: ibyemezo bifatwa na Banki Nkuru bigamije kugenzura uburyo amafaranga y'igihugu yoherezwa hanze, cyangwa se uburyo abanyagihugu batunga amafaranga y'amahanga.

Exchange control: a component of the monetary system under which the Central Bank makes control of the flow of money from or to foreign countries.

Contrôle des changes: ensemble de mesures prises par la Banque Centrale soumettant à des limitations ou à des autorisations les transferts de capitaux et de moyens de paiement à l'étranger, ainsi que la possession d'avoirs en devises par les nationaux.

Fin. 639

Igenzura ry'iyubahirizwa ry'amategeko: ihame rivuga ko igikorwa cyose cy'ubuyobozi kigomba kubahiriza amategeko.

Legal conformity: principle under which the administration only acts in conformity with the law.

Contrôle de légalité: principe selon lequel l'administration ne peut agir qu'en conformité avec la loi.

Adm. 640

Igeragezwa ry'umukozi: igihe umukozi utangiye akazi ahabwa kugira ngo hasuzumwe ubushobozi bwe mu kazi.

Probation: a process or period in which a newly recruited person's capacity for work is tested.

Stage probatoire: période pendant laquelle l'aptitude et la capacité d'une personne qui commence un emploi sont évaluées.

Adm. 641

Igereranyagaciro: kugenekereza agaciro k'ikintu cyimukanwa kigabanywa abantu benshi cyangwa gitezwa cyamunara.

Valuation: estimating the value of movable property that is placed under liquidation or put up for public auction.

Prisée: estimation de la valeur d'objets mobiliers compris dans une liquidation, un partage ou une vente aux enchères.

Civ. 642

Igiciro kiri ku isoko: igiciro ikintu cyagurishwaho hakurikijwe uko gihagaze ku isoko.	Market value: price at which a property can be sold based on the state of the market.	Valeur marchande: prix auquel un bien peut être vendu d'après l'état du marché.	Civ.	643
Igico: gutegera umuntu ahantu hamwe cyangwa henshi, ushaka kumwica cyangwa kumugirira nabi.	Ambush/Trap: attack on somebody from a hidden position, in order to kill him or her or cause a bodily injury.	Guet-apens: consiste à attendre plus ou moins de temps, dans un ou divers lieux, un individu, soit pour lui donner la mort, soit pour exercer sur lui des actes de violence.	Pen.	644
Igifungo: gufungira umuntu ahantu hazwi (gereza) mu gihe runaka cyangwa ubuzima bwe bwose mu rwego rw'ubuhungu icyaha yakozwe.	Imprisonment: act of restraining personal liberty of an individual by confinement in a prison for a given period of time or for life, as punishment for crime committed.	Emprisonnement: peine privative de liberté, de nature correctionnelle, consistant dans l'incarcération du condamné pendant un temps déterminé ou durant toute sa vie.	Pen.	645
Igihano¹: umubare w'amafaranga uteganywa mu masezerano nk'igihano kijyanye no kutubahiriza amasezerano ariko adahwanye n'igihombo gishobora kubaho.	Penalty: sum of money specified in a contract as fine payable on its breach but not constituting a genuine estimate of the likely loss.	Pénalité: somme d'argent prévue par le contrat comme une sanction qui doit être payée en cas de mauvaise exécution du contrat mais qui n'est pas l'équivalent de la perte éventuelle.	Civ.	646
Igihano²: igihano gitangwa n'urukiko ku wahamwe n'icyaha.	Sentence: punishment given by a court to a person convicted of a crime.	Peine: sanction infligée par une juridiction au délinquant en rétribution de l'infraction qu'il commet.	Pen.	647
Igihano cy'ubukererwe (cg ubukerererwe)¹: inyongera ku bwishyu ikomoka ku mpamvu yo kudatangirwa igihe.	Contribution surcharge: extra payment made in addition to the ordinary payment for failure to meet the deadlines for such payment.	Majoration de retard: majoration appliquée à toute forme de paiements qui n'ont pas été versés aux dates limites d'exigibilité.	civ.	648
Igihano cy'ubukererwe (cg ubukerererwe)²: igihano kijyanye no gutinda kurangiza inshingano ziteganyijwe mu masezerano.	Penalty for delay: a penalty relating to delays in execution of a contract.	Pénalité de retard: sanctions prévues dans certains contrats pour celui qui ne respecte pas le jour où un engagement aurait dû être tenu.	Adm.	649
Igihano cyo kwicwa: igihano cyo kwambura umuntu ubuzima gihabwa uwahamwe n'icyaha itegeko riteganyiriza icyo gihano. Igihano cyo kwicwa cyavuyeho mu mategeko y'u Rwanda guhera mu wa 2007.	Death penalty: the sentence of taking the life of a person convicted of an offence for which the law provides for that sentence. This sentence has been abolished in Rwanda since 2007.	Peine de mort: peine qui consiste à ôter la vie à une personne condamnée pour une infraction pour laquelle la loi prévoit cette peine. La peine de mort a été abolie au Rwanda en 2007.	Pen.	650
Igihano gihatira kurangiza urubanza: igihano cyo gutanga amafaranga y'ubukererwe abazwe buri munsi, buri cyumweru, buri kwezi cyangwa buri mwaka ku muburanyi utubahirije imikirize y'urubanza rw'iremezo, bitabujije ko yacibwa indishyi z'akababaro mu gihe bibaye ngombwa.	Astreinte: daily, weekly, monthly or annual penalty provided to the adversary to pay a fine of arrears in case of failure to respect the merits of judgement without prejudice to payment of a fine of moral damages if necessary.	Astreinte: condamnation au paiement d'une somme d'argent de retard, pour le cas où l'une des parties au procès ne satisferait pas à la condamnation principale, à raison de tant par jour, semaine, mois ou an en vue de l'amener à s'exécuter promptement, le tout sans préjudice des dommages et intérêts, s'il y a lieu.	Jud.	651
Igihe cy'akazi: igihe cy'umunsi cyagenwe cyo gukoramo akazi.	Working day: part of the day during which work is done.	Durée légale du travail: période du jour pendant laquelle le travail est effectué.	Soc.	652

Igihe cy'igerageza: igihe kiri hagati yo kubona ko isosiyete yahombye no kuba urukiko rwemeje iryo homba cyangwa se iyo sosiyete yongeye kwivugurura.

Igihe cyo gutegereza mbere yo kongera gushyingirwa: igihe cy'iminsi magana atatu umugore wapfakaye cyangwa watandukanye n'umugabo we agomba gutegereza mbere yo kongera gushyingirwa n'undi mugabo. icyo gihe gihagarikwa no kubyara cyangwa iyo umugore yerekanye icyemezo cyo kwa muganga cy'uko atwite cyangwa adatwite.

Igihe cyo gutegereza: reba **igihe cyo gutegereza mbere yo kongera gushyingirwa.**

Igihe cyo kwishyura: iyo igihe cyo kwishyura umwenda cyageze, inkiko, zitaye ku bushobozi bw'ugomba kwishyura n'ubukene bw'uwishyurwa, zishobora gutanga igihe cy'inyongera cyo kwishyura.

Igihe cy'umusoro: igihe cy'umwaka abasoresha bagomba gutangamo umusoro.

Igihe gikwiye: igihe gishobora guteganywa n'amategeko kigenerwa umucamanza kugira ngo abe yarangije gufata icyemezo ku rubanza.

Igihe giteganywa: igihe ntarengwa umubanyirye agomba gukoramo igikorwa runaka; icyo gihe kikaba kitagomba gusubikwa cyangwa ngo gihagarikwe n'impamvu iyo ari yo yose, kandi kutacyubahiriza bigateza ubuzime ku buryo ikirego kitakirwa.

Igihe icyo ari cyo cyose.

Igihe ntarengwa: igihe giteganyijwe ibikorwa by'iburanisha cyangwa ibindi bikorwa byo mu rwego rw'amategeko bigomba gukorwamo.

Igihe ntarengwa cyo kwishyura: itariki ubereyemo undi umwenda agomba kumwishyuriraho.

Undischarged bankruptcy: a period between functional insolvency and declaration of bankruptcy or order of discharge by a court.

Viduity period: period of three hundred days during which a widow or divorcee cannot remarry. This period is terminated when a woman gives birth. It can also be stopped when the woman shows a medical certificate issued by an **ad hoc** medical commission that she is pregnant or not.

Viduity: see **viduity period.**

Period/Days of grace: the days that are added by the judge to the time of payment considering the capacity of the debtor and the needs of the creditor.

Tax period: a period of a year used by a government for its fiscal accounting period for tax collection.

Reasonable time: reasonable period of time, fixed by law or not, by which the judge shall decide a case.

Pre-established deadline: time limit within which an act must be accomplished by the concerned party without the possibility of suspension and interruption. Failure to exercise this right within deadline entails termination of the possibility of legal action, and consequently, the inadmissibility of the party's request.

Ad nutum: at any time.

Time-limit: limit of time within which legal formalities or acts must be done.

Deadline: a point in time by which a debtor should have fulfilled his or her obligation.

Période suspecte: période qui s'étend de la cessation de paiement au jugement prononçant la faillite ou le redressement judiciaire.

Délai de viduité: délai de trois cents jours que doit respecter la veuve ou la femme divorcée avant de se remarier. Ce délai prend fin en cas d'accouchement ou si la femme produit un certificat médical attestant qu'elle est ou non en état de grossesse.

Viduité: voir **délai de viduité.**

Délai de grâce: report ou échelonnement du paiement des sommes dues que le juge peut accorder compte tenu de la situation du débiteur et en considération des besoins du créancier.

Exercice fiscal: période d'une année au cours de laquelle les impôts sont recouverts.

Délai raisonnable: temps légitime, légalement fixé ou non, accordé au juge pour statuer définitivement sur un contentieux.

Délai préfix: délai accordé à une partie pour accomplir un acte, sans possibilité de suspension ni d'interruption ; sa méconnaissance entraîne l'extinction de la possibilité d'agir en justice et donc l'irrecevabilité de la demande.

Ad nutum: à tout moment.

Délai: période pendant laquelle les actes et les formalités de la procédure doivent normalement être accomplis.

Échéance: date à laquelle le débiteur doit exécuter son obligation.

Com. 653

Civ. 654

Civ. 655

Civ. 656

Fisc. 657

Jud. 658

Gen. 659

Gen. 660

Gen. 661

Civ. 662

Igihe ntegururubanza: igihe giteganyijwe n'amategeko igikorwa cyerekeranye n'itegururubanza kigomba gukorwamo.	Procedural time limit: the time limit in which legal proceedings are instituted.	Délai de procédure: délai prévu par la loi dans lequel une formalité procédurale doit être accomplie.	Jud.	663
Igihembo cy'amasezerano yo gukoresha ibihangano: amafaranga atangwa n'uwemerewe gukoresha ibihangano by'undi (ibihangano mu by'ubwenge) ayaha uwabumwemereye. Yitwa nanone igihembo cy'uruhushya.	Licence fee licence: a regular payment done in exchange for a right of exploitation (of a patent or another intellectual property like a copyright) or a right to use a service, also called royalties.	Redevance: paiement régulier effectué en échange d'un droit d'exploitation (d'un brevet ou d'autre propriété intellectuelle comme un droit d'auteur) ou d'un droit d'usage d'un service, aussi appelé royalties.	Com.	664
Igihembo cy'ubutumwa: igihembo gihabwa umuntu kubera ko yafashije mu icuruza cyangwa igurisha.	Commission: remuneration for services rendered or products sold as a common way to reward sales people.	Commission: rémunération due à un commissionnaire, et par extension, à tout mandataire.	Com.	665
Igihembo cy'uruhushya: reba igihembo cy'amasezerano yo gukoresha ibihangano.	Royalties: see licence fee.	Royalties: voir redevance.	Com.	666
Igihembo: ishimwe rihabwa abantu bakora imirimo yigenga (nk'abavoka, abaganga, abubatsi).	Honorarium: payment or reward given to a professional person for services for which fees are not legally or traditionally required (e.g. doctors, architects, advocates, etc.).	Honoraires: rétribution des services rendus par les membres des professions libérales (médecins, architectes, avocats par exemple).	Civ.	667
Igihembwe: igihe kizwi Inteko Ishinga Amategeko iteranira.	Session: a period of time during which a Parliament has its regular meetings.	Session parlementaire: période pendant laquelle le Parlement se réunit pour délibérer.	Const.	668
Isano ikomoka ku macugane: isano hagati y'umwana n'ababyeyi, abo babyeyi bakaba bafitanye isano hagati yabo kandi itegeko ritabemerera gushyingiranwa.	Incestuous relationship/filiation: child-parent relationship created as a result of sexual intercourse between two members of the same family whose marriage is prohibited by law.	Filiation incestieuse: filiation caractérisant un enfant né de relations entre deux personnes de même famille dont le mariage est prohibé par la loi.	Civ.	1332
Isano ishingiyeye ku bushyingiranwe: isano iri hagati y'umuntu n'abafitanye isano n'uwo bashyingiranywe.	Marriage affinity: relationship created by marriage between a married person with his or her spouse's blood relatives.	Alliance: lien existant, du fait du mariage, entre un époux et les membres de famille de son conjoint.	Civ.	1333
Isano ishingiyeye ku buvandimwe: isano ishingiyeye ku buvandimwe itaziguye ihuza ababyeyi n'ababakomokaho, naho isano iziguye ikaba ihuza abantu bahuje umukurambere ariko bamwe bakaba batarabyaye abandi.	Consanguinity: consanguinity exists in direct line between ascendants and descendants and on collateral line between persons who are not descendants of each other but who have a common ancestor.	Lien de parenté: un lien de parenté existant, en ligne directe, entre ascendants et descendants, et en ligne collatérale, entre personnes qui ne descendent pas les unes des autres mais qui ont un auteur commun.	Civ.	1334
Isano iva ku ishyingirana: isano ituruka ku ishyingirwa. Isano ishingiyeye ku ishyingirana itaziguye ihuza umuntu n'abo uwo bashyingiranywe akomokaho kimwe n'abamukomokaho yabyaye ahandi.	Marriage relationship: relationship that results from marriage. The marriage relationship exists on the direct line, between a person and the ascendants of his or her spouse as well as the descendants born out of wedlock.	Lien d'alliance: lien qui résulte du mariage. Un lien d'alliance existe, en ligne directe, entre une personne et les ascendants de son conjoint ainsi que les descendants de ce dernier issus d'un autre lit.	Civ.	1335
Isano iziguye ishingiyeye ku buvandimwe: isano iri hagati y'abantu bakomoka ku musekuruza umwe ariko bamwe badakomoka ku bandi.	Collateral: adjective qualifying the fact of having an ancestor in common but descending from a different line.	Collatéral: adjectif qualifiant le lien de parenté existant entre un individu et une ou plusieurs autres personnes descendant d'un auteur commun, mais ne descendant pas les uns des autres.	Civ.	1336
Isaranganyabwishyu: bikorehwa iyo umubare w'amafaranga ugomba kugabanywa abantu benshi, bigakorwa buri wese abona ibihwanye n'uburenganzira afite kuri yo ugereranyije n'ubw'abandi. Iyo ababerehemu umwenda n'umuntu umwe bagiyeye kwishyurirwa rimwe kandi nta ngwate bafite, ku mafaranga ahari bishyura buri wese bakurikije umwenda yari aberewemo kugira ngo buri wese agire icyo abona.	Proportionately: expression meaning the <i>pro rata</i> distribution of a sum of money proportionally with the rights that each person has. When a debtor has got many ordinary creditors in competition, each of the claiming creditors shall be paid in the proportion to the value of his or her claim.	Marc le franc (au): expression signifiant <i>au pro rata</i> , c'est-à-dire distribution d'une somme d'argent proportionnellement au droit de chacun. Dans la procédure de distribution par contribution, le paiement des créanciers chirographaires se fait proportionnellement au montant de leurs créances.	Civ.	1337

Isayo: ubutaka butwarwa n'amazi y'imigezi cyangwa inyanja, bukava aho bwari buri bukimukira ahandi bukahongerera agaciro.

Alluvion: land formed by gradual deposits of soil gained from a river, by means of a very slow, nearly imperceptible, natural action of water.

Alluvions: dépôts de terre apportés par un cours d'eau de manière successive et imperceptible, sans détachement, en amont, d'une portion reconnaissable de la rive et accroissant la propriété du riverain.

Civ. 1338

Iseswa: igikorwa gishingiye ku mategeko kivanaho urwego rwemewe n'amategeko nka sosiyete, ukugira uwawe umwana utabyaye, ishyirahamwe, cyangwa amasezerano y'ishyirirwa. Mu biyanye n'amategeko shingiro, isesa rishobora no kuvugwa ku isesa ry'Inteko Ishinga Amategeko cyangwa ry'umwe mu mitwe yayo.

Dissolution: the act legally terminating a legal entity or relationship such as a corporation, union, marriage, adoption, etc. In constitutional law, it may refer also to dissolution of Parliament or one of its chambers.

Dissolution: fait juridiques qui met fin à une entité juridique ou à un accord tel qu'un mariage, une adoption, une société ou une union ; en droit constitutionnel, il peut être question de la dissolution du Parlement ou de l'une de ses chambres.

Gen. 1339

Iseswa ry'amasezerano y'umurimo: guhagarika amasezerano y'umurimo igihe cyumvikanyweho kitaragera.

Termination of employment contract: termination of contract of employment before expiration of the period agreed upon in the contract.

Rupture du contrat de travail: résiliation du contrat de travail avant le délai convenu.

Soc. 1340

Iseswa ry'Inteko Ishinga amategeko: igikorwa cy'umukuru w'igihugu cyo gukuraho abagize Umutwe w'Abadepite mu Nteko Ishinga Amategeko manda yabo itararangira igihe hegereje amatora asanzwe cyangwa bitewe n'ibibazo bikomereye igihugu kandi bidashira, kugira ngo hakorwe amatora mashya.

Dissolution of Parliament: act of the head of state of terminating the term of office of members of the lower Chamber of Parliament prematurely at the call of ordinary elections or in case of a severe and prolonged crisis, to require new elections to take place.

Dissolution parlementaire: acte par lequel le Chef de l'État met fin par anticipation au mandat de tous les députés au Parlement avant la tenue des élections législatives ordinaires ou en raison de crise grave et prolongée, en vue de provoquer de nouvelles élections législatives.

Const. 1341

Ishami¹: ikigo cy'ubucuruzi gishamikiye ku kindi, cyigenga cyangwa kigengwa n'icyo cyagishyizeho kugira ngo gikore mu izina ry'icyo gishamikiyeho.

Branch: a local unit of a business or an auxiliary, whether autonomous or controlled by such a business.

Agence: organisme (autonome ou dépendant d'un autre) destiné à servir d'intermédiaire, d'auxiliaire ou d'antenne, dans un secteur spécialisé de services.

Com. 1342

Ishami²: ikigo cy'ubucuruzi cyabyawe n'indi sosiyete y'ubucuruzi, gifite ahandi gikorera ariko hatigenga.

Branch: a company with limited autonomy, controlled by another company (parent company), on which it remains dependant.

Succursale: établissement commercial créé par une entreprise ou une société, qui jouit d'une certaine autonomie par rapport à l'entreprise ou à la société créatrice, sans en être juridiquement distinct.

Com. 1343

Ishami³: agace ka kaminuza gashinzwe imyigishirize y'amasomo ajyanye cyangwa afite icyo ahuriyeho.

Faculty: a division within a university comprising one subject area or a number of related subject areas.

Faculté : département au sein d'une université chargé d'une même discipline ou des disciplines connexes.

Gen. 1344

Ishami⁴: ishami rigizwe n'imirimo isa ibumbye hamwe kandi ihuriye ku mahame amwe ajyanye n'imihindagurikire y'ibihe n'umyumvikanire y'akazi mu rwego uru n'uru rw'amajyambere.

Official channel: grouping of employments with the same nature conforming to the same principles of evolution and to the same professional logic within a given development sector.

Filière: regroupement d'emplois de même nature répondant aux mêmes principes d'évolution et à la même logique professionnelle dans un secteur de développement donné.

Com. 1345

Ishami (ibiro) ry'ibibazo by'amategeko: ishami ry'ikigo runaka rishinzwe gukemura ibibazo byo mu rwego rw'amategeko.	Legal department: a department of a company or an administration concerned with all contentious legal matters.	Service du contentieux: service d'une entreprise ou d'une administration chargé des affaires litigieuses.	Gen.	1346
Ishimangira ry'uburenganzira: ingaruka z'icyemezo cyemeza uburenganzira bwari busanzwe buriho. Ubusanzwe icyo cyemezo kigira ingaruka no mu gihe cyashize.	Declaratory effect: effect of an act which declares existing right of the parties. Such act has retroactive effect.	Effet déclaratif: effet attribué à un acte qui déclare un droit déjà existant. En particulier, l'acte déclaratif a un effet rétroactif.	Civ.	1347
Ishimwe/Agahimbazamusi: amafaranga y'inyongera adahoraho atangwa n'umukoresha akayaha umukozi, witwaye neza ashaka kumugaragariza ko yishimiye umusaruro we mu kazi. Ayo mafaranga ntabarwa nk'umushahara.	Bonus: supplementary payment not considered as a regular part of an employee's salary given to employees who reach a specified production goal.	Gratification: somme d'argent, non régulière, remise par l'employeur au personnel pour marquer sa satisfaction du travail accompli. Elle ne fait pas partie du salaire de l'employé.	Soc.	1348
Ishingiro: ikintu gituma icyifuzo cyangwa icyemezo gifatwaho ukuri cyangwa gihabwa agaciro bigatuma umucamanza agashingiraho mu mizi.	Merits/justification: acceptable reason for a court's decision, basing on facts and law and to which a judge has to refer when passing judgement.	Bien-fondé: ce qui fait qu'une prétention ou qu'une décision est justifiée en fait et en droit et que le juge doit y faire droit au fond.	Jud.	1349
Ishingiro rituruka ku itegeko: ikintu icyemezo gishingiraho giteganywa n'amategeko.	Legal basis: legal grounds provided for by the law on which a decision is based.	Base légale: fait prévu par la loi sur lequel est fondée une décision.	Gen.	1350
Ishingiro ry'ibimenyetso: ihuriro ry'ibimenyetso n'ikiburanwa.	Relevance of evidence: linkage of evidence to the facts.	Pertinence de la preuve: lien entre les éléments de preuve avancés et les faits allégués.	Jud.	1351
Ishingiro ry'ikirego nshinjabyaha: ikiregerwa uwareze ashingiraho mu rwego rw'imanza nshinjabyaha.	Count of indictment/charge: substantial part of the indictment.	Chef d'accusation: objet de la demande en matière pénale.	Pen.	1352
Ishingiro ry'imisanzu: igipimo baheraho mu kugena umusanzu ugomba gutangwa.	Basis of contributions: the base on which contributions to be paid are calculated.	Assiette des cotisations: élément retenu pour le calcul des cotisations.	Soc.	1353
Ishingiro ry'itegeko/Impamvu shingiro y'itegeko: icyatumye Umushingamategeko ashiraho itegeko.	Ratio legis: legislative motivation as the reason for a law to be enacted.	Ratio legis: formule latine que l'on peut traduire par « la raison d'être d'une loi ».	Gen.	1354
Ishingiro ry'umusoro: igipimo cyangwa amafaranga ashingirwaho mu kugena umusoro ugomba kwishyurwa.	Tax base: the base on which a taxation is calculated.	Assiette de l'impôt/Base d'impôt: base servant de calcul de l'impôt.	Fisc.	1355
Ishingiye: ijamba rikoreshwa mu ntangiriro y'itegeko cyangwa inyandiko y'amategeko igaragaza ingingo z'amategeko zashingiweho.	Pursuant: a formula used at the beginning of the legal texts referred to for enactment of a new legal text or act.	Vu: formule qui précède les raisons ou les références à un acte ou texte.	Gen.	1356
Ishumi/Bagenzi be: abantu bahuje inyungu, baba abarega cyangwa abaregwa bahamagawe mu rubanza baburanira hamwe.	Consorts/colitigants: persons, either plaintiffs or defendants who have common interest in a lawsuit, and therefore stand on the same bar.	Consorts/litisconsorts/colitigants: personnes qui dans un procès, soit comme demandeurs, soit comme défendeurs, ont un intérêt commun et par conséquent, se trouvent du même côté de la barre.	Civ. Pen.	1357

Ishuri Rikuru ryo Kwigisha no Guteza Imbere Amategeko (ILPD): ikigo cya Leta cyo mu rwego rw'amashuri makuru, gishinzwe gutanga inyigisho mbonezamwuga mu by'amategeko, guteza imbere ubushakashatsi no gusakaza ibyerekeranye n'amategeko.

Institute of Legal Practice and Development (ILPD): national institution of higher education which provides legal professional education and training to the personnel dealing with justice, promotes and widespread the research related to law.

Institut Supérieur de Pratique et de Développement du Droit (ILPD): établissement public d'enseignement supérieur qui dispense la formation professionnelle dans le domaine du droit, la formation continue au personnel du domaine de la justice, promeut la recherche et assure la diffusion du droit.

Adm. 1358

Ishyigura: igikorwa cyo kwirukana cyangwa kwaka umuntu uburenganzira yari afite ku mutungo kubera ko hari undi muntu uwufiteho uburenganzira buruta ubwe.

Eviction: the act of expelling someone from real property either by legal action, a claim of superior title to the property or actions which prevent the tenant for continuing in possession.

Éviction: perte d'un droit apparent d'une personne sur une chose en raison de l'existence d'un droit d'un tiers sur cette même chose.

Civ. 1359

Ishyingiranwa: kubana kw'abantu babiri nk'umugabo n'umugore ku bushake bwabo hakurikijwe amategeko.

Marriage: voluntary union between two persons as husband and wife in conformity with legal provisions.

Mariage: union volontaire de deux personnes comme homme et femme, dans les conditions prévues par la loi.

Civ. 1360

Ishyirahamwe: amasezerano hagati y'abantu bafite icyo bahuriyeho kandi biyemeje gukorera hamwe bafite intego itari icyo kugabana urwunguko.

Association: agreement between people with common interest with the purpose other than sharing profits made.

Association: convention par laquelle deux ou plusieurs personnes mettent en commun leurs connaissances ou leur activité dans un but autre que partager des bénéfices.

Gen. 1361

Ishyirahamwe rirengera abaguzi: ishyirahamwe rihuriramo abaguzi kugira ngo barengere uburenganzira n'inyungu byabo.

Consumer association: organization involving common action for the protection of consumers' interests.

Association des consommateurs: organisation de consommateurs pour la défense de leurs droits et intérêts.

Civ. 1362

Ishyirwa ry'umukono ku mategeko: kwemeza bidasubirwaho itegeko rishya bikariha imbaraga zo kubahirizwa n'abatwaga bose.

Promulgation: act of formally proclaiming or declaring a new law as in effect after it receives final approval.

Promulgation: acte de rendre officiellement obligatoire une nouvelle loi après qu'elle ait eu une approbation finale.

Const. 1363

Isiba ry'ubugwate ku bitimukanwa: icyo umubitsi w'inyandiko mpamo zerekeye ingwate z'ibitimukanwa ashize mu bikorwa icyemezo kivanaho ubugwate ku mutungo utimukanwa.

Erasure of mortgage inscriptions: cancellation of a mortgage by the land registrar, under a certain act or an order by the court which specified that a mortgage should no longer have effect.

Radiation des hypothèques: exécution par le conservateur des hypothèques d'un acte ou d'un jugement de mainlevée d'une mention en marge de l'inscription.

Civ. 1364

Isibwa ry'urubanza kubera kutitaba: icyemezo gifatwa icyo urega atitabye urukiko nta mpamvu. icyo gihe, uregwa ashobora gusaba ko urubanza rusibwa cyangwa agasaba ko ruburanishwa mu mizi yarwo, urubanza ruciwere rukazafatwa nk'aho rwaburanishijwe abaturanyi bahari.

Dismissal of action: decision taken if the plaintiff fails to appear before the court without a justified reason. In such a case, the defendant can request for a dismissal of the case or to render a judgement on merits, which will be considered as a contested judgement.

Défaut-congé: décision que la juridiction prend lorsque le demandeur ne comparaît pas sans motif. Dans ce cas, le défendeur peut demander soit qu'une affaire soit rayée du rôle, soit requérir un jugement sur le fond qui sera réputé contradictoire.

Jud. 1365

Isimburwa ry'igihe gito: isimburwa ry'umucamanza cyangwa ry'umukozi wa Leta.

Temporary replacement: action of replacement of a judge or a public official with another person.

Suppléance: remplacement provisoire d'un magistrat ou d'un officier public.

Jud. 1366

Isobanura: kugaragaza igisobanuro cy'inyandiko igihe idasobanutse neza.

Interpretation: process of determining the true meaning of a document.

Interprétation: dégagement du sens exact d'un document qui serait peu clair et détermination de sa portée.

Jud. 1367

Isobanura mpamo: isobanura ry'itegeko ubusanzwe rikorwa n'ubutegetsi nshingamategeko, cyangwa rigakorwa n'urundi rwego rwahawe ububasha bwo gukora isobanura mpamo ry'amategeko. Mu Rwanda, isobanura mpamo ry'amategeko rishinzwe Urukiko rw'ikirenga kuva ku ivugururwa ry'itegeko Nshinga ryo mu wa 2015.

Authentic interpretation: an official interpretation is an official interpretation of a law, usually issued by the legislator or another organ which the power to interpret the law authentically has entrusted. In Rwanda, the authentic interpretation of laws is done by the Supreme Court since 2015 revision of the Constitution.

Interprétation authentique: interprétation officielle qui émane de l'auteur de l'acte à interpréter (normalement le législateur) ou d'un autre organe auquel le pouvoir de faire l'interprétation authentique des actes législatifs a été confié. Au Rwanda, l'interprétation authentique est faite par la Cour Suprême depuis la révision constitutionnelle de 2015.

Const. 1368

Isobanurampamvu: inyandiko ibanziriza umushinga w'itegeko, akenshi idakunze gushyirwa ahagaragara, iba igamije gusobanura impamvu z'uwo mushinga.

Explanatory note: account of reasons behind the enactment of a bill, often not published.

Exposé de motifs: document, le plus souvent non publié, qui précède le texte d'un projet de loi pour en donner des explications.

Const. 1369

Isobanurampamvu ry'icyemezo cy'ubuyobozi: inshingano zihabwa abayobozi bafata ibyemezo mu rwego rw'akazi zo gusobanurira abo bayobora impamvu zashingiweho mu gufata icyemezo iki n'iki.

Justification administrative decisions: obligation of the administratin to inform the persons or parties concerned about the grounds upon which a decision was taken.

Motivation des actes administratifs: obligation instituée à la charge de l'Administration, en vue d'informer les intéressés des motifs de droit et de fait sur base desquels elle a pris les décisions qui les concernent.

Adm. 1370

Isobanurampamvu ry'imikuriza y'urubanza: inshingano zihabwa abacamanza zo gusobanurira ababuranyi impamvu zashingiweho mu mategeko no ku miterere y'ikibazo mu gufata icyemezo runaka igihe baca imanza.

Justification of court decisions: obligation of Judges to inform litigants about the legal and material grounds upon which a court decision was taken in rendering a judgement.

Motivation des décisions judiciaires: obligation instituée à la charge des juges en vue d'informer les justiciables des motifs de droit et de fait sur base desquels ils se sont fondés pour prendre une décision judiciaire.

Jud. 1371

Isobanurwa ry'umwenda wishyuye: ugomba kwishyura imyenda myinshi afitte uburenganzira bwo kuvuga, iyo yishyura, umwenda ashaka kwishyura. Iyo ari imyenda y'ubwoko bumwe, ubwishyura bushyirwa ku mwenda wa kera kurusha iyindi.

Appropriation/Imputation of payments: allocation of one or more payments to one particular debt out of several owed by a debtor to the same creditor. When making payment, a debtor has the right to state the debt he or she intends to pay. In the case of equal and similar debts, the oldest debt shall be paid first.

Imputation des paiements: détermination de l'ordre de paiement des dettes. Le débiteur de plusieurs dettes a le droit de déclarer, lorsqu'il paie, quelle dette il entend acquitter. Si les dettes sont d'égale nature, l'imputation se fait sur la plus ancienne.

Civ. 1372

Isobekerana ry'imanza: igihe imanza zisobekeranye, iyo imanza nyinshi, zifitanye isano ku buryo ikemurwa rya rumwe, rigira ingaruka ku rundi kandi ku buryo ziramutse ziciwe, rumwe ukwarwo, urundi ukwarwo, imikuriza yazo ishobora kuvuguruzanya.

Connexity/Connected claims: a situation where various cases are linked with each other so that the trial of one is likely to affect the outcome of the other or if separate trial of each may result into conflicting judgements.

Connexité: situation où plusieurs demandes ont entre elles un rapport tel que la solution de l'une doit influencer la solution de l'autre et que, si elles étaient jugées séparément, il pourrait en résulter une contrariété de jugements.

Jud. 1373

Isoko: amasezerano yo kugemurirwa ibintu, serivisi cyangwa imirimo.

Procurement contract: a contract entered into to acquire goods, services or work.

Marché: contrat pour la fourniture de biens, services ou travaux.

Adm. 1374

Isoko rinyujijwe mu ipiganwa: amasezerano abaho abantu batandukanye bahamagariwe gupiganira isoko, rikegukanwa n'uwujije amategeko agenga ipiganwa.

Isoko ritanzwe ku bwumvikane: iyo urwego rwa Leta rushaka gutanga isoko rutanze isoko rumaze kumvikana na ba rwiyezamazirimo, bitabaye ngombwa ko habaho ipiganwa.

Isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze: ahantu hagaragara cyangwa ho mu buryo bw'ikorabuhanga, hagurirwa hakanagurishirizwa ku buryo buhoraho amasezerano ashingiye ku bicuruzwa by'ibanze cyangwa ibintu akenshi bikenerwa n'abantu benshi (nk'ibikomoka ku buhinzi, ku bworozi, ku burobyi, ku mashyamba, ku ngufu, ku bucukuzi bw'amabuye y'agaciro, n'ibindi).

Isoko ry'ibicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane: ahakorera igura n'igurisha ry'ibicuruzwa by'imari n'imigabane.

Isoko ry'imari: ahantu hagurishirizwa imigabane.

Isoko ry'imbumbe: ubwoko bw'amasezerano iyo nyiri igikorwa n'ukora igikorwa bumvikaniye rimwe igiciro cy'imirimo yose izakorwa.

Isoko ry'imigabane: isoko ibigo n'amashyamba y'ubucuruzi bigurishirizamo imigabane nguzanyo.

Isomwa ry'imanza mu ruhamwe: reba *isomwa ry'urubanza*.

Isomwa ry'urubanza: gusomera mu ruhamwe urubanza rwaciwe.

Procurement contract through tender: a contract entered into at a stated price through tender procedures.

Procurement contract through negotiation: a transaction for supply of goods or services or for work can be obtained through negotiation about the price and substance of the contract.

Commodities market/exchange: a market at which, or a facility, whether electronic or otherwise, by means of which, offers or invitations to sell or purchase commodity contracts are regularly made, i.e. contracts related goods of large consumption (such as agricultural, livestock, fishery, forestry, mining or energy goods and other products).

Securities exchange: a market for the purchase and sale of capital market instruments.

Stock exchange, stock market: place where stocks and shares are publicly bought and sold.

Estimated price contract: a method of procurement contract in which the client and the contractor agree on a lump sum price.

Bond market: the place where bonds are bought and sold.

Public pronouncement of judgement: See *delivery of judgement*.

Delivery/Pronouncement of a judgement: reading in public the content of a judgement.

Marché sur appel d'offres: mode de passation des marchés, dans lequel la personne publique choisit l'offre sur base des critères fixés par les procédures de passation des marchés publics.

Marchés négociés/de gré à gré: mode dérogatoire de passation des marchés publics dans lequel la personne publique choisit son cocontractant après consultation de candidats et négociation des conditions du marché.

Bourse des produits de base: marché sur lequel ou moyen électronique ou autre par lequel, des offres ou les invitations à la vente ou à l'achat des contrats de produits de base sont régulièrement lancés, c'est-à-dire des contrats relatifs aux marchandises courantes ayant un vaste marché (tels que des produits agricoles, d'élevage, de pêche, forestiers, miniers, énergétiques et autres produits).

Bourse des titres: un marché où s'opèrent l'achat et la vente des instruments afférents au marché des capitaux.

Bourse (La): lieu où se négocient des valeurs mobilières.

Marché à forfait: convention conclue entre le maître d'ouvrage et l'entrepreneur, en vertu de laquelle le prix est fixé de façon définitive pour l'ensemble de l'ouvrage.

Marché des obligations. marché où s'échangent les obligations émises par les collectivités publiques et les sociétés.

Publicité des jugements: voir *Prononcé du jugement*.

Prononcé du jugement: lecture, à l'audience publique d'une juridiction, de la teneur du jugement.

Adm. 1375

Adm. 1376

Com. 1377

Com. 1378

Com. 1379

Adm. 1380

Com. 1381

Jud. 1382

Jud. 1383

Isoresha rigereranyijwe: igihe urwego rushinzwe kwinjiza imisoro rugena umusoro utangwa rushingiye ku igenekereza kubera ko umusoresha atakoze imenyekanisha ku gihe cyangwa yakoze imenyekanisha ritari ryo cyangwa nta n'iryo yakoze.	Estimated assessment: tax assessment based on estimates, if the taxpayer made late declaration of his or her profits or made false declarations, or made no declaration at all.	Taxation d'office: évaluation forfaitaire de l'assiette de l'impôt faite par l'administration fiscale sur base de critères externes en cas de déclarations inexactes ou tardives ou en l'absence de déclaration d'impôt par le contribuable.	Fisc. 1384
Isosiyete ifite uburyozwe bugarukira ku migabane: isosiyete yemera ko uburyozwe bw'abayifitemo imigabane bungana n'amafaranga bemeye kwishyurira imigabane yabo haba ayamaze kwishyurwa cyangwa se atarishyurwa.	Company limited by shares: a company in which the liability of shareholders is limited to the number of subscribed shares, whether paid or not.	Société à responsabilité limitée par actions: société dans laquelle la responsabilité des actionnaires est limitée au nombre d'actions souscrites, qu'elles aient été libérées ou non encore libérées.	Com. 1385
Isosiyete ifite uburyozwe buhinnye: isosiyete yemera ko uburyozwe bw'abayifitemo imigabane bugarukira ku migabane yabo, ku ngwate batanze cyangwa se kuri byombi.	Limited company: a company whose liability is limited by shares or by guarantee or a company whose liability is limited by both shares and guarantee.	Société à responsabilité limitée: société dans laquelle la responsabilité des actionnaires est limitée à leurs actions, à leurs garanties ou une société limitée aux actions et aux garanties.	Com. 1386
Isosiyete ifite uburyozwe busesuye: isosiyete yashingiye ku ihame ko uburyozwe bw'abanyamigabane bayo butagira umupaka.	Unlimited company: a company formed on the principle of having no limit placed on the liability of its shareholders.	Société à responsabilité illimitée: une société constituée sur le principe que la responsabilité des actionnaires est illimitée.	Com. 1387
Isosiyete igena ubushobozi bwo kwishyura imyenda: isosiyete ikora umurimo w'isesengura, wo gukora amaraporo, no kugenzura ubushobozi bw'andi masosiyeti mu kwishyura imyenda yayo, no kumenya agaciro k'ibyemezo by'imitungo bicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane.	Credit Rating Agency: a company engaged in the business of analysing, reporting and monitoring the credit risk of a company or securities offered on the capital market.	Agence de Notation de Crédit: société engagée dans les activités d'analyse, de production de rapports et de suivi du risque de crédit d'une société ou des titres offerts sur le marché des capitaux.	Com. 1388
Isosiyete ishingiyeye ku buryozwe bugarukira ku ngwate: isosiyete yemera ko uburyozwe bw'abayigize bungana n'amafaranga biyemeje kwishyura haramutse habaye iseswa ry'iyi sosiyete.	Company limited by guarantee: a company formed on the principle of having the liability of its members limited by its constitution to such amount as the members may respectively undertake to contribute to the assets of the company in the event of its being wound up.	Société à responsabilité limitée par garantie: société dont la responsabilité des associés est limitée aux contributions propres qu'ils ont accepté de mettre dans le patrimoine de la société, en cas de sa liquidation.	Com. 1389
Isosiyete ishingiyeye ku buryozwe bw'imigabane ya banyirayo no ku ngwate: isosiyete yashyizweho hifashishijwe ihame ry'uko uburyozwe bugarukira ku mafaranga yatanze n'abanyamigabane cyangwa ayo biyemeje niba atarishyurwa kuri iyo migabane yabo mu gihe ahari; ku ngwate yatanze n'abayigize ingana n'amafaranga biyemeje gushyira hamwe kugira ngo azabe ingoboka igihe habaye iseswa.	Company limited by shares and by guarantee: a company formed on the principle of having the following liability of its members limited to: the amount paid by shareholders or the amount agreed to pay on the shares respectively held by them, if any; the security issued by shareholders equivalent to the amount agreed as surety in case of liquidation.	Société à responsabilité limitée par actions et par garantie: société basée sur le principe selon lequel la responsabilité de ses actionnaires: est limitée au montant libéré par les actionnaires ou souscrit mais non encore libéré sur ces actions s'il y en a; est limitée à la garantie constituée par les actionnaires égale au montant consenti en garantie en cas de liquidation.	Com. 1390

Isosiyete mpuzamahanga: isosiyete y'ubucuruzi ikorera ubucuruzi mu bihugu birenze kimwe.

Isosiyete shami: isosiyete ifite indi isa n'aho ari yo iyikuriye kandi yifitemo umutungo urenze icya kabiri cy'umutungo wayo wose, mu rwego rw'amategeko ziba zitandukanye ariko mu rwego rw'ubukungu n'imari zikorana cyane.

Isosiyete y'inyamahanga: isosiyete ifite ubuzima gatozi kandi yashingiwe hanzu y'u Rwanda ariko igomba kwiwandikisha mu butegegi bikurikije itegeko rigenga amasosiyete y'ubucuruzi mu Rwanda.

Isosiyete y'ubucuruzi¹: urwego rufite ubuzima gatozi rugizwe n'umuntu umwe cyangwa benshi bishyize hamwe mu gikorwa cy'ubucuruzi bagamije inyungu.

Isosiyete y'ubucuruzi²: ikigo gifite ubuzima gatozi gikora imirimo igamije inyungu.

Isosiyete y'ubufatanye/ Isosiyete y'abatuma n'abatuma: isosiyete ifite ubwoko bubiri bw'abafatanyabikorwa: umufatanyabikorwa ufite uburyozwe budahinnye umwe cyangwa benshi, bishyurizwa hamwe imyenda yose isosiyete yananiwe kwishyura byaba ngombwa ibintu bigafatwa aho biri muri bo, n'umufatanyabikorwa ufite uburyozwe buhinnye umwe cyangwa benshi, ni ukuvuga banyozwa imyenda y'isosiyete hakurikijwe imigabane yabo.

Isosiyete y'umunyamigabane umwe: isosiyete ifite uburyozwe buhinnye igizwe n'umunyamigabane umwe rukumbi akaba ari na we muyobozi wayo.

Isobikagihano: gusubika igihano bitegetswe n'umucamanza kubera impamvu zimwe na zimwe, uwakatiwe akagira ibyo asabwa kubahiriza mu gihe runaka.

Multinational: a company that does business in more than one country.

Subsidiary company: a company which operates under the control of a parent or holding company, which may have a majority shares. They are legally different but financially and economically interdependent.

Foreign company: a body corporate that is incorporated outside Rwanda and that is required to be registered under the Law relating to companies in Rwanda.

Company: a corporate body composed of one or more persons for making profit.

Corporation: an organization enjoying legal personality for the purpose of carrying on certain business activities.

Limited partnership: company made up of two types of partners: one or more general partners each with liability which is not limited to his or her shares, who manage the company, and one or more special partners each with liability limited to his or her shares for the debts of the partnership, who invest money but have limited liability and are not involved in day-to-day management, and usually cannot lose more than their capital contribution.

Sole proprietorship: a private company in which the only shareholder is also the sole director of the company.

Suspended sentence/stay: a legal term for a judge's delaying of a defendant's serving of a sentence after they have been found guilty, in order to allow the defendant to perform a period of probation.

Multinationale: une société commerciale qui fait des affaires dans plus d'un pays.

Filiale: société dont le capital est possédé pour plus de moitié par une autre, dite société mère, dont elle est juridiquement distincte, mais économiquement et financièrement dépendante.

Société étrangère: Personne morale constituée en dehors du Rwanda et qui doit être enregistrée conformément à la loi relative aux sociétés commerciales au Rwanda.

Société: entité juridique, composée par une ou plusieurs personnes pour réaliser des bénéfices.

Société commerciale: tout groupement jouissant d'une personnalité juridique ayant pour objet la réalisation des bénéfices.

Société en commandite: société qui comporte deux catégories d'associés: un ou plusieurs commandités dont chacun a une responsabilité qui ne se limite pas à ses actions, qui sont responsables indéfiniment et solidairement des dettes sociales et un ou plusieurs commanditaires dont chacun a une responsabilité qui ne se limite qu'à ses actions, qui ne sont responsables des dettes sociales que jusqu'à concurrence de leur apport.

Société unipersonnelle: société privée dans laquelle le seul actionnaire est aussi administrateur.

Sursis: mesure de suspension de l'exécution des peines prononcées, accordée par le juge sous certaines conditions et pendant une période spécifiée.

Com. 1391

Com. 1392

Com. 1393

Com. 1394

Com. 1395

Com. 1396

Com. 1397

Pen. 1398

Isubikwa ry'amasezerano y'umurimo: guhagarika igihe gito amasezerano y'umurimo, ariko ntaseswe.	Suspension: temporary cessation of employment, without cancelling the contract.	Suspension: interruption momentanée des effets du contrat de travail, sans qu'il y ait rupture.	Soc.	1399
Isubiracyaha: ugukora icyaha nyuma yo guhanwa ku buryo budasubirwaho bigatuma ubukana bw'igihano bwiyongera.	Recidivism: situation where a person, having already been definitively convicted for an offence, commits another, leading to the aggravation of a sentence.	Récidive: situation d'une personne qui, après avoir déjà été condamnée définitivement pour une infraction, commet une nouvelle, entraînant une aggravation de la peine.	Pen.	1400
Isubirishamo kubera kutubahiriza Itegeko Nshinga: ikirego gisaba kwemeza ko amasezerano mpuzamahanga cyangwa itegeko binyuranyije n'Itegeko Nshinga.	Review for unconstitutionality: petition seeking to confirm unconstitutional a treaty, an international agreement or a law.	Recours en inconstitutionnalité: recours tendant à faire déclarer un traité, un accord international ou une loi contraire à la constitution.	Jud.	1401
Isubizacyifuzo: iyo uwasabwe ko yagirana n'undi amasezerano asubije uwabimusabye amusaba kugira ibyo ahindura mu ngingo zigize amasezerano cyangwa agatanga icyifuzo cye ku buryo amasezerano yakorwa.	Counter-offer: response to an offer, made to the offeror by the offeree that seeks either to introduce a new term or to vary an existing term of the offer.	Contre-offre: nouvelle proposition émanant du destinataire de l'offre, soit pour demander la rectification d'une des dispositions du contrat, soit pour introduire une nouvelle proposition à l'offrant.	Civ.	1402
Isubizwa ry'amahoro: gusubiza igice cyangwa amahoro yose yatanze mu kwinjiza cyangwa gusohora ibicuruzwa ku butaka Gasutamo ikoreraho.	Repayment of duty: the refund, in whole or in part, of import or export duties and taxes which have been paid.	Restitution de droits: le remboursement de tout ou partie des taxes et droits à l'importation ou à l'exportation qui ont été acquittés.	Fisc.	1403
Isubukura ry'iburanisha: kongera gutangira iburanisha bitewe n'uko abari bagize inteko iburanisha bahindutse.	Resumption of hearings: resuming of proceedings after changes were made to the panel.	Reprise des débats: recommencement de l'audience de jugement rendu nécessaire par le changement survenu dans la composition du siège.	Jud.	1404
Isuzumwa rikorwa ibicuruzwa byaramaze kuva muri Gasutamo: ibikorwa byose Gasutamo ikora ibicuruzwa byarasohotse hagamijwe kugenzura niba ibyatangajwe byose mu imenyekanisha kuri ibyo bicuruzwa ari ukuri.	Post-clearance verification: all measures taken by Customs after release of the goods to verify the accuracy and authenticity of the particulars contained in declarations.	Contrôle a posteriori des déclarations en douane: toutes les mesures prises par la douane après la mainlevée des marchandises pour contrôler l'exactitude et l'authenticité des déclarations.	Fisc.	1405
Itambamira¹: ububasha bufitwe n'ibihugu bifite imyanya ihoraho mu Kanama k'Umutekano k'Umuryango w'Abibumbye bwo kuburizamo itorwa n'icyemezo iki n'iki uretse icyerekeye imihango.	Veto¹: power given to any permanent member of the Security Council of the United Nations to refuse to agree to any non-procedural proposal and thereby defeat it.	Veto¹: privilège de chacun des États membres permanents du Conseil de Sécurité de l'ONU de paralyser les décisions de cet organe portant sur des questions autres que des questions de procédure.	Int.	1406
Itambamira²: ububasha bufitwe n'umuntu cyangwa urwego bwo gutambamira ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'undi muntu cyangwa urundi rwego.	Veto²: vested power of one individual or body to oppose implementation of decisions of another individual or body.	Veto²: acte par lequel un individu ou un organe fait obstacle temporairement ou définitivement à l'application des décisions d'un autre individu ou d'un autre organe.	Gen.	1407

Itandukana ry'ubutegetsu bwa Leta: ihame rituma ubutegetsu nshingamategeko, ubutegetsu nyubahirizategeko n'ubutegetsu bw'ubucamanza buyoborwa n'inzego zitandukanye kandi zigenga.

Itangamutungo: uburyo bwo guhererekanya umutungo cyangwa uburenganzira ku mutungo, byaba bitangiye ikiguzi cyangwa bikoze ku buntu; bishobora gukorwa hagati y'abazima cyangwa umwe atakiriho, bishobora kuba byerekeye umutungo wose cyangwa kimwe mu bigize umutungo.

Itanga ry'iminani¹: reba *itanga ry'iminani²*.

Itanga ry'iminani²: igikorwa ababyeyi bakora bakiriho kigamije kugabira umutungo abana babo cyangwa ababakomokaho bagahita bawegukana.

Itangazo rihamagarira gushora imari mu isosiyete: itangazo, iyamamaza cyangwa inyandiko zihamagarira rubanda kugura imigabane isanzwe cyangwa imigabane nguzanyo mu isosiyete iriho cyangwa iteganya kuba yo.

Itangazo rihamagarira ipiganwa: uburyo bukorwa mu gutanga amasoko ya Leta, bufasha Leta kubona abantu benshi bifuza isoko, bityo Leta ikabasha guhitamo uwujije ibisabwa.

Itangazo ry'ipiganwa: reba *itangazo ry'ipiganwa*.

Itangizwa ry'amategeko: ububasha bugirwa na buri mudepite na Guverinoma iteraniye mu Nama y'Abaminisitiri bwo gutangiza no kugorora amategeko.

Itara ndangacyerekezo: itara ry'ikinyabiziga rigenewe kwereka abandi bagenzi ko umuyobozi w'ikinyabiziga ashaka kwerekeza iburyo cyangwa ibumoso.

Separation of powers: division of the legislative, executive, and judicial functions of government among separate and independent bodies.

Alienation: the transfer of property or title from one person to another, voluntarily and completely, made inter vivos or not, whether onerously or gratuitously.

Ascendant partition: see *ascending partition*.

Ascending partition: an act accomplished by a parent while she/he is still alive, by which she/he divides his or her patrimony between the children or descendants, who immediately acquire full ownership of the portion given to them.

Prospectus: a notice, circular, advertisement or request inviting applications or offers from the public to subscribe for or purchase, a share in or debenture of a company or proposed company.

Invitation to tender/Call for bids/tenders: mode of public procurement, by inviting bidders to make competing offers (bids) to carry out work, to supply goods or services at a stated price.

Invitation to tender: see *tender*.

Initiation of laws: power vested in each Deputy and the Government, acting through the Cabinet, to initiate and amend laws.

Indicator lights: the vehicle's flashing lights that tell you when it is going to turn left or right.

Séparation des pouvoirs: principe politique selon lequel les fonctions législative, exécutive et judiciaire sont confiées à des organes différents et indépendants.

Aliénation: transmission volontaire à autrui du droit de propriété ou constitution d'un droit réel qui le démembre à titre onéreux ou à titre gratuit, entre vifs ou à cause de mort, à titre particulier ou à titre universel.

Donation partage: voir *partage d'ascendant*.

Partage d'ascendant: acte accompli par des parents de leur vivant, par lequel ils partagent leur patrimoine entre leurs enfants ou leurs descendants qui en deviennent, chacun pour la portion lui dévolue, propriétaires.

Prospectus: annonce, une circulaire, une publicité ou un document contenant l'offre publique de souscription ou d'achat d'actions ou obligations dans une société existante ou à exister.

Appel d'offres: mode de conclusion des marchés publics permettant à l'Administration de choisir librement son co-contractant parmi des fournisseurs préalablement mis en concurrence.

Appel d'offres: voir *appel d'offres*.

Initiative des lois: pouvoir tenu concurremment par chaque député et le Gouvernement, en Conseil des Ministres, d'initier et d'amender les lois.

Feu indicateur de direction: le feu du véhicule servant à indiquer aux autres usagers de la voie publique que le conducteur a l'intention de changer de direction vers la droite ou vers la gauche.

Const. 1408

Civ. 1409

Civ. 1410

Civ. 1411

Com. 1412

Adm. 1413

Adm. 1414

Const. 1415

Adm. 1416

<p>Itara ndangamubyimba n'itara ndangaburumbarare: itara ry'ikinyabiziga ryerekana ubugari bwacyo, ahagana imbere cyangwa inyuma igihe uburebure bwacyo burenga metero 6 cyangwa iyo ubugari bwacyo, habariwemo ibyo cyikoreye, burenga metero 2,10.</p>	<p>Size light and gauge light: the vehicle's light which serves to indicate towards the front or towards the back, the overall width of the vehicle when its length exceeds 6 meters or that its width, load included, exceeds 2.10 meters;</p>	<p>Feu de gabarit et feu d'encombrement: le feu du véhicule servant à indiquer, vers l'avant ou vers l'arrière, la largeur hors tout du véhicule lorsque la longueur de celui-ci excède 6 mètres ou que sa largeur, chargement compris, excède 2,10 mètres.</p>	Adm.	1417
<p>Itara rishakisha n'itara rihindukizwa: itara ry'ikinyabiziga rishobora guhindukizwa n'umuyobozi w'ikinyabiziga bidatwe n'uko ikinyabiziga kigenda kandi rishobora kumurika ikintu kiri mu nzira nyabagendwa cyangwa hirya yayo.</p>	<p>Searching light and adjustable light: the vehicle's light which can be oriented by the driver independently of the movements of the vehicle and serving to illuminate a target situated either on the public highway, or outside of it.</p>	<p>Feu chercheur et feu orientable: le feu du véhicule pouvant être orienté par le conducteur du véhicule indépendamment des mouvements du véhicule et pouvant servir à éclairer un objectif situé, soit sur la voie publique, soit en dehors de celle-ci.</p>	Adm.	1418
<p>Itara ry'umuhondo: itara ryose ry'umuhondo wiganje, ry'umuhondo yawo cyangwa usa n'icunga.</p>	<p>Yellow light: any selective yellow or real yellow or amber light.</p>	<p>Feu jaune: tout feu jaune sélectif ou jaune-auto ou orange.</p>	Adm.	1419
<p>Itariki itaragera: ikosa cyangwa uburiganya bwo gushyira ku nyandiko itariki iri nyuma y'aho inyandiko isinyiwe.</p>	<p>Postdate: to put erroneously or fraudulently a date on a document that is later than the actual date of signature.</p>	<p>Post-date: erreur ou fraude consistant à donner à un écrit juridique une date postérieure à celle de sa signature.</p>	Civ.	1420
<p>Itariki izwi neza: itariki igikorwa cyo mu rwego rw'amategeko cyakoreweho idashobora guhakanwa n'undi muntu wese, cyane cyane abafite inyungu ku ruhande rumwe mu ziri mu masezerano.</p>	<p>Legal date/date on record: the date of a legal document, which cannot be denied by the third parties, especially the beneficiaries of one of the parties to an agreement.</p>	<p>Date certaine: date d'un titre juridique qui ne peut être contestée par les tiers, spécialement les ayants cause de l'une des parties à la convention.</p>	Civ.	1421
<p>Itariki ya kera: guha inyandiko itariki iri mbere y'aho igikorwa cyakorewe, bishobora gukorwa kubera kwibeshya cyangwa uburiganya.</p>	<p>Backdate: earlier date put on a document, letter, etc than the one at the time of writing.</p>	<p>Antidate: erreur ou fraude consistant à donner à un écrit juridique une date antérieure à celle de sa signature.</p>	Gen.	1422
<p>Itegeko¹: urusobe rw'ingingo zanditse zitorwa n'Inteko Ishinga Amategeko zikagomba kubahirizwa n'abaturage bose mu Gihugu.</p>	<p>Law: a written body of rules enacted by the Parliament and which are recognized as binding among persons of a certain community or State.</p>	<p>Loi: ensemble des règles écrites élaborées par le Parlement, reconnues comme ayant une force contraignante dans une certaine communauté ou un État.</p>	Gen.	1423
<p>Itegeko²: itegeko rusange cyangwa ryihariye ryubahirizwa hatitawe ku rwego rwashyizeho cyangwa ku byo rigomba kugenga.</p>	<p>Rule: a general or a specific binding legal norm, irrespective of its source and field of application.</p>	<p>Règle de droit: norme juridique obligatoire, quels que soient sa source, son degré de généralité et sa portée.</p>	Gen.	1424
<p>Itegeko bwite: itegeko rigenga imimerere n'ubushobozi by'abantu. Imimerere n'ubushobozi by'Abanyarwanda cyangwa abanyamahanga bigengwa n'amategeko y'igihugu cyabo.</p>	<p>Personal law: a law applicable to status and capacity of persons. As regards status and capacity, Rwandans or foreigners are governed by the national Law.</p>	<p>Loi personnelle: loi applicable en matière d'état et de capacité des personnes. La loi nationale régit l'état et la capacité des Rwandais et des étrangers.</p>	Civ. Pr.I.L.	1425

Itegeko muri rusange: icyemezo cy'ubutegetsi bufite ububasha kigomba kubahirizwa.

Itegeko Ngenga: itegeko riteganyijwe rityo n'Itegeko Nshinga kandi ritorwa ku bwiganye bwa bitatu bya gatanu by'abagize buri mutwe w'Iteko Ishinga Amategeko bitabiriye inteko.

Itegeko Nshinga: Itegeko risumba ayandi mu gihugu rigateganya imiterere y'igihugu n'uburyo kiyoborwa, rigateganya inzego nkuru zitandukanye zigize igihugu, rikagaragaza ububasha bw'izo nzego, by'umwihariko rikagaragaza uburenganzira n'inshingano bya muntu.

Itegeko ntavuguruzwa: itegeko rigomba kubahirizwa uko iteganyijwe n'uwo rireba.

Itegeko rigenga za Gasutamo: itegeko rigenga gasutamo n'amabwiriza arishyira mu bikorwa.

Itegeko rihita rikoreshe: itegeko rihita rikurikizwa ku bibazo biriho igihe ritangarijwe.

Itegeko risanzwe: itegeko ryatowe n'Iteko Ishinga Amategeko ku bwiganye burunduye bw'amajwi, mu busumbane bw'amategeko mu Rwanda riza muni y'Itegeko Nshinga, Itegeko ngenga n'amasezerano mpuzamahanga u Rwanda rwemeje burundu.

Itegeko rishyiraho ingengo y'imari ya Leta: itegeko ryerekana imibare y'amafaranga ateganyijwe kuzinjira mu isanduku ya Leta mu mwaka, imibare y'amafaranga yose ateganyijwe kuzakoreshe, hamwe n'andi mafaranga azishyurwa yemewe n'Iteko Ishinga Amategeko.

Itegeko ritanze n'umuyobozi ubyemerewe: impamvu zikuraho icyaha mu gihe uwagikoraga yashyiraga mu bikorwa amabwiriza y'umuyobozi keretse mu gihe bigaragarira buri wese ko ayo mabwiriza anyuranyije n'amategeko.

Legal norm: a general mandatory rule.

Organic law: a law so designated by the Constitution and passed by a majority vote of three fifths of the members of each chamber of Parliament present.

Constitution: supreme law of the State that determines the composition and functions of the organs of central and local government in a state and regulates the relationship between the individual and the state.

Mandatory law: a law that cannot be derogated from by the party to whom it applies.

Customs law: the law governing customs and its implementing provisions.

Law with immediate application: a law that directly applies to pending situations.

Ordinary law: a law that is passed by an absolute majority of Parliament. In Rwandan hierarchy of norms, it directly comes below the Constitution, organic laws and ratified international treaties.

State Finance Law: a law describing the expected annual revenue estimates, the annual expenditure estimates and other payments approved by the Parliament.

Command by the official: a category of justification in criminal law reflecting a determination that the wrongful conduct or actions is justified because it was ordered by the official authority, unless it is clear that such command is manifestly illegal.

Norme juridique: règle de droit générale et impérative.

Loi organique: loi désignée comme telle par la Constitution et votée à la majorité des trois cinquièmes des membres présents de chaque chambre du Parlement.

Constitution: loi suprême fondant l'autorité étatique, organisant ses institutions, lui donnant ses pouvoirs, et souvent lui imposant des limitations, en particulier en garantissant des libertés aux citoyens.

Loi impérative: loi qui ne peut être éludée par celui auquel elle s'applique.

Législation douanière: la loi sur les douanes et ses dispositions d'application.

Loi d'application immédiate: loi qui s'applique directement aux situations en cours.

Loi ordinaire: loi votée par le Parlement à une majorité absolue. Dans la hiérarchie des normes rwandaises, elle vient directement après la Constitution, la loi organique et les traités internationaux ratifiés.

Loi des finances: loi déterminant les estimations annuelles des recettes et les estimations annuelles de la totalité des dépenses, ainsi que les autres décaissements pour lesquels des dotations budgétaires ont été votées par le Parlement.

Commandement de l'autorité légitime: fait justificatif qui supprime le caractère infractionnel d'actes accomplis en exécution d'un ordre donné par une autorité publique, compétente et légitime, à moins que cet ordre ne soit manifestement illégal.

Gen. 1426

Const. 1427

Const. 1428

Const. 1429

Fisc. 1430

Civ. 1431

Pr.IL.

Const. 1432

Fin. 1433

Pen. 1434

Itegeko ryihariye rivuguruza itegeko rusange: amategeko yihariye ni yo yubahirizwa iyo anyuranye n'amategeko rusange.	Specialia generalibus derogant: (Latin). a specific rule triumphs over a general rule.	Specialia generalibus derogant: (Latin) les lois spéciales dérogent aux lois qui ont une portée générale.	Gen.	1435
Itegeko ry'inyunganizi: ingingo y'itegeko ishobora kuvuguruzwa n'ibikubiye mu masezerano abantu bagiranye; ubusanzwe yubahirizwa ari uko gusa abagiranye amasezerano batagize icyo bumvikana kinyuranye na yo.	Default rule: a rule of law that can be overridden by a contract, trust, will, or other legally effective agreement; in other words, it is applicable only if the parties did not mention anything.	Règle supplétive: règle de droit à laquelle on peut déroger, notamment par une convention qui stipulerait explicitement une clause contraire ou non conforme à la règle de droit ; elle ne s'applique par défaut, qu'en raison du silence des parties.	Gen.	1436
Itegeko ryoroshye: reba inkurikizi nyoroshyacyaha.	Soft law: see <i>retroactivity in mitius</i> .	Loi plus douce: Voir <i>rétroactivité in mitius</i> .	Pen.	1437
Itegeko shingiro: ijamba risobanura itegeko nshinga cyangwa urwunge rw'amategeko agize itegeko nshinga ry'igihugu.	Fundamental law: an expression to officially refer to the constitution or a body of legal texts making up the constitution of a given country.	Loi fondamentale: expression désignant officiellement la constitution ou l'ensemble des textes formant la constitution d'un pays.	Const.	1438
Itegeko-teka: icyemezo gifite agaciro k'itegeko risanzwe gifatwa na Perezida wa Repubulika, kigatorwa n'Inama y'Abaminisitiri iyo bidashoboka rwose ko Inteko Ishinga Amategeko iterana.	Decree-Law: act that has the same effects as ordinary laws, taken by the President of the Republic and adopted by the Cabinet in the event of the absolute impossibility of Parliament holding session.	Décret-loi: acte ayant valeur de lois ordinaires pris par le Président de la République et adopté en Conseil des Ministres lorsque le Parlement est dans l'impossibilité absolue de siéger.	Const.	1439
Iteguramugambi: igikorwa cyangwa ibikorwa bigaragaza ko umuntu yakoze icyaha yabanje kugitegura.	Premeditation: contemplation of a crime well enough in advance to show deliberate intent to commit the crime.	Préméditation: circonstance aggravante de certains crimes ou délits résultats du dessein mûri et réfléchi d'accomplir l'infraction.	Pen.	1440
Iteka: icyemezo gifite ingufu nk'iz'itegeko cyafashwe na Perezida wa Repubulika, Minisitiri w'Intebe, Minisitiri cyangwa Umunyamabanga wa Leta (urugero: Iteka rya Perezida, Iteka rya Minisitiri w'Intebe, Iteka rya Minisitiri).	Order: an order given by the President of the Republic or Prime Minister, Minister or Minister of State, having the force of law (ex: Presidential Order, Order of the Prime Minister, Ministerial Order).	Arrêté: décision exécutoire à portée générale ou individuelle émanant du Président de la République, du Premier Ministre, d'un ministre ou d'un Secrétaire d'État (par exemple: arrêté présidentiel, arrêté du Premier Ministre, arrêté ministériel).	Const.	1441
Iterabwoba': igikorwa umuntu akora cyangwa agerageza gukora ateguka undi kugira icyo akora atabishaka hakoreshejwe gutangaza cyangwa kumwitirira ibintu bishobora kumutesha icyubahiro no kumusebya, nko kumuhatira gusinya inyandiko, kumuha amafaranga, kugira ibyo yemera, ahakana cyangwa kumumenera ibanga.	Blackmail: act of acquiring or attempting to acquire from a person, by threatening to disclose or attribute to him or her some facts likely to damage his or her honour or reputation, either a signature, money, or a commitment and a renunciation, or disclosure of a secret.	Chantage: fait d'obtenir ou de tenter d'obtenir, en menaçant de révéler ou d'imputer des faits de nature à porter atteinte à l'honneur ou à la considération, soit une signature, une somme d'argent, un engagement ou une renonciation, soit la révélation d'un secret, etc.	Pen.	1442

Iterabwoba²: ibikorwa by'ubigizi bwa nabi cyangwa gukangisha gukoresha ingufu cyangwa kiboko, bikozwe n'umuntu ku giti cye cyangwa agatsiko, bikorewe abantu cyangwa imitungo yabo, hagamijwe gutera ubwoba cyangwa guhatira ubutegetsi kugira icyo bukora, akenshi kubera inyungu za politiki cyangwa gukwirakwiza ingengabitekerezo runaka.

Iteshagaciro¹: ukwambura agaciro inyandiko cyangwa igikorwa bikozwe n'urukiko kubera ko mu ikorwa ryabyo hatubahirijwe ibisabwa.

Iteshagaciro²: ivanwaho ry'ubugure, hakoreshejwe icyemezo cy'urukiko, bitewe n'uko bwakozwe habayeho guhendwa.

Iteshwagaciro: ugutesha agaciro amasezerano cyangwa icyemezo, bikozwe n'urukiko, kubera ko hari ibyo bitubahirije mu ishyirwaho ryabyo nk'aho bitigeze bigira agaciro.

Itizwa ry'umukozi: igihe umukozi wa Leta asabwe guhagarika akazi mu butegetsi bwa Leta by'agateganyo kubera inyungu z'igihugu kugira ngo akore umurimo mu muryango Leta ifitemo inyungu cyangwa mu muryango wigenga ufataneye amasezerano na Leta cyangwa akore umurimo mu muryango mpuzamahanga.

Itora¹: igikorwa umuntu agaragarizamo ubushake bwe cyangwa icyo atekereza akoresheje ihitamo cyangwa atanga ijwi rye mu gufata icyemezo ku bibazo bisaba ihitamo, ugufata icyemezo, kugena abahagararira abandi, by'umwihariko mu rwego rw'amategeko cyangwa rwa poritiki.

Itora²: **1** uburyo umunyamuryango mu isisiyeti cyangwa mu muryango runaka agira uruhare rwe mu ifatwa ry'ibyemezo. **2** igikorwa cy'umwe mu baturage cyo kugaragaza abo ashaka ko bamuhagararira cyangwa icyemezo cye ku bibazo runaka.

Terrorism: unlawful use or threatened use of force or violence by a person or an organized group against people or property with the intention of intimidating or coercing societies or governments, often for ideological or political reasons.

Nullity: invalidating an act with retroactive effects by the court's decision due to non fulfillment of the required conditions for its formation.

Rescission: setting aside of a voidable contract, particularly when the contract is done under usury.

Annulment: a declaration by the court that a contract or any legal act was never legally valid.

Secondment: a position in which a Government employee is called on to provisionally interrupt his or her duties for a public interest, in order to occupy a post within an organization in which the State holds interests or within a private organization linked to the State by a convention; or take up a post in an international public organisation.

Suffrage: an act by which one declares, by way of vote, his or her will or opinion in a choice, a deliberation, a designation, especially in legal or political domain.

Vote: **1** an act by which a member of a company participates in decision making. **2** an act by which a citizen participates in choosing his or her representatives or showing his or her decision on certain issues.

Terrorisme: usage illégal ou menace d'user de la violence par une personne ou un groupe de gens contre une population ou leurs biens, souvent pour des raisons idéologiques ou politiques, avec l'intention de provoquer la terreur ou forcer le gouvernement à faire quelque chose.

Nullité: sanction prononcée par le juge et consistant à invalider un acte, avec effets rétroactifs, en raison du non-respect des conditions requises pour sa formation.

Rescission: terme désignant la destruction, par décision judiciaire, d'un acte lésionnaire.

Annulation: anéantissement rétroactif d'un acte juridique par une juridiction, pour inobservation de ses conditions de formation.

Détachement: position de l'agent de l'État appelé à interrompre provisoirement ses fonctions dans un intérêt public, pour occuper un emploi auprès d'un organisme dans lequel l'État a des intérêts ou auprès d'un organisme privé lié à l'État par une convention, ou occuper un emploi auprès d'une institution publique internationale.

Suffrage: acte par lequel on déclare, au moyen d'un vote, sa volonté ou son opinion dans un choix, une délibération, une désignation, spécialement dans le domaine juridique ou politique.

Vote: **1** acte par lequel un membre d'une société participe à la prise d'une décision. **2** acte par lequel un citoyen participe au choix de ses représentants ou exprime son avis sur des questions particulières.

Pen. 1443

Civ. 1444

Civ. 1445

Civ. 1446

Adm. 1447

Const. 1448

Gen. 1449

<p>Itora ritaziguye/risesuye: itora abaturatione bikorera ubwabo, nta wubatoreye, bitanyuze ku abahagarariye.</p>	<p>Direct suffrage/election: electoral system in which the voters directly cast ballots for the persons, or political party that they desire to see elected instead of choosing representatives or colleges to vote for them.</p>	<p>Suffrage direct : système dans lequel les électeurs désignent les élus sans intermédiaire.</p>	<p>Const. 1450</p>
<p>Itora riziguye: itora rikorwa mu byiciro bibiri cyangwa byinshi, abenegihugu bagatora abantu bamwe, abo na bo bagatora abahagararira bose.</p>	<p>Indirect suffrage/ election: an election system in which voters do not choose between candidates for an office, but elect people who then make that choice as their representatives.</p>	<p>Suffrage indirect/Scrutin indirect: système d'élection dans lequel les électeurs ne choisissent pas eux-mêmes la ou les personnes qu'ils souhaitent voir élues, mais élisent des personnes qui font ce choix en tant que leurs représentants.</p>	<p>Const. 1451</p>
<p>Itora rusange: uburyo bw'itora bwemerera buri muntu wese wujuje ibyangombwa bisabwa mu gihugu gutora no kwiyamamaza mu matora hatitawe ku gitsina, ubwoko, inkomoko, urwego rw'imibereho cyangwa urwego rw'ubukungu abatora barimo, ariko bukagira ibyo busaba umuntu kuba yujuje, urugero nk'imyaka isabwa cyangwa no kuba atarambuwe n'inkiko uburenganzira umuntu agira mu gihugu mu bya poritiki.</p>	<p>Universal suffrage: election system that gives the right to vote, and to stand for election, to all adult citizens, regardless of wealth, income, gender, social status, race, ethnicity, or any other restriction, subject only to certain conditions such as those related to age, deprivation of civic rights following criminal convictions.</p>	<p>Suffrage universel: mode de scrutin qui permet à tous les citoyens adultes de voter, ou de se présenter aux élections, dans des élections politiques sans qu'ils soient restreints par des conditions de fortune, de capacité, d'hérédité ; toutefois ils doivent remplir certaines conditions telles que celles relatives à l'âge requise ou à l'incapacité civique.</p>	<p>Const. 1452</p>
<p>Itsinda ry'ubuvugizi: itsinda ry'abantu bishyize hamwe kugira ngo botse igitutu cyangwa bahindure ibitekerezo by'abagize inzego z'ubuyobozi bw'igihugu cyane cyane abashingamategeko, bagamiye gutuma hafatwa icyemezo kiri mu nyungu zabo cyangwa mu nyungu rusange ku kibazo runaka, cyangwa gutuma hadafatwa icyemezo kibangamiye abagize iryo tsinda cyangwa inyungu rusange. Reba nanone ubuvugizi.</p>	<p>Pressure group: an organized group of people who try to exert pressure or influence on decision-makers especially legislators, in order to get the latter to make a decision on a particular issue for the benefit of group members or for general interest, or to deter the taking of a decision that is against them or against the general interest. Also see lobby.</p>	<p>Groupe de pression: groupe de personnes organisées pour faire pression ou user d'influence sur les décideurs politique, notamment les législateurs, pour qu'ils prennent une décision dans un sens favorable aux intérêts de ses membres ou à une cause d'intérêt général, ou pour décourager la prise d'une décision qui va à l'encontre de ses membres ou de l'intérêt général. Voir aussi lobby.</p>	<p>Const. 1453</p>
<p>Itumanaho: igikorwa cyangwa uburyo bwo gutumanaho.</p>	<p>Communication: the action or process of communicating.</p>	<p>Communication: le fait ou voie de communiquer.</p>	<p>Adm. 1454</p>
<p>Ivanga amutungo rusange: amasezerano abashyingiranywe bagirana bumvikana gushyira hamwe umutungo wabo wose, ibyimukanwa n'ibitimukanwa kimwe n'imyenda yabo yose.</p>	<p>Community of property: contract by which the spouses opt for a marriage settlement based on joint ownership of all their movable and immovable property and their present and future charges.</p>	<p>Communauté universelle: contrat par lequel les époux conviennent de mettre en commun tous leurs biens, tant meubles qu'immubles, ainsi que toutes leurs dettes.</p>	<p>Civ. 1455</p>

Ivanga mutungo w'umuhahano: amasezerano abashyingiranywe bagirana bumvikana gushyira hamwe ibyo buri wese yazanye igihe cy'ishyingirwa kugira ngo bibe iremezo ry'ibihahano, kimwe n'ibyo bungutse mu mibanire yabo, bakorera hamwe cyangwa buri wese ku giti cye, byaba impano cyangwa ibizungurwa.

Ivangura: imvugo, inyandiko, igikorwa icyo ari cyo cyose bishingiye nko ku isano muzi, ubwoko, akarera umuntu akomokamo, ubwenegihugu, ibara ry'umubiri, isura, igitsina, ururimi, idini, cyangwa ibitekerezo bya politiki cyangwa ibindi bitekerezo, ibyiciro by'ubukungu, umuco, imibereho mu muryango mugari cyangwa ubumuga, bigamije kuvutsa umuntu umwe cyangwa benshi uburenganzira bwabo cyangwa kubabangamira.

Ivanguramoko: uburyo bwose bwo gutandukanya, guheza, gukumira cyangwa gutonesha abantu hashingiye ku bwoko, ibara ry'uruhu, igisanira, ubwenegihugu cyangwa isano muzi, bigamije kuburizamo cyangwa kubangamira ukwemererwa, ukugira no gukoresha ku buryo bumwe uburenganzira n'ubwisanzure bw'ibanze bwa muntu mu rwego rwa poritiki, urw'ubukungu, urw'imibereho myiza n'urw'umuco, cyangwa mu rundi rwego urwo ari rwo rwose rw'ubuzima bwa buri muntu.

Ivanga mutungo risesuye: amaseserano abashyingiranywe bagirana bumvikana gufatanya gucunga urugo rwabo hakurikijwe ubushobozi bwa buri wese, bakagumana ugucunga, ukwikenuza, gutanga no kugurisha umutungo wabo bwite.

Ivanwaho/ikurwaho/icibwa burundu: igikorwa cyo gukuraho burundu itegeko cyangwa gucuburundu igikorwa icyo ari cyo cyose bicishijwe mu itegeko. Urugero ikurwaho ry'igihano cyo kwicwa.

Limited community of acquests: a contract by which spouses agree to pool their respective properties owned on the day of marriage celebration, to constitute the basis of the acquests as well as the property acquired during marriage by a common or separate activity, donation, legacy or succession.

Discrimination: any speech, writing, or actions based on race, ethnicity, region or country of origin, clan, family connection, colour of the skin, physical features, sex, language, religion, political ideas or other ideas, economic classes, culture, social status or disability aimed at depriving a person or group of persons of their rights or inconveniencing them.

Racial discrimination: any distinction, exclusion, restriction or preference based on race, colour, descent, or national or ethnic origin which has the purpose or effect of nullifying or impairing the recognition, enjoyment or exercise, on an equal footing, of human rights and fundamental freedoms in the political, economic, social, cultural or any other field of public life.

Separation of property: a contract by which spouses agree to contribute to the expenses of the household in proportion to their respective abilities while retaining the right to enjoy, administer and freely dispose of their personal property.

Abolition: the setting aside of legislation or any other action through a law, for example, abolition of death penalty.

Communauté réduite aux acquêts: contrat par lequel les époux conviennent de mettre en commun leurs apports respectifs au jour de la célébration du mariage, pour constituer la base des acquêts ainsi que les biens acquis, pendant le mariage, par l'activité commune ou séparée, à titre de don ou de succession.

Discrimination: toute expression orale, écrite, tout acte fondé notamment sur la race, l'ethnie, l'origine, la nationalité, le clan, la famille, la couleur de la peau, les traits physiques, le sexe, la langue, la religion, les opinions politiques ou autres, les classes économiques, la culture, le statut social et le handicap, destinés à priver une ou plusieurs personnes de leurs droits ou les déstabiliser.

Discrimination raciale: toute distinction, exclusion, restriction ou préférence fondée sur la race, la couleur, l'ascendance ou l'origine nationale ou ethnique, qui a pour but ou pour effet de détruire ou de compromettre la reconnaissance, la jouissance ou l'exercice, dans des conditions d'égalité, des droits de l'homme et des libertés fondamentales dans les domaines politique, économique, social et culturel ou dans tout autre domaine de la vie publique.

Séparation de biens: contrat par lequel les époux conviennent de conserver l'administration, la jouissance et la libre disposition de leurs patrimoines propres, sous réserve de contribuer aux charges du ménage à proportion de leurs facultés respectives.

Abolition: le fait pour une loi ou une autre action d'être abolie par une loi, par exemple: Abolition de la peine de mort.

Civ. 1456

Const. 1457

Int. 1458

Civ. 1459

Gen. 1460

Ivanwaho ry'itegeko: iyo itegeko cyangwa zimwe mu ngingo zaryo bivanweho burundu mu gihe kizaza n'irindi tegeko rishya.	Repeal/Abrogation: total or partial revocation of future effects of a law by another law.	Abrogation: suppression totale ou partielle d'une règle de droit pour l'avenir par une autre règle de droit.	Gen.	1461
Ivanwaho ry'ubugwate: uburyo umuntu wahawe ikintu kitimukanwa cyari cyaratanze ingwate asaba abari baberewemo umwenda ko yabaha amafaranga angana n'ikiguzi cyacyo kugira ngo ubugwate buveho.	Paying-off/Satisfaction of mortgage: option where the possessor of the immovable that is subject to mortgage pays the creditor the amount value of the immovable with aim of taking of the mortgages attached to it.	Purge: faculté offerte au tiers détenteur d'un immeuble grevé de privilèges ou d'hypothèque de verser au créancier le montant du prix d'acquisition ou de la valeur de l'immeuble en vue de libérer cet immeuble.	Civ.	1462
Ivoger: igikorwa cyo kwinjira mu kindi gihugu hagamiye gutegeka icyo gihugu kugira ibyo gikora.	Intervention: the action of intervening in the domestic affairs of another country imposing certain conduct.	Intervention: acte d'ingérence d'un État dans les affaires d'un autre pour le contraindre à agir d'une certaine manière.	Int.	1463
Ivugurura: uburyo bwo gusuzuma bundi bushya amasezerano cyangwa itegeko hagamiye kurihindura no kuryuzuzwa mu miterere yaryo cyangwa mu byo rigenga.	Review: a process of reexamining an act (law, contract) in its format and contents and changing it.	Révision: procédé de technique juridique par lequel un acte (loi, contrat) est modifié dans sa forme ou plus fréquemment dans son contenu.	Gen.	1464
Ivugurura rya Guverinoma: bivugwa igihe umukuru wa Guverinoma ahinduye abayigize.	Cabinet reshuffle: refers to an event that occurs when a head of government rotates or changes the composition of ministers in their cabinet.	Remaniement ministériel: se dit lorsque le chef du gouvernement change la composition des ministres au sein du gouvernement.	Const.	1465
Ivugururwa/ihindurwa ry'itegeko: igikorwa cyo kuvugurura/guhindura zimwe mu ngingo z'itegeko mu gihe ryatangiyeho gukurikizwa.	Amendment: changes made to legislation, for the purpose of adding to, correcting, or modifying the operation of the legislation.	Amendement: modification et complément à certains articles d'un texte de loi qui est déjà en vigueur.	Const.	1466
Ivuguruzanya ry'imanza: iyo hari imanza zifitanye isano hagati yazo cyangwa ikiburanwa kimwe, hagati y'abaturanyi bamwe baburana ku mpamvu zimwe, hafashwe ibyemezo bibiri bitandukanye ku buryo kurangiza izo manza bidashoboka.	Conflicting judgements: a serious disagreement between two court's decisions on the same case involving same parties, same subject matters and when such decisions make it impossible for their execution.	Contrariété de jugements: inconciliableté de deux décisions connexes ou intervenues entre les mêmes parties, sur les mêmes moyens agissant en la même qualité et relativement au même objet, rendant impossible leur exécution respective.	Jud.	1467
Ivuka: intangiriro y'ubuzima. Igihe umwana asohokera mu nda ya nyina. "Umwana wasamwe afite uburenganzira bwemererwa buri muntu, apfa gusa kuvuka ari muzima".	Birth: the beginning of life; emergence and separation of offspring from the body of the mother. "The conceived child is entitled to legal personality, provided that it is subsequently born alive."	Naissance: commencement de la vie pour un être vivant ; sortir du sein maternel. « L'enfant conçu jouit des droits civils à la condition qu'il naisse vivant. »	Civ.	1468
Ivunja: ivunjisha ry'amafaranga, yaba ayo mu gihugu cyangwa ay'amahanga.	Change: exchange of money in different currencies.	Change: échange d'une monnaie contre une autre.	Com.	1469
Ivunjabwishyu: ukwishyura igitandukanye n'icyari cyumvikanyweho mu masezerano.	Dation en paiement/Giving in payment: a mode of discharging a debt by the debtor's giving to the creditor with the creditor's consent something that satisfies the debt but which differs from the form of payment originally called for by the debt. Also called Giving in payment.	Dation en paiement: remise à titre de paiement et de l'accord des deux parties, d'une chose différente de celle qui faisait l'objet de l'obligation.	Civ.	1470

Ivunjamwenda: amasezerano agamije gusimbuza umwenda usanzweho undi mushya.

Iyakirwa¹: iyo nyiri igikorwa yemeye kwakira imirimo umwubatsi yamukoreye.

Iyakirwa²: ibiranga ikirego bituma urukiko rwaregawe rubasha kugisuzuma.

Iyandikisha ry'igihangano: inshingano iteganywa n'amategeko isaba umuhanzi cyangwa abasohora ibihangano kwandikisha ibihangano by'ubugeni, ubuvanganzo bwanditse cyangwa nyamvugo, ikinamico, umuziki, n'ibindi kugira ngo bimuheshe uburenganzira ntavogerwa.

Iyandikisha ry'ubutaka: uburyo bwo kwandika ubutaka kugira ngo abantu bose bamenye uburenganzira umuntu abufiteho.

Iyandikwa: kwandikisha uburenganzira mbonezamubano cyangwa igikorwa runaka mu gitabo cyabugenewe.

Iyandukura: umuhango wo gushyira ahagaragara (kumenyekanisha) bimwe mu byemezo by'amategeko, uwo muhango ukaba ukorwa icyemezo runaka cyandukwe mu gitabo cy'irangamimerere.

Iyeheranya n'igabagabanya ry'umutungo ritegetswe n'urukiko: kugaragaza ko umucuruzi (isosiyete) runaka atakibasha kwishyura imyenda maze urukiko rugategeka ko umutungo we ugurishwa kugira ngo hishyurwe imyenda yari afite.

Novation: an agreement under which there is substitution of an already existing obligation for a new obligation.

Acceptance of works: operation of accepting the work done by the contractor.

Admissibility of claim: principles determining whether or not a particular lawsuit may be received by the court.

Registration of copyright: legal obligation for producers and editors to register their works in order to have monopoly rights over artistic, dramatic, literary, or musical, and other kinds of works.

Land registration: systems by which matters concerning ownership, possession or other rights in land can be recorded to let the third parties know the rights the person has on the land.

Registration: the recording of a civil right or act in the appropriate registry.

Transcription: action of transcribing any decision or order relating to civil status in the civil status register.

Liquidation: a procedure by which a court declares a business (company) undischarged bankrupt and orders that his or her properties be auctioned so as to pay the debts he or she owes.

Novation: convention par laquelle il y a substitution d'une obligation nouvelle à une obligation ancienne.

Réception: acte unilatéral par lequel le maître d'ouvrage approuve, dans le cadre d'un contrat d'entreprise, les travaux effectués par l'entrepreneur.

Recevabilité (de la demande): caractère d'une demande en justice rendant possible son examen au fond par la juridiction saisie.

Dépôt légal: obligation faite par la loi au producteur et à l'éditeur de faire enregistrer le droit aux œuvres artistiques, littéraires, dramatiques, musicales, et autres, ce qui procure le droit d'auteur.

Enregistrement des terres: technique ayant pour but d'enregistrer et de porter à la connaissance des tiers certains actes juridiques portant sur la propriété foncière.

Enregistrement: action d'enregistrement d'un droit civil ou acte dans un registre approprié.

Transcription: formalité de publicité de certains actes juridiques, qui consiste à recopier totalement ou partiellement l'acte sur un registre officiel.

Liquidation judiciaire: procédure par laquelle une juridiction constate la cessation de paiement d'un commerçant (société) et ordonne la mise en vente de ses biens pour le paiement de ses dettes.

Civ. 1471

Civ. 1472

Jud. 1473

Adm. 1474

1475

Civ. 1476

Civ. 1477

Com. 1478

<p>lyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo uzungurwa: ukugaragaza abazungura no kubahamagara mu izungura, kugaragaza ibigize umutungo uzungurwa, gukora ibarura ry'ibintu bigize umutungo uzungurwa, kwishyura imyenda nyakwigendera yari aberewemo no kwishyura imyenda ikurwa ku murage ndetse no gutanga imirage ku bintu bizwi nyakwigendera yasize akoze. Ni ukugaragaza kandi uburenganzira bw'abashyingiranywe bushingiye ku buryo bw'imicungire y'umutungo wabo hakurikijwe amategeko agenga iseswa ry'uburyo bw'imicungire y'umutungo ku mpamvu z'urupfu rw'umwe mu bashyingiranywe.</p>	<p>Liquidation: the process by which the liquidator (or executor) identifies and notifies all successors to a person's estate, determines the contents of the estate, takes an inventory and establishes all the property that makes up the estate, recovers any credit and pays any debts on the property, and distributes legacies by particular title as well as Liquidation means an act of determining rights attached to matrimonial regime of spouses according to provisions relating to dissolution of matrimonial regime by death of one of spouses.</p>	<p>Liquidation: procédure consistant à identifier et à appeler les successibles, à déterminer le contenu de la succession, à établir l'inventaire des biens formant la masse successorale, à recouvrer les créances, à payer les dettes de la succession et à payer les legs particuliers. Elle consiste en outre à fixer les droits attachés aux régimes matrimoniaux des époux, suivant les règles de la dissolution des régimes matrimoniaux pour cause de décès de l'un des époux.</p>	Civ.	1479
<p>lyegurirwa ry'izungura: igikorwa cyo guha uzungura ibyo agomba kuzungura.</p>	<p>Devolution of inheritance: the passing of inheritance to the successors.</p>	<p>Dévolution successorale: transfert de l'héritage aux successibles.</p>	Civ.	1480
<p>lyemerakirego: iyo uregwa yemeye ibyo urega asaba urukiko cyangwa icyo urubanza rumutsinda rwemeza.</p>	<p>Admission of a claim/Acquiescence: the act whereby the defendant accepts the claims made by the plaintiff or the conclusion of the judgement against him/her.</p>	<p>Acquiescement: l'acquiescement est l'acte par lequel le défendeur accepte les conclusions du demandeur ou le jugement qui le condamne.</p>	Jud.	1481
<p>lyemeramasezerano: iyo amasezerano yakozwe hagati y'abantu batari hamwe, ni igihe uwasabwe kwemera amasezerano ayemeye.</p>	<p>Emission: where the contract is concluded "inter absentes", emission refers to the time when the offeree manifests his or her acceptance.</p>	<p>Émission: lors des contrats à distance, moment auquel le destinataire de l'offre manifeste son acceptation.</p>	Civ.	1482
<p>lyezandonke: uburyo abakora ibyaha bakoresha bagamije guhisha ko imitungo bafite ikomoka ku bikorwa binyuranyije n'amategeko ku buryo iyo mitungo igaragara nk'aho ikomoka ku bikorwa byemewe.</p>	<p>Money laundering: the process by which a person conceals or disguises the identity or the origin of illegally obtained proceeds so that they appear to have originated from legitimate sources.</p>	<p>Blanchiment de capitaux: processus par lequel une personne dissimule ou déguise la nature ou l'origine du produit d'activités illicites de manière à ce qu'il paraisse provenir de sources licites.</p>	Pen.	1483
<p>lyicarubozo: gukorera umuntu ibikorwa bibabaza umubiri cyangwa mu mutwe, hagamijwe kumutera ubwoba kugira ngo atange amakuru cyangwa yemere ibyo ashinjwa, bikoze n'umukozi wa Leta mu mirimo ye.</p>	<p>Torture: intentional infliction of severe physical or mental pain or suffering in order to intimidate, coerce, obtain information or a confession, committed by persons acting in an official capacity.</p>	<p>Torture: soumission intentionnelle à une violente souffrance physique ou mentale dans le but d'obtenir une information ou une confession, infligée par une personne agissant à titre officiel.</p>	Pen.	1484
<p>lyigabihano: ubumenyi bw'amategeko ahana burebana n'amategeko agenga ibihano.</p>	<p>Penology: field of criminal law which refers to the scientific study of the rules applicable to sentencing.</p>	<p>Pénologie: domaine du droit pénal qui traite des règles applicables aux sanctions répressives (peines).</p>	Pen.	1485

Iyigabyaha: mu buryo butaguye, ni urwunge rw'amahame n'ubushakashatsi bugamije kwiga impamvu ibyaha bikorwa. Mu buryo bwaguye, ni ukwiga mu buryo bwa gihanga ibijyanye n'ibyaha mu migirire yabyo yose uko ari itatu: icyaha ubwacyo, uburyo icyaha gihanwa n'uko imihaniye yacyo yakirwa na rubanda.

Iyigana: igikorwa gifatwa nk'icyaha mu mategeko y'u Rwanda, cyo kubyaza umusaruro ikintu kigize umutungo bwite mu by'ubwenge cyahawe icyemezo cyo kurengerwa gitangwa hakurikijwe amategeko, bikorwa n'umuntu uwo ari we wese utari nyiri uburenganzira kuri uwo mutungo kandi adafite n'uruhushya rwe.

Iyikorera ry'ibicuruzwa mu mazi: uburyo bwo gutwara ibicuruzwa mu mato bitarasoreshwa, biva ku cyambu kimwe bijya ku kindi ariko amato akurikiye inkombe. Ibyambu bishobora kuba biri mu gihugu kimwe cyangwa mu bihugu bitandukanye.

Iyinjizwa ry'ibicuruzwa by'agateganyo: uburyo Gasutamo ikoresha butuma ibicuruzwa bimwe na bimwe bishobora kwinjizwa no gukoresha ku butaka Gasutamo ikoreraho kandi bikaba bisonewe imisoro by'agateganyo. Ibyo bicuruzwa bigomba ariko kuba byaratumirijwe impamvu yihariye kandi biteganyirijwe kongera koherezwa mu mahanga mu gihe cyagenwe, kandi nta kindi cyabihinduweho uretse gutakaza agaciro bitewe n'icyo bikoreshejwe.

Iyirukana rusange: kwirukana abakozi benshi icyarimwe.

Iyongeragaciro (ry'ikintu): igihe ikintu cyiyongereye agaciro bitewe n'ibihe.

Iyoroshyamategeko: uburyo bwo kugabanya cyangwa kukuraho amategeko mu rwego rw'umurimo runaka.

Criminology: in the narrow sense of the term, it is the study of causes of crime, comprising of criminal biology and criminal sociology; in a broader sense, it is the scientific study of crime and criminal punishment as social phenomena.

Forgery/Counterfeiting: the act of exploitation of an intellectual property right made by any person other than the owner of the title and without his or her consent, which is an offence under Rwandan criminal law.

Cabotage: trade transit of vessel from one port to another near coastways. Cabotage can be national or international.

Temporary admission: the customs procedure under which certain goods can be brought into and used in the customs territory and conditionally relieved from payment of duties so long as the goods are imported for a specific purpose and are intended for re-exportation within a specified period, and without having undergone any change except for normal depreciation due to their use.

Mass dismissal: dismissal at once of a group of employees by the employer.

Appreciation: an increase in value over a period of time.

Deregulation: policy aimed at reducing or removing existing regulations in a given sector.

Criminologie: au sens restreint, le terme renvoie à l'ensemble des doctrines et recherches ayant pour objet de déterminer les causes de la criminalité (criminogénèse). Au sens large, il désigne l'étude scientifique du phénomène criminel et des réponses que la société lui apporte ou pourrait lui apporter.

Contrefaçon: fait pour un autre que le titulaire d'un droit de propriété intellectuelle ou de sa licence d'exploiter illégalement ce monopole, portant ainsi atteinte aux droits de son titulaire, qui constitue une infraction en droit pénal rwandais.

Cabotage: genre de navigation maritime en transit qui consiste à se déplacer de port en port en restant à proximité des côtes. Le cabotage peut être national ou international.

Admission temporaire: le régime en vertu duquel certaines marchandises peuvent entrer et être utilisées sur le territoire douanier en étant exonérées sous certaines conditions du paiement des droits si elles sont importées à des fins spécifiques et sont destinées à être réexportées à l'expiration d'un délai précis sans être modifiées hormis la dépréciation normale due à l'usage qui en est fait.

Licenciement collectif: licenciement qui concerne un ensemble de travailleurs en même temps.

Appréciation (d'une valeur): augmentation de la valeur après une certaine période.

Déréglementation: politique consistant à alléger ou à supprimer une réglementation existante dans un secteur.

Gen. 1486

Pen. 1487
Com.

Fisc. 1488

Fisc. 1489

Soc. 1490

Gen. 1491

Adm. 1492

lyubahirizwa ry'ako kanya: mu mategeko mpuzamahanga, ihame rivuga ko amasezerano mpuzamahanga ahita ashirwa mu bikorwa mu gihugu bitabaye ngombwa ko habanza kubaho irindi tegeko ribyemeza.	Immediate/Direct effect: a principle under international law, that treaties have immediate effect, without implying any prior ratification on national level.	Effet direct: principe, en droit international, selon lequel une convention internationale s'applique directement dans le droit interne des États sans qu'il soit besoin que cet État transpose préalablement cette convention dans son droit interne par l'adoption d'une loi.	Int.	1493
lyubahirizwa ry'ako kanya ry'itegeko: ihame rivuga ko itegeko ryubahirizwa rikimara kujyaho.	Immediate application of the law: there is a presumption that laws are intended to have immediate effect.	Effet immédiat de la loi: principe en vertu duquel la loi nouvelle régit immédiatement les situations juridiques constituées après sa publication.	Gen.	1494
lyubahirizwa ry'itegeko nshinga: igitekerezo kivuga ko ububasha bwa guverinoma n'inzege za Leta bugomba kugarukira ku biteganywa n'itegeko nshinga.	Constitutionalism: constitutionalism is the idea that the government can and should be legally limited in its powers and its authority depends on observing these limitations of the Constitution.	Constitutionnalisme: constitutionnalisme renvoie à l'idée que l'État (le gouvernement) peut et doit être limité dans ses pouvoirs et que son autorité dépend du respect de la constitution.	Const.	1495
Izimira: igihe umuntu yabuze aho atuye cyangwa aho aba nta makuru ye azwi nyuma y'igihe runaka giteganywa n'itegeko ku buryo nta wuzi niba ari muzima cyangwa yarapfuye. Reba ibura .	Absence: a situation where a person is absent from his or her domicile or residence in a way that there is no news of him or her after a period of time determined by law, to such an extent that no one knows whether he or she is alive or dead. See disappearance .	Absence: situation dans laquelle une personne est introuvable à son domicile ou à sa résidence, sans nouvelles d'elle après un laps de temps déterminé par la loi, à tel point que personne ne sait si elle encore en vie ou morte. Voir disparition .	Civ.	1496
Izina: ijambo cyangwa amagambo akoreshwa mu guhamagara umuntu no kumutandukanya n'abandi.	Name: a word or group of words used to call a person and to distinguish him or her from others.	Nom: mot ou groupe de mots utilisés pour appeler une personne et le distinguer des autres.	Civ.	1497
Izina bwite: izina ry'umuryango ry'ibanze.	Surname: principal family name or last name.	Nom propre: nom de famille principal.	Civ.	1498
Izina ry'idini: izina rigerekwa ku izina bwite akenshi ritaranga inkomoko y'umuntu ahubwo rishingiye ku idini. icyakora mu mategeko y'u Rwanda, izina ry'idini riza inyuma y'izina bwite. Reba izina ry'ingereka .	First name: given name, the name that comes before the surname; it does not indicate the origin of a person but rather his religion. In Rwanda, however, the first name comes after the surname. See also post-name .	Prénom: nom qui précède le nom de famille, qui n'indique pas l'origine de la personne, mais plutôt d'origine religieuse. Toutefois, au Rwanda le prénom suit le nom propre. Voir post-nom .	Civ.	1499
Izina ry'ingereka: izina ry'idini cyangwa irindi zina ry'umuryango cyangwa yombi, byiyongera ku izina bwite.	Post-name: a first name or additional family name, or both, given to a person in addition to a surname.	Post-nom: prénom ou nom de famille additionnel ou les deux à la fois, venant en plus d'un nom propre.	Civ.	1500
Izina ry'irihimbano: izina umuntu atahawe mu buryo bukurikije amategeko ahubwo yahawe n'umuntu biturutse mu mwiheriko we ku mubiri cyangwa mu myitwarire, ku gikorwa cyangwa ku wundi mwiheriko afite.	Nickname: informal name given to a person by third party often derived on his or her physical or moral particularity, his or her action or personal distinction.	Surnom: nom informel donné à une personne par un tiers tiré souvent de sa particularité physique ou morale, de son action ou d'une distinction personnelle; aussi appelé sobriquet.	Civ.	1501
Izina ry'isosiyete: izina rihabwa isosiyete rigomba kugaragara muri sitati zayo.	Company name: a name of a registered company as stated in its statutes.	Raison sociale: nom d'une société qui doit nécessairement figurer dans les statuts de cette société.	Com.	1502

Izina ry'ubucuruzi: izina rikoreshwa mu mirimo y'ubucuruzi n'umuntu ku giti cye cyangwa ikigo kandi iryo zina rikaba ari kimwe mu bigize ubwo bucuruzi.

Izina ry'ubuhanzi: izina umuntu yihaye kubera umurimo akora cyane cyane uw'ubuhanzi ariko ritari ryo zina nyakuri rye.

Izina ry'umuryango: izina umuntu aba yariswe mbere yo guhabwa irindi.

Izungura: guhabwa ububasha n'inshingano ku mutungo n'imyenda bya nyakwigendera.

Izungura ridafite nyiraryo: izungura rikorwa iyo nta muzungura uhari cyangwa abazungura banze uburenganzira bwabo bwo kuzungura. Reba **izungura ritagira nyiraryo**.

Izungura ritagira nyiraryo: iyo ntawe uzungura cyangwa uragwa uhari, izungura ryitwa ko ridafite nyiraryo; umutungo uzungurwa ugahita wegurirwa Leta.

Business name: name under which a sole trader or a company carries on business and is a part of that business.

Pseudonym: person's name that is not his or her real name, especially one used by an author.

Family name: Surname.

Succession: act by which the rights and obligations on the patrimony of the deceased person, the de cujus, are transferred to his or her heirs.

Abeyance of succession: succession conducted when there is no heir or heirs renounce to their right of succession. See **escheat**.

Escheat: situation where there is no heir or legatee. In such a case, the succession is in a situation of escheat and devolves to the State.

Nom commercial: dénomination sous laquelle une personne physique ou morale exploite son fonds de commerce et dont il constitue un élément.

Pseudonyme: vocable qu'une personne utilise pour se désigner dans l'exercice d'une activité, généralement littéraire ou artistique.

Patronyme: nom de famille par opposition au prénom.

Succession: acte par lequel les droits et les obligations sur le patrimoine d'une personne décédée, appelée de cujus, sont transférés à ses héritiers.

Vacance de succession: succession menée lorsqu'il n'y a aucun héritier ou lorsque les héritiers renoncent à la succession. Voir **déshérence**.

Déshérence: situation d'une succession lorsqu'il n'y a pas d'héritier. À défaut de tout héritier ou légataire, la succession est dite en déshérence et est dévolue à l'État.

Com. 1503

Civ. 1504

Civ. 1505

Civ. 1506

Civ. 1507

Civ. 1508

Jj

J

Jenoside: icyaha cy'ubugome kigizwe na kimwe mu bikorwa bikurikira, gikozwe kigambiriwe, kigamiye kurimbura abantu bose cyangwa bamwe muri bo, bahuriye ku bwenegihugu, ku bwoko, ku ibara ry'uruhu cyangwa ku idini, bazira icyo bari cyo, haba mu bihe bisanzwe cyangwa mu bihe by'intambara : kwica abo bantu; kubatera ubumuga bw'umubiri cyangwa bwo mu mutwe; kubashyira, ubigambiriye, mu mibereho ishobora gutuma barimbuka bose cyangwa harimbuka igice cyabo; gufata ibyemezo bibabuzza kubyara; kubambura ku ngufu urubyaro rwabo ukaruha abandi bantu badahuje. Ibikorwa bikurikira na byo bihanwa nk'icyaha cya jenocide : gucura umugambi wo gukora Jenocide; gutegura Jenocide; gushishikariza ku buryo buziguye cyangwa ku buryo butaziguye abantu gukora Jenocide; kugerageza gukora Jenocide; ubufatanyacyaha muri Jenocide.

Genocide: crime consisting in any of the following acts committed with intent to destroy, in whole or in part, a national, ethnical, racial or religious group, as such, whether in time of peace or in time of war: killing members of the group; causing serious bodily or mental harm to members of the group; deliberately inflicting on the group conditions of life calculated to bring about its physical destruction in whole or in part; imposing measures intended to prevent births within the group; forcibly transferring children of the group to another group. The following acts are punishable as genocide: conspiracy to commit genocide; planning of the genocide; direct or indirect incitement to commit genocide; attempt to commit genocide; complicity in genocide.

Génocide: crime constitué de l'un quelconque des actes ci-après, commis dans l'intention de détruire, en tout ou en partie, un groupe national, ethnique, racial ou religieux, comme tel, ce soit en temps de paix ou en temps de guerre: meurtre de membres du groupe; atteinte grave à l'intégrité physique ou mentale de membres du groupe; soumission intentionnelle du groupe à des conditions d'existence devant entraîner sa destruction physique totale ou partielle; mesures visant à entraver les naissances au sein du groupe; transfert forcé d'enfants du groupe à un autre groupe. Les actes suivants sont aussi punissables des peines prévues pour le crime de génocide: conspiration pour génocide; planification du génocide; incitation de façon directe ou indirecte à commettre le génocide; tentative de génocide; complicité de génocide.

Int. 1509

Kk

Kaminuza: ikigo cy'amashuri makuru gitanga inyigisho zo ku rwego rwo hejuru kigakora n'ubushakashatsi, gifite porogaramu z'imyigire zituma umuntu abona impamyabushobozi ihanitse, iy'icyiciro cya gatatu cya kaminuza cyangwa iy'ikirenga.

Kariyeri: ahantu cyangwa ikirombe gicukurwa mu amabuye, umucanga n'ibindi bikorehwa mu bwubatsi bitari amabuye y'agaciro, hatandukanye na za mine.

Kasho: ahantu hafungirwa by'agateganyo abagikorera iperereza ku byaha bakurikiranayeho.

Kiboko: igikorwa kigambiriwe gitera umuntu ubwoba bwo kugirirwa nabi ku mubiri gituma yemera icyo atari kwemera icyo igikorwa kitabaho.

Kidafatika: bivugwa ku kintu kitariho ku buryo bufatika nk'ideni, uburenganzira bw'umuntu, uburenganzira ku bihangano.

Kidafatirwa: bivugwa ku gice cy'ibintu byimukanwa gishobora gutuma ufatirwa yabera umutwaro abandi cyangwa leta. Reba ukudafatirwa.

Kidafite agaciro¹: ikintu kidafite agaciro mu mategeko.

Kidafite agaciro²: ijambo rikorehwa mu mategeko rigaragaza ko igikorwa cyateshejwe agaciro gifatwa nk'ikitarigeze kibaho, bityo kikaba kitagira ingaruka zishingiye ku mategeko. Reba *kidafite agaciro*.

University: institution for higher learning education and research that offers learning programs which lead to obtaining bachelor's degree, master's degree or doctoral degrees.

Quarry: surface or excavation from which construction materials such as stones, sand and gravel, etc are extracted, as opposed to mines.

Lock-up: a jail in which suspects are detained provisionally during investigation period.

Violence/Assault: intentional act that causes someone to be put in fear of immediate physical harm, and which forces him or her to make an unintended act.

Incorporeal: in reference to a thing without a body or physical form such as a claim, a human right, an intellectual right.

Exempted from seizure: refers to the portion of the movable property which would expose the debtor to extreme poverty or make him or her dependent on the community or the State. See exemption from seizure.

Null: having no legal force.

Void/Invalid: expression used in law to mean that a cancelled act has no more effect and is considered as if it never existed. See *null and void*.

Université: établissement d'enseignement supérieur et de recherche offrant des programmes d'études menant à l'obtention d'un diplôme de licence, de maîtrise ou de doctorat.

Carrière: endroit où l'on extrait des matériaux de construction ou différents minéraux non métalliques ou carbonifères tels que des pierres, du sable, des graviers, etc. La carrière est définie par opposition aux mines.

Maison d'arrêt: lieu où sont détenus provisoirement les suspects pendant la période d'instruction.

Violence: fait intentionnel de nature à inspirer une crainte telle que la victime donne son consentement à un acte que, sans cela, elle n'aurait pas accepté. Voir vices du consentement.

Incorporel: se dit d'une chose qui n'a pas de réalité sensible, qui n'est pas palpable tels une créance, un droit de la personne, un droit de propriété intellectuelle.

Insaisissable: se dit de la part de la biens mobiliers dont la saisie réduirait le débiteur saisi à la misère et à la charge de la communauté ou de l'État. Voir insaisissabilité.

Nul: sans force légale.

Non avenue: expression utilisée en droit pour dire qu'un acte annulé n'a pas plus d'effet et qu'il est considéré comme s'il n'est jamais existé. Voir *nul et non avenue*.

Adm. 1510

Adm. 1511

Pen. 1512

Civ. 1513

Civ. 1514

Civ. 1515

Civ. 1516

Civ. 1517

Kidafite agaciro na mba: iyo havuzwe ko amasezerano, inyandiko cyangwa ibyavuye mu matora bidafite gaciro na mba, bisobanura ko bifatwa nk'ibitarigeze bibaho.	Null and void: If an agreement, a declaration, or the result of an election is null and void, it is not legally valid.	Nul et non avenue: si on qualifie de nul et non avenue un accord, une déclaration ou le résultat d'une élection, il est considéré comme n'ayant pas eu lieu.	Civ.	1518
Kidasaza: bivugwa ku kirego umwenda cyangwa icyaha kitagira igihe kigenwa n'amategeko cyagera ngo gite agaciro. Urugero: Jenocide ni icyaha kidasaza.	Imprescriptible: refers to an action, a debt, a crime which has no limitation of time beyond which it is no longer valid or enforceable. e.g. Genocide is an imprescriptible crime.	Imprescriptible: se dit de ce qui ne peut pas être acquis ou de ce dont on ne peut pas se libérer (une ane ou un crime) par un certain laps de temps selon les conditions déterminées par la loi. Exemple: Le génocide est un crime imprescriptible.	Civ.	1519
Kidashobora gucuruzwa: ikintu kidashobora kugirirwaho amasezerano. Urugero: umubiri w'umuntu.	Not for sale/Extra commercium: which can not be subject of a contract. For example: the human body.	Hors du commerce: qui ne peut faire l'objet de contrats. Par exemple: le corps humain.	Gen.	1520
Kidashobora kuvuguruzwa: ikimenyetso kitemera ko ibindi bimenyetso bishobora kukivuguruzwa.	Irrebuttable: irrebuttable presumption is one that the law does not allow to be contradicted by evidence.	Irréfragable: présomption qui ne tolère pas la preuve contraire.	Civ.	1521
Kidasubirwaho¹: cyarangiyiye burundu, kitavuguruzwa.	Absolute: definitive and non derogable	Absolu: final, irrévocable.	Gen.	1522
Kidasubirwaho²: bivugwa igihe igikorwa cyakozwe kidashobora gusubirwaho.	Irrevocable: impossible to change or stop.	Irrévocable: caractère de ce qui ne peut être révoqué.	Civ.	1523
Kidateganywa: bisobanura ikintu umuntu atabasha guteganya mbere y'uko kiba.	Unforeseeable / Unpredictable: that cannot be known in advance. That cannot be predicted.	Imprévisible: caractère de ce qui échappe à la prévision du bon père de famille.	Civ.	1524
Kigamiye kwerekana ibimenyetso: kigamiye guhamya cyangwa kwerekana ibimenyetso.	Ad probationem: for the purpose of evidence.	Ad probationem: littéralement : en vue de la preuve.	Jud.	1525
Kigenekereje: gishingiye ku kugenekereza (urugero, igiciro kigenekereje).	Estimated: calculated approximately (e.g. estimated price).	Forfaitaire: fixé par approximation globale et pour tout paiement (ex. prix forfaitaire).	Gen.	1526
Kigwiririyeye: reba <i>amasezerano agendera ku kigwiririyeye</i> .	Aleatory/Fortuitous: see <i>aleatory contract</i> .	Aléatoire: voir <i>contrat aléatoire</i> .	Civ.	1527
Kinyuranyije n'imyifatire myiza: kibangamiye imigenzo mbonezabupfura, bityo kigatuma amasezerano ata agaciro. Amasezerano ata agaciro iyo abangamiye imigenzo mbonezabupfura.	Immoral: not following accepted standards of morality and which therefore leads to annulment of a contract.	Immoral: contraire aux bonnes mœurs et qui, par conséquent, donne lieu à la nullité d'un contrat.	Civ.	1528
Kinyuranyije n'itegeko¹: kidakurikije amategeko.	Illegal: prohibited by the law, unlawful.	Illégal: contraire à la loi.	Gen.	1529
Kinyuranyije n'itegeko²: bivugwa ku kintu kirenga ku itegeko cyangwa kinyuranya n'itegeko.	Unlawful: used to describe something which is against the law, illegal.	Illicite: se dit de ce qui est en violation de la loi ou contre la loi, illégal.	Gen.	1530

K i r e b a n a n'iherekanyamutungo: bivugwa ku gikorwa gishingiye ku mategeko cyo kwikuraho uburenganzira umuntu afite ku mutungo akabuha undi. Reba **icyemezo cy'iherekanyamutungo**.

Kirebana n'umuntu ku giti cye: ikintu kidafite aho gihuriye n'umutungo, ahubwo kireba umuntu ku giti cye.

Kirebana n'urubanza: ijamba rikoresheya kugira ngo hagaragazwe ko igikorwa cyangwa icyemezo cyafashwe kirebana n'urubanza gusa.

Kirenze ububasha bw'uwigikoze: bivugwa ku gikorwa cyangwa icyemezo umuntu yafashe arenze ububasha ahabwa n'itegeko.

Kwaka inyungu z'ikirenga: icyaha cyo gusaba umuntu inyungu z'ikirenga cyangwa zikabije ku mafaranga umugurije.

Kwakira ibyaguzwe: inshingano z'uwaguze ikintu cyimukanwa zo kucyakira.

Kwakira icyo udakwiye: kukira k'umuntu bifitanye isano itaziguye no gukena k'undi mu gihe ugusumbana k'umutungo kudashyingiye ku mpamvu ishingiyiye ku mategeko. Uwakiriye icyo atagombaga kwakira yibeshye cyangwa ku bushake bwe afite inshingano yo kugisubiza uwakimuhaye bitari ngombwa.

Kwakwa ubushobozi: kwambura umuntu mukuru ubushobozi bwo gukoresha bumwe mu burenganzira afite iyo agaragaraho ubugoryi, ubusazi cyangwa ubusazi bweruye n'aho ibyo byaba bijya bimuha agahenge.

Kwamburwa ikintu: gutakaza ikintu wari utunze bikoze ku ngufu, urugomo cyangwa hakoreshejwe itegeko.

Kwamburwa ububasha bwa kibyezi: kwamburwa uburenganzira n'inshingano ababyeyi cyangwa undi muntu wemewe n'amategeko bagira ku mwana utaragira imyaka y'ubukure cyangwa ku mwana utaremererwa ubukure no ku mutungo we bakoresha mu nyungu z'uwo mwana. Bikorwa cyane cyane iyo umubyeyi akoresheje nabi ububasha bwe bwa kibyezi cyangwa akagirira umwana imico mibi irenze urugero; igihe yiyandaritse ku buryo bugaragara cyangwa ntacyo agishoboye.

Making off without payment: offence of ordering for food or drinks in a commercial place, or lodge, or hires a motor vehicle and orders fuel for it, or any other articles he or she orders for but would no longer be used or returned to the seller, without having money to pay.

Usury: offence of charging the borrower interest at an exorbitant rate.

Taking delivery: obligation of the buyer of taking physical possession of movable property from the seller.

Unjust enrichment: enrichment of one person in direct relation to the impoverishment of another, while the imbalance of assets is not justified by legal reason. He who receives by mistake or knowingly what is not due to him, obliges himself to return it to the one from whom he has unduly received it.

Interdiction: depriving the adult person, of the capacity to use some of his or her rights if he or she is in a state of imbecility, madness or raving lunacy, even when this state can present lucid intervals.

Dispossession: situation when a property is taken away from somebody, either by threat, or by law.

Forfeiture/withdrawal of parental authority: deprivation of rights and obligations that parents or any other legally recognised person have in relation to a minor or a nonemancipated minor and to his or her property and which they use in the minor's interest. his or her his or her It can be ordered in cases of abuses of parental authority or ill-treatment of the child; or if he or she is unworthy of exercising parental authority because of his or her notorious misconduct or his or her serious incapacity.

Grivèlerie/Filouterie: infraction commise par celui qui, sachant qu'il est dans l'impossibilité de payer, se sera fait servir, dans un établissement à ce destiné, des boissons ou des aliments, un logement, ou aura pris en location un automobile, ou se sera fait servir des carburants ou lubrifiants dont il l'aura fait remplir, ou toutes autres choses qui se détruisent par usage qu'il peut se faire servir, et part sans payer.

Usure: infraction qui consiste à exiger pour un prêt un intérêt supérieur à l'intérêt normalement autorisé.

Retirement: nom donné dans les ventes mobilières, à l'obligation qui pèse sur l'acheteur de prendre livraison de la chose vendue.

Enrichissement sans cause: enrichissement d'une personne en relation directe avec l'appauvrissement d'une autre, alors que le déséquilibre des patrimoines n'est pas justifié par une raison juridique. Celui qui reçoit par erreur ou sciemment ce qui ne lui est pas dû, s'oblige à le restituer à celui de qui il l'a indûment reçu.

Interdiction: retrait de la capacité d'exercer certains droits pour un majeur se trouvant dans un état habituel d'imbécillité, de démence ou de fureur, même lorsque cet état présente des intervalles lucides.

Dépossession: perte de la possession, soit par violence ou voie de fait, soit à un titre juridique.

Déchéance/retrait de l'autorité parentale: privation des droits et devoirs des parents ou de toute autre personne reconnue par la loi à l'égard d'un mineur ou d'un mineur non-émancipé et de son patrimoine qu'il utilise dans l'intérêt de ce mineur. La déchéance de l'autorité parentale intervient notamment en cas d'abus de l'autorité parentale ou de sévices sur la personne de son enfant; ou en cas d'inconduite notoire ou d'incapacité grave.

Pen. 1637

Civ. 1638

Civ. 1639

Civ. 1640

Civ. 1641

Civ. 1642

Civ. 1643

Kwamburwa uburenganzira bwo kuzungura: kwakwa uburenganzira umuntu yari afite bwo kuzungura. Urugero: Umuntu ntashobora kuzungura iyo yakatiwe igihano bitewe no kuba yarishe abishaka nyakwigendera cyangwa yarabigambiriye.	Deprivation of the right to succession: forfeiture of the right to succession. e.g. Every legal heir or legatee shall be excluded from succession if he or she was convicted of having intentionally caused the death of the deceased or had made an attempt on his or her life.	Indignité successorale: déchéance du droit à la succession. Exem: Est exclu de la succession, l'héritier légal ou le légataire qui a été condamné pour avoir causé intentionnellement la mort ou voulu attenter à la vie du de cujus .	Civ.	1644
Kwandika ikirego mu gitabo cy'ibirego: ukwandika ikirego mu gitabo cyabugenewe.	Enrolment: registration of a lawsuit to the register.	Enrôlement: mise au rôle de la demande.	Jud.	1645
Kwandika mu gitabo cy'imanza: iyandika ry'ikirego mu gitabo cyandikwamo ibirego.	Registration of a case: the formal record of a case in the register of cases pending into court.	Inscription au rôle: inscription d'une demande au répertoire des demandes en justice.	Jud.	1646
Kwanga guca urubanza: kwanga cyangwa kwirengaza gusuzuma urubanza ruzeze igihe cyo gucibwa.	Denial of Justice: refusal of a judge to adjudicate a case or neglecting to decide on matters due for a decision.	Déni de justice: fait pour le juge de refuser de répondre aux requêtes ou de négliger de juger les affaires en état d'être jugées.	Jud.	1647
Kwanga uburenganzira: kwikuraho uburenganzira umuntu yari afite cyane cyane uburenganzira ku bintu.	Disclaimer/Renunciation: refusal or renunciation of a right, especially a right to property.	Renonciation: acte par lequel une personne renonce à un droit, spécialement à un droit portant sur un bien.	Civ.	1648
Kwangiza: ikigorwa kigambiriwe cyo kudindiza urwego runaka hakoreshejwe gusenya, gutambamira no kubangamira imikorere yarwo.	Sabotage: a deliberate action aimed at weakening another entity through subversion, obstruction, disruption, or destruction.	Sabotage: action délibérée d'opposition menée par l'obstruction, la destruction ou la perturbation afin de faiblir une institution donnée.	Gen.	1649
Kwegereza abaturage ubuyobozi: uburyo bw'imiyoborere aho ubuyobozi bukuru bwikuraho imirimo imwe n'imwe ikajya ikorwa n'inzego zegereye abaturage, ariko ubuyobozi bukuru bugakurikirana uko bikorwa; ize nze zihabwa ubuzima gatozi, ubwigenge mu miyoborere n'imikoresheze y'amafaranga.	Decentralization: system of administration which consists in the transfer of power or authority from central government to local government (territorial decentralization), or from central government to departments (technical decentralization), endowed with legal personality, autonomous administration and financial resources.	Décentralisation: système d'administration consistant à permettre à une collectivité humaine (décentralisation territoriale) ou à un service (décentralisation technique) de s'administrer lui-même sous le contrôle de l'État, en les dotant de la personnalité juridique, et de l'autonomie administrative et financière.	Adm.	1650
Kwegurira ibigo bya Leta abikorera: kwegurira abikorera ibikorwa, ibigo cyangwa ubucuruzi byari bisanzwe bicungwa na Leta.	Privatisation: transfer of activities, institutions or business previously managed by a public corporation to private sector.	Privatisation: transférer au secteur privé des activités, établissements ou une entreprise jusque-là gérés par une personne morale de droit public.	Adm.	1651
Kwemera Leta: igikorwa cy'igihugu cyo kwemera ko indi Leta yemewe ku buryo bugaragara kandi ko kizajya gishyikirana na yo mu rwego mpuzamahanga.	Recognition of a State: act by which one state declares that another political entity fulfils the conditions of statehood and that it is willing to deal with it as a member of the international community.	Reconnaissance d'État: acte par lequel un État atteste que l'existence d'un État tiers est certaine et manifeste en conséquence sa volonté de le considérer comme membre de la communauté internationale.	Int.	1652
Kwemera umwana: itangazwa rikurikije amategeko aho umuntu yemera ko ari we se w'umwana wavutse ku babyeyi batashyiranywe.	Recognition of a child: legal declaration by which a person confirms to be the father of a child born out of wedlock.	Reconnaissance d'un enfant: déclaration légale par laquelle une personne affirme être le père d'un enfant né hors mariage.	Civ.	1653

Kwemera umwenda (ideni): igikorwa umuntu yemeramo ko abereyemo undi umwenda.

Kwemererwa ubukure: igikorwa mbonezamategeko gituma umwana abona ubushobozi bwo gukora ibikorwa mbonezamategeko icyo gihe agafatwa nk'umuntu mukuru.

Kwemerwa n'amategeko: impinduka ku mimerere y'umuntu ishingiyeye ku mategeko aho umwana wavutse ku batarashyingiranywe afatwa nk'umwana wavutse ku bashyingiranywe. Urugero, abana bavutse ku batashyingiranywe bemerwa nk'abavutse ku bashyingiranywe iyo se na nyina bashyingiranywe nyuma yaho, cyangwa iyo bitegetswe bityo n'urukiko.

Kwemeza: kwemeza igikorwa runaka bigatuma kigira ingufu zo kubahirizwa n'uwo ari we wese. Urugero: Urukiko rugaragaza, rutirirwe rutanga impamvu rushyingiyeho, ko rwemeje kubera umubyeyi umwana utabyaye muri aya magambo: "kuba umubyeyi w'uwo utabyaye biremejwe" cyangwa "kuba umubyeyi w'uwo utabyaye ntibyemejwe".

Kwemeza burundu amasezerano mpuzamahanga: uburyo Igihugu gikoresha kigaragaza ko cyemeye kugengwa n'amasezerano mpunzamhanga, cyayemera yose cyangwa cyakwifata ku ngingo zimwe na zimwe z'ayo masezerano.

Kwiba umwana: icyaha cyo gutwara umwana utabihereye uburenganzira n'abasanzwe bafite inshingano zo kumurera.

Acknowledgment (of a debt): act by which a debtor acknowledges that he or she owes a debt to another person.

Emancipation: legal act by which a minor acquires the capacity to exercise legal acts and by which he or she is considered as an adult.

Legitimation: a change of legal status by which a natural child acquires the status of a legitimate child. For example, natural children are legitimised by the subsequent marriage of his or her father and mother or by a court decision for recognition.

Homologation/Official approval: approving an act and imposing its execution by a court. e.g. The court pronounces adoption without motivation in the following terms: "The adoption is homologated" or "The adoption is not homologated".

Ratification of a treaty: a declaration by which a state formally accepts, with or without reservation, the content of an agreement.

Child abduction: criminal offence which consists of taking or retaining a child from the authority or direction of those to whom he or she was subjected or entrusted.

Reconnaissance de dette: acte par lequel une personne reconnaît unilatéralement avoir une dette pour une autre personne.

Émancipation: acte juridique par lequel un mineur acquiert la pleine capacité d'exercice des actes juridiques et se trouve de ce fait assimilé à un majeur.

Légitimation: le changement de statut juridique par lequel un enfant naturel acquiert la condition d'enfant légitime. Par exemple, les enfants naturels sont légitimés par le mariage subséquent de leurs père et mère ou si leur reconnaissance résulte d'une décision judiciaire.

Homologation: approbation d'un acte par les tribunaux qui lui confère la force exécutoire. Exemple: Le tribunal prononce l'adoption, sans énoncer de motifs, en ces termes: "l'adoption est homologuée" ou "l'adoption n'est pas homologuée".

Ratification d'un traité: acte par lequel un État indique son consentement à être lié par un traité, qu'il émet des réserves ou non.

Détournement de mineur: infraction par laquelle une personne soustrait un mineur à l'autorité ou à la direction de ceux auxquels il était soumis ou confié.

Civ. 1654

Civ. 1655

Civ. 1656

Civ. 1657

Int. 1658

Pen. 1659

<p>Kwibisha itegeko: guhindura imiterere y'ibintu imbere y'amategeko hagamiywe gutuma hakoreshwa itegeko ritandukanye mu by'ukuri n'iriyari rikwiriye gukoreshwa iyo hadakoreshwa uburyarya ; mu yandi magambo, ababuranyi bahitamo itegeko ribabereye bagamiye guhunga itegeko ryagombye gukoreshwa ariko ritari mu nyungu zabo. Urugero ni nk'aho abashyingiranywe bashaka ubutane ku mpamvu zitemewe n'amategeko y'igihugu cyabo bashobora kwimukira mu kindi gihugu gifite itegeko ryemera iyo mpamvu bakaba ari ho basabira ubutane. Umucamanza wo gihugu cyabo ashobora kubitesha agaciro ashingiye ku ihame ryo kutagira agaciro kw'ibyakozwe mu buriganya. Reba <i>Nta gaciro k'ibyakozwe mu buriganya</i>.</p>	<p>Evasion of the law: manipulation of a legal situation by which a law is declared applicable that is different from the one that should have been applied in the absence of manipulation of the connecting factor, in other words, parties choose a law (often of a foreign jurisdiction) to evade the application of another law otherwise applicable to their dispute but considered unfavourable. For example, spouses choose to file for divorce before a court of foreign jurisdiction because the law of that jurisdiction grants divorce for reasons that the law of their own country does not allow. The national judge may oppose such decision with the law of fraud exception (<i>Fraus omnia corruptit</i>). See <i>Fraus omnia corruptit</i>.</p>	<p>Fraude à la loi: la manipulation d'une situation juridique dans le but de transgresser une loi dans son esprit ou dans sa lettre, visant à éluder l'application d'une loi qui aurait normalement été applicable, se caractérisant souvent par l'utilisation artificielle d'une règle de conflit de loi pour échapper à l'application d'une disposition nationale défavorable. Par exemple, deux conjoints peuvent décider d'aller introduire une demande en divorce auprès d'une juridiction d'un pays étranger pour un motif de divorce reconnu par la loi de ce pays mais non reconnu par la loi de leur propre pays. Le juge national peut leur opposer l'exception de fraude (<i>Fraus omnia corruptit</i>). Voir <i>Fraus omnia corruptit</i>.</p>	<p>Civ. 1660 Pr.IL.</p>
<p>Kwica itegeko: kutubahiriza itegeko.</p>	<p>Violation of a law: transgression of a law, breach of a rule.</p>	<p>Violation de la loi: transgression d'une loi ou d'une règle.</p>	<p>Jud. 1661</p>
<p>Kwica umubyeyi: ubwicanyu bukorewe umubyeyi, yaba uw'umubiri, ukubera umubyeyi atarakubayeye cyangwa undi wese ukomokaho wemewe n'amategeko.</p>	<p>Parricide: murder of a father or mother, either legitimate, natural or by adoption or of any other legitimate ancestor.</p>	<p>Parricide: meurtre des pères ou mères, naturels ou adoptifs ou de tout autre ascendant légitime.</p>	<p>Pen. 1662</p>
<p>Kwihakana umwana: igikorwa umugabo yihakanamo umwana wabyawe n'umugore we agaragaza ko mu gihe kiri hagati y'iminsi magana atatu n'ijana na mirongo inani ibanziriza ivuka ry'uwo mwana bitewe n'uko yari kure ya nyina w'uwo mwana cyangwa bitewe n'ingaruka zikomoka ku mpanuka, atashoboraga kubana n'umugore we.</p>	<p>Repudiation of paternity: deed by which a husband denies the paternity of a child born to his wife if he proves that, during the period of between three hundred and one hundred and eighty days before the birth of that child, he was in physical impossibility of intercourse with his wife due either to his absence from home or to effect of any other accident.</p>	<p>Désaveu de paternité: acte par lequel un mari dénie la paternité d'un enfant né de sa femme, s'il prouve que pendant le temps qui a couru depuis le trois centième jour jusqu'au cent quatre-vingtième jour avant la naissance de cet enfant, il était, soit pour cause d'éloignement, soit par l'effet de quelque accident, dans l'impossibilité physique de cohabiter avec sa femme.</p>	<p>Civ. 1663</p>
<p>Kwihana icyaha: iyo uwakoze icyaha yishyuye ibyangijwe n'icyaha abyibwirije.</p>	<p>Repentance: a voluntary compensation paid by the offender for damages caused.</p>	<p>Repentir actif: fait pour un délinquant de réparer volontairement les conséquences dommageables de l'infraction.</p>	<p>Pen. 1664</p>
<p>Kwihana umucamanza cyangwa kwikura mu rubanza: inzitizi itangwa mu rubanza n'umuburanyi asaba ko umucamanza avanwa mu rubanza kubera ko amukekaho kubogama cyangwa kugira inyungu mu rubanza, ariko idashingiye ku guhakana ububasha bw'urukiko; umucamanza ashobora kwivana ubwe mu rubanza cyangwa akaruvanwamo yihanwe n'umwe mu baburanyi.</p>	<p>Recusal: objection raised by one of the parties who refuses a judge by reason of suspected partiality or interest in the case without contesting the court's jurisdiction; a judge can disqualify himself or herself or be disqualified by objection of either party.</p>	<p>Récusation (des juges): incident de procédure soulevé par une partie qui refuse un juge par soupçon de partialité ou d'intérêt dans un procès, sans contester la compétence d'une juridiction; un juge peut se désister ou se déporter lui-même ou être récusé par l'une des parties au procès.</p>	<p>Jud. 1665</p>

Kwikuraho ikintu: uburyo nyiri ikintu akoresha aha undi uburenganzira yari afite kuri icyo kintu (binyuze mu kugurisha, gutanga, kuraga, kugurana cyangwa kucyangiza, n'ibindi).

Kwimenyereza umwuga: igihe umuntu amara mu kigo iki n'iki agamije kongera ubumenyi mu kazi.

Kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange: igikorwa gishingiye ku bubasha bufitwe na Leta, ibigo bya Leta n'inzego z'ibanze zifite ubuzima gatozi bwo gukura umuntu mu mutungo we ku mpamvu z'inyungu rusange habanyije gutangwa indishyi ikwiye.

Kwimurira ufunze mu yindi gereza: gukura umuntu wari ufungiyiye muri gereza iyi n'iyi akajya gufungirwa mu yindi.

Kwiregura (uburenganzira bwo): reba *uburenganzira bwo kwiregura*.

Kwireguza kutaba ahakorewe icyaha/imyiregurire ya sinari mpari: uburyo bwo kwiregura aho ubukoresha avuga ko atari we wakoze icyaha, kubera ko igihe icyo cyaha cyakorwaga yari ahandi hantu hatandukanye n'aho icyaha cyakorewe, bityo ko adashobora kukiryoza.

Kwirengagiza gutabara uri mu kaga: icyaha gikorwa n'umuntu wirengagiza gutabara uri mu kaga gakomeye cyangwa kumutabariza kandi nta ngaruka mbi byari kugira kuri we cyangwa ku bandi.

Kwirukana burundu mu kazi: icyemezo gifatirwa umukozi wa Leta cyo kumuvana burundu mu bakozi ba Leta bitewe n'ikosa rikomeye yakozwe.

Kwirukana ku kazi: gusesa amasezerano y'akazi biturutse ku mukoresha.

Kwirukana mu gihugu: gutegeka umunyamahanga kuva mu gihugu.

Disposition: alienation of property for the benefit of a third party (by sale, gift, will, exchange, or destruction, etc.).

Professional training: period during which a person is admitted to a company in order to complete his or her professional training.

Expropriation in the public interest: an act based on power of Government, public institutions and local administrative entities with legal personality to remove a person from his or her property in the public interest after fair compensation.

Transfer: to convey or remove a convicted person from one prison to another.

Defence (right to): see *right to defence*.

Alibi: means of defence means of defence by which the one who invokes that, argues that he or she is not the author of the crime because he or she was not at the place at which the offence was committed at the time of commission of alleged offence and so could not have been responsible for it.

Failure to assist a person in danger: offence committed when a person abstains from helping or obtaining help for a person in danger, when when there could be no risk for him or her or for other persons.

Dismissal (expulsion): a definitive measure expelling a public servant from Public Service as a result of a gross misconduct.

Dismissal: the termination of a contract of employment by the employer.

Deportation: expulsion of a foreigner residing in a country because of some reasons.

Disposition: aliénation d'un bien au profit d'un tiers (par vente, par donation entre vifs, ou sa destruction, etc.).

Stage de formation: période pendant laquelle une personne est accueillie dans une entreprise en vue de compléter sa formation professionnelle.

Expropriation pour cause d'utilité publique: acte basé sur le pouvoir réservé à l'État, aux établissements publics et aux entités administratives locales dotées de la personnalité juridique de déplacer une personne de sa propriété pour cause d'utilité publique, après lui avoir donné une juste indemnisation.

Transfèrement: transfert d'une personne détenue d'un établissement pénitentiaire à un autre.

Défense (droit de): voir *droit de défense*.

Alibi: moyen de défense par lequel celui qui l'invoque fait valoir qu'il n'est pas l'auteur d'une infraction, en raison du fait qu'il se trouvait dans un lieu autre que celui où elle a été commise et qu'il ne peut pas en être responsable.

Non assistance à une personne en danger: infraction commise lorsqu'une personne s'abstient de porter assistance à une personne en péril ou de provoquer son secours alors qu'il ne pouvait y avoir aucun risque pour lui ou pour d'autres personnes.

Révocation: une mesure d'exclusion définitive d'un agent de l'État de la Fonction Publique à la suite d'une faute grave.

Licenciement: résiliation du contrat de travail à l'initiative de l'employeur.

Expulsion: ordre donné à un étranger de quitter le territoire d'un pays.

Civ.	1666
Soc.	1667
Adm.	1668
Pen.	1669
Gen.	1670
Jud.	1671
Pen.	1672
Adm.	1673
Soc.	1674
Civ. Pr.IL.	1675

Kwirukana nta mpamvu: gusesa amasezerano y'akazi bikoze n'umukoresha nta mpamvu ifite ishingiro cyangwa bidakurikije uburyo bwateganyijwe n'amategako.	Unfair dismissal: termination of employment contract by the employer without legitimate reason or respecting procedures established by law.	Licenciement abusif: toute rupture du contrat de travail à l'initiative de l'employeur sans motif légitime et sans respect des procédures prévues par la loi.	Soc.	1676
Kwirukanwa/Gusubizwa iwabo: kwangira umunyamahanga kwinjira ku butaka bw'igihugu kuko atujuje ibya ngombwa bimwemerera kukibamo.	Refoulement/Expulsion: refusal to a foreigner to enter a country because he or she doesn't fulfil required conditions for residing.	Refoulement: refus à un étranger d'entrer dans un pays parce qu'il ne remplit pas les conditions légales pour pénétrer sur le territoire.	Adm.	1677
Kwishingira umwishingizi: amasezerano y'ubwishingizi aho umwishingizi na we ashaka undi umwishingira ku byo yishingiyeho abandi, kuri bimwe cyangwa byose.	Reinsurance: insurance contract by which an insurer insures himself or herself with another insurer against some or all of his or her liability for a risk that he or she has himself or herself underwritten in an earlier insurance contract.	Réassurance: contrat d'assurance par lequel un assureur obtient la prise en charge par un autre assureur (appelé réassureur) de tout ou partie des risques qu'il supporte à l'égard de ses assurés.	Com.	1678
Kwishingira undi: gusezeranya ko undi muntu utari mu bagiranye amasezerano hari icyo azakora ku birebana n'ayo masezerano.	Promise for another: agreement by which a person promises in his or her own name that a third party will undertake to perform an obligation.	Promesse de porte-fort: disposition conventionnelle par laquelle une personne s'engage envers une autre à rapporter le consentement d'un tiers à la constitution d'un rapport de droit déterminé.	Civ.	1679
Kwishyira hamwe kw'amashyamba ya politiki: ishyira hamwe ry'amashyamba ya politiki.	Coalition: a temporary union of separate political parties.	Front: coalition de partis politiques.	Const.	1680
Kwishyura mu buryo bw'iyakure: uburyo bwo kwishyura aho urimo umwenda akoresha ikoranabuhanga kugira ngo yishyure.	Tele-payment: a form of payment in which the debtor uses information technology to pay his or her creditor.	Télépaiement: sorte de paiement par lequel le débiteur recourt à la télécommunication pour payer.	Com.	1681
Kwishyura mu ntoki: kwishyura cyangwa kwishyurwa hakoreshejwe inoti cyangwa ibiceri, bitandukanye no kwishyura cyangwa kwishyurwa hakoreshejwe sheki cyangwa hakoreshejwe uburyo bwo kohereza amafaranga cyangwa hakoreshejwe ikarita.	Cash in hand: the paying with bank notes or coins as opposed to payment by cheque, transfer or by credit card.	Paiement en numéraire: paiement qui s'effectue avec les billets de banque ou les pièces métalliques par opposition au paiement par chèque, par virement ou par carte.	Com.	1682
Kwishyurwa/guhabwa ikitagombaga kwishyurwa: reba ubwishyuru butagombaga.	Payment/reception of a thing not due: see <i>undue payment</i> .	Paiement/reception de l'indû: voir <i>paiement de l'indû</i> .	Civ.	1683
Kwishyura umusoro: igikorwa cyo gukusanya imisoro ku basoresha.	Collection of tax: operation of collecting of tax from taxpayers.	Recouvrement de l'impôt: opération de collecte des impôts auprès des contribuables.	Fin.	1684
Kwishyiraho: kuvanaho icyemezo bikoze n'urwego rwari rwagifashe.	Withdrawal: revocation of a decision by its author.	Retrait: mise à néant d'une décision par son auteur.	Adm.	1685
Kwitabazwa nk'ingereka (ihame ryo): ihame rivugako ibibazo bigomba gushyikirizwa urwego rwo hasi rubifitiye ububasha akaba ari rwo rubikemura.	Subsidiarity (principle of): principle according to which matters ought to be handled by the lowest or least centralized competent authority.	Subsidiarité (principe de): principe selon lequel le problème doit être alloué à la plus petite entité compétente de le résoudre elle-même.	Gen.	1686

Kwitabazwa nk'ingereka (ihame ryo)²: ihame rivuga ko mu rwego rwo gushakira umwana umubyeyi utari uwe, mbere yo kumushakira mu mahanga, abanza gushakirwa mu gihugu umwana akomokamo.

Kwiyunga: igihe abashyingiranywe bari mu rubanza rw'ubutane basubukuye umubano bakongera kubana nk'umugabo n'umugore.

Subsidiarity (principle of)²: principle according to which intercountry adoption can be resorted to only if there are no possibilities for the child to be cared for in suitable way in his or her country of origin.

Reconciliation: a situation by which spouses in proceedings of divorce resume their marital relationship and cohabitation.

Subsidiarité (principe de)²: principe selon lequel on ne recourt à l'adoption d'un enfant à l'étranger que si les ressources internes ont été épuisées.

Réconciliation: processus par lequel les époux en instance de divorce reprennent leur relation matrimoniale ainsi que leur vie commune.

Civ. Pr.IL 1687

Civ. 1688

Mm

M

Magendu: kohereza ibicuruzwa mu mahanga cyangwa kubivana mu mahanga bikinjira mu gihugu bitanyuze mu nzira zisanzwe zemewe n'amategeko.	Smuggling: exportation or importation of goods through unauthorized ways.	Contrebande: exportation ou importation de marchandises par des voies non autorisées.	Fisc.	1689
Magirirane: gitanga inshingano ku mpande zombi.	Synallagmatic: imposing reciprocal obligations upon the parties.	Synallagmatique: qui comporte des obligations réciproques aux parties.	Civ.	1690
Manda y'abagize umutwe w'Abadepite: igihe giteganywa n'itegeko abagize Umutwe w'Abadepite bamara bari muri ako kazi.	Term of office of Deputies: the term of provided for by the law for the members of the Chamber of Deputies.	Mandat de Députés/Législature: mandat prévu par la loi pour les membres de la Chambre des Députés.	Const.	1691
Mbere yo kwinjira mu mizi y'urubanza: aya magambo akoreshwa mu iburanisha ry'urubanza, igihe umuburanyi ushaka kwerekana inzitizi asabwa kuyivuga mu ntangiriro y'urubanza. Urugero, umwishingire warezwe iyo ashaka ko ibintu by'uwo yishingiye bibanza gufatwa, abivuga urubanza rugitangira.	In limine litis: preliminary to the proceedings. Used to describe a defence or exception raised at the starting of the court's proceedings. For example, the right to discussion enjoyed by the surety should be raised <i>in limine litis</i> .	In limine litis: au seuil du procès. C'est à dire au moment de l'instance où celle-ci va être liée par le dépôt des conclusions au fond des plaideurs. Par exemple, le bénéfice de discussion dont bénéficie la caution doit être soulevé <i>in limine litis</i> .	Jud.	1692
Mbonezamubano: kigengwa n'amategeko mbonezamubano.	Civil/Private: regulated by civil law.	Civil: régi par le droit civil.	Civ.	1693
Minisiteri: urwego rwa Leta ruyoborwa na Minisitiri, urugero nka Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga, Minisiteri y'Ubutabera.	Ministry: a government department presided over by a Minister, i.e. Ministry of Foreign Affairs, Ministry of Justice.	Ministère: département de l'État placé sous l'autorité d'un ministre (exemple: Ministère des affaires étrangères, Ministère de la justice, etc.).	Const.	1694
Minisiteri igenwe: minisiteri uko yagenewe minisitiri uyu n'uyu ndetse n'inshingano bigendana.	Portfolio: an office or a post of a cabinet member or minister of state.	Portefeuille: département ministériel et ses responsabilités.	Const.	1695
Minisitiri: umwe mu bagize guverinoma ukuriye minisiteri cyangwa uhagarariye imirimo itandukanye, akabikora abisabwe n'umukuru wa guverinoma.	Minister: member of national government either in charge of a government department or available to work in variety of policy areas at the request of the head of government.	Ministre: membre du Gouvernement chargé d'un département ministériel ou placé à la tête d'un domaine quelconque à l'ordre du chef du gouvernement.	Const.	1696
Minisitiri w'Intebe: umukuru wa Guverinoma.	Prime Minister: the head of the Cabinet.	Premier Ministre: nom de fonction désignant le chef du Gouvernement.	Const.	1697
Mu bushishozi: reba ububasha bwo gufata ibyemezo mu bushishozi.	Discretionary: see <i>discretionary power</i> .	Discrétionnaire: voir <i>pouvoir discrétionnaire</i> .	Civ.	1698
Muramukazi: mushiki w'umugabo wawe; umugore wa musaza wawe.	Sister-in-law: the sister of one's husband or wife; the wife of one's brother.	Belle-sœur: la sœur de son mari ou de sa femme; la femme de son frère.	Civ.	1699

Mu rwego rwa mbere: bivugwa ku rukiko ruburanisha urubanza bwa mbere kandi icyemezo rufata kikaba gishobora kujuririrwa.

First instance (in): refers to a court that hears the case for the first time and the decision of which can be appealed against.

Premier ressort (en): se dit d'une juridiction qui rend l'affaire en premier degré et dont la décision est susceptible d'appel.

Jud. 1700

Nn

Ndakuka: kidashobora kuvuguruzwa. Urugero: Isano itaziguye ni impamvu ndakuka yo gutesha agaciro amasezerano y'ugushyingirwa.	Absolute/Diriment: Leaving no doubt. e.g. family relationship in direct line is an absolute cause of nullity of marriage.	Dirimant: absolu. Exemple: la parenté en ligne directe est un empêchement dirimant au mariage.	Gen.	1701
Ngaruzamutungo (ikirego): bivugwa ku kirego gitangwa n'uberewemo umwenda agamije gutesha agaciro igikorwa cyakozwe n'umubereyemo umwenda kibangamiye inyungu ze. Reba <i>ikirego gitambamira irigisa</i> .	Paulian (action): refers to a claim made by a creditor in order to attack an act done by his or her debtor with purpose to rescind an act made in fraud of creditor's rights. See <i>revocatory action</i> .	Paulienne (action): se dit d'une action intentée par un créancier en fin d'attaquer un acte fait par son débiteur lorsque ce dernier a agi en fraude de ses droits. Voir <i>action paulienne</i> .	Civ.	1702
Nkomezacyaha (impamvu): bivugwa ku mpamvu ziteganywa gusa n'itegeko kandi zongera uburemere bw'igihano mu buryo buteganywa n'itegeko. Reba <i>impamvu nkomezacyaha</i> .	Aggravating (circumstances): refers to situations exclusively provided for by law which increase the gravity of penalty as determined by law. See <i>aggravating circumstances</i> .	Aggravantes (circonstances): se dit des situations exclusivement prévues par la loi qui accroissent la gravité de la peine dans la manière fixée par la loi. Voir <i>circonstances aggravantes</i> .	Pen.	1703
Numero iranga umuntu cyangwa umutungo: inyuguti cyangwa imibare byandikwa kugira ngo birange umuntu cyangwa umutungo.	Registration number: a series of letters and numbers recorded to identify a person or a property.	Numéro d'immatriculation: numéro enregistré servant à identifier une personne ou un bien.	Adm.	1704
Nsesamasezerano: bivuga inenge iri ku kintu cyakorewe amasezerano kandi ishobora gutuma ayo masezerano aseswa. Reba <i>inenge nsesamasezerano</i> .	Redhibitoria: refers to a defect on something that is the subject of a contract, and which may therefore result in the cancellation of the contract. See <i>redhibitoria defects</i> .	Rédhibitoire: se dit d'un défaut portant sur une chose faisant l'objet d'un contrat, et qui peut donc engendrer l'annulation du contrat. Voir <i>vices rédhibitoires</i> .	Civ.	1705
Nsubikarubanza: iri jambo rikoresheba bavuga ikibazo gishingiye ku mategeko gisaba urukiko kuba ruhagaritse iburanisha kugeza ubwo igisubizo kuri icyo kibazo kibonetse. Reba <i>ikibazo nsubikarubanza</i> .	Pretrial: used in reference to a legal issue that requires a court to stay to rule until the solution to this issue is given. See <i>pretrial question</i> .	Préjudiciel: se dit d'une question de droit qui oblige une juridiction à surseoir à statuer jusqu'à ce que la solution sur ce problème est donnée. Voir <i>question préjudicielle</i> .	Jud.	1706
Nta buriganya: kutagira uburyarya mu gukora amasezerano no mu kubahiriza izindi nshingano mu rwego rw'amategeko.	Good faith: honesty implied by law in the conclusion of contracts and in the implementation of other legal obligations.	Bonne foi: loyauté dans la conclusion des contrats et dans l'exécution des autres actes juridiques.	Civ.	1707
Nta cyaha gishobora kubaho, nta n'igihano gishobora gutangwa iyo bidateganyijwe n'itegeko: ihame ry'amategeko risobanura ko nta cyaha gishobora kubaho kandi ko nta gihano gishobora gutangwa iyo bidateganyijwe n'itegeko. Iri hame ribuza ikurikiranacyaha ku bikorwa byabaye mbere y'uko itegeko ribigira ibyaha ritangazwa.	Nullum crimen, nulla poena sine lege: (Latin: no crime, no punishment without a law). the principle that a conduct does not constitute an offence unless it is provided by the law and that a person cannot be punished unless it is prescribed by law. It prohibits criminalizing acts committed prior to the entry into force of a rule banning such conduct as a crime.	Nullum crimen, nulla poena sine lege: formule latine qui exprime le principe fondamental de la légalité des délits et des peines. Il n'y a pas de crime, il n'y a pas de peine sans loi. Ce principe interdit la poursuite criminel contre des actes commis avant l'entrée en vigueur des d'un texte juridique qui les incrimine.	Pen.	1708

Nta gaciro k'ibyakozwe mu buriganya: imvugo isobanura ko ibintu byose byakozwe mu buriganya nta gaciro bigira, bityo bishobora kuregerwa bisabirwa guteshwa agaciro.

Nta gihindutse: ingingo y'amasezerano mpuzamahanga itajya yandikwa ariko iba mu masezerano yose, ivuga ko uko ibintu byari bimeze igihe amasezerano yasinywaga nibiramuka bihindutse bizatesha agaciro ayo masezerano.

Nta ngwate (uwishyurwa): uberewemo umwenda udafite ingwate yihariye izatuma yishyurwa mbere y'abandi baberewemo imyenda. Reba uwishyurwa nta ngwate.

Nta nyungu, nta kirego: (Nta kirego kitagira inyungu) interuro isobanura ko ikirego kitakirwa n'urukiko iyo urega atagaragaje inyungu afite zo kurega ku muni wo gutanga ikirego.

Nta rage (izungura): izungura rikorwa hakurikiye itegeko, iyo nta rage ryabayeho.

Ntawujurirakitaraburanywe/ icyaburanywe ni cyo kijuririrwa: ihame rivuga ko nta kirego gishya gishobora kuregerwa ku rwego rw'ubujurire kitaraburanywe ku rwego rubanziriza urwajuririwe.

Nta wuregera amakosa ye: ihame ryo mu rwego rw'amategeko rivuga ko nta muntu ushobora kwitwaza amakosa ye kugira ngo agire ibyo asaba urukiko kumurenganura.

Nta wuregera ikosa rye: reba Nta wuregera amakosa ye.

Ntarengwa/ritarengwaho: bivugwa ku ngingo y'itegeko cyangwa ibwiriza rigomba kubahirizwa n'abantu bose ku buryo ubushake bw'abantu budashobora kunyuranya na ryo.

Nyakwigendera: umuntu wapfuye, bigatuma uburengazira n'inshingano ku mutungo we n'imyenda bihabwa abazungura.

Fraus omnia corrumpit: (latin meaning that fraud negates everything). Any act obtained by fraud is subject to nullity.

Rebus sic stantibus: (Latin, at this point of affairs; in these circumstances). A tacit condition attached to all treaties to the effect that as soon as the state of facts and conditions upon which they were based changes to a substantial degree, they will no longer be binding.

Unsecured (creditor): a creditor who has no special guarantee allowing him to be paid before other creditors. See *unsecured creditor*.

No interest, no action/case: the admissibility of any action in court is subject to the proof of existence of interest which must be actual and present; there is no suit without interest.

Ab intestat/Intestate: succession made basing on law where no testament (will) was made.

Tantum appellatum quantum judicatum: a principle by which no new claim can be instituted at the appellate level.

Nemo auditor propriam turpitudinem allegans/ Nobody can plead for his vil act: a legal principle whereby no person can invoke his or her own turpitude before the court of law to claim the rights that he or she is entitled to.

Nobody can plead for his vil act: see *Nemo auditor propriam turpitudinem allegans*.

Mandatory: refers to legislative or regulatory provision for which any individual derogation is not acceptable.

De cujus: the deceased, from whom the rights and obligations on the patrimony are transferred to the heirs.

Fraus omnia corrumpit: adage latin (la fraude corrompt tout) exprimant que tout acte juridique entaché de fraude peut être l'objet d'une action en nullité.

Rebus sic stantibus (clause): (Latin : les choses restant en l'état). Clause qui serait sous-entendue dans tout traité, selon laquelle le changement des circonstances existant lors de la conclusion de ce traité entraînerait sa caducité.

Chirographaire (créancier): un créancier qui ne dispose d'aucune garantie particulière lui permettant d'être payé avant les autres créanciers Voir *créancier chirographaire*.

Pas d'intérêt, pas d'action: adage which means that a claim is not admissible in court when the claimant does not prove his or her actual and present interest of filing an action.

Ab intestat: (Latin: sans testament). succession ouverte conformément à la loi, à défaut de testament.

Tantum appellatum quantum judicatum: (il ne peut être appelé que dans la mesure où il a été jugé) principe selon lequel aucune nouvelle action ne peut être intentée au niveau d'appel.

Nemo auditor propriam turpitudinem allegans/ Nul n'invoque sa propre turpitude: principe de droit selon lequel une personne ne peut invoquer sa propre turpitude pour faire prévaloir son droit.

Nul n'invoque sa propre turpitude: voir *Nemo auditor propriam turpitudinem allegans*.

Impératif: se dit d'une disposition législative ou réglementaire qui ne peut pas être écartée par une volonté individuelle contraire.

De cujus: le défunt, dont les droits et obligations sur son patrimoine sont transférés aux héritiers.

Civ. 1709

Int. 1710

Civ. 1711

Gen. 1712

Civ. 1713

Jud. 1714

Civ. 1715

Civ. 1716

Gen. 1717

Civ. 1718

Nyiri banki/Umukuru wa banki: Umuntu ufite banki cyangwa uyobora banki.	Banker: a person who owns or manages a bank.	Banquier: personne qui possède ou gère une banque.	Fin.	1719
Nyiri ibicuruzwa: umuntu wese ufite uburenganzira ku bicuruzwa cyangwa uvuga ko ari we nyira byo, uwabikoze, ufite uruhushya rurebana na byo, uwabitumije mu mahanga, uwabyohereje mu mahanga, uwo bigenewe cyangwa undi muntu wese ubifiteho uburenganzira cyangwa inyungu, bwo kubigenzura cyangwa ububasha bwo kugira icyo abikoresha.	Owner of the goods: in respect of any goods, includes any person being or holding himself or herself out to be the owner, the manufacturer, the licensee, the importer, the exporter, the consignee, or any person in the possession of, beneficially interested in, having control of or the power of disposition over such goods.	Propriétaire des marchandises: toute personne qui est, ou se présente comme étant, le propriétaire, le fabricant, le titulaire de licence, l'importateur, l'exportateur, le destinataire ou toute personne qui en a la possession, détient un titre privilégié ou a un intérêt prépondérant sur elles de les contrôler ou qui a le pouvoir de les aliéner.	Fisc.	1720
Nyiri ibintu: umuntu wese ufite uburenganzira busesuye ku kintu.	Owner: any person with title of property over a thing.	Propriétaire: toute personne qui a le droit de propriété sur un bien.	Civ.	1721
Nyiri icyangiritse ni we nyiri igihombo: iyo ikintu cyangiritse nyiracyo ni we ubarwaho ibyangiritse.	Res perit domino: the thing destroyed is at the owner's risk.	Res perit domino: la chose périt au détriment du propriétaire.	Civ.	1722
Nyiri igikorwa: umuntu cyangwa ishyirahamwe rikorerwa imirimo y'ubwubatsi, rigatanga ibikenerwa byose muri ako kazi kandi rikagena igihe imirimo igomba kumara.	Contracting authority: a person or entity requesting the construction of a building, provides funds and sets deadlines for work.	Maître d'ouvrage: personne physique ou morale qui demande la construction d'un bâtiment, d'un édifice, en assure le financement et fixe les échéances des travaux.	Civ.	1723
Nyiri umutungo: utunze ikintu nyamara hari undi muntu ugifiteho uburenganzira bwo kugikoresha no gusarura ibigikomokaho.	Bare owner: a person vested with the right of ownership, while the use of the property is given to another person, usufructuary.	Nu propriétaire: propriétaire d'un bien sur lequel une autre personne a un droit d'usufruit.	Civ.	1724
Nyokobukwe/Nyirabukwe: nyina w'umugore wawe cyangwa nyina w'umugabo wawe.	Mother-in-law: the mother of one's wife or husband.	Belle-mère: la mère de sa femme ou de son mari.	Civ.	1725

Pp

Pansiyo: amafaranga ahabwa uwiteganyirije mu gihe runaka kandi ku buryo buhoraho kubera ko agejeje ku myaka y'ikiruhuko cy'izabukuru (pansiyo y'ubusaza), cyangwa se kubera ubumuga yagize (pansiyo y'ubumuga).

Pansiyo ishingira ku misanzu y'abagiye mu kiruhuko cy'izabukuru: uburyo bukoreshwa hakusanywa imisanzu y'ubwiteganyirize bw'abakozi cyangwa abateganyiriza izabukuru ku giti cyabo, ikazakoreshwa mu kwishyura ibibagenerwa igihe bazaba bagiyeye mu kiruhuko cy'izabukuru.

Pansiyo ishingira ku misanzu y'abari mu kazi: uburyo hakoreshe imisanzu y'abakozi bakiri mu kazi mu kwishyura ibigenerwa abagiye mu kiruhuko cy'izabukuru.

Pansiyo ishingira ku misanzu y'umukoresha: uburyo bw'ubwiteganyirize bwa pansiyo aho abakozi badasabwa gutanga imisanzu ahubwo umukoresha akaba ari we wenyine wishyura imisanzu y'ubwiteganyirize bwa pansiyo y'abakozi be.

Pansiyo ishingira ku misanzu y'umukozi n'iy'umukoresha: uburyo bw'ubwiteganyirize bwa pansiyo aho umukoresha atanga umugabane w'imisanzu atangira abakozi n'abakozi bagatanga umugabane w'umusanze wabo, muri rusange bigakora imisanzu yabo ikatwa ku mishahara yabo.

Pansiyo y'ubumuga: amafaranga uwiteganyirije ahabwa iyo ahagaritse akazi kubera ubumuga atarageza ku myaka iteganyijwe yo kujya mu kiruhuko cy'izabukuru.

Pansiyo y'ubupfubuyi: iyo uwiteganyirije kuri pansiyo y'ubusaza cyangwa y'ubumuga cyangwa y'imburaghe apfuye, abo asize bagomba kubona pansiyo y'ubupfubuyi.

Pension: sum of money paid regularly to a person who has reached retirement age (retirement pension) or because of disability (disability pension).

Funded pension plan: occupational or personal pension plan that accumulates dedicated assets to cover plan's liabilities.

Unfunded pension plan/Pay-As-You-Go (PAYG) plan: a system by which contributions paid by the current workers are used to pay pensions of those who have reached the retirement age.

Non-contributory pension scheme: a pension scheme where the members do not have to pay into the scheme.

Contributory pension scheme: a pension scheme that requires members to make contributions in addition to any employer required contributions. Contributions are normally made by payroll deduction.

Disability pension: a sum of money paid to an insured person who becomes disabled before the retirement age.

Derivative rights: a right to pension originating from contributions of an insured person to social security, which benefit his or her spouse or children.

Pension: allocation régulière versée à l'assuré ayant atteint l'âge de la retraite (pension de vieillesse) ou suite à son invalidité (pension d'invalidité).

Plan de retraite capitalisé: plan de retraite professionnel ou individuel qui accumule des actifs spécifiquement destinés à la couverture des engagements du plan.

Régime par répartition/Plan de retraite non capitalisé: système consistant à utiliser, chaque année, les contributions des participants en activité pour verser des allocations aux personnes à la retraite.

Régime de pension non contributif: régime de pension dans lequel les adhérents ne versent pas de cotisations.

Régime de pension contributif/mixte: régime de pension auquel les participants (les employés) doivent verser des cotisations, en plus des cotisations obligatoires de leur employeur. Ces cotisations prennent normalement la forme de retenues sur le salaire.

Pension d'invalidité: somme d'argent que reçoit un assuré qui devient invalide avant d'atteindre l'âge légal de la retraite.

Droits dérivés: pension de survivant. Lorsque l'assuré à la pension de vieillesse ou d'invalidité décède, les survivants ont droit à une pension de survivant.

Soc. 1726

Soc. 1727

Soc. 1728

Soc. 1729

Soc. 1730

Soc. 1731

Soc. 1732

Pansiyo y'ubusaza: amafaranga ahabwa uwiteganyirije ugejeje ku myaka iteganyijwe yo kuja mu kiruhuko cy'izabukuru.	Retirement pension: a sum of money paid to an insured person who has reached the retirement age.	Pension de vieillesse: somme d'argent que reçoit un assuré qui atteint l'âge de la retraite.	Soc.	1733
Pariki y'igihugu: icyanya cyahariwe inyamaswa n'ibimera itegeko rigena ko kibungabungwa. Urugero. Pariki y'Akagera.	National park: an area of land protected by law for flora and fauna conservation. e.g. Akagera National Park.	Parc national: endroit protégé par la loi pour la sauvegarde de la faune, de la flore et du paysage. Ex. Parc National de l'Akagera.	Adm.	1734
Perezida wa Repubulika: umukuru w'Igihugu mu bihugu bigendera kuri Repubulika.	President of the Republic: head of a state in a Republic.	Président de la République: chef de l'État dans un système républicain.	Const.	1735
Perezida wa Sena: uyobora ibikorwa bya Sena mu Nteko Ishinga Amategeko.	President of the Senate: presiding parliamentarian in the Senate.	Président du Sénat: personne chargée de la direction des activités parlementaires au niveau du Sénat.	Const.	1736
Perezida w'Umutwe w'Abadepite: uyobora ibikorwa by'Umutwe w'Abadepite mu Nteko Ishinga Amategeko.	President of the Chamber of Deputies (Speaker): presiding parliamentarian in the Chamber of Deputies.	Président de la Chambre des députés: personne chargée de la direction des activités parlementaires au niveau de la Chambre des Députés.	Const.	1737
Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga: umukuru w'Urukiko rw'ikirenga akaba n'umukuru w'ubutegetsi bw'ubucamanza.	President of the Supreme Court: Chief Justice.	Président de la Cour Suprême: chef du système judiciaire.	Const.	1738
Polisi y'u Rwanda: urwego rwa Leta rufite inshingano zirimo izikurikira: kugenzura ko amategeko yubahirizwa; kubungabunga umutekano; kurinda umutekano w'abantu n'ibintu byabo; kugoboka umuntu wese uri mu byago; gukora igenzura rusange ry'ahantu hose ibona ari ngombwa; kwihutira gutabara iyo habaye amakuba, ibyago cyangwa impanuka; kugenzura ibigendera mu mihanda; kurinda umutekano mu muhanda.	Rwanda National Police: official organisation which performs functions and duties including: enforcing the law and order; maintenance and restoration of public or; protection of life and property; assisting persons in danger or distress; ensuring general surveillance of all places deemed necessary, intervening in disasters and calamities; ensuring road safety.	Police Nationale du Rwanda: service de l'État ayant pour mission d'accomplir notamment les fonctions et missions suivantes: assurer le respect de la loi; maintenir et rétablir l'ordre public; protéger les personnes et leurs biens; assister les personnes en danger; assurer une surveillance générale sur les lieux où elle le juge nécessaire, intervenir en cas de calamité, de catastrophe ou de sinistre; assurer la police routière.	Adm.	1739
Politiki y'igihugu: igenamigambi mu rwego rwo kuyobora igihugu.	Government policy: political action adopted for good governance of a State.	Politique gouvernementale: plan d'action pour bien gouverner un État.	Const.	1740

Rr

Raporo nsesengurakirego: incamake itegurwa n'umucamanza washinzwe gukora raporo igaragaza imiterere y'ikiburanwa, impamvu zashingiweho bafata icyemezo n'izateye umuburanyi kujurira.

Referandumu: uburyo bukoreshwa, igihe abaturage bagomba, binyuze mu matora, kugaragaza icyo batekereza ku ishyingiraho cyangwa ihindurwa ry'itegeko. Nshinga cyangwa irindi tegeko, cyangwa ku kindi kibazo gikomereye igihugu.

Reji: servisi ya Leta idafite ubuzima gatozi ariko ifite ubwisanzure mu micungire y'abakozi.

Repubulika: uburyo bw'imiyoborere y'igihugu aho ubutegetsu buba bufitwe n'abaturage bakabukoresha babinyujije ku babahagarariye baba bitoreye ubwabo.

Rigomba gukoreshwa (itegeko): iyo bavugaga itegeko rigomba gukoreshwa n'umucamanza ku gikorwa runaka.

Clearing: procédé de règlement des créances et des dettes entre les banques, par compensation. Voir chambre de compensation.

Cambriolage: vol avec effraction dans une maison ou bâtiment.

Banditisme: l'activité des bandits.

Appel: recours à une juridiction de niveau supérieur dans le but d'obtenir la réformation d'une décision judiciaire.

Appel principal: appel formée par le plaideur qui a perdu un procès en première instance.

Appel incident: appel formé en réplique à l'appel principal, par la partie intimée et qui est dirigé contre l'appellant ou contre les autres intimés.

Arbitrage: une procédure par laquelle les parties confient à un arbitre ou à un collège arbitral le soin de trancher un litige découlant d'une loi, d'un contrat ou lié à ce litige qui les oppose.

Règlement pacifique des conflits: règlement d'un conflit entre les États au moyen de procédures diplomatiques ou politiques qui visent à concilier leurs intérêts opposés.

Bail/Louage des choses: un contrat par lequel l'une des parties s'oblige à faire jouir l'autre d'une chose pendant un certain temps, et moyennant un certain prix que celle-ci s'oblige à lui payer.

Int. 1842

Com. 1843

Pen. 1844

Pen. 1845

Jud. 1846

Jud. 1847

Jud. 1848

Jud. 1849

Int. 1850

Civ. 1851

<p>Ubukode burambye: ubukode bw'igihe kirekire cyangwa uburenganzira bwo gukoresha ubutaka bw'undi ku gihe kirekire, gishobora kugera ku myaka 99, ukabubya umusaruro ariko ukaba ufite inshingano yo guha nyiri ubutaka icyatamurima cyaba amafaranga cyangwa se ibindi bintu. Reba <i>amasezerano y'ubukode buramye</i>.</p>	<p>Emphytheusis: a long term contract which grants the holder the perpetual right to full enjoyment of an immovable owned by another, for a long period that can last for 99 years, provided he or she undertakes to increase its value and to pay a monetary contribution or a contribution in nature to the owner. See <i>emphyteutic lease</i>.</p>	<p>Emphytéose: bail à long terme ou droit d'avoir la pleine jouissance d'un fonds appartenant à autrui, pour une durée pouvant atteindre 99 ans, à la charge de mettre et entretenir le fonds en valeur et de payer au propriétaire une redevance en argent ou en nature. Voir <i>bail emphytéotique</i>.</p>	<p>Civ. 1852</p>
<p>Ubukode bwa serivisi ya Leta: amasezerano Leta igirana n'umuntu uhawe uburenganzira bwo gukoresha serivisi ya Leta, mu gihe runaka, atayita iye, akoresha amafaranga ye, yishingira igihombo yabigiramo, akajya yaka abayikoresha kwishyurira serivisi bahawe, ariko na we akajya yishyura Leta amafaranga bumvikanyeho.</p>	<p>Concession of public service: contract between the state and an individual or company, on condition of annual rent payment, to personally manage a public service, and receive a certain fee from the users of that service.</p>	<p>Concessions de service public: contrat par lequel l'autorité publique concédante charge le concessionnaire du soin de gérer temporairement, à titre précaire, un service public, à ses frais, risques et périls, moyennant une rémunération perçue en principe sur les usagers.</p>	<p>Adm. 1853</p>
<p>Ubukode bw'ibintu: amasezerano abantu bagirana aho umwe mu bayagiranye (ukodesheje) yiyemeza guha undi (ukodeshejwe) ikintu ngo agikoreshe anasurura ibigikomokaho mu gihe bumvikanyeho na we akamuhira ikiguzi cy'ubukode.</p>	<p>Lease of property: a contract under which one of the parties (the landlord or lessor) grants to another (the tenant or lessee) the exclusive use and enjoyment of the property for an agreed period, in return for payment of rent by the latter.</p>	<p>Louage de choses: contrat par lequel l'une des parties (le locateur ou le bailleur) accorde à un autre (le locataire) l'utilisation exclusive et la jouissance de la propriété pour une période convenue moyennant paiement d'un loyer par ce dernier.</p>	<p>Civ. 1854</p>
<p>Ubukode bw'ibintu bitimukanwa: amasezerano hagati y'abantu babiri aho umwe aha undi uburenganzira bwo gukoresha umutungo we utimukanwa nibura mu gihe kitari muni y'imyaka makumyabiri, hanyuma na we akajya amwishyura amafaranga bumvikanyeho.</p>	<p>Concession of immovable: contract between the owner of an estate and an individual on condition of annual rent payment, to personally hold and to exploit it for at least twenty years.</p>	<p>Concession immobilière: contrat par lequel le propriétaire d'un immeuble attribue la jouissance du bien, contre rémunération annuelle, et pendant au moins vingt ans, à un preneur qui peut apporter tous aménagements de son choix.</p>	<p>Civ. 1855</p>
<p>Ubukode bw'ibrombe: amasezerano Leta igirana n'umuntu uhawe uburenganzira bwo gukoresha ibirombe akajya yishyura amafaranga y'ubukode.</p>	<p>Mining concession: contract between the state and an individual or company to exploit minerals in exchange for rent payment.</p>	<p>Concession minière: convention par laquelle l'État autorise une personne à exploiter une mine moyennant paiement d'une redevance.</p>	<p>Adm. 1856</p>
<p>Ubukode bw'ibya Leta: amasezerano Leta igirana n'umuntu uhawe uburenganzira bwo gukoresha ibya Leta akabibya inyungu kandi akajya yishyura amafaranga bumvikanyeho.</p>	<p>Concession of public domain: contract between the state and an individual or company, on condition of annual rent payment, to personally hold and to exploit a public domain.</p>	<p>Concession du domaine public: acte par lequel les autorités agissant en exécution de leur mission politique confèrent à un particulier la jouissance privative et généralement momentanée de certains avantages attachés à la propriété du domaine public.</p>	<p>Adm. 1857</p>
<p>Ubukode bw'ikirombe cyakodeshejwe: amasezerano hagati y'umuntu wakodesheje ikirombe cy'amabuye y'agaciro n'undi muntu agikodesheje akajya amwishyura ubukode.</p>	<p>Subtenancy (sublease) over a mine: agreement by which a lessee of a mine grants a sublease over a mine to a third person, under a certain rental charge.</p>	<p>Amodiation d'une mine: convention par laquelle le titulaire du droit d'exploitation (État ou concessionnaire) procède à la location de la mine à un tiers, moyennant une redevance.</p>	<p>Adm. 1858</p>

Ubukode bw'ubucuruzi¹: ubukode bugamije ibikorwa by'ubucuruzi.

Ubukode bw'ubucuruzi²: amasezerano ahuza umucuruzi wemera ko undi acuruzwa ibikorwa bye ariko akamwemerera ko azajya amugemurira ibicuruzwa na we akabicuruzwa ku buryo buhwanye n'uko bayumvikanyeho. Nyiri ibicuruzwa ashobora kugenzura imikorere y'uwo mucuruzi.

Ubukode bw'ubutaka: amasezerano nyiri ubutaka agirana n'undi muntu aho uwo muntu ahabwa na nyiri ubutaka uburenganzira bwo kububya umusaruro no gusarura ibibukomokaho na we akamwishyura icyatamurima bumvikanye. Nanone byitwa ukwatisha.

Ubukode bw'ubutaka bwa Leta buriho ibikorwa rusange: amasezerano Leta igirana n'umuntu, ubitangira amafaranga y'ubukode kugira ngo atunge cyangwa akoreshe ku giti cye ubutaka bwite bwa Leta buriho ibikorwa rusange.

Ubukoroni: imiterere y'imiyoborere y'ibihugu yabayeho kuva mu kinyejana cya 16 aho ibihugu bimwe byateye imbere byayoboraga ibitaratera imbere.

Ubukungu bwisanzuye: ubucuruzi bushingiye ku ipiganwa nta genzura rya Leta riburi inyuma.

Ubukungu mberabyombi: ubukungu bw'igihugu burimo ibigo by'abikorera n'ibigo bya Leta cyangwa ibicungwa na Leta.

Ubumenyi ngiro: ubumenyi bwerekeye uburyo ikintu gikorwa, uburyo bwo kugicuruza n'uburyo bwo gushora imari mu bigo bikora bene iyo mirimo.

Commercial lease: lease for commercial activities.

Franchise: a licence given to a manufacturer, distributor, trader, etc., to enable them to manufacture or sell a named product or service in a particular area for a stated period. The franchisee shall be subject to financial and commercial supervision by the franchisor.

Lease of farm: a contract between a landlord and a third party under which the latter receives from the owner of the land the right of usage and enjoyment over the land in return for payment of agreed rent.

Concession/lease of state land hosting public infrastructure: a contract between the state and an individual or company, on condition of rent payment, to personally hold or to exploit the state private land with public infrastructure.

Colonisation: the action, undertaken by some States from the 16th century, of acquiring colonies in underdeveloped States and keeping them politically and economically dependent.

Free enterprise: economic system in which there is open competition in business or trade and no government control.

Mixed economy: economic system in which some parts are owned by private and others by the State or controlled by the State.

Know-how: technical knowledge, skill or experience in the fabrication, commercialization of products or services and the financing of enterprises dedicated to such activities.

Bail commercial: bail en vue d'une activité commerciale.

Concession commerciale/ Franchise: contrat liant un fournisseur à un commerçant, auquel il réserve la vente de ses produits, à la condition qu'il accepte un contrôle commercial, comptable, voir financier de son entreprise et parfois s'engage à s'approvisionner, dans ce secteur, exclusivement chez le concédant.

Bail à fermeage: contrat entre le propriétaire foncier et une tierce personne par lequel cette personne reçoit du propriétaire le droit d'usage des terres et de jouissance de ses exploitations, moyennant paiement d'un loyer convenu.

Concession de terres domaniales: convention par laquelle l'État autorise une personne, moyennant une redevance, à occuper ou à exploiter, à titre privé, les terres du domaine privé de l'État sur lesquelles il y a des infrastructures publiques.

Colonisation: système d'expansion politique et économique pratiquée à partir du XVI^e siècle par certains États à l'égard de peuples moins développés obligés d'accepter des liens plus ou moins étroits de dépendance.

Economie de marché (libérale): économie basée sur la libre concurrence en matière commerciale, sans contrôle de l'État.

Economie mixte: économie dans laquelle coexistent des entreprises privées et des entreprises publiques ou contrôlées par l'État.

Savoir-faire: connaissances dont l'objet concerne la fabrication des produits, la commercialisation des produits ou services ainsi que le financement des entreprises qui s'y consacrent.

Civ. 1859

Com. 1860

Civ. 1861

Adm. 1862

Int. 1863

Gen. 1864

Gen. 1865

Com. 1866

Ubumuga¹: imimerere yo kumugara by'igihe kirekire mu mubiri, mu mutwe, mu mitekerereze cyangwa mu byumviro, iyo ihuye n'inzitizi zitandukanye, nk'urwikekwe abantu bagirirwa n'imiterere itabereye y'ibikoresho n'ibikorwa remezo abantu bakenera, bituma badashobora kugira uruhare rusesuye kandi rufatika mu muryango mugari ku rwego rungana n'urw'abandi.	Disability: condition resulting from long-term physical, mental, intellectual or sensory impairments which in interaction with various barriers such as attitudinal and environmental barriers may hinder full and effective participation of persons in society on an equal basis with others.	Handicap: condition due aux incapacités physiques, mentales, intellectuelles ou sensorielles durables dont l'interaction avec diverses barrières, notamment les barrières comportementales et environnementales, fait obstacle à leur pleine et effective participation à la société sur la base de l'égalité avec les autres.	Int.	1867
Ubumuga²: gutakaza burundu ubushobozi bwo gukora akazi biturutse ku mpanuka yo mu kazi.	Disability: state of permanent handicap caused by an occupational hazard.	Invalidité: incapacité de travail permanente de la victime d'un accident du travail.	Soc.	1868
Ubumuga buhoraho bw'igihe cy'umubiri: igihe umukozi yagize ubumuga bw'igihe kimwe cy'umubiri bukamubuza gukora akazi ke uko yari asanzwe agakora.	Permanent partial disability: permanent physical or mental impairment that has a substantial and long term effect on the abilities of a person to carry out day-to-day activities.	Incapacité permanente partielle: élément d'appréciation du dommage corporel subi par une personne et qui correspond à une impossibilité partielle d'exercer une activité.	Soc.	1869
Ubumuga bw'igihe gito bw'akazi: igihe umukozi yagize ubumuga butuma atabasha gukora akazi ke mu gihe runaka.	Temporary work disability: temporary physical or mental impairment that has a substantial and short term effect on the abilities of a person to carry out day-to-day activities.	Incapacité temporaire de travail: état dans lequel se trouve une personne qui, à la suite d'un dommage corporel subi par elle, ne peut plus exercer une activité pendant une période donnée.	Soc.	1870
Ubundi buryo bukoreshwa mu gukemura impaka: uburyo bwo gukemura amakimbirane binyuze mu nzira zo kumvikana cyangwa imishyikirano, bitabaye ngombwa kwitabaza umucamanza. Urugero ni nk'ubwunzi.	Alternative dispute resolution: various methods of resolving disputes other than through the normal trial process. e.g. arbitration, conciliation and mediation.	Modes alternatifs de règlement des conflits: ensemble de procédés visant à résoudre des conflits ou des litiges, sans recourir à un juge. Example: conciliation, médiation.	Jud.	1871
Ubunyagwe: igihano cy'ingereka kigamije gufatira ibintu bigize icyaha cyangwa ibyagikoreshejwe cyangwa ibyagenewe kugikora, iyo ibyo bintu ari iby'uwakatiwe igihano; mu gihe hatemejwe ko bisenywa cyangwa ngo bihabwe abandi.	Confiscation: accessory punishment consisting of taking away property from a culprit by the use of State's authority, which may be destroyed or re-allocated.	Confiscation: peine accessoire par laquelle est dévolu à l'État tout ou partie des biens d'un condamné ayant servi à commettre l'infraction, sauf disposition particulière prévoyant leur destruction ou leur attribution.	Pen.	1872
Ubunyamabanga: urwego rw'ubuyobozi rw'umuryango mpuzamahanga rugizwe n'abakozi bo mu rwego mpuzamahanga batagengwa n'ibihugu bakomokamo.	Secretariat: the administrative department of an international organisation, made up of international officers independent from their country of origin.	Secrétariat: organe administratif permanent d'une organisation internationale, composé de fonctionnaires internationaux indépendants de leur État d'origine.	Int.	1873
Ubunyamuryango mu bwiteganyirize: iyinjizwa nk'umuryamuryango mu kigo cy'ubwiteganyirize cyangwa ikindi kigeza.	Affiliation: process of being attached as a member to a social scheme.	Affiliation: situation de droit qui rattache un assuré social à une caisse déterminée.	Soc.	1874

Uburangare: kutita ku bintu mu buryo bukwiye bigateza igihombo kitagambiriwe undi muntu.

Uburegeke: ukuba ikirego cyaratanzwe mu nkiko ebyiri zitandukanye ziri ku rwego rumwe kandi zombi zikaba zifite ububasha bwo kiburanisha.

Uburenganzira buburanwa: uburenganzira buburanwaho mu rukiko.

Uburenganzira budacuruzwa: uburenganzira budashobora gukorerwaho amasezerano, nyirabwo akaba adashobora kubwiyambura.

U b u r e n g a n z i r a b u d a s u b i r w a h o¹: uburenganzira butavuguruzwa.

U b u r e n g a n z i r a b u d a s u b i r w a h o²: igihe uburenganzira umuntu yabonye hashingiwe ku itegeko rishaje adashobora kubwamburwa nubwo itegeko rishya cyangwa iry'amahanga ryaba ribiteganyye ukundi.

Uburenganzira busesuye ku kintu: uburenganzira nyiri ikintu agifiteho bwo kukigurisha cyangwa kucyikuraho ku bundi buryo.

Uburenganzira busesuye ku kintu/ubwo kukikenuza no kugikoresha: uburenganzira bufitwe na nyiri ikintu bwo kuba yagitanga (cyangwa yakigurisha), kuba ari we wakira ibigikomokaho, no kuba yagikoresha uko ashaka.

Uburenganzira bushingiye ku bwenge: uburenganzira umuntu agire ku kintu kidafatika kimwitirirwa, gishobora kuba igihangano mvabwenge cyangwa igikorwa cy'umwuga.

Negligence: failure to exercise the degree of care considered reasonable under the circumstances, resulting in an unintended injury to another person.

Lis pendens: state of an action filed in two different courts of the same level and which all have jurisdiction to hear the case.

Litigious/Contested rights: rights subject to contest in court.

Non-negotiable rights: a right that cannot be subject of alienation to any form of contract nor passed to another person.

Absolute right: non derogable right.

Acquired rights: describes the situation where the rights validly acquired under the operation of the former law are recognized under the operation of the new law or the foreign law, even when the new law or foreign law provides otherwise.

Abusus: a latin word meaning a right of the owner to sell or otherwise dispose of property.

Jus abutendi/jus fruendi/jus utendi (abusus, fructus, usus): right of the owner of the thing to dispose of it (*abusus*), to collect its fruits (*fructus*), and to make use of it (*usus*).

Intellectual rights: exclusive rights to benefit or exploit from an intangible thing (i.e. a creation of mind or professional activity) of which he or she is the owner.

Négligence: l'omission d'exercer le degré d'attention jugé raisonnable dans les circonstances, entraînant un préjudice non intentionnel pour l'autre personne.

Litispendance: état d'une action intentée devant les deux juridictions de même degré et qui sont également compétentes pour connaître de l'affaire.

Droits litigieux: droits qui font l'objet d'une contestation en justice.

Droits hors commerce: droits ne pouvant faire l'objet d'une convention, et par conséquent non aliénable.

Droit absolu: droit irrévocable.

Droits acquis: se dit d'un droit attribué sous l'empire de la règle antérieure et qui est maintenu malgré les dispositions contraires de la nouvelle loi ou de la loi étrangère.

Abusus: mot latin désignant l'un des attributs du droit de propriété, le droit de disposer.

Jus abutendi/jus fruendi/jus utendi (abusus, fructus, usus): droit du propriétaire de disposer (*abusus*) de la chose, d'en percevoir les fruits (*fructus*), et d'en user (*usus*).

Droits intellectuels : droits qu'a une personne d'être seule à tirer profit d'une chose immatérielle (*c'est-à-dire* une œuvre de l'esprit ou une activité professionnelle) dont elle est titulaire.

Civ. 1875

Jud. 1876

Civ. 1877

Civ. 1878

Gen. 1879

Gen. 1880

Civ. 1881

Civ. 1882

Civ. 1883

<p>Uburenganzira butari ubw'umutungo: uburenganzira bureba umuntu ku giti cye, budafite aho buhuriye n'umutungo we kandi budashobora kuvunjwa mu mafaranga, bityo bukaba budashobora kwegurirwa undi cyangwa gucuruzwa. Urugero, twavugaga nk'izina cyangwa uburenganzira bw'umuhanzi bwo kwitirirwa igihangano.</p>	<p>Extrapatrimonial/Non-pecuniary right: right inherent to the person, that is not part of his or her property and cannot be evaluated in money, and which therefore cannot be passed to another person. For example, a person's name, image or the right to authorship.</p>	<p>Droit extrapatrimonial: droit subjectif qui n'entre pas directement dans le patrimoine et ne peut être évalué en argent et qui, par conséquent, n'est pas dans le commerce juridique ou. Exemple: le nom, l'image d'une personne ou le droit d'un auteur à la paternité de son oeuvre.</p>	Gen.	1884
<p>Uburenganzira bw'abaturiyemuhanda: uburenganzira buhabwa abaturiyemuhanda: uburenganzira bwo gutambuka, kureba, guhitisha amazi (ariko hakurikijwe amategeko).</p>	<p>Easements on high way: rights enjoyed by the abutter of the highway, which include the right of way (except on motorway), views, flow of water (under some restrictions).</p>	<p>Aisances de voirie: terme générique désignant les droits reconnus aux riverains des voies publiques : droit d'accès (supprimé pour les autoroutes), de vue, d'écoulement des eaux (sous certaines restrictions).</p>	Civ.	1885
<p>Uburenganzira bwa muntu: uburenganzira umuntu agira kubera ko yitwaga umuntu, igihugu icyo ari cyo cyose kikaba kigomba kubwubahiriza.</p>	<p>Human rights: rights and freedom to which every human being is entitled that must be respected by every State.</p>	<p>Droit de la personne: droits inhérents à la personne humaine dont tout État doit assurer le respect.</p>	Const.	1886
<p>Uburenganzira bwa nyirumutungo: uburenganzira ku mutungo w'umuntu bufitwe n'abantu batandukanye, umwe akagira uburenganzira bwo kuba yatanga cyangwa yagurisha uwo mutungo, naho abandi bagasigarana uburenganzira bwo gukoresha no gusarura kuri uwo mutungo.</p>	<p>Bare ownership: a real right when the legal owner is one person vested with the right of ownership, and the beneficial owner is another person, vested with the right of usufruct.</p>	<p>Nue-propriété: droit réel principal, démembrement du droit de propriété, qui donne à son titulaire le droit de disposer de la chose, mais ne lui confère ni l'usage, ni la jouissance, lesquels sont les prérogatives de l'usufruitier sur cette même chose.</p>	Civ.	1887
<p>Uburenganzira bw'ibanze bwa muntu: uburenganzira bushimangirwa n'itegeko Nshinga n'amategeko mpuzamahanga kandi bufatwa ko ari ubw'ibanze, bukaba bukubiyemo uburenganzira ku buzima, kutavangurwa, kudahungabanywa ku mubiri no mu mutwe, ubwisanzure bw'itangazamakuru, uburenganzira bwo kuburanishwa ku buryo bubonye, etc.</p>	<p>Fundamental rights: a body of rights guaranteed under the constitution and international law, which encompass the right to life, non-discrimination, physical and moral integrity, freedom of the press, defense rights, etc.</p>	<p>Droits fondamentaux de la personne: ensemble de droits humains considérés fondamentaux par la constitution et le droit international, incluant le droit à la vie, la non-discrimination, le droit à l'intégrité physique et mentale, le droit de presse, le droit de défense, etc.</p>	Gen.	1888
<p>Uburenganzira bwite: uburenganzira bw'umuntu ku mwenda.</p>	<p>Personal right: claim.</p>	<p>Droit personnel: synonyme de droit de créance.</p>	Civ.	1889
<p>Uburenganzira bwo gufatira: uburenganzira bw'uberwemo umwenda bwo kugumana ikintu cy'umubereyemo umwenda mu gihe cyose atarishyurwa n'iyi yaba ataragihaweho ingwate.</p>	<p>Right of retention: right of the creditor to refuse giving back the debtor's property so long as he has not been paid, even if he did not receive the property as a security.</p>	<p>Droit de rétention: droit du créancier qui a en sa détention ou possession un bien appartenant au débiteur de refuser de s'en dessaisir tant qu'il n'est pas payé même s'il ne l'a pas reçu en guise de garantie.</p>	Civ.	1890

Uburenganzira bwo guhabwa amahirwe mbere y'abandi: uburenganzira buhabwa abanyamigabane b'isohiyete bwo kugura imigabane y'isohiyete mbere y'undi muntu wese.

Uburenganzira bwo guhabwa inzira: uburenganzira nyiri ubutaka ahabwa bwo kubona inzira ku butaka bubangikanye n'ubwe bugatuma ashobora kugera ku butaka bwe nta nkomyi.

Uburenganzira bwo guhabwa inzira: uburenganzira umuntu agira bwo guhabwa inzira mu isambu y'undi muntu.

Uburenganzira bwo gukoresha ikintu mu bwisanzure: uburenganzira buhabwa nyiri ikintu cyangwa uwagitijwe bwo kugikoresha mu bwisanzure.

Uburenganzira bwo gukoresha ikintu: uburenganzira buhabwa nyiri ikintu cyangwa uwagitijwe bwo kugikoresha.

Uburenganzira bwo gukoresha inzu y'undi: uburenganzira umuntu agira bwo gukoresha inzu y'undi muntu mu rwego rwo gukemura ibibazo bye, akayibanamo n'umuryango we. Ubwo burenganzira ni bumwe mu burenganzira ku bintu.

Uburenganzira bwo gukoresha ubutaka bw'undi: uburenganzira bwo gutunga no gukoresha isambu n'ubutaka bw'undi muntu no kugira uburenganzira burambuye ku byubatsemo, amashyamba, ibiti n'ibindi byose bimera birimo hatabariwemo ibiri muni y'ubutaka.

Uburenganzira bwo gukoresha: uburenganzira umuntu afite ku kintu (umutungo) bwo kugikoresha no kwikenuza ibigikomokaho.

Uburenganzira bwo gukurikirana umutungo: uburenganzira bw'uwahawe ingwate ku kintu kitimukanwa bwo kuba yakurikirana icyo kintu yahawe ingwate aho cyaba kiri hose. Ufite uburenganzira ku mutungo na we afite uburenganzira bwo kwukurikirana.

Pre-emptive rights: rights conferred to shareholders to buy shares by preference in the event that the company should decide to sell them.

Right of way: a privilege to pass over the land of another, whereby the holder of the easement acquires the right to use a particular path for access.

Right of way: a right to pass over property owned by another person.

Quiet/peaceful enjoyment: freedom from disturbance in the enjoyment of a property.

Enjoyment: the possession and use of a thing.

Housing right: right to a person with no or very low incomes to stay together with his or her family in a house belonging to another person.

The housing right is a real right.

Right on superficies: right to use land belonging to others and dispose of buildings, wood, trees and other plants that are incorporated with the exclusion of subsoil.

Right to use: a real right recognized to someone to use a thing or benefit from it.

Right of follow-up/tracing: right that enables the hypothecary creditor and the privileged creditor to identify the property in the hands of the third party for forced execution. The word tracing applies to the right of the owner to identify his property in the hands of a third party.

Droits de préemption: droits conférés aux actionnaires d'acquérir la propriété des actions lors de leur aliénation par préférence à tout autre acheteur.

Servitude de passage: droit permettant au propriétaire du fonds dominant de passer sur le fonds servant de manière à rejoindre sa propriété dans les meilleures conditions.

Droit de passage: droit dont dispose une personne d'user de sa servitude de passage sur le terrain du voisin.

Jouissance paisible: droit accordé au possesseur d'une chose d'en jouir paisiblement.

Jouissance: utilisation d'une chose dont on perçoit les fruits.

Droit d'habitation: droit à l'usage d'une maison d'autrui, reconnu à une personne dont les ressources sont limitées, d'y rester avec sa famille. Le droit d'habitation est un droit réel.

Droit de superficie: droit de jouir d'un fonds appartenant à autrui et de disposer des constructions, bois, arbres et autres plantes qui y sont incorporés à l'exclusion du sous-sol.

Droit d'usage: droit réel qui confère à son titulaire le droit d'utiliser la chose et d'en percevoir les fruits.

Droit de suite: droit permettant au créancier hypothécaire ou privilégié de saisir l'immeuble garantissant le paiement de la dette en quelque main qu'il se trouve, même entre les mains d'un tiers acquéreur. Le propriétaire d'un bien jouit aussi du droit de suite.

Com. 1891

Civ. 1892

Civ. 1893

Civ. 1894

Civ. 1895

Civ. 1896

Civ. 1897

Civ. 1898

Civ. 1899

Uburenganzira bwo gushyikirizwa umucamanza bidatinze: interuro ivuga ko umuntu wese ufunzwe agomba kugezwa imbere y'umucamanza kugira ngo asuzume niba iryo fungwa rikurikije amategeko.

Uburenganzira bwo gusura: 1. Mu gihe cyo gutandukana burundu cyangwa by'agateganyo kw'abashyiranywe, bivuga uburenganzira bwo gusurwa n'abana bw'umubyeyi utari uwashinzwe kurera abana.

2. Mu bijyanye n'amasezerano y'ubukode, bivuga uburenganzira nyiri inzu yemererwa n'uwakodesheje inzu bwo kuyisura mu gihe cyose biri ngombwa.

3. Mu mategeko yerekeranye n'ishyirwa mu bikorwa ry'ibihano, ni uburenganzira bw'abantu bafunze bwo gusurwa mu gihe kigenwa n'amategeko agenga imicungire y'amagereza.

Uburenganzira bwo gutunga ibintu: ibintu cyangwa uburenganzira bwo kubitunga biri ugutatu: uburenganzira ku mwenda cyangwa ku nshingano, uburenganzira ku bintu bigaragara n'uburenganzira ku mutungo bwite mu by'ubwenge.

Uburenganzira bwo kugura mbere y'abandi: kugira uburenganzira bwo kugura ikintu mbere y'abandi baguzi bose.

Uburenganzira bwo kujurira: uburenganzira bwo gusaba ko igihe urubanza rusuzumwa ku nshuro ya kabiri n'urukiko rw'ubujurire.

Habeas corpus: (literally: to have the body). a legal term meaning that an accused person must be presented physically before the court with a statement demonstrating sufficient cause for arrest.

Right of visit: 1. In matters relating to divorce or separation from bed and board, this term refers to the right of a parent who has not been granted the custody of children to have the children allowed by the custodial parent to go to visit him or her.

2. In the area of lease contract, it is the right of the lessor to visit his or her house; but such a right should be exercised reasonably.

3. In prison law, it is used in reference to prisoners' right of visit in such a period as determined by provisions relating to prison management.

Patrimonial right: patrimonial rights encompass claims or obligations, real rights and intellectual property.

Pre-emption right: a right to acquire certain property in preference to any other buyer.

Right to appeal: right to a second hearing before an appeal court to challenge the original court decision.

Habeas corpus: (Étymologiquement: que tu aies ton corps; sous-entendu: *ad subjiciendum*, pour le produire devant le tribunal). Toute personne emprisonnée a le droit d'être présentée à un juge pour qu'il statue sur la validité de l'arrestation.

Droit de visite: 1. En matière de divorce ou de séparation de corps, c'est un droit dont dispose celui des père ou mère qui ne dispose pas du droit de garde, lui permettant de recevoir en visite les enfants confiés à la garde de l'autre.

2. Dans le domaine des baux, il signifie le droit dont dispose le bailleur de visiter le logement, exception faite des visites intempestives.

3. En droit pénitentiaire, c'est le droit dont dispose le prisonnier de recevoir d'autres personnes en visite dans une période déterminée conformément aux dispositions relatives au régime pénitentiaire.

Droit patrimonial: les biens ou droits patrimoniaux sont de trois sortes : les droits de créance ou d'obligation, les droits réels et les droits intellectuels.

Droit de préemption: droit d'acquérir la propriété d'un bien lors de son aliénation par préférence à tout autre acheteur.

Droit au double degré de juridiction: droit de contestation d'une décision de justice devant une juridiction d'un degré plus élevé ou juridiction d'appel.

Gen. 1900

Gen. 1901

Civ. 1902

Civ. 1903

Jud. 1904

Uburenganzira bwo kuvogera ku bw'ubutabazi: kugaba igitero mu kindi gihugu hagamiywe gutabara abaturage bari mu kaga cyangwa uburenganzira bwabo burimo guhungabanywa bikomeye. Mu mategeko mpuzamahanga, ibi ntawo byemewe kuko bibangamiye ihame ryo kutivanga mu bikorwa by'ikindi gihugu, ihame rishimangira iry'ubusugire bw'igihugu, riteganyijwe mu Mategeko ashiraho Umuryango w'Abibumbye.

Uburenganzira bwo kuzungura: icyo umuntu agenewe kuzungura ku bw'irage cyangwa se ku bw'izungura. Ubwo burenganzira bushobora guhabwa undi.

Uburenganzira bwo kwiregura: uburenganzira bw'ibanze butuma umuntu wese ashobora kwiregura ku byo akurikiranyweho, bukubiyemo uburenganzira umuntu wese agira bwo kumenyeshwa ibyo aregwa no kubyireguraho ubwe cyangwa yunganiwe. Uburenganzira bwo kwiregura ntibuhungabanywa mu bihe byose, ahantu hose no mu nzego zose, zaba iz'ubucamanza, iz'ubutegetsi n'izindi zose zifata ibyemezo.

Uburenganzira bwo kwishyurwa mbere: uburenganzira bufitwe n'ababereyemo umwenda bwo kwishyurwa mbere y'abandi, mu gihe umutungo wafatirwe ugurishijwe.

Uburenganzira bwo kwisubira: ubushobozi bw'umwe mu bagiranye amasezerano bwo kutubahiriza inshingano ze.

Intervention for humanitarian reasons: entry into a country of the armed forces of another country or international organization with the aim of protecting citizens from persecution or the violation of their human rights. In international law, this is not acceptable because it contradicts the principle of non interference in domestic matters of another state, which is a corollary of the principle of sovereignty, enshrined in the United Nations Charter.

Rights to succession: inheritance to be obtained under a testator's will or on intestacy. Such a right can be ceded.

Right to defence: fundamental right which allows any person to refute an allegation brought against him or her; which includes the right to be informed of the nature and cause of charges and to defend him/herself or through a legal assistance. The right to defence is absolute at all levels and degrees of proceedings before judicial, administrative and all other decision making organs.

Preference: favouring of a particular creditor (for example the hypothecary or privileged creditor) when the debtor subsequently becomes insolvent or bankrupt.

Liberty to withdraw: ability recognised to a contractor of not executing his or her obligations.

Droit d'ingérence humanitaire: le fait pour un État ou une organisation internationale d'entrer sur le territoire d'un autre État pour protéger un peuple menacé dans sa survie ou dont les droits humains sont gravement violés. En droit international, ceci n'est pas reconnu parce que contraire au principe de non-ingérence dans les affaires intérieures d'un État, corollaire de la souveraineté, affirmé par la Charte des Nations Unies.

Droits successifs: part héréditaire dans une succession testamentaire ou *ab intestat*. Un tel droit peut faire l'objet d'une cession.

Droits de la défense: droit fondamental permettant à toute personne de pouvoir paralyser une prétention de l'adversaire, comprenant la prérogative dont jouit tout individu d'être informé de la nature et des motifs de l'accusation et se défendre soit lui-même soit par assistance. Le droit de la défense est un droit absolu à tous les états et degrés de la procédure devant toutes les instances judiciaires, administratives et devant toutes les autres instances de prise de décision.

Droit de préférence: droit de certains créanciers (hypothécaires, privilégiés) d'obtenir, par préférence aux autres créanciers, généralement chirographaires, paiement sur le produit de la vente du bien saisi.

Dédit: faculté reconnue à un contractant de ne pas exécuter son obligation.

Int. 1905

Civ. 1906

Gen. 1907

Civ. 1908

Civ. 1909

Uburenganzira bw'umuhanzi: uburenganzira bw'umuhanzi we wenyine ku gihangano cye cy'ubugeni, cy'ubuvanganzo, igihangano gikinwa cyangwa kirimbwa, burimo uburenganzira umuntu agira bwo gutubura cyangwa kwemerera undi gutubura bene icyo gihangano, n'uburenganzira bwo kurenganurwa mu gihe uburenganzira bwe kuri icyo gihangano buvogerewe. Uburenganzira bw'umuhanzi bushobora kwegurirwa abakiriho binyuze mu irage cyangwa hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko agenga izungura. Uretse uburenganzira nyamuntu, nyiri uburenganzira bw'umuhanzi ku gihangano ashobora kubwegurira abandi biciye mu masezerano, igihe cyose ubwo burenganzira bukirengerwa. Reba *uburenganzira ku mutungo w'ibihangano by'ubuvanganzo n'ubugeni*.

U b u r e n g a n z i r a bw'umwishingire ku bintu by'urimo umwenda: uwishingiye undi ashinzwe kwishyura gusa uberewemo umwenda iyo urimo umwenda atashoboye kubikora, kandi hakabanza kurebwa niba ubwishyu butashakwa mu bintu by'urimo umwenda, keretse uwishingiye aretse ubwo burenganzira cyangwa ategetswe gufatanya kwishyura n'urimo umwenda yishingiye.

U b u r e n g a n z i r a bw'umwishingire ku igabanywa ry'umwenda: iyo hari abantu benshi bishingiye umwenda umwe w'umuntu umwe ugomba kwishyura, buri wese ashobora kwishyuzwa umwenda wose. Nyamara buri wese muri bo ashobora gusaba ko uberewemo umwenda abanza gucamo ikirego cye imigabane agakurikirana buri mwishingire ku ruhare rwe.

Uburenganzira ku bihangano: reba *uburenganzira bw'umuhanzi*.

Copyright: legal right granted to an author to exclusive exploit his or her artistic, dramatic, literary, or musical work for a specific length of time, including the exclusive right to reproduce or authorize others to reproduce such work and to seek and have legal redress for encroachment upon copyright. Copyright is transmissible by testamentary disposition or by operation of succession law. Except moral rights, during the period of protection, the right owner may assign any other copyright to third persons by contract arrangement. See *literary and artistic property right*.

Benefit/right of excussion: excussion entitles the surety to request the creditor to recover as much of the claim as he or she can from the principal debtor before claiming against the surety.

Benefit/right of division: when several persons have become sureties for the same debtor and same debt, each one is liable for the whole debt. Nevertheless, each one of them may demand that the creditor should beforehand divide his or her action and limit it to the part and portion due by each surety.

Copyright: see *copyright*.

Droits d'auteur: droit exclusif que détient un auteur ou son représentant d'exploiter pendant une durée déterminée une œuvre une œuvre artistique, littéraire, dramatique ou musicale, dont le droit exclusif de la reproduire ou d'autoriser les tiers à la reproduire, et le droit d'être protégé contre toute violation des droits d'auteur. Les droits d'auteurs sont cessibles par transfert entre vifs par testament ou par l'effet de la loi portant sur la succession. À l'exception des droits moraux, le titulaire de droit d'auteur sur une œuvre peut, pendant la durée de sa protection, céder aux tiers tout autre droit d'auteur, par arrangement contractuel. Voir *droit de propriété littéraire et artistique*.

Bénéfice de discussion: la caution n'est obligée envers le créancier à le payer qu'à défaut du débiteur, qui doit être préalablement discuté dans ses biens, à moins que la caution n'ait renoncé au bénéfice de discussion, ou à moins qu'elle ne se soit obligée solidairement avec le débiteur.

Bénéfice de division: lorsque plusieurs personnes se sont rendues caution d'un même débiteur pour une même dette, elles sont obligées chacune à toute la dette. Néanmoins, chacune d'elles peut exiger que le créancier divise préalablement son action, et la réduise à la part et portion de chaque caution.

Copyright: voir *droit d'auteur*.

Civ. 1910

Civ. 1911

Civ. 1912

Com. 1913

Uburenganzira ku bintu: uburenganzira ku bintu bigaragara bugizwe n'ibi bikurikira: umutungo, uburenganzira bwo gukoresha ubutaka bw'undi, umusaruro, ugukoresha no kuba mu nzu y'undi, ukwatirwa kuramba, uburenganzira ku bitimukanwa by'undi, ubugwate, ubwizimbe, ubugwate ku bintu bitimukanwa.

Uburenganzira ku bintu bidafatika: uburenganzira bwerekeye ikintu kidafatika nk'uburenganzira ku mutungo bwite mu by'ubwenge.

Uburenganzira ku bintu byimukanwa: uburenganzira bwerekeye umutungo wimukanwa.

Uburenganzira ku butaka bw'undi: uburenganzira umuntu agira ku butaka butari ubwe bitewe n'uko ibintu byifashe, nk'uburenganzira bwo kubona inzira mu isambu y'undi muntu kugira ngo ubone uko ujya mu yawe, uburenganzira bwo kuvoma amazi ari mu isambu y'undi cyangwa se uburenganzira umuntu uri haruguru y'undi afite bw'uko amazi ava iwe agomba guca mu isambu y'uri munsu ye.

Uburenganzira ku giti cy'umuntu: uburenganzira bwose umuntu yemererwa n'amategako.

Uburenganzira ku musaruro¹: ububasha bugirwa na nyiri ikintu bwo gusarura ibikomoka kuri icyo kintu.

Uburenganzira ku musaruro²: uburenganzira bwo gukoresha no kwikenuza umusaruro ukomoka ku kintu iki n'iki, ubufite agasabwa kukibungabunga no kutacyangiza.

Uburenganzira ku mutungo: uburenganzira busesuye ku mutungo. Bugizwe n'uburenganzira bwa nyiri ikintu bwo kugikoresha, gusarura ibigikomokaho no kugitanga, kugihindura ukundi, kukivanaho cyangwa kukigurisha.

Real right: a right that is attached to a thing rather than a person. Ownership, superficies right, usufruct, emphytheosis, land servitudes, pledge, privilege and hypothec are regarded as real rights.

Incorporeal right: legal right arising from intangible property such as intellectual property right.

Right to movables: right to movable property.

Easement: a right a person is entitled to (the dominant tenement) on a land that is not his/hers due to circumstances, such as the right of way through another person's land (the servient tenement) so that he or she may reach his or her own land, the right to water resources on another person's land, or the right to channel running water through another person's land below your own.

Personality rights: rights inherent to the human being.

Fructus: right to derive income from property.

Usufruct: a legal right to use and derive profit or benefit from property that belongs to another person but on condition of preserving their substance.

Ownership: exclusive right to one's property including right to possess, use, and dispose of property.

Droit réel: droit qui porte directement sur une chose. Les seuls droits réels sont: la propriété, les droits de superficie, l'usufruit, l'usage et l'habitation, le droit d'emphytéose, les servitudes foncières, le gage, le privilège et l'hypothèque.

Droit incorporel: droit portant sur une chose non palpable, tels les droits personnels, les droits de propriété intellectuelle.

Droit mobilier: droit portant sur un bien meuble.

Servitude (foncière): les servitudes foncières sont des droits dont jouit une personne sur la propriété d'autrui dans certaines circonstances, comme la servitude de passage par la propriété foncière d'autrui en cas d'enclave, la servitude de puisage de l'eau se trouvant dans la propriété foncière d'autrui ou la servitude découlant de l'écoulement naturel des eaux des fonds supérieurs vers les fonds inférieurs.

Droits de la personnalité: ensemble des attributs que la loi reconnaît à tout être humain.

Fructus: mot latin désignant l'un des attributs du droit de propriété sur une chose, le droit d'en percevoir les fruits.

Usufruit: démembrement du droit de propriété qui confère à son titulaire le droit d'utiliser la chose, et d'en percevoir les fruits, mais non celui d'en disposer, lequel appartient au nu-propriétaire.

Droit de propriété: droit réel conférant toutes les prérogatives que l'on peut avoir sur un bien ; traditionnellement on distingue trois prérogatives: l'usus, l'abusus et le fructus.

Civ. 1914

Civ. 1915

Civ. 1916

Civ. 1917

Civ. 1918

Civ. 1919

Civ. 1920

Civ. 1921

Uburenganzira ku mutungo utimukanwa: uburenganzira bwose ku kitimukanwa ndetse n'ubuturuka ku mwenda buharanirwa hagamijwe kugaruza uburenganzira ku mutungo utimukanwa.

Uburenganzira ku mutungo w'ibihangano by'ubuvanganzo n'ubugeni: uburenganzira umuhanzi (umwanditsi, umuririmbyi,...) agira ku gihangano cye bwo kucyitirirwa (uburenganzira nyamuntu) no kukibyaza amafaranga ndetse no kuba yakwegurira undi uburenganzira bwo kugikoresha. Reba *uburenganzira bw'umuhanzi*.

Uburenganzira ku mwenda: uburenganzira umuntu afite bwo gusaba umubereyemo umwenda ko yubahiriza inshingano ze.

Uburenganzira ku ngwate rusange: ibintu byose by'urimo umwenda, ari ibyo afite cyangwa ibyo azabona kera, ni ingwate rusange y'abo abereyemo umwenda kandi ikiguzi cyabyo gisaranganywa hakurikijwe uko umwenda wa buri wese ungana.

Uburenganzira mfanwa: uburenganzira umuntu agira kugeza igihe apfiriye. Ubwo burenganzira ntibushobora gutangwaho umurage.

Uburezi buhoraho: ibikorwa byose n'ingamba zigamije imyigishirize; ni ukuvuga uburezi rusange (amashuri abanza, ayisumbuye na kaminuza), kwigisha imyuga, ndetse n'igihe amashuri yarangiye mu kazi hakabaho amahugurwa yerekeranye n'akazi ahoraho.

Uburiganya¹: amayeri akoreshwa kugira ngo umwe mu bakorana amasezerano yemere icyo atari kwemera.

Uburiganya²: igikorwa cyo kuriganya kigamije kwambura umuntu ibye cyangwa kumuvutsa uburenganzira yari afite.

Immovable right: rights relating to immovables, and claims for acquisition of a real right on an immovable property.

Literary and artistic property right: exclusive right to reproduce or authorise others to reproduce artistic, dramatic, literary, or musical works. See *copyright*.

Claim: demand for something as rightful due.

Right of general pledge/ Floating lien: right of all creditors, irrespective of the date and the origin of their claim, to seek payments on the value of all patrimony of the debtor. Therefore, the patrimony of the debtor represents "their general pledge".

Life interest: right which lasts only for the lifetime of its beneficiary. This right cannot be passed onto the heirs.

Permanent education: a process of instruction and training designed to give knowledge and develop skills through the ordinary structure of schools, colleges and universities, and apprenticeship, which is supplemented with a continued training to staff members.

Fraud¹: false representation of a matter of fact - whether by words, by conduct or by concealment of what should have been disclosed - that deceives, in the intention of obtaining the other party's consent.

Fraud²: the deliberate misrepresentation of fact for the purpose of depriving someone of a valuable possession or legal right.

Droit immobilier: droits réels qui ont pour objet des immeubles, ainsi que les droits de créance tendant à acquérir ou à recouvrer un droit réel sur un immeuble.

Droit de propriété littéraire et artistique: droit pécuniaire et moral dont est titulaire un écrivain ou un artiste sur son œuvre. Il peut aussi autoriser d'autres personnes à l'utiliser. Voir *droits d'auteur*.

Droit de créance: un droit que dispose le créancier lui permettant d'exiger du débiteur l'exécution d'une obligation.

Droit de gage général/gage commun: tous les biens du débiteur, présents et à venir, sont le gage commun de ses créanciers et le prix s'en distribue entre eux par contribution, à moins qu'il n'y ait entre les créanciers des causes légales de préférence.

Droit viager: droit dont on a la jouissance durant sa vie, mais dont le bénéfice ne passe pas aux héritiers.

Éducation permanente: ensemble de moyens et d'actions ayant pour fin l'instruction et la formation professionnelle. Elle comprend la formation initiale (scolarité obligatoire, études secondaires et universitaires), l'apprentissage et, pendant l'activité professionnelle, la formation professionnelle continue.

Dol: manœuvre frauduleuse ayant pour objet de tromper l'une des parties à un acte juridique en vue d'obtenir son consentement.

Fraude: acte de mauvaise foi ou tromperie accompli dans le dessein de déposséder une personne de son bien ou de préjudicier à ses droits.

Civ. 1922

Civ. 1923

Civ. 1924

Civ. 1925

Civ. 1926

Gen. 1927

Civ. 1928

Gen. 1929

Uburunganire mu misoro: ihame rivuga ko buri muntu agomba gusora hashingiwe ku byo yinjije cyangwa yungutse.

Uburinzi bw'iby'abandi biri mu mpaka: ukubitsa ikintu kiri mu mpaka, kigashyirwa mu maboko y'undi muntu wiyemeza kuzagisubiza, impaka zirangiye, uwo urukiko ruzaba rwemeje ko agomba kugihabwa.

Uburwayi bwo mu mutwe¹: uburwayi bwangiza ubwonko, bushobora guturuka ku ndwara cyangwa ku kindi kintu bugakuraho uburyozwacyaha bwa nyirabwo.

Uburwayi bwo mu mutwe²: uburwayi butuma umuntu ahungabana mu mutwe.

Uburyarya: uburiganya bukoze n'uruhande rumwe.

Uburyo bw'ibika n'icunga ry'ibicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane: uburyo bukoreshwa bwo kubika no kwandika ibicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane hakoreshejwe uburyo bw'ikoranabuhanga bitabaye ngombwa gukoresha ibyemezo biri mu mpapuro.

Uburyo bw'ivangamutungo w'umuhahano: amasezerano abashyingiranwe bagirana bumvikana gushyira hamwe ibyo buri wese yazanye igihe cy'ishyingirwa kugira ngo bibe iremezo ry'ibihahano, kimwe n'ibyo bungutse mu mibanire yabo, bakorera hamwe cyangwa buri wese ku giti cye, byaba impano cyangwa ibizungurwa.

Uburyo bwo gutora: uburyo bukoreshwa mu gihe cy'amatora.

Uburyo bwo kugurana busanzwe: uburyo butuma igicuruzwa cyatumijwe mu mahanga (igicuruzwa gisimbura) gikoreshwa nk'igicuruzwa gikomoka ku kindi.

Equality in taxation: a requirement that taxpayers must pay taxes proportional to their revenues.

Sequestration: taking of a contested property and put it in custody of the third party until the court determines to whom it properly belongs.

Insanity/Mental illness: alteration of mental faculties leading to penal irresponsibility for persons suffering from it.

Mental illness: loss of mental faculties due to mental disorder.

Bad faith/Mala fides: malicious motive on the part of one party.

Securities depository: electronic system that permits or facilitates the immobilization and dematerialization of capital market transactions or dealings without the necessity of physical certificates.

Limited community property regime: a contract by which spouses agree to pool some of their respective property owned on the day of the marriage celebration, creating the community property to which any property acquired during the marriage by a common or separate activity, donation, legacy or succession shall be added.

Mode of election: a process of choosing by vote.

Standard exchange system: a system that permits an imported product (replacement product) to replace a compensating product.

Egalité fiscale: principe de politique fiscale selon lequel la charge fiscale supportée par les contribuables devrait être proportionnée à leurs revenus.

Séquestre: dépôt d'une chose contentieuse entre les mains d'un tiers qui s'oblige de la rendre, après que la contestation est terminée à la personne qui sera jugée devoir l'obtenir.

Démence: altération des facultés mentales entraînant l'irresponsabilité pénale des personnes qui en sont atteinte.

Aliénation mentale: perte des facultés mentales pour cause de désordre mental.

Mauvaise foi: intention méchante de la part d'une partie.

Dépositaire de titres: système électronique qui permet et facilite l'immobilisation et la dématérialisation des transactions et des opérations relatives au marché des capitaux sans la nécessité des certificats physiques.

Régime de la communauté réduite aux acquêts: contrat par lequel les époux conviennent de mettre en commun leurs apports respectifs au jour de la célébration du mariage, pour constituer la base des acquêts ainsi que les biens acquis, pendant le mariage, par l'activité commune ou séparée, à titre de don ou de succession.

Modes de scrutin: modalités d'une élection.

Système des échanges standard: système qui permet de substituer une marchandise importée (produit de remplacement) à un produit compensateur.

Fin. 1930

Civ. 1931

Pen. 1932

Gen. 1933

Gen. 1934

Com. 1935

Civ. 1936

Const. 1937

Fisc. 1938

Umuryango w'ibihugu bya Afurika y'Iburasirazuba: umuryango uhuza ibihugu byo mu Burasirazuba bw'Afurika, bigamiye kugira ubumwe ku byerekeranye n'ifaranga, politiki ndetse n'imibereho myiza y'abaturage.	East African Community: nations of the east African region joined together to form an economic community with common monetary, political and social aspirations.	Communauté de l'Afrique de l'Est: États de l'Afrique de l'Est joints pour former ensemble une communauté économique, tout en adoptant une visée monétaire, politique et sociale commune.	Int.	2424
Umuryango w'ubukungu: iyo ibihugu byiyemeje gushyira hamwe ubukungu bwabyo ku buryo ingamba zerekeye guteza imbere ubukungu zizajya zitegurirwa hamwe.	Economic union: international agreement with provisions for a common market and the harmonization of certain economic policies.	Union économique: groupement d'États qui ont convenu d'unifier leurs politiques économiques en les soumettant à des institutions et à une législation communes.	Int.	2425
Umuryango w'Ubumwe bw'u Burayi: umuryango uhuza ibihugu byinshi by'i Burayi, bikaba byarashyize hamwe ingufu zabyo mu byerekeranye n'ifaranga, politiki n'imibereho myiza.	European Union (EU): european nations that have joined together to form an economic community with common monetary, political and social aspirations.	Union Européenne: nations européennes qui se sont jointes pour former une communauté économique avec des aspirations monétaires, politiques et sociales communes.	Int.	2426
Umusabirizi: umuntu ufite akamenyero ko gusabiriza.	Beggar: a person who usually begs in a public place.	Mendiant: personnes qui se livrent habituellement à la mendicité.	Pen.	2427
Umusanzu: umusanzu w'ubwishingizi bwerekeye akazi utangwa n'umukozi ushyirwa mu isanduku y'ubwitegenyirize bw'abakozi.	Contributions: employee welfare contributions for the benefit of the Social Security Fund.	Contributions (sociales): contributions que doit supporter l'employé pour le compte du Fonds de sécurité sociale.	Soc.	2428

Umusanzu w'ubwishingizi: amafaranga yishyurwa n'uwishingiwe mu rwego rwo gushyira mu bikorwa amasezerano y'ubwishingizi.

Umusaruro Mbumbew'imbere mu Gihugu: umusaruro ubyarwa n'ibicuruzwa ndetse na serivisi byakorewe imbere mu Gihugu mu gihe cy'umwaka, byaba bikoze n'abenegihugu cyangwa abanyamahanga.

Umusaruro Mbumbew'igihugu: umusaruro ubyarwa n'ibicuruzwa na serivisi byose byakozwe n'abenegihugu mu gihe cy'umwaka, harimo ibyo bakorera imbere mu gihugu n'ibyo bakorera mu mahanga. Aho Umusaruro Rusange w'igihugu utandukanira n'Umusaruro Mbumbew'imbere mu Gihugu ni uko Umusaruro Rusange w'igihugu ubarirwamo n'uw'ibikorwa by'ubukungu abenegihugu bacyo bakorera mu mahanga.

Umuseseri¹: umuntu witabazwa n'urukiko kugira ngo arufashe kuburanisha urubanza rusaba ubumenyi bwihariye.

Umuseseri²: umukozi cyangwa umukorerabushake wa Komisiyo y'igihugu y'Amatora ushinze imirimo y'itora mu cyumba cy'itora, harimo gutoresha no kubarura amajwi.

Umushahara: ikiguzi cy'umurimo wakozwe.

Umushahara fatizo: umushahara ushingirwaho mu kugena amafaranga agenerwa abagiye mu kiruhuko cy'izabukuru.

Umushahara fatizo mpuzandengo: umushahara muto ntarengwa umukoresha uwo ari we wese agomba guhamba.

Umushimusi w'ubwato cyangwa indege: umuntu ukorera ibikorwa by'ubusahuzi mu mato ari mu Nyanja. icyo gisobanuro gikoreshewa no ku bikorwa byo mu ndege.

Premium: a sum payable by the insured to the insurer under a contract of insurance.

Gross Domestic Product (GDP): annual total value of domestic goods produced, and services provided, by both citizens and non-citizens, in a country.

Gross National Product (GNP): the value of all finished goods and services produced by a country's citizens both domestically and abroad over a period of one year. GNP differs from GDP in that the GNP extends its interpretation of the economy to include the net overseas economic activities performed by its nationals.

Assessor¹: a person called in to assist a court in trying a case requiring specialised technical knowledge.

Assessor²: a agent or volunteer of the National Electoral Commission in charge of election activities in a polling room in Rwandan electoral system.

Salary: price for the work done.

Interprofessional wage: a rate of wages, taken into account for calculation of the annuity paid to a person in retirement.

Interprofessional minimum wage: the lowest wage that an employer must pay.

Pirate: a person on a ship who attacks other ships and steals property from them. The same applies to aeroplanes.

Prime (d'assurance): somme due par l'assuré à l'assureur en contrepartie du risque pris en charge par ce dernier.

Produit Intérieur Brut (PIB): total des valeurs ajoutées de l'ensemble des branches de production intérieure de biens et de services d'un pays pendant une année, qu'elles soient possédées par les citoyens ou les étrangers.

Produit National Brut (PNB): la valeur de tous les produits finis et services produits par les citoyens d'un pays tant à l'intérieur du pays qu'à l'étranger sur une période d'une année. Le PNB diffère du PIB en ce que le PNB étend son interprétation de l'économie aux activités économiques nettes à l'étranger exercées par ses ressortissants.

Assesneur¹: personne professionnelle siégeant à côté des juges, pour fournir les éclaircissements nécessaires dans une affaire nécessitant des connaissances particulières.

Assesneur²: agent ou volontaire de la Commission Nationale Électorale chargée des activités électorales dans une salle de vote dans le système électoral rwandais.

Salaire: contrepartie du travail fourni.

Salaire de référence: montant de la cotisation qui donne droit, au cours d'une année à l'acquisition d'un point de retraite (prix d'achat du point).

Salaire minimum interprofessionnel garanti (SMIG): le salaire le plus bas qu'un employeur doit payer.

Pirate: personne à bord d'un navire qui se livre pour son propre compte à des actions de pillages sur mer. Cette définition vaut aussi aux aéronefs.

Com. 2429

Adm. 2430

Adm. 2431

Jud. 2432

Const. 2433

Soc. 2434

Soc. 2435

Soc. 2436

Int. 2437

Umushinga w'amasezerano: inyandiko itegurwa n'abagirana amasezerano, kugira ngo bumvikane ku ngingo zose zikubiyemo, igikosorwa gikosorwe maze bayasinye.	Draft contract: a rough preliminary written version of a contract before being finalized and signed.	Projet de contrat: texte initial élaboré par les parties devant être finalisé pour former le contrat.	Civ.	2438
Umushinga w'itegeko w'Abadepite: umushinga w'itegeko wateguwe n'umudepute cyangwa itsinda ry'abadepite kugira ngo wigwe n'Inteko Ishinga Amategeko ubwayo.	Private member bill/Draft law initiated by a Deputy: a proposed new law by a member of Parliament or a group of members of Parliament, presented for discussion by Parliament itself.	Proposition de loi: texte émanant d'un député ou groupe de député proposé au Parlement pour être adopté comme loi.	Gen.	2439
Umushinga w'itegeko wa Guverinoma: umushinga w'itegeko wateguwe n'abagize guverinoma, ushyikirizwa Inteko Ishinga Amategeko ngo wigwe.	Bill (Government bill)/Draft law initiated by Government: a proposed new law presented by the Government to Parliament for discussion.	Projet de loi: texte d'initiative gouvernementale soumis au Parlement pour examen.	Const.	2440
Umushingamategeko: umwe mu bagize Ubutegetsi Nshingamategeko ufite ububasha bwo gushyiraho amategeko.	Legislator/Lawmaker: a member of the Legislative Power vested with the power to make and pass laws.	Législateur: membre du Pouvoir Législatif investi du pouvoir d'édicter et de voter des lois.	Const.	2441
Umushinjacyaha: umukozi w'urwego rw'ubushinjacyaha Bukuru ufite inshingano zo kuregera inkiko igihe habayeho icyaha.	Prosecutor: officer of the National Public Prosecution Authority, with the responsibility of bringing criminal cases before Courts.	Officier de poursuite judiciaire: officier de l'Organe National de poursuite judiciaire chargé de la poursuite des infractions devant les cours et tribunaux.	Jud.	2442
Umushinjacyaha mukuru: umuyobozi w'Ubushinjacyaha Bukuru.	Prosecutor General: head of the National Public Prosecution Authority.	Procureur général: procureur à la tête de l'Organe Nationale Poursuite Judiciaire.	Jud.	2443
Umushinjacyaha wa gisirikare: umushinjacyaha ushinze gukurikirana abakekwaho ibyaha bya gisirikare.	Military prosecutor: prosecution officer in charge of conducting prosecution against suspects of military crimes.	Auditeur militaire: officier de poursuite judiciaire chargé d'exercer les poursuites contre les suspects des infractions d'ordre militaire.	Jud.	2444
Umusoresha: umuntu wese ugomba kwishyura umusoro.	Taxpayer: any person subject to tax.	Contribuable: toute personne assujettie à l'impôt.	Fisc.	2445
Umusoro: amafaranga agenwa n'itegeko Leta cyangwa inzego z'ibanze bisaba abanyagihugu hakurikijwe ubushobozi bwa buri wese, kandi nta ngurane, kugira ngo bibashe kubona amafaranga bikoresha.	Tax: a legal and compulsory contribution payed without exchange for any specific benefit and according to one's capacity, to the State or a decentralized local entity to cover public expenditures.	Impôt: prestation pécuniaire et légale payée sans contrepartie déterminée et selon la faculté contributive de chacun, imposée par voie d'autorité, pour couvrir les dépenses de l'État ou d'une collectivité territoriale décentralisée.	Fisc.	2446
Umusoro ku gihembo: umusoro ukurwa ku bihembo bihawe abantu cyangwa ibigo kubera imirimo runaka yakozwe.	Pay as you earn (PAYE): a system of withholding of income tax from payments to natural or legal persons performing certain activities.	Taxe professionnelle (sur les rémunérations): impôt perçu, au profit de l'État, sur des personnes physiques ou morales exerçant une profession.	Fisc.	2447

Umusoro ku nyongeragaciro (TVA): umusoro wakwa ku ikorwa n'iherekanywa ry'ibicuruzwa na servisi kuri buri rwego rw'ikorwa n'ikoreshwa ryabyo, ukegekwa bwa nyuma ku muguzi.

Value added tax (VAT): tax on the estimated market value added to a product or material at each stage of its manufacture or distribution, ultimately passed on to the consumer.

Taxe sur la valeur ajoutée (TVA): impôt indirect qui frappe toutes les livraisons de biens et les prestations de services à chacun des stades de la production et de la consommation et qui est supporté en dernier lieu par le consommateur.

Fisc. 2448

Umusoro ku nyungu: umusoro utangwa hashingiwe ku byo umuntu cyangwa isosiyete byungutse mu mwaka. Habaho umusoro ku musaruro w'abikorera ku giti cyabo; umusoro ku nyungu z'amasosiyete; imisoro ifatirwa.

Income tax: direct tax on a physical or legal entity's sources of income, including wages or salary and profits (usually annual profits for corporate or unincorporated businesses), i.e. personal Income Tax; corporate Income Tax; withholding taxes.

Impôt sur le revenu: impôt direct sur les rémunérations, salaires et autres sources de profits des personnes physiques ou morales, dont l'impôt sur le revenu des personnes physiques; l'impôt sur les bénéfices des sociétés; les impôts retenus à la source.

Fisc 2449

Umusoro utaziguye/uziguye: umusoro utaziguye ni umusoro wishyurwa n'ugomba kuwutanga naho umusoro uziguye ushobora gushyirwa ku muguzi.

Direct/indirect tax: direct tax includes all tax levied directly on the taxpayer, whereas indirect tax may be that charged on the consumer.

Impôt direct/indirect: impôt direct est celui payé directement par le contribuable, alors que l'impôt indirect est celui qui peut être répercuté sur le consommateur.

Fisc 2450

Umusoro w'amasosiyete: iri jambo rikoreshe bashaka kuvuga umusoro ku nyungu utangwa n'amasosiyete.

Corporate tax: used to mean tax paid by companies due to their incomes.

Impôt sur les sociétés: désignation courante de l'impôt sur les bénéfices des sociétés.

Fisc 2451

Umusoro w'ubutaka: umusoro wishyurwa n'umuntu wese utunze ubutaka.

Land tax: tax imposed on land ownership

Taxes foncières/Impôt foncier: impôt perçu sur la propriété foncière.

Fisc. 2452

Umutangabuhamya: umuntu wabonye cyangwa wumvise ibintu akaba ashobora guhamya ukuri kwabyo.

Witness: one who can give a first hand account of something seen, heard or experienced.

Témoin: une personne qui a vu ou entendu une chose et qui pourrait donc attester de sa réalité.

Jud. 2453

Umutangabuhamya ushinjura/ Umushinjura: umutangabuhamya ufasha mu kwiregura, uzanwa n'uwarezwe ngo amutangire ubuhamya.

Witness for the defense: a person who is giving evidence about the defendant's allegations in a law court.

Témoin à décharge: témoin qui fait un témoignage pour le compte du défendeur.

Jud. 2454

Umutungo¹: ibintu byose umuntu atunze habariwemo ibyimukanwa n'ibitimukanwa ndetse n'imyenda n'uburenganzira kuri byo.

Patrimony: all the property of a person, including real and personal property, and all rights and debts.

Patrimoine: ensemble des biens et des obligations d'une personne, envisagé comme une universalité de droit.

Civ. 2455

Umutungo²: umutungo w'ubwoko bwose, ufatika cyangwa udatatika, uburenganzira ku kintu cyangwa ku bwishyu; ikintu kigaragara cyangwa kitagaragara, kandi hakaba hakubiyemo uburenganzira bwose buturuka kuri uwo mutungo hatitawe ku miterere yabwo.

Property: property of any kind whether tangible or intangible, real or personal, corporeal or incorporeal and includes all rights in relation to property whatever their nature.

Bien: bien de toute sorte, qu'il soit tangible ou intangible, droit réel ou personnel, corporel ou incorporel; et y compris tous droits en relation avec ce bien quelle que soit leur nature.

Civ. 2456

Umutungo/Ubutunzi: reba uburenganzira ku mutungo.

Estate: see *ownership*.

Propriété: voir *droit de propriété*.

Civ. 2457

Umutungo bwite wa Leta: igice cy'umutungo wa Leta kigengwa n'amategeko agenga imitungo y'abantu ku giti cyabo.	Private domain: part of a public patrimony, governed under private law base.	Domaine privé: partie du patrimoine des collectivités publiques, dont le régime juridique obéit, en principe, aux règles de fond et de compétence du Droit privé.	Adm.	2458
Umutungo mu by'ubwenge: umutungo w'ubwenge ukubiyemo uburenganzira bw'umuhanzi, ibyemezo by'ubuvumbuzi, ibishushanyo n'ibyitegererezo bikoreshwa mu nganda.	Intellectual property: intangible property including copyrighted property such as literary or artistic works and industrial processes.	Propriété intellectuelle: droits exclusifs accordés sur les créations intellectuelles comprenant le droit d'auteur, le copyright et propriété industrielle.	Com.	2459
Umutungo rusange: umutungo abashyingiranwe bahuriraho akenshi ugabanywa mo kabiri nyuma y'iseswa ry'amasezerano y'uburyo bw'icungamutungo.	Common property: property items of common use by two spouses and which are in principle shared by half after dissolution of the marriage settlement.	Biens communs: biens qui font partie de la communauté entre époux et qui sont partagés en principe par moitié après la dissolution du régime matrimonial.	Civ.	2460
Umutungo rusange wa Leta: igice cy'umutungo wa Leta kigengwa n'amategeko agenga inzego za Leta n'imitungo yazo.	Public domain: part of a public patrimony, governed under public law base.	Domaine public: partie du patrimoine des collectivités publiques soumise à un régime de droit public très protecteur.	Adm.	2461
Umutungo rusange w'isi yose: ihame ry'uko ahantu hafite icyo hamariye abatuye isi yose hashyirwa mu mutungo mpuzamahanga.	Common heritage of mankind: the principle that areas of global interest should be treated as if they are to be used to the benefits of all mankind.	Patrimoine commun de l'humanité: principe d'internationalisation de certains espaces justifiée par l'intérêt global qu'ils présentent pour toute l'humanité.	Int.	2462
Umutungo shingiro w'isosiyete: amafaranga n'ibindi bintu abanyamuryango bashyize hamwe mu rwego rwo gutangiza isosiyete yabo y'ubucuruzi kandi umugabane utajya hasi ugenwa n'itegeko mu bwoko bw'amasosiyete amwe n'amwe.	Share capital: contributions in cash and in kind given to a company by shareholders of which minimum amount is determined by law for some categories of companies.	Capital social: ensemble des apports en numéraire et en nature, dont le montant minimum est déterminé par la loi pour certains types de société.	Com.	2463
Umutungo udafatirwa: ibintu bidashobora gufatirwa ku bw'amategeko.	Property not liable to seizure: property exempted from impoundment by law.	Biens insaisissables: biens qui de par la loi sont soustraits de la saisie.	Civ.	2465
Umutungo ushingiyeye ku bidafatika: umutungo ugizwe n'ibintu bidafatika ariko ufite agaciro uhabwa n'amategeko.	Incorporeal property: intangible property items of which value is determined by law.	Biens incorporels: valeur économique, objet de droits, qui n'a pas de réalité sensible mais qui tire son existence de la construction juridique.	Civ.	2466
Umutungo ushingiyeye ku bifatika: umutungo ugizwe n'ibintu bifatika, kubera imiterere yabyo, bikaba ari ibintu bigaragara.	Corporeal property: tangible property items which by nature, are part of the perceptible world.	Biens corporels: choses qui sont objet de droits et qui par leur nature physique font partie du monde sensible.	Civ.	2467
Umutungo utagira nyirawo: ikintu kidafite ugicunga cyangwa ucyitaho nka nyiracyo.	Property in abeyance: ownerless or abandoned property.	Biens vacants: biens sans maître ou biens abandonnés.	Civ.	2467
Umutungo utimukanwa/ Ibintu bitimukanwa: reba ibitimukanwa.	Immovable property/real estate: see <i>immovables</i> .	Biens immeubles: voir <i>immeubles</i> .	Civ.	2468

Umutungo uzungurwa¹: ibintu byose bya nyakwigendera bishobora guhabwa abazungura be.

Umutungo uzungurwa²: umutungo wose usizwe n'umuntu igihe apfuye ugabanywa abamuzungura.

Umutungo wa Leta: ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa bya Leta hatarimo ibishirira mu ikoresheha n'ibindi byononekara vuba.

Umutungo wimukanwa: ibintu bishobora gukurwa aho biri.

Umutungo w'umuhahano: ibintu umuntu atunga abihawe, abiguzwe cyangwa abibonye ku bundi buryo ariko butari izungura.

Umutware w'urugo: umwe mu bagize urugo ushinze gufata iya mbere mu kurushakira ibirutunga no kuruyobora, akenshi bikerekeza ku mugabo. Urwego rw'umutware w'urugo ntirukibaho mu mategeko y'u Rwanda kuva mu 2016. Kuva icyo gihe, itegeko rigenga umuryango riteganyaga ko "Abashyingiranywe bafatanyaga ubuyobozi bw'urugo rwabo harimo kurwitaho kugira ngo rugwize umuco mwiza n'ibirutunga no kurwubakira rugakomera."

Umutwaro/Umuzigo: ibintu umuntu yitwaza ari ku rugendo, biba biri mu gikapu cyangwa ivarisi cyangwa ikindi kintu atwaramo, akabyitwaza cyangwa akabiha umwikorezi ngo abimubikire.

Umutwe: buri wose mu mitwe ibiri igize Inteko Ishinga Amategeko mu Rwanda, ni ukuvuga Umutwe w'Abadepite na Sena.

Umutwe w'Abadepite: umwe mu mitwe igize Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda; abawugize bitwa Abadepite.

Hereditaments: any property likely to be passed on to an heir.

Heritage: any real property left upon death and capable of being passed to the heirs.

Public property: movable and immovable property of the state but excludes consumable and perishable goods.

Movable property: property that can be taken from place to place.

Acquests: property acquired by purchase, gift, or otherwise than by inheritance.

Head of the family: term used to refer to an individual in one family setting who provides actual support and maintenance to the family group and who ensures its direction, naturally the husband. The legal concept of head of the family is no longer applicable in Rwanda from 2016. From this date, the Rwandan family law provides that "Spouses jointly provide management of the household including moral and material support to the household as well as its maintenance."

Luggage/Baggage: bags, cases, etc containing somebody's belongings and taken on a journey.

Chamber: any of the two chambers of the Rwandan bicameral Parliament, known as the Chamber of Deputies and the Senate.

Chamber of Deputies: one of the chambers of Parliament the members of which are known as Deputies.

Biens héréditaires: tout bien susceptible de passer aux héritiers.

Héritage: ensemble des biens que laisse une personne à son décès et qui doivent être répartis parmi ses héritiers.

Patrimoine de l'État: biens meubles et immeubles de l'État à l'exception des consommables.

Biens meubles: biens susceptibles d'être déplacés.

Acquêts: biens acquis par achat, donation ou par autre moyen que l'héritage.

Chef de famille: terme qui renvoie au parent qui a sous sa responsabilité morale et matérielle l'ensemble de la cellule familiale, souvent le mari. La notion juridique de chef de famille n'existe plus au Rwanda depuis 2016. Depuis lors, la loi régissant la famille prévoit que "Les époux assurent ensemble la direction du ménage, y compris son soutien moral et matériel ainsi que son entretien."

Bagages: effets, objets qu'emporte un voyageur et qu'il conserve près de lui ou confie au transporteur.

Chambre: chacune des deux chambres du Parlement bicaméral rwandais, à savoir la Chambre des Députés et le Sénat.

Chambre des Députés: l'une des Chambres du Parlement rwandais dont les membres portent le nom de Députés.

Civ. 2469

Civ. 2470

Adm. 2471

Civ. 2472

Civ. 2473

Civ. 2474

Com. 2475

Const. 2476

Const. 2477

Umutwe w'abagizi ba nabi: umutwe uwo ari wo wose, hatitawe ku mubare w'abawugize cyangwa igihe uzamara, ugamiye kugirira nabi abantu cyangwa ibyabo. Mu mategeko mpanabyaha y'u Rwanda, gushyiraho umutwe w'abagizi ba nabi cyangwa kuwubamo bihanwa nk'icyaha ukwacyo, gitandukanye n'icyaha cyaba cyakozwe n'uwo mutwe. Reba *gucura umugambi wo gukora icyaha*.

Umutwe wa politiki: abantu bishyize hamwe kubera ko bahuje ibitekerezo ku micungire n'imiyoborere y'igihugu kandi bakaba bifuza ko ibitekerezo byabo ari byo byagenderwaho baramutse bayoboze igihugu.

Umutwe wa politiki wiganje: umutwe umwe wa politiki ufite imyanya myinshi muri guverinoma hakaba n'indi mito idafite ingufu zo guhangana n'uwo mutwe uri ku butegetsi.

Umutwe wihariye w'abapolisi: umutwe w'abapolisi ushinze kugenza ibyaha runaka, urugero nk'Umutwe w'abapolisi ushinze kurwanya iterabwoba.

Umuyobozi¹: umuntu ufite inshingano yo kuyobora ibikorwa bya rubanda.

Umuyobozi²/Umutegetsi: umuntu ufite ububasha bwo gutanga amabwiriza.

Umuyobozi³: umuntu wese uri mu nama y'ubutegetsi, yaba umunyamigabane cyangwa utari we, washyizweho n'abanyamigabane hakurikijwe amategeko shingiro y'isosiyete n'amategeko abigenga, akaba ashinzwe gukurikirana imicungire y'isosiyete.

Umuyobozi⁴: umuntu wese utwaye ikinyabiziga cyangwa uyobora mu nzira nyabagendwa inyamaswa zikurura, zikorera cyangwa zigenderwaho, cyangwa amatungo, yaba ubushyo cyangwa imwe imwe.

Criminal association: a group of people with a secret plan to do something illegal or harmful to people or to property. In Rwandan criminal law, formation or joining a criminal association is a separate offence from the offence in which the association could have been involved. See *conspiracy*.

Political party: a political organization that subscribes to a certain ideology and seeks to attain political power within a government.

Dominant political party: a political party having a dominant position in government, and which is not facing any challenging competitor.

Squad: section of police force that deals with a particular crime, eg: Anti-terrorist squad.

Administrator: a person responsible for managing the public affairs.

Authority: a person or group having the power to make decisions or take action.

Director: any member of the Board of Directors of a company, whether a shareholder or not, being appointed by shareholders based on the terms of the articles of association and relevant laws, charged with making follow-up on the management of the company.

Driver/drover: any person who directs a vehicle or who, on the public way, guides loaded or mounted draught animals, or isolated animals or herds.

Association de malfaiteurs: toute association formée, quel que soit le nombre de ses membres ou sa durée, dans le but d'attenter aux personnes ou aux propriétés. Dans le droit pénal rwandais, la formation ou le fait de faire partie d'une association de malfaiteurs est punissable séparément de l'infraction dans laquelle l'association aurait été impliquée. Voir *conspiration*.

Parti politique: groupement organisé de personnes qui partagent les mêmes idées sur l'organisation et la gestion de la société et qui cherchent à les faire triompher en accédant au pouvoir.

Parti dominant: parti principal de gouvernement coexistant avec d'autres partis qui sont hors d'état de le concurrencer sérieusement.

Brigade: une section de la police qui s'occupe particulièrement d'une certaine catégorie d'infraction, p.ex. la Brigade anti-terroriste.

Administrateur: celui qui fait l'activité d'administrer les affaires publiques

Autorité: personne investie du pouvoir de commandement ou de prise des décisions.

Administrateur: tout membre du conseil d'administration d'une société, qu'il soit ou non actionnaire, nommé par les actionnaires sur base des statuts et de la législation en la matière, chargé de faire le suivi de la gestion de la société.

Conducteur: toute personne qui assure la direction d'un véhicule ou qui, sur la voie publique, guide des animaux de trait, de charge ou de selle, ou des bestiaux, isolés ou en troupeaux.

Pen. 2478

Const. 2479

Const. 2480

Pen. 2481

Adm. 2482

Adm. 2483

Com. 2484

Adm. 2485

Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga ingengo y'imari/Umugenga w'ingengo y'imari: umuyobozi ushinzwe ubutegetsi mu kigo kigenerwa ingengo y'imari cyangwa undi mukozi wa Leta uwo muyobozi ahaye ubwo bubasha.

Umuyobozi Mukuru w'ishuri rikuru: umuyobozi mukuru wa kaminuza cyangwa andi mashuri makuru, rimwe na rimwe n'ay'isumbuye.

Umuyobozi mukuru w'isosiye: umuntu ushinzwe imicungire rusange y'ubucuruzi, ikigo cyangwa serivisi.

Umuyobozi utari nshingwabikorwa: umuyobozi udacunga imirimo ya buri muni y'isosiye.

Umuyobozi w'Akarere: mu mitegekere y'u Rwanda, ni umuyobozi ushinzwe kuyobora akarere.

Umuyobozi w'ikigo: umuntu washyizweho hakurikijwe amategeko shingiro y'ikigo, akaba ashinzwe gucunga icyo kigo mu izina ryacyo.

Umuyobozi w'imirimo y'ubwubatsi: umuntu cyangwa ishyingirahamwe rishinzwe guhanga no kugenzura imirimo y'ubwubatsi mu mwanya wa nyiri igikorwa.

Umuyobozi w'ishami: mu mashuri makuru, umwarimu utorwa na bagenzi be mu Nama y'Ishami kugira ngo ariyobore.

Umuyobozi w'umuhagararizi: mu bihugu bimwe na bimwe, umwe mu bagize inama y'ubutegetsi y'isosiye wahawe n'inama y'ubutegetsi ububasha bwo gucunga no kuyobora ibikorwa bya buri muni by'isosiye no guhagararira isosiye mu mikoranire yayo n'abandi.

Chief budget manager: the administrative head of the budget in the budget agency or any other civil servant such a manager delegates.

Rector: the highest academic official of universities and other institutions of higher learning, sometimes even secondary, education.

Managing director: a person who is in charge of overall running of a business, institution or service.

Non-executive director: a director who is not involved in the day-to-day management of the company.

Mayor: in Rwanda, it is the authority vested with the power to administer the district.

Managing Director: officer of a company appointed by or under the provisions of the Articles of Association and exercising its prerogatives on its behalf.

Project manager: a person or entity responsible for designing and monitoring the performance of construction work for the contracting authority.

Dean of a Faculty: in a school, college or university, the head of the Faculty elected by his or her colleagues in the Faculty Council.

Delegate of the Board of Directors: in certain jurisdictions, member of the board of directors of a company to whom the Board of Directors has entrusted all or part of the day-to-day management of the company and who is responsible for representing the company vis-à-vis third parties.

Gestionnaire principal du budget: responsable administratif d'une agence budgétaire ou tout autre agent public délégué par lui.

Recteur: la plus haute autorité académique d'une université ou une autre institution d'enseignement supérieur et quelquefois secondaire.

Président directeur général: la personne qui est responsable de la gestion globale d'une entreprise, d'une institution ou d'un service.

Administrateur non exécutif: administrateur qui ne gère pas les affaires journalières de la société.

Maire: au Rwanda, c'est l'autorité investie du pouvoir d'administration du district.

Chef d'entreprise: personne physique, nommé suivant les statuts d'une entreprise et exerçant au nom de celle-ci ses prerogatives.

Maître d'œuvre: personne physique ou morale chargée de concevoir et de contrôler l'exécution de travaux de construction pour le maître d'ouvrage.

Doyen de la Faculté: dans une école supérieure, collège ou université, un enseignant élu par ses collègues en Conseil de Faculté, placé à la tête de celle-ci.

Administrateur délégué/Délégué du conseil d'administration: dans certaines juridictions, membre du conseil d'administration d'une société à qui le Conseil d'Administration confie toute ou partie de la gestion journalière de la société et qui dispose du pouvoir de représentation de la société vis-à-vis des tiers.

Fin. 2486

Adm. 2487

Com. 2488

Com. 2489

Adm. 2490

Com. 2491

Civ. 2492

Adm. 2493

Com. 2494

Umuzigo ugenewe abahagarariye ibihugu n'imiryango mpuzamahanga: ikintu cyose gikoreshwa n'abahagarariye ibihugu byabo cyangwa imiryango mpuzamahanga, mu gutwara ubutumwa bw'igihugu cyangwa umuryango bahagarariye, ku bw'iyi mpamvu kikaba kidashobora gusakwa cyangwa gufatirwa.	Diplomatic bag: any receptacle used by diplomatic missions to carry articles intended for official use and as such, immune from seizure or search.	Valise diplomatique: toute enveloppe utilisée par les missions diplomatiques pour transporter les courriers diplomatiques et comme telle soustraite à toute perquisition ou saisie.	Int.	2495
Umuzungura¹: umuntu usigarana umutungo w'uwapfuye, haba ku bw'itegeko cyangwa ku bw'irage.	Heir/Inheritor: the person entitled to inherit testate or <i>ab intestat</i> the patrimony of the deceased person.	Héritier: celui qui succède au défunt par l'effet soit de la loi, soit du testament.	Civ.	2496
Umuzungura²: umuntu wese ugomba kuzungura iby'uwapfuye, yaba umuzungura cyangwa uwarazwe ibintu.	Successor: any person who inherits patrimony of the deceased, including inheritors and legatees.	Successeur: personne appelée à une succession ouverte, que ce soit à titre d'héritier ou à titre de légataire.	Civ.	2497
Umuzungura uzigamirwa: umuzungura uhabwa ibizungurwa bizigamirwa. Abazungura bazigamirwa ni uwapfakaye n'abana gusa.	Designated heir: an heir who is beneficiary of the reserve of succession. Only the surviving spouse and the children are the beneficiaries of the reserve of succession.	Réservataire (héritier): les héritiers qui bénéficient de la réserve successorale. Le conjoint survivant et les enfants sont les seuls bénéficiaires de la réserve successorale.	Civ.	2498
Umwaka w'ibaruramari: igihe cy'umwaka cyangwa ikindi gihe ibaruramari ry'isosiyete cyangwa se ry'undi muryango ufite ubuzima gatozi ritegurirwamo.	Accounting period: a period, annual or not, in respect of which the financial statements of a company or any other corporate are made up.	Exercice comptable: période, annuelle ou non, pour laquelle sont établis les comptes d'une société ou de toute autre personne morale.	Com.	2499
Umwaka w'ingengo y'imari: igihe gihwanye n'amezi cumi n'abiri guverinoma cyangwa umuryango runaka bigena uko bizakoresha imari yabyo.	Fiscal Year: a twelve months period for which a government or an organization plans the use of its funds.	Exercice budgétaire: période de douze mois pendant laquelle un gouvernement ou une organisation détermine l'utilisation de ses finances.	Fin.	2500
Umwaka w'isoresha: igihe umwaka w'isoresha ubarwaho, kugira ngo hemezwe imisoro n'amahoro byose bizakusanywa mu mwaka utaha.	Fiscal/Tax year: the year of assessment for income tax and capital gains for tax purposes.	Année fiscale: année de déterminer les impôts sur le revenu, taxes et autres contributions fiscales pour l'année à venir.	Fisc.	2501
Umwaka w'ubucamanza: igihe cy'amezi cumi n'abiri gikorwamo imirimo yo kugeza ubutabera ku baturage.	Judicial year: the year of judicial activities, spanned over a period of twelve months.	Année judiciaire: période de douze mois au cours de laquelle la permanence et la continuité du service public de la justice demeurent assurées.	Jud.	2502
Umwakirizi w'imisoro: umukozi ushinze kwakira imisoro.	Tax-collector: a person responsible for collecting taxes.	Receveur des impôts: agent chargé du recouvrement des impôts.	Fin.	2503
Umwana: umuntu wese utarageza ku myaka y'ubukure igenwa n'itegeko.	Child: anybody aged below the majority age as prescribed by the law.	Enfant: tout être humain âgé de moins d'un certain âge de majorité définie par la loi.	Civ.	2504
Umwana urerwa: umwana urerwa n'umwishingizi.	Ward: minor under the care of a guardian.	Pupille: enfant placé sous le régime de la tutelle.	Civ.	2505

U m w a n a w'abashyingiranywe: umwana wasamwe kandi akavuka ku bashyingiranywe cyangwa umwana wavutse ku bashyingiranywe.

Umwana wasamwe afatwa nk'uwavutse igihe cyose hagamijwe inyungu ze: ihame ry'amategoko mbonezamubano rivuga ko umwana wasamwe (ukiri mu nda) abarwa nk'aho yavutse iyo hagamijwe inyungu ze.

Umwana wavutse ku batashyingiranywe: umwana wavutse ku babyeyi batashyingiranywe.

Umwana wishingirwa: umwana ucyishingiwe n'ababyeyi ushobora kubarwa mu gihe cy'igabanyirizwa ry'umusoro cyangwa umusanzu.

Umwana w'umubyeyi utaramubyaye: umwana witwa ko ari uwa kanaka kandi ataramubyaye.

Umwanditsi/Umuhanzi: umuntu wandika ibitabo cyangwa utangaza ibindi bihangano mu by'ubwenge.

U m w a n d i t s i w'irangamimerere: umukozi wa Leta ufite ububasha bwo kwakira, kwandika no gushyingura inyandiko z'irangamimerere.

Umwanditsi w'urukiko: umukozi w'urukiko ukora akazi ko kwakira no kwandika ibirego no kunganira abacamanza.

Umwanya w'akazi: umwanya umukozi agomba gukoramo, uba waragenwe mu mbonerahamwe y'imiterere y'inzeho z'imirimo n'imyanya y'akazi byemejwe.

Umwanzuro: umwanzuro w'ibyagezweho.

Umwanzuro udasanzwe: umwanzuro wafashwe ku bwiganze bwa 75% by'amajwi y'abanyamigabane bafite ububasha bwo gutora kandi batoye ku bijyanye n'ikibazo cyigwa. Amategoko shingiro agenga isosiyete ashobora gusaba ubwiganze busumbye 75%.

Legitimate child: child born to parents who were married at the time of his conception or birth (or both).

Infans conceptus pro nato habetur quoties de commodis ejus agitur: conceived child is deemed to have been born whenever it is in his or her interest.

Natural child: a child born from parents who are not legally married.

Dependant child: a child who relies on his or her parents for maintenance and who sometimes is taken into account for reduction of a contribution or tax.

Adopted child (person): a child related by adoption.

Author: writer of literary, artistic or other intellectual property works.

Civil status officer/Civil registrar: a government officer who has authority to receive, register and conserve all the acts of the civil status.

Registrar (of the court): a court's clerk whose usual activity is to record and keep lawsuits, and to assist judges.

Position/Post: a position of paid employment, as described by the organisational chart or the organizational framework approving jobs and positions.

Resolution: decision.

Special resolution: a resolution approved by a majority of 75% of the votes of those shareholders entitled to vote and who have voted on the issue under consideration. The Articles of Association may require a majority of more than 75%.

Enfant légitime: enfant conçu et/ou né dans le mariage.

Infans conceptus pro nato habetur quoties de commodis ejus agitur: enfant simplement conçu est réputé né toutes les fois que son intérêt l'exige.

Enfant naturel: enfant né de parents non mariés.

Enfant à charge: enfant encore à la charge des parents pouvant être pris en compte en vue d'un abattement forfaitaire lors d'une imposition ou contribution.

Adopté: personne qui fait l'objet d'une adoption.

Auteur: créateur d'une œuvre littéraire, artistique ou intellectuelle, ...

Officier de l'état civil: fonctionnaire public habilité à recevoir, dresser et conserver les actes de l'état civil.

Greffier: officier public qui travaille au greffe et qui assiste les juges.

Poste de travail: ensemble de tâches correspondant à une qualification professionnelle figurant dans l'organigramme ou l'organisation du travail de l'entreprise.

Résolution: décision.

Résolution spéciale: une résolution prise à une majorité de 75% des voix exprimées par les actionnaires ayant le droit de vote et ayant voté pour la question sous examen. Les statuts de la société peuvent requérir une majorité supérieure à 75%.

Civ. 2506

Civ. 2507

Civ. 2508

Civ. 2509

Civ. 2510

Com. 2511

Civ. 2512

Jud. 2513

Soc. 2514

Com. 2515

Adm. 2516

Umwanzuro utangwa nyuma y'iburanisha: umwanzuro utanzwe n'umuburanyi nyuma y'iburanisha igihe urukiko ruri mu mwiherero wo guca urubanza. Iyo mwanzuro igomba gushyikirizwa undi muburanyi ntihindura ikiburanwa n'ingingo yashingiyeho; isobanura gusa ibyavuzwe mu gihe cy'iburanisha.	Trial brief: refers to any document deposited after the closure of hearing during court consultation. The content of such a note, which must be notified to the other party, can neither modify the subject matter of the claim nor the means upon which it is based; it shall only reflect the matter heard.	Note en délibéré: note que remet au tribunal un plaideur après la clôture des débats au cours du délibéré. Une telle note, qui doit être communiquée à l'adversaire, ne peut modifier ni la cause ni l'objet de la demande, ni les moyens sur lesquels elle est fondée; elle ne se limite qu'à ce qui a fait objet de débat au cours de l'audience.	Jud.	2517
Umwanzuro wumvikanyeho na bose: icyemezo cyafashwe na buri munyamigabane ufite ububasha bwo gutora ku ngingo yigwaho, cyangwa se icyemezo cyagezweho ku buryo itegeko ribiteganywa.	Unanimous resolution: a resolution which has the assent of every shareholder entitled to vote on the matter or a resolution made in accordance with the Law.	Résolution unanime: une décision prise par chaque actionnaire habilité à voter sur le sujet concerné, ou obtenue de manière prévue par la loi.	Adm.	2518
Umwe mu barezwe: umuntu umwe mu bahuriye ku kirego kimwe barezwe ari benshi.	Co-defendants: one of the defendants.	Codéfendeur: personne assignée à comparaître devant une juridiction aux côtés d'un ou plusieurs autres défendeurs.	Jud.	2519
Umwe mu barezwe icyaha: umwe mu baregwa icyaha kimwe.	Co-accused: one of the accused persons in a specific crime.	Coaccusé: personne citée devant une juridiction répressive aux côtés d'une ou plusieurs autres accusés.	Jud.	2520
Umwenda wishyurwa: uburenganzira umuntu afite bwo gutegeka kwishyurwa amafaranga.	Claim: assertion of a right, especially the right to claim payment of money.	Créance: synonyme de droit personnel ; généralement utilisé pour désigner le droit d'exiger la remise d'une somme d'argent.	Civ.	2521
Umwenegihugu¹: umuntu ufite ubwisanzure bwo gukoresha uburenganzira mbonezamubano n'ubwa politiki mu gihugu akomokamo.	Citizen: a person who has full civil and political rights as a member of a country.	Citoyen: individu jouissant, sur le territoire de l'État dont il relève, des droits civils et politiques.	Const.	2522
Umwenegihugu²: umuturage w'igihugu runaka.	National: a citizen of a particular country.	National: citoyen d'un pays quelconque.	Const.	2523
Umwihariko: uburenganzira bw'umwe mu baberewemo umwenda bwo kwishyurwa mbere yabo kubera imiterere y'umwenda we.	Privilege: a special right to be paid in priority in connection with the nature of the debt, which is by law granted to some creditors.	Privilège: droit que la loi reconnaît à un créancier, en raison de la qualité de la créance, d'être préféré aux autres créanciers sur l'ensemble des biens de son débiteur ou sur certains d'entre eux seulement.	Civ.	2524
Umwihariko (wo gukurikiranwa/ w'urukiko ruburanisha): umwihariko uhabwa umuntu kubera icyubahiro cye cyangwa umurimo akora, wo gukurikiranwa mu buryo bwihariye cyangwa kubunishwa n'inkiko zagenwe.	Privilege: a special right or immunity in connection with legal proceedings under certain circumstances or by a specified court conferred upon a person by virtue of his rank or office.	Privilège (de poursuites et de juridiction): privilège conféré à une personne de n'être poursuivie ou jugée que dans certains cas ou devant des juridictions bien spécifiques, à cause de son rang ou de sa fonction.	Jud.	2525
Umwihariko ku mutungo rusange: igice cy'umutungo uhuriyeho n'abantu benshi buri wese yihariye kandi akoresha uko ashaka.	Exclusive use area: a part or parts of the common property reserved for the exclusive use of each of the co-owners.	Partie privative: en droit de la copropriété, partie de l'immeuble bâti (tout spécialement les appartements), qui fait l'objet d'une jouissance exclusive de chaque copropriétaire attributaire.	Civ.	2526

Umwihariko w'ubutegetsu: uburenganzira bufitwe n'inzego z'ubutegetsu bwo gufata icyemezo kigahita gishyirwa mu bikorwa, kabone n'iyi uwo gifatiye yakijuririra.

Umwikorezi: umuntu, mu masezerano y'ubwikorezi, ushinze imirimo yo gutwara abantu cyangwa ibintu, akabihemberwa.

Umwimerere: inyandiko yakozwe mbere y'izindi, itandukanye n'izakozwe nyuma yayo hakoreshejwe inyandukuro nka fotokopi.

Umwirondoro: ibintu byose biranga umuntu, bikamutandukanya n'abandi, nk'amazina, ubwenegihugu, ababyeyi, n'ibindi.

Umwishingire: umuntu wishyirira ubwishyuriye bw'umwenda wafashwe n'undi, mu gihe uwafashe umwenda ananiwe kwishyura.

Umwishingizi: umuntu wahawe inshingano hashingiwe ku mategeko yo kwita ku umwana udafite ababyeyi cyangwa ufite ababyeyi bambuwe uburenganzira bwa kibyezi cyangwa batagishoboye kuzaza inshingano za kibyezi, cyangwa umuntu mukuru ufite ubumuga bwo mu mutwe.

Umwishingizi w'inyunganizi: umuntu ushyirwaho n'inama y'ubwishingire kugira ngo ahagararire uwishingiye mu gikorwa runaka iyo inyungu z'umwishingizi zigongana n'iz'uwishingiye muri icyo gikorwa.

Umwishingizi w'umuntu mukuru: umuntu wahawe n'amategeko ububasha bwo gucunga no kwita ku wundi muntu, bitewe n'imyaka cyangwa uburwayi bwo mu mutwe, ufatwa nk'aho adashoboye kwicungira ibintu cyangwa gukoresha uburenganzira bwe.

U m w u b a t s i / Rwiyekezamirimo: mu masezerano y'ubwubatsi, umwe mu bagiranye amasezerano ufite inshingano zo kubakira undi inyubako.

Privilege/priority of the administration: a special right in connection with the execution of administrative decisions, which must be executed even if the party introduced a complaint.

Carrier: a person or a company that carries goods or people for payment.

Original: a document that is issued by the office holding or issuing the original, as opposed to the duplicate, extract or photocopy.

Identity: all characteristics which identify a person and differentiate him or her from other people such as names, nationality, filiation, etc.

Surety: a person who commits himself or herself to another (e.g. the bank) to forfeit the sum of money if the borrower fails to pay back.

Guardian: an individual who has been given the legal responsibility to care for a minor child who does not have parents or whose parents were deprived of parental authority or are unable to fulfill their parental responsibilities, or an adult who does not have the capacity for self care.

Guardian ad hoc: a person designated by tutorship council for a specific case where conflict emerges between the interests of the tutor and those of a person under the guardianship.

Guardian of an adult: a person lawfully invested with the power, and charged with the obligation, of taking care of and managing the property and rights of a person who, because of age or mental incapacity, is considered incapable of administering his or her own affairs.

Constructor: in the construction contract, it is the builder who carries out construction works for the benefit of the building's owner.

Privilège du préalable: droit conféré légalement à l'Administration dans de nombreuses matières, de prendre des décisions exécutoires par elles-mêmes nonobstant tout recours.

Transporteur: personne ou entreprise qui fait profession de transporter des marchandises ou des personnes.

Original: document primitif (acte ou jugement) par opposition aux reproductions (copie, extrait, photocopie).

Identité: ensemble des composantes grâce auxquelles il est établi qu'une personne est bien celle qui se dit ou que l'on présume telle (nom, prénoms, nationalité, filiation, etc.).

Caution: personne qui s'engage à garantir l'exécution d'un contrat par l'une des parties au profit de l'autre.

Tuteur: personne légalement chargée de représenter un mineur orphelin ou dont les parents sont privés de l'exercice de l'autorité parentale ou sont incapables de remplir les responsabilités parentales, ou un majeur incapable placé sous régime de la tutelle.

Tuteur ad hoc: personne spécialement chargée d'un acte déterminé pour le compte d'un incapable, lorsque le tuteur ne peut agir du fait de l'existence d'un intérêt personnel dans l'affaire en cause.

Tuteur d'un adulte: celui qui est légalement investi du pouvoir de garder et d'entretenir une personne qui est considérée, de par son âge ou son état mental, incapable d'administrer ses propres affaires ou exercer ses droits.

Entrepreneur: dans le contrat de louage d'ouvrage et d'industrie, ou contrat d'entreprise, partie qui s'engage à exécuter des travaux au profit de l'autre.

Civ. 2527

Com. 2528

Civ. 2529

Civ. 2530

Civ. 2531

Civ. 2532

Civ. 2533

Civ. 2534

Civ. 2535

Umwuga: akazi umuntu akora, yagize umwuga, akora igihe cyose akiri umukozi.	Career: a job or profession which an employee performs as long as he or she is employed.	Carrière: ensemble des fonctions ou des emplois remplis par une personne pendant sa vie professionnelle.	Gen.	2536
Umwunzi: umuntu ufasha abafitanye ikibazo kugikemura.	Conciliator/mediator: a person who assists parties to solve their dispute.	Conciliateur: personne qui aide les parties dans leurs efforts à parvenir à un règlement amiable d'un litige.	Civ.	2537
Umdi: umuntu utari umwe mu bagiranye amasezerano.	Third-party: another person in addition to the two main people involved in an agreement.	Tiers: personne étrangère à un acte juridique.	Civ.	2538
Urega: umuntu watanze ikirego mu rukiko.	Claimant/plaintiff: person who brings a legal case in court of law.	Demandeur: personne qui prend l'initiative d'un procès.	Jud.	2539
Urega ni we ugaragaza ibimenyetso: uwareze ni we ufite inshingano zo gutanga ibimenyetso by'icyo aregera.	Actori incumbit probatio: the burden of proof rests on the plaintiff.	Actori incumbit probatio: la charge de la preuve incombe au demandeur.	Jud.	2540
Uregera indishyi mu rubanza rw'inshinjabyaha: umuntu wangirijwe n'icyaha akaregera urukiko asaba indishyi mu rubanza rw'inshinjabyaha.	Civil party: a person who files a suit in a court claiming for damages arising from a criminal offence.	Partie civile: personne qui saisit une juridiction en réclamation des dommages et intérêts résultant d'une infraction.	Pen.	2541
Uregwa¹: umuntu ukekwa kuba yarakoze icyaha watangiye gukurikiranwa mu rukiko.	Accused: a person charged with a criminal offence brought before the court.	Accusé: personne soupçonnée d'une infraction et traduite, pour ce fait, devant une juridiction afin d'y être jugée.	Jud.	2542
Uregwa²: umuntu ukurikiranywe mu rukiko.	Defendant: a person against whom court proceedings are brought.	Défendeur: personne contre laquelle un procès est engagé par le demandeur.	Jud.	2543
Urubanza¹: ikirego gitanzwe mu rukiko hakavuka urubanza.	Case: an action brought before a court of law by either party.	Affaire: litige soumis par l'une des parties à un tribunal.	Jud.	2544
Urubanza²: icyemezo gifashwe n'umucamanza umwe cyangwa benshi ku kibazo cyaregowe urukiko.	Judgement: a decision made by a judge or a panel of judges in respect of the matter before a court.	Jugement: décision prise par un juge ou un collège des juges sur une contestation devant une juridiction.	Jud.	2545
Urubanza³: icyemezo cyafashwe n'urukiko rukuru (Urukiko Rukuru, Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, Urukiko Rukuru rwa Gisirikare, Urukiko rw'Ubujuje n'Urukiko rw'Ikirenga) ku kibazo rwashyikirijwe.	Judgement/Ruling: a decision made by a court in respect of the matter before it.	Arrêt de la cour: décision de justice rendue par une cour (la Haute Cour, Haute Cour de commerce, Haute Cour Militaire, la Cour d'Appel ou la Cour Suprême).	Jud.	2546
Urubanza⁴: ikibazo umwe mu bagitanye yashyikirije urukiko kugira ngo ahabwe ubutabera.	Lawsuit: a case in court instituted by one party to claim for justice.	Procès: litige soumis par une partie à une juridiction pour réclamer la justice.	Jud.	2547
Urubanza rubanziriza urundi: mu mategeko y'imiburanishirize y'imanza mu Rwanda, ni icyemezo gifatwa n'umucamanza cyangwa abacamanza hagati mu iburanisha kugira ngo hagire ikintu gikorwa mbere y'uko urubanza rucirwa burundu (icyemezo cy'agateganyo, ifatira ry'ibintu bishingiyeho ikiburanwa n'ibindi).	Interlocutory judgement/ Interim judgement: in Rwandan procedural law, it is an interim order made or judgement rendered during the trial of the case deciding a particular issue prior to rendering the final judgement.	Jugement avant dire droit: dans le droit procédural rwandais, c'est décision prise au cours de l'instance, soit pour aménager une situation provisoire (jugement provisoire, mise sous séquestre d'un bien litigieux), soit pour organiser l'instruction (jugement préparatoire).	Jud.	2548

Urubanza ruboneye:

